

IKINYARWANDA
Amashuri nderabarezi (TTC)

IGITABO CY'UMWARIMU



Ishami ry'indimi n'uburezi

© 2020 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda,

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda

*Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Ikigo
Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).*

IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE

NCDC	National Curriculum Development Center
REB	Rwanda Education Board
CTLRD	Curriculum Teaching and Learning Resources Department
MININFRA	Ministry of Infrastructure
RTDA	Rwanda Transport Development Agency
ATL	Aviation, Travel and Logistics Limited Rwanda
DIKKM	Daresalamu-Isaka-Kigali-Keza-Musongati.
RDB	Rwanda Development Board
USAID	United States Agency for International Development
WWW	World Wide Web
Rw	Rwanda
Gov.	Government
GR	Ingombajwi y'indagi
J	Inyajwi
C	Igicumbi
Co	Igicumbi kirimo inyajwi o
Ce	Igicumbi kirimo inyajwi e
F	Imfutuzi
F Rh	Imfutuzi ya Ruhamwa
F Uz	Imfutuzi y'icyuzuzo
Grk	Umugereka
Imp	Impuza
Kzn	Ikinyazina
Nt	Ntera
Rh	Ruhamwa

Sh/Pf	Inshinga /ipfundo
T	Interuro
Ts Th	Itsinda rya Ruhamwa
Ts Sh	Itsinda ry’Inshinga
Ts Uz	Itsinda ry’Icyuzuzo
Ts Zn	Itsinda ry’Izina
Ung	Icyungo
Uz	Icyuzuzo
Zn	Izina
Ikiny	Ikinyanshinga
+	Ukwiyunga kw’inyajwi cyangwa
→	ingombajwi.
∅	Ihinduka, bibyara
	Iburizwamo, ibura ry’akaremajambo
	gateganyijwe muri uwo mwanya.

IJAMBO RY'IBANZE

Barimu, barezi,

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa gatatu, kigenewe amashuri nderabarezi, Ishami ry' Indimi n'Uburezi.

Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri hanzwaga imyigishirize y'ibiteganyijwe mu nteganyanyigisho yashyizwe ahagaragara mu mwaka wa 2019. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro arimo. Ibyo bigamije gutegura abanyeshuri ngo bagire ubushobozi buzabafasha mu mirimo iboneka mu muryango nyarwanda no gukomeza amashuri yabo muri za kaminuza n'ibigo by'amashuri makuru bitandukanye.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavugaga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubahiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo ndetse no ku Gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abarimu, abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose. Ikindi kandi, ubu buryo buzafasha abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye, batekereza ku byo bakora kandi banakoresha ubumenyi basanganywe muri icyo myigire.

Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Gutegura isomo n'imfashanyigisho ziboneye.

- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa buri wese, ntimukore amatsinda y'abahanga gusa cyangwa ay'abadakurikira neza gusa.
- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitozo mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi.
- Gutegurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje imyitozo itumabatekerezabyimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udushya kandi babasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n'abandi.
- Gufasha no koroshya uburyo bw' imyigire muha agaciro imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri.
- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza ibyo bakoze.
- Gushyigikira imyitozo yakorewe mu ishuri na buri munyeshuri ku giti ke, mu matsinda mato ndetse no mu matsinda magari no gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi hakoreshejwe uburyo bubonye bwo gusuzuma.

Mu kuborohera kwigisha amasomo yanyu, ibigize iki gitabo cy'umwarimu birasobanuye kugira ngo mugikoreshe ku buryo bworoshye. Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu:

Igice cya mbere gisobanura imiterere y'igitabo n'uburyo bukoreshwa mu kwigisha.

Igice cya kabiri kigizwe n'ingeri z'imiteguro y'amasomo atandukanye.

Igice cya gatatu kerekana uko buri somu riri mu gitabo cy'umunyeshuri ryigishwa.

Nubwo iki gitabo cy'umwarimu gifite ibisubizo by'imyitozo yose n'ibikorwa byose biri mu gitabo cy'umunyeshuri, ni ngombwa kubanza gusubiza buri kibazo na buri mwitozo mbere yo kumva no kugira icyo muvuga ku bisubizo abanyeshuri bamurikira abandi.

Twizeye ko iki gitabo kizafasha umwarimu kwigisha neza Ikinyarwanda hamwe no gutoza umuco kibumbatiye. Kizamufasha kandi gukundisha abanyeshuri umuco wo gusoma no guhanga bigana ubuvanganzo bize kugira ngo bakurane inyota yo gutahura ibyiza by'Ikinyarwanda, kugisesengurana ubushishozi no kugikundisha abandi.

Dr. NDAYAMBAJE Irénée

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda/REB

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iki gitabo. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugaragarije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiranaye hafi umurimo wo kwandika iki gitabo.

Ndashimira abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kwandika ibitabo by'amashuri nderabarezi.

Ndashimira nanone abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye bitanze batizigamyeye kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa.

Byongeye kandi ndashimira abayobozi b'ibigo by'amashuri bitandukanye bemereye abarimu babo kuza gufatanya natwe kwandika no gukosora iki gitabo.

Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo n'abatunganyije iki gitabo.

Ndangije nshimira by'umwihariko, Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) ku bufatanye gihuriyeho na Leta y'u Rwanda kibinyujije mu mushinga "USAID Soma Umenye", cyateye inkunga bimwe mu bikorwa byo kwandika iki gitabo.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanzwe muri iki gitabo twabwakira kugira ngo buzifashishwe mu ivugururwa ryacyo.

MURUNGI Joan

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/CTLRD

ISHAKIRO

IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE	iii
IJAMBO RY'IBANZE	v
GUSHIMIRA	vii
IGICE CYA I: INTANGIRIRO RUSANGE	1
1. Imiterere y'igitabo	1
2. Imbonezamasomo	2
IGICE CYA II: INGERO Z'IMITEGURO Y'AMASOMO NTANGARUGERO 12	
1. Isomo ryo gusoma no kumva umwandiko.....	12
2. Isomo ryo gusoma no gusesengura umwandiko.....	19
3. Isomo ry'ubuvanganzo.....	25
4. Isomo ry'ikibonezamvugo	29
IGICE CYA III. IMBONEZAMASOMO Z'AMASOMO ARI MURI BURI MUTWE	34
I.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	35
I.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi	35
I.3. Ingingo nsanganyamasomo	35
UMUTWE 1:KUBAKA UMUCO W'AMAHORO	35
I.4. Igikorwa cy'umwinjizo	36
I.5. Amasomo ari mu mutwe wa mbere n'igihe agenewe	36
I.6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa mbere.....	59
I.7. Isuzuma risoza umutwe wa mbere.....	60
I.8. Ibikorwa by'inyongera.....	63
I.9. Amakuru y'inyongera	65
UMUTWE 2: UMUCO NYARWANDA	67
II.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe.....	67
II.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi	67
II.3. Ingingo nsanganyamasomo	67
II.4. Igikorwa cy'umwinjizo	68
II.5. Amasomo ari mu mutwe wa kabiri n'igihe agenewe	68
II.2.Igisigo cy'ubuse	79
II.4. Ibisigo nyabami	107

II.5. Imino zanganzo.....	122
II.6. Umwandiko: Inzira y’umuganura	130
II.6. Inshamake y’ibyizwe mu mutwe wa kabiri	160
II.7. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri.....	160
II.8. Ibikorwa by’inyongera.....	164
II.9. Amakuru y’inyongera	165

UMUTWE 3: UBURINGANIRE N’UBWUZUZANYE..... 167

III.1. Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe	167
III.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi	167
III.3. Ingingo nsanganyamasomo	167
III.4. Igikorwa cy’umwinjizo.....	168
III.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatatu n’igihe agenewe	168
III. 6. Inshamake y’ibyizwe mu mutwe wa gatatu	195
III.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu.....	196
III.8. Ibikorwa by’inyongera.....	199
III. 9. Amakuru y’inyongera	201

UMUTWE 4: IMIYOBORERE MYIZA..... 205

IV.1. Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe	205
IV.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi.....	205
IV.3. Ingingo nsanganyamasomo	205
IV.4. Igikorwa cy’umwinjizo.....	206
IV.5. Amasomo ari mu mutwe wa kane n’igihe agenewe	206
IV.6. Inshamake y’ibyizwe mu mutwe wa kane	239
IV.7. Isuzuma risoza umutwe wa kane	240
IV.8. Ibikorwa by’inyongera	242
IV.9. Amakuru y’inyongera.....	245

UMUTWE 5: UBWIKOREZI..... 249

V.1. Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe	249
V.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi.....	249
V.3. Ingingo nsanganyamasomo	249
V.4. Igikorwa cy’umwinjizo.....	250
V.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n’igihe agenewe	250
V.6 Inshamake y’ibyizwe mu mutwe wa gatanu	289

V.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu	290
V.8. Ibikorwa by'inyongera	293
V.9. Amakuru y'inyongera.....	295
UMUTWE 6: KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE	297
VI.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	297
VI.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi.....	297
VI.3. Ingingo nsanganyamasomo.....	297
VI.4. Igikorwa cy'umwinjizo	298
VI. 5.Amasomo ari mu mutwe wa gatandatu n'igihe agenewe.....	298
VI. 26. Imiterere y'iby'indimi mu Rwanda.....	306
VI.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatandatu	316
VI.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu	317
VI.8. Ibikorwa by'inyongera	320
VI.9. Amakuru y'inyongera.....	321
IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJE	323

IGICE CYA I: INTANGIRIRO RUSANGE

1. Imiterere y'igitabo

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha mu mwaka wa gatatu mu ishuri nderabarezi, Ishami ry'Indimi n'Uburezi. Iki gitabo ni imwe mu mfashanyigisho zigomba kumworohera kwigisha amasomo atandukanye y'Ikinyarwanda. Iki gitabo kijyanye n'igitabo cy'umunyeshuri. Ni yo mpamvu umwarimu atagikoresha ukwacyo; ahubwo cyuzuzanya n'icy'umunyeshuri. Cyanditswe gihereye ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiyeye ku bushobozi yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) mu mwaka wa 2019.

Iki gitabo kigabanyijemo ibice bitatu: Igice cya mbere kigizwe n'intangiriro rusange, igice cya kabiri kigizwe n'imiteguro y'amasomo atandukanye, igice cya gatatu kigizwe n'imbenezamasomo z'amasomo ari muri buri mutwe.

Iki gitabo kigizwe n'imitwe itandatu. Buri mutwe ufite insanganyamatsiko wibandaho kandi izo nsanganyamatsiko zikavugwaho mu ku myandiko inyuranye no mu ngero z'interuro zitangwa. Izo nsanganyamatsiko ni izijyanye no kubaka umuco w'amahoro, umuco nyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye, imiyoborere myiza, ubwikorezi no kubungabunga ibidukikije. Muri buri mutwe harimo kandi ubumenyi bw'ururimi umunyeshuri akeneye mu gukoresha ururimi yubaka interuro ziboneye, avuga cyangwa yandika.

Buri mutwe ugiye ugabanyijemo amasomo anyuranye bitewe n'imiterere y'ibyigwa. Bityo buri somo rigenerwa igihe rizigishwamo bitewe n'uko riteye. Buri mutwe usozwa n'isuzuma rizafasha umwarimu gusuzuma ubushobozi bw'abanyeshuri kugira ngo arebe ko ari ngombwa guhita atangira undi mutwe cyangwa se ko agomba gusubira mu masomo atarumvikanye neza.

Muri iki gitabo harimo imyitoto myinshi n'ibisubizo byayo. Nyuma ya buri somo hateganyijwe imyitoto ndetse na nyuma ya buri suzuma hateganyijwe imyitoto nzamurabushobozi na nyagurabushobozi. Iyo myitoto ikurikirwa n'imyitoto y'inyongera. Icyakora imyitoto iri mu gitabo si kamara umwarimu yayihereaho agashaka indi akurikije ikigero abanyeshuri bagezeho n'aho ishuri rye rihereye.

Muri iki gitabo kandi hateganyijwe amasomo ntangarugero afasha umwarimu gutegura no gutanga amasomo ye uko bikwiye. Harimo kandi n'ubumenyi bw'inyongera ku mitwe imwe n'imwe bitewe n'aho bukenewe.

Iki gitabo kirimo imbenezamasomo ihishurira umwarimu uburyo bwo kwigisha amasomo anyuranye ku buryo abanyeshuri babasha kugera ku bushobozi busabwa muri ayo masomo. Mu kwigisha rero, umwarimu asabwa gusuzuma ko intego yihaye yagezweho nyuma ya buri somo ndetse ko n'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe bwagezweho.

Dore uko amasomo akurikirana muri iki gitabo:

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Isomo rya kane : Kungurana ibitekerezo

Isomo rya gatanu: Ubuvanganzo/ ikibonezamvugo

Mu isono rya kane haba hakubiyemo umwitozo wo kungurana ibitekerezo. Ariko uyu mwitozo si ngombwa ko ugaruka buri gihe muri buri gice; biterwa n'ibisabwa mu bikorwa by'umunyeshuri biteganyijwe mu nteganyanyigisho. Igice cya gatanu kigaragaramo ubuvanganzo, ikibonezamvugo cyangwa ubumenyi bw'ururimi. Cyakora hari igihe byose bishobora kuba biteganyijwe mu nteganyanyigisho bityo n'umubare w'amasomo mu mutwe runaka ukuyongera.

2. Imbonezamasomo

2.1. Imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi

Guhera mu mwaka wa 2015 mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye u Rwanda rwasezereye imyigire n'imyigishirize yari ishingiyeye ahanini ku bumenyi, rwinjira mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bukomatanya ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya. Bityo imyigire n'imyigishirize yahaga umwarimu umwanya munini isimburwa n'imyigire n'imyigishirize iha abanyeshuri uruhare runini. Ni imyigire iha umunyeshuri ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bimufasha gushyira mu bikorwa ibyo yize ndetse no gutanga ibisubizo by'ibibazo ahura na byo mu buzima bwe n'ubw'abandi.

Mu myigire ishingiyeye ku bushobozi abanyeshuri ni bo bahabwa uruhare runini mu myigire yabo. Umwarimu ahera ku byo abanyeshuri basanzwe bazi kandi bafitiye ubushobozi, akabafasha kuvumbura ibindi bungurana ibitekerezo mu matsinda yabo. Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda, umwarimu agenda abayobora atanga ubufasha ku babukeneye. Iyo barangije kungurana ibitekerezo mu matsinda, bamurika ibyo bagezeho, nyuma bagafatanyaga n'umwarimu kunonosora iby'ingenzi basigarana. Abanyeshuri ntibagomba gufatwa nk'aho nta cyo bazi kandi ntabwo umwarimu akwiye kumva ko ari we ufite ubumenyi agomba kubapakiramo, bo nta cyo bakora mu myigire yabo.

Ubushobozi nsanganyamasomo

Iki gitabo cy'umwarimu cy'umwaka wa gatatu giteguye ku buryo hagaragaramo ubushobozi nsanganyamasomo bukurikira: ubushishozi no gushakira ibibazo

ibisubizo, guhanga udushya, ubushakashatsi, gusabana mu Kinyarwanda, ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.

Ibibazo bimwe na bimwe byo kumva no gusesengura umwandiko biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse. Bimufasha gukemura ibibazo ahura na byo yifashishije ibyo yize. Mu bisubizo by'ibyo bibazo ni ho ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo bugaragarira. Ahandi ubwo bushobozi bugaragarira ni mu myanzuro y'ibibazo byo kujya impaka no kungurana ibitekerezo. Ni mu gihe kandi kuko biba ari ibibazo bituma abanyeshuri batekereza cyane uburyo bakemura ibibazo bashobora guhura na byo mu buzima bwabo bwa buri muni.

Muri iki gitabo kandi hakubiyemo imyitoto yo guhanga iha abanyeshuri urubuga rwo guhanga imyandiko y'ingeri z'ubuvanganzo zinyuranye. Iyi myitoto ni yo ituma abanyeshuri bimakaza umuco wo guhanga udushya.

Mu myitoto y'inyunguramagambo abanyeshuri basabwa gukoresha inkoranyamagambo bashaka ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe, ni ho ubushakashatsi bugaragarira. Iki gitabo kandi giteguye ku buryo umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi bitabira amasomero, bagahabwa ibibazo bakwifashisha kugira ngo basesengure ikibonezamvugo cyangwa ingeri y'ubuvanganzo runaka.

Abanyeshuri basabana kandi mu Kinyarwanda bajya impaka cyangwa bungurana ibitekerezo na bagenzi babo. Umwarimu agomba kubatoza kuvugira mu ruhamu no kujora ibitekerezo bya bagenzi babo mu bwubahane.

Hakubiyemo kandi imyitoto isaba abanyeshuri gukorera mu matsinda anyuranye. Iyi myitoto ituma abanyeshuri bagira ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni.

Mu gihe umunyeshuri yiga, ahabwa kandi imikoro inyuranye akorera ahandi hatari ku ishuri nko mu rugo cyangwa mu isomero. Iyi myitoto ni yo imufasha kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.

Mu mpera za buri mutwe, mbere y'isuzuma risoza umutwe, hari umwitozo w'ubushobozi ngiro, ufasha umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo yize muri uwo mutwe.

Iyo umwarimu yigisha agomba kwita ku myitoto ikubiyemo ubu bushobozi nsanganyamasomo kugira ngo intego zabwo zigerweho.

2.2. Ingingo nsanganyamasomo

Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho muri iki gitabo ni umunani. Izo ingingo nsanganyamasomo ni umuco w'amahoro, umuco wo kuzigama, umuco

w'ubuziranenge, ibidukikije, jenocide, ubuzima bw'imyorokere, uburezi budaheza, n'uburinganire n'ubwuzuzanye. Izi ngingo nsanganyamasomo zigaragarira mu mashusho, mu myandiko, mu bikorwa by'umunyeshuri no mu myitozo itandukanye kandi zigenda zigaragara mu mitwe itandukanye y'iki gitabo.

2.3. Kwita ku buryo bunyuranye bw'imyigire y'abanyeshuri

Mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'uwiga, umwarimu agomba kuzirikana ko abanyeshuri yigisha barimo ingeri zitandukanye. Mu ishuri abanyeshuri ntibanganya ubushobozi mu myigire yabo kandi n'uburyo bakoresha mu myigire yabo buratandukanye. Buri wese agira uburyo bwihariye bwo kwiga bumworohera kandi bumubangukira. Bamwe biga neza iyo bahawe ibisobanuro birambuye intambwe ku ntambwe, mu magambo cyangwa mu nyandiko, abandi bakiga neza babonye ibisobanuro rusange cyangwa inshamake.

Hari abiga neza ari uko bakoze ubushakashatsi bakivumburira, abandi bakiga neza bahereye ku mashusho, ibimenyetso no kureba uko ibintu bikorwa, mu gihe abandi biga neza ari uko bahuje ibintu bakabona amasano bifitanye. Hari abakunda guhanga udushya aho gusubira mu bintu bimwe naho abandi bakiga neza iyo bajya impaka banasobanurirana n'abandi.

Umwarimu rero agomba kugira uburyo bwo kwigisha butandukanye bufasha abo banyeshuri bose mu myigire yabo ariko yita buri gihe ku ihame ry'uko umunyeshuri ari we pfundo ry'imyigire n'imyigishirize. Ibi kandi abikora ahereye ku miterere ya buri somo, intego yayo, imfashanyigisho zikoreshwa n'igihe rimara, uburyo bwihariye buri munyeshuri akoresha mu myigire ye, ubushobozi bwe n'uko asobanukirwa ibyo yiga.

2.4. Kwita ku bafite ibibazo byihariye

Mu ishuri, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Iyo umwarimu asoma, arangurura ijwi kugira ngo afashe abatumva neza ndetse n'abafite ubumuga bwo kutabona. Abatumva neza umwarimu abicaza hafi, akabasaba kumureba avuga, agakoresha amashusho aho bishoboka hose, agakoresha ibimenyetso n'amarenga uko abishoboye.

Abafite imbogamizi zo kutabona neza abicaza akurikije imiterere y'ubumuga bwo kutabona bafite bwaba ari imbonahafi cyangwa imbonakure. Bityo abafite imbonahafi abicaza hafi naho abafite imbonakure akabicaza ahitaruye. Abafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri, umwarimu abashakira umwanya bicaramo, ubafasha mu myigire yabo.

Abafite ubumuga bwo mu mutwe, umwarimu atangira abafasha mu byo bakora

ariko gahorogahoro akagenda agabanya ubufasha abagenera. Umwarimu arabareka bagakorana n'abandi banyeshuri kandi akabatera umwete mu byo bagenda bageraho n'imbaraga bakoresha.

Abagenda buhoro mu myigire yabo bagomba gushyirwa mu matsinda y'ababyumva kurusha abandi kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho ababaza n'iyo baba batateye urutoki kugira ngo basubize. Bahabwa kandi imyitozo yihariye ituma bazamura ubushobozi bwabo.

2.5. Uburyo isuzuma rikorwa

Umwarimu agomba kugenzura imyigire n'imyigishirize akusanya amakuru ajyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma rero ni igice k'ingenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iki gitabo cy'umwarimu, amasuzuma na yo yateguwe ashingiye ku bushobozi. Hakubiyemo ibibazo binyuranye bijyanye n'ubuzima bwa buri munsu bituma umunyeshuri ashyira mu bikorwa ibyo yize.

Amasuzuma ari muri iki gitabo ari ukubiri: imyitozo y'isuzuma umwarimu agomba guha abanyeshuri nyuma y'isomo asuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Hari kandi n'imyitozo y'isuzuma risoza umutwe ituma umwarimu afata umwanzuro wo gutangira undi mutwe. Kuri buri suzuma hategurwa kandi imyitozo nzamurabushobozi ikorwa n'abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu isuzuma ryakozwe, hakaba n'indi myitozo nyagurabushobozi igenerwa abanyeshuri bagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo bize kurusha abandi. Ibyo bifasha buri munyeshuri gukomeza gutera intambwe ashingiye ku bushobozi amaze kugeraho.

Nyuma yo gukora isuzuma, umwarimu agabanya abanyeshuri mu byiciro bibiri. Abatashoboye gutsinda isuzuma ryatanzwe akabaha imyitozo nzamurabushobozi ibafasha gushyira mu bikorwa ibyo bize. Mu gihe barimo kuyikora, abagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo biga kurusha abandi bo baba bakora imyitozo nyagurabushobozi.

Isuzuma ritegurwa hashingiwe ku ntego zihariye z'isomo cyangwa ku bigenderwaho mu isuzuma rya buri mutwe. Isuzuma riteguye ku buryo risaba umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo yize.

Cyakora hagenda hagaragaramo n'ibibazo bike bimusaba kugaragaza ubumenyi bw'ibyo yize. Mu itegurwa ry'iri suzuma ibibazo bikurikirana hashingiwe ku nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe n'umuhanga mu iyigandero Bulumu (Bloom). Ni ukuvuga ko ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego z'isomo ari byo bihabwa umwanya ugaragara muri iki gitabo kurusha ibibazo bishingiye

ku ntera zo hasi zijyanye n'ubumenyi.

2.6. Imyigishirize ya buri somo

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Muri iki gice hakubiyemo amasomo ajyanye no gusoma n'inyunguramagambo

Imbonezamasomo yo gusoma no gusobanura umwandiko.

a) Intangiriro

Mu ntangiriro, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko biganisha ku mwandiko bagiye gusoma. Ibyo bibazo bishobora gushingira ku mashusho ari mu gitabo cyangwa ku buzima busanzwe. Ibibazo bishingiye ku mashusho abanyeshuri babisubiza babanje kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma.

b) Uko isomo ryigishwa

- Gusoma bucece

Iyo abanyeshuri basoma umwandiko, babanza kuwusoma bucece nyuma bakaza kuwusoma baranguruye. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Umwarimu abatoza gusoma bucece badahwihwisa.

Mu gihe basoma bucece, umwarimu abasaba kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye adategwa. Iyo barangije gusoma bucece umwarimu ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye. Ni ibibazo byoroheje bidasaba kwinjira mu mwandiko cyane abanyeshuri basubiza bavuga.

- Gusoma baranguruye

Iyo abanyeshuri barangije gusoma umwandiko, bucece umwarimu abanza kuwubasomera by'intangarugero agaragaza isesekaza maze abanyeshuri bakaza kuwusoma bamwigana. Mu gihe cyo gusoma baranguruye, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma batajijinganya.

Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho bityobityo kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu agomba kugenda akosora abanyeshuri aho basoma nabi, anagenzura kandi ubukeshya bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma. Cyanecyane Iyo ari umwandiko wihariye w'ubuvanganzo nk'umuvugo, igisigo, ikivugo n'ibindi. Umwarimu agenzura ko

basomye bubahiriza injyana yabyo.

Iyo basoma baranguruye, umwarimu akora ku buryo yita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Buri wese amufasha bitewe n'ikibazo afite. Nk'iyi mu ishuri harimo umunyeshuri ufite ikibazo cyo kutumva neza, umwarimu asaba umunyeshuri ugiye gusoma kurangurura ijwi ku buryo na we yumva.

- Inyunguramagambo

Iyo abanyeshuri barangije gusoma baranguruye umwarimu abafasha gukora amatsinda anyuranye bakoreramo umwitozo w'inyunguramagambo. Iyo bakora umwarimu abafasha kuyakora ku buryo agenda anyuranya: babiribabiri, batatubatatu cyangwa banebane.

Si byiza gukora amatsinda arengeje abanyeshuri batanu. Amatsinda kandi agomba kuba arimo ibitsina byombi aho bishoboka. Umwarimu agenda avanga abanyeshuri bumva vuba kurusha abandi n'abagenda buhoro mu myigire yabo. Abagize buri tsinda bitoramo umuyobozi w'itsinda uagenda yandika ibyo bumvikanyeho akaza kubimurika igihe kigeze.

Mu gihe cyo gukora umwitozo w'inyunguramagambo, umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bari mu matsinda yabo bagenda bagerageza gusobanura amagambo batasobanukiwe banditse igihe basomaga bucece. Abasaba kandi gukora umwitozo w'inyunguramagambo watanzwe mu bitabo byabo akabaha igihe cyo kubikora. Umwarimu agenda akurikirana buri tsinda kandi atanga ubufasha aho bukenewe.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umunyeshuri umwe muri buri tsinda wagiye yandika ibyo bumvikanyeho ajya kubigaragaza imbere ya bagenzi be, abandi bakurikiye kandi bagakomeza gusimburana muri icyo gikorwa. Mu gihe cyo kumurika ibyavuye mu matsinda, amatsinda yose agenda asimburana mu kugaragaza bimwe mu byo bagezeho, ibyo barangije kumvikanaho, abandi bakirinda kubisubiramo. Ubu buryo bwo kumurika ibyavuye mu matsinda ni na bwo bukoreshwa ahandi hose hari umwitozo ukorerwa mu matsinda.

Umwarimu afatanyaga n'abanyeshuri gukora ubugororangingo ku bisubizo bikwiye maze bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

c) Imyitozo

Umwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda, akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo byanogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Imbonezamasomo yo gusoma no kumva umwandiko

Kumva umwandiko bigizwe n'ibice bikurikira:

a) Intangiriro

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku isomo baheruka kwiga. Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga bityo bikamufasha gushimangira ibyizwe mbere. Mu ntangiriro kandi umwarimu ashobora gukosora umukoro niba hari uwo yahaye abanyeshuri.

b) Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, akabasaba gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko byatanzwe mu bitabo byabo. Iyo ibibazo byatanzwe ari byinshi, umwarimu arabibagabanya; amatsinda amwe agakora bimwe andi agakora ibindi. Mu gihe cyo kubimurika hamurika amatsinda afite ibibazo bitandukanye, ibisubizo bya buri tsinda bigakorerwa ubugororangingo. Iyo ibibazo byatanzwe atari byinshi buri tsinda rirabisubiza bityo uburyo bwo kubimurika bugakorwa nko ku mwitoto w'inyunguramagambo.

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Muri iki gice hakubiyemo ibibazo byo gusesengura umwandiko. Ibi bibazo biba byerekeranye no kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kuvuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko, kuvuga isomo ryo mu buzima busanzwe riri mu mwandiko, guhina umwandiko n'ibindi bibazo byimbitse umunyeshuri asubiza ahereye ku mwandiko agakoresha ubundi bumenyi bwe.

Imbonezamasomo yo gusoma no gusesengura umwandiko

Gusesengura umwandiko bigizwe n'ibice bikurikira:

a) Intangiriro

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku isomo baheruka kwiga. Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga bityo bikamufasha gushimangira ibyizwe mbere. Mu ntangiriro kandi umwarimu ashobora gukosora umukoro niba hari uwo yahaye abanyeshuri.

b) Uko isomo ryigishwa

Mbere y'uko abanyeshuri batangira isesengura ry'umwandiko, umwarimu abashyira mu matsinda, akabasaba kongera kuwusoma kugira ngo bawiyibutse. Uyu mwitoto wo gusesengura umwandiko ukorerwa mu matsinda nk'uko umwitoto wo kumva umwandiko ukorwa.

Mu gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko, umwarimu afasha abanyeshuri kubisubiza ababaza ibindi bibazo bituma bagera ku bisubizo bikwiye.

Urugero

Iyo umunyeshuri asabwa gushaka insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, umwarimu amubaza gutahura ingingo yibanzweho mu mwandiko cyangwa akamusaba gushaka undi mutwe yaha umwandiko. Ibi byamufasha gutahura insanganyamatsiko rusange ivugwa mu mwandiko.

Iyo umunyeshuri asabwa gutahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko, umwarimu ashobora kumubaza gutahura igitekerezo k'ingenzi kiri muri buri gika cy'umwandiko.

Iyo ari ikibazo cyo guhina umwandiko, umwarimu amusaba guhuriza hamwe ingingo z'ingenzi agasa n'uzirambura ashingiye ku burebure busabwa.

Iyo ari ikibazo cyo kuvuga isomo akuye mu mwandiko, umwarimu amusaba guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe, bityo bikamufasha gutahura isomo umwandiko umusigiye.

Ku bindi bibazo byimbitse, umwarimu ashakisha ubundi buryo bufasha umunyeshuri kugera ku gisubizo gikwiye.

Iyo igihe cyagenwe kirangiye, abanyeshuri bamurika ibyakorewe mu matsinda, umwarimu akagenda abafasha kubinoza.

Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo

Imbonezamasomo yo kungurana ibitekerezo

a) Intangiriro

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku isomo baheruka kwiga. Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga, bityo bikamufasha gushimangira ibyizwe mbere. Mu ntangiriro kandi umwarimu ashobora gukosora umukoro niba hari uwo yahaye abanyeshuri.

b) Uburyo bwo kungurana ibitekerezo

Kungurana ibitekerezo bikorerwa mu matsinda anyuranye. Iyo bagiye kungurana ibitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo uyobora abandi mu gutanga ibitekerezo byabo. Mu gihe bungurana ibitekerezo, umwarimu ajenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Iyo kungurana ibitekerezo mu matsinda birangiye, abagize itsinda bumvikana ku bitekerezo by'ingenzi, umuyobozi wa buri tsinda akabisangiza ayandi matsinda. Umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo ukandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

Isomo rya gatanu: Ikibonezamvugo/ ubuvanganzo

Muri uyu mwaka, ikibonezamvugo kigishwa mu mitwe irindwi ya mbere. Umutwe wa munani n'umutwe wa kenda nta kibonezamvugo kigaragaramo. Ku bijyanye n'ubuvanganzo, imitwe umunani yigwamo aya masomo uretse umutwe wa gatanu.

5.1. Imbonezamasomo yo kwigisha isomo ry'ikibonezamvugo

Iyo higishwa ikibonezamvugo, umwarimu agomba guca mu ntera eshatu z'ingenzi. Ari zo: intangiriro, uko isomo ryigishwa n'imyitozo.

a) Intangiriro

Mu ntangiriro, umwarimu ashobora kubanza kugenzura uko abanyeshuri bakoze umukoro mu gihe uhari. Iyo ibyo birangiye, abaza abanyeshuri isomo baheruka kwiga.

Umwarimu kandi asaba abanyeshuri gusoma bitegereza interuro cyangwa igika byavuye mu mwandiko baheruka kwiga birimo amagambo yanditse aciyeho akarongo cyangwa atsindagiye yafasha gutahura ikibonezamvugo bagiye kwiga. Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ayo magambo akababaza ibibazo biganisha ku kibonezamvugo kigiye kwigwa.

b) Uko isomo ryigishwa

Iyi ntera itangirana n'igikorwa cy'umwinjizo. Umwarimu asaba abanyeshuri gukora ibisabwa ku gikorwa cy'umwinjizo kiri mu bitabo byabo bari mu matsinda. Muri aya matsinda, abanyeshuri bakora ubushakashatsi ku bibazo byatanzwe ku nteruro cyangwa ku gika bivugwa mu mwinjizo. Kugira ngo ubushakashatsi bwabo bugende neza, umwarimu arangira abanyeshuri ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero ndetse akanabaha ibindi bibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bashobore gukora ubushakashatsi bwimbitse.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu areba niba amatsinda yose yakoze neza umurimo yahawe hanyuma agatoranya amatsinda make rimwe rikamurikira ayandi ibyo ryakoze ku gice runaka, irindi ku kindi, bityobityo.

Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

c) Imyitozo

Umwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda, akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu azenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo byanogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

5.2. Imbonezamasomo yo kwigisha isomo ry'ubuvanganzo

a) Intangiriro

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibukiranya isomo baheruka kwiga, bikamufasha gushimangira ibyizwe mbere. Mu ntangiriro kandi umwarimu ashobora gukosora umukoro niba hari uwo yahaye abanyeshuri.

b) Uko isomo ryigishwa

Umwarimu yongera gusaba abanyeshuri kongera gusoma bitegereza imiterere y'umwandiko w'ubuvanganzo. Akabasaba gutahura inshoza n'uturango byawo.

Umwarimu ahereye ku bisubizo by'abanyeshuri ababwira ubuvanganzo bagiye kwiga ubwo ari bwo.

Ahereye ku biri mu gikorwa cy'umwinjizo, umwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora ubushakashatsi ku bibazo byatanze ku nteruro cyangwa ku gika bivugwa mu mwinjizo. Kugira ngo ubushakashatsi bwabo bugende neza, umwarimu arangira abanyeshuri ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero ndetse akanabaha ibindi bibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bashobore gukora ubushakashatsi bwimbitse. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora, cyarangira akabasaba kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo.

c) Imyitozo

Umwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda, akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu azenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo byanogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Ikitonderwa

Hari ubundi bumenyi bw'ururimi butavuzwe muri ibyo bice bufite imbonezamasomo yihariye. Muri bwo twavugaga guhanga, kuriramba, gukina bigana n'ibindi.

Iyo ari uguhanga, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ikibazo kijyanye no

guhanga kiri mu bitabo byabo kikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo. Iki kibazo akibaha nk'umukoro. Umukoro ushobora gukorerwa mu matsinda cyangwa gukorwa n'umunyeshuri ku giti ke. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora cyagera bagakosorera hamwe igihangano mu matsinda buri tsinda rikagaragaza uko ribona igihangano ryasomye. Umwarimu agenda akosora agaragariza buri tsinda cyangwa buri wese ibitagenda neza mu bihangano byakozwe.

Iyo ari ugukina bigana, umwarimu abanza gusobanurira abanyeshuri imiterere ya bamwe mu bakinankuru basabwa kwigana, akabasaba gukina nka bo . Umwarimu agenda abakosora kugeza igihe bagereye ku byo basabwa kwerekana imbere ya bagenzi babo.

IGICE CYA II: INGERO Z'IMITEGURO Y'AMASOMO NTANGARUGERO

1. Isomo ryo gusoma no kumva umwandiko

Izina ry'ishuri:Amazina y'umwarimu:

Igihe- mbwe cya	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'aba- nyeshuri
.....	Ikinyarwanda	Gatatu	Mbere	2 muri 7	Iminota 80
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo.			Abanyeshuri babiri batumva neza.				
Umutwe wa mbere		Kubaka umuco w'amahoro					

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura umwandiko ku kurwanya ihohoterwa no kugaragza ingingo z'ingenzi ziwugize. - Gusesengura amagambo aturuka ku ikomora hagaragazwa uturemajambo twayo.
Isomo	Gusoma no kumva umwandiko: Umwana wahohotewe
Intego ngenamukoro	<p>Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusoma neza, adategwa. - Gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko byawubajijweho.
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga.
Imfashanyigisho	Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda.

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Umwarimu yifashishije umwandiko watanzwe, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha abanyeshuri gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho, abafite ibyo bagenerwa byihariye bakitabwaho.		
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	

<p>1. Intangiriro</p> <p>Iminota 10</p>	<p>-Kubaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.</p> <p>Urugero rw'ibibazo:</p> <p>1. Ni inde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?</p> <p>2. Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?</p>	<p>- Gusubiza ibibazo babajijwe.</p> <p>Urugero rw'ibisubizo :</p> <p>1. Umwandiko duheruka kwiga ni "Umwana wahohotewe".</p> <p>2. Uwo mwandiko wavugaga ku nsanganyamatsiko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'uburyo bwo kurikumira.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo</p> <p>Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira mu bikorwa umwarimu aha abanyeshuri b'ibitsina byombi cyangwa mu ngero zinyuranye zitangwa.</p>
<p>2. Isomo nyirizina</p> <p>Iminota 50</p>			

**2.1.Kwivumburira
ibikubiye mu
isomo**

-Gushyira abanyeshuri mu matsinda.

- Gusaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda.

-Gusaba amatsinda arimo abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza kujya basoma baranguruye kugira ngo na bo bashobore kumva neza.

-Gusaba abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko byabajijwe.

-Kugendagenda mu matsinda atanga ubufasha aho bukenewe.

-Kwicara mu matsinda

- Gusomera umwandiko mu matsinda

-Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

-Gusaba ubufasha bw'umwarimu iyo bibaye ngombwa.

**Ubushobozi
nsanganyamasomo**

-Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).

-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).

- Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni.

**Ingingo
nsanganyamasomo**

Umuco w'amahoro: mu kungurana ibitekerezo mu matsinda abanyeshuri barashishikarizwa gukorera mu bwumvikane.

<p>2.2. Kumurika ibyagezweho</p>	<p>- Gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda</p>	<p>- Kumurika ibyavuye mu matsinda.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>-Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo</p> <p>Uburiganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi mu gihe abaha ibikorwa binyuranye cyangwa mu ngero zinyuranye zitangwa.</p>
<p>2.3. Kunoza ibyamuritswe</p>	<p>Kunoza no kwandika ku kibaho ibyavuye mu matsinda.</p>	<p>Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubandika mu makayi yabo.</p> <p>Urugero rw'ibisubizo byanogejwe: Reba aho iryo somo riri mu gitabo cy'umwarimu.</p>	<p>-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).</p>

<p>2.4. Umusozo w'isomo/ Inshamake</p>	<p>-Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.</p> <p>Urugero rw'ikibazo:</p> <p>Muvuge iby'ingenzi mwize muri uyu mwandiko "Umwana wahohotewe".</p>	<p>-Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.</p> <p>Urugero rw'igisubizo:</p> <p>Iby'ingenzi byizwe mu mwandiko:</p> <p>- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina,ingaruzazaryo n'ingamba zafatwa mu kurikumira.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo</p> <p>Uburiganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku banyeshuri b'ibitsina byombi cyangwa ingero zinyuranye zitangwa.</p>
<p>3. Isuzuma Amasomo 20</p>	<p>Kubaza abanyeshuri ibibazo byo gusuzuma ko bumvise umwandiko.</p>	<p>Gusubiza ibibazo by'isuzuma babajijwe.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).</p>

<p>4. Umukoro</p>	<p>Gutanga umukoro ku mwandiko bize.</p>	<p>Kwandika umukoro.</p> <p>Gukora umukoro.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>-Ubushakashatsi (buri wese aharanira kunguka ibindi byiyongera ku byo yize).</p> <p>-Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri).</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo</p> <p>Uburezi budaheza</p> <p>Umwarimu ateganya umukoro ku banyeshuri bafite ubushobozi cyane kurusha abandi.</p>
<p>Kwisuzuma (umwarimu)</p>	<p>- Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye.</p> <p>- Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari).</p>		

2. Isomo ryo gusoma no gusesengura umwandiko

Izina ry'ishuri: Amazina y'umwarimu:

Igihe- mbwe cya	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'aba- nyeshuri
.....	Ikinyarwanda	Gatatu	Mbere	3 muri 7	Iminota 80
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo.				Abanyeshuri babiri batumva neza			
Umutwe wa mbere	Kubaka umuco w'amahoro						
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura umwandiko ku kurwanya ihohoterwa no kugaragza ingingo z'ingenzi ziwugize. - Gusesengura amagambo aturuka ku ikomora hagaragazwa uturemajambo twayo. 						
Isomo	Gusoma no gusesengura umwandiko: Umwana wahohotewe.						
Intego ngenamukoro	<p>Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura umwandiko, agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize. - Kugaragaza ibitera ihohoterwa, ingaruka zaryo no gusobanura uburyo bwo gukumira ihohoterwa. 						
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga.						
Imfashanyigi-sho	Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi.						
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda.						

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Umwarimu yifashishije umwandiko watanzwe, afasha abanyeshuri gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko byawubajijweho, abafite ibyo bagenerwa byihariye bakitabwaho.	Ibikorwa by'umwarimu	
1. Intangiriro Iminota 10	-Kubaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga. Urugero rw'ibibazo: 1. Ni irihe somo duheruka kwiga? 2. Ni iki wigishijwe n'uwo mwandiko?	- Gusubiza ibibazo babajijwe. Urugero rw'ibisubizo : 1. Mu isomo duheruka kwiga twasomye umwandiko "Umwana wahohotewe" tunasubiza ibibazo byo kumva umwandiko. 2. Umwandiko wanyigishije ibyerekeye ihohoterwa, ibiritera,ingaruka zaryo by'umwihariko ingamba nafata zo kurikumira.	Ubushobozi nsanganyamasomo - Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) Ingingo nsanganyamasomo Uburinganire n'ubwuzuzanye (abanyeshuri b'ibitsina byombi bitabwaho mu gihe bahari).

2. Isomo nyirizina

Iminota 50

2.1.Kwivumburira ibikubiye mu isomo	<p>-Gushyira abanyeshuri mu matsinda.</p> <p>- Gusaba abanyeshuri kongera gusomera umwandiko mu matsinda.</p> <p>-Gusaba amatsinda arimo abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza kujya basoma baranguruye kugira ngo na bo bashobore kumva neza.</p> <p>-Gusaba abanyeshuri gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko byabajijwe.</p> <p>-Kugendagenda mu matsinda atanga ubufasha aho bukenewe.</p>	<p>-Kwicara mu matsinda</p> <p>- Gusomera umwandiko mu matsinda</p> <p>-Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.</p> <p>-Gusaba ubufasha bw'umwarimu iyo bibaye ngombwa.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>-Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).</p> <p>-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).</p> <p>- Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsu</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo</p> <p>Uburezi budaheza (buri wese ufite ibyo agenerwa byihariye agomba gufashwa kugira ngo adatakara).</p> <p>Umuco w'amahoro: Kungurana ibitekerezo mu matsinda</p>
--	---	---	--

<p>2.2. Kumurika ibyagezweho</p>	<p>- Gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda</p>	<p>-Kumurika ibyavuye mu matsinda.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>-Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo</p> <p>Uburunganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi.</p>
<p>2.3. Kunoza ibyamuritswe</p>	<p>Kunoza no kwandika ku kibaho ibyavuye mu matsinda.</p>	<p>Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo.</p> <p>Urugero rw'ibisubizo byanogejwe: Reba aho iryo somo riri mu gitabo cy'umwarimu.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).</p>
<p>2.4. Umusozo w'isomo/ Inshamake</p>	<p>-Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi bize mu mwandiko basesenguye</p> <p>Urugero rw'ikibazo:</p> <p>Muvuge iby'ingenzi mwasesenguye muri uyu mwandiko “Umwana wahohotewe”.</p>	<p>-Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.</p> <p>Urugero rw'igisubizo:</p> <p>Iby'ingenzi byasesenguwe mu mwandiko:</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo</p> <p>Uburunganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi.</p>

3. Isuzuma
Iminota 20

Kubaza abanyeshuri ibibazo byo gusuzuma ko bumvise umwandiko.

Gusubiza ibibazo by'isuzuma babajijwe.

Ubushobozi nsanganyamasomo

Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). **Ingingo nsanganyamasomo**

Uburezi budaheza:

Umwarimu atanga umwitozo wihariye ku banyeshuri bagaragaza ubushobozi cyane kurusha abandi. Uwo mwitozo uzaba ukomeyeho ugereranyije n'uwatanzwe ku bandi, kugira ngo na bo bakore ibigendeye ku kigero cyabo.

<p>4. Umukoro</p>	<p>Gutanga umukoro ku mwandiko bize.</p>	<p>Kwandika umukoro.</p> <p>Gukora umukoro.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>-Ubushakashatsi (buri wese aharanira kunguka ibindi byiyongera ku byo yize).</p> <p>-Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri).</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo</p> <p>Uburezi budaheza</p> <p>Umwarimu ateganya umukoro ku banyeshuri bagaragaza ubushobozi cyane kurusha abandi.</p>
<p>Kwisuzuma (umurezi)</p>	<p>- Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye.</p> <p>- Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari).</p>		

3. Isomo ry'ubuvanganzo

Izina ry'ishuri: Amazina y'umwarimu:

Igihe- mbwe cya	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara:	Umubare w'abanye- shuri:
.....	Ikinyarwanda	Gatatu	Kabiri	4 muri 25	Iminota 40
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirizen'umubare wabo:			Abatabona neza ibiri kure : 2				
Umutwe wa kabiri		Umuco nyarwanda					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe		<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda hagaragazwa uturango twazo. - Gusobanura iminozanganzo no kuyikoresha ahanga 					
Isomo		Igisigo cy'ubuse					
Intego ngenamukoro		<p>Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutahura inshoza y'igisigo cy'ubuse - Gutahura uturango tw'igisigo cy'ubuse. - Kugaragaza akamaro k'igisigo cy'ubuse. 					
Imiterere y'aho isomo ribera		Isomo riratangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu matsinda.					
Imfashanyigisho		Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.					
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe		Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda, imbuga nkoranyambuga...					

Ibice by'isomo + Igihe	Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora.		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Umwarimu yifashishije umwandiko wizwe ubushize, abaza ibibazo bifasha abanyeshuri gutahura inshoza, uturango n'akamaro by'ibisigo by'ubuse kandi abafite ibyo bagenerwa byihariye bagafashwa bicajwe mu myanya y'imbere aho bareba neza ibyanditse.		
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
1. Intangiriro: Iminota 5	<p>- Kubaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka gusesengura.</p> <p>1. Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?</p> <p>2. Vuga muri make icyo wigiye ku mwandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira".</p>	<p>- Gusubiza ibibazo ku mwandiko.</p> <p>- Duheruka kwiga umwandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira".</p> <p>- Umwandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira" wanyigishije kwifata neza igihe cyose ndi ku meza, singaragaze ubusambo ngo ndyana umururumba kabone n'ubwo naba nshonje bikabije. Nanone nize gusabana n'abandi duterana ubuse ariko nkirinda kuba igifura.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)</p>

2. Isomo nyirizina: Iminota 25

<p>2.1 kwivumburira ibikubiye mu isomo</p>	<p>- Gushyira abanyeshuri mu matsinda no kubasaba kongera gusoma umwandiko “Babyirukanye ingoga mu gutamira” bitegereza imiterere yawo, banasubiza ikibazo gikurikira: Kora ubushakashatsi utahure inshoza y’igisigo cy’ubuse, ugaragaze uturango tw’igisigo cy’ubuse n’akamaro ko kukiga.</p>	<p>- Gusomera umwandiko mu matsinda bitegereza imiterere yawo no gushakira ibisubizo ikibazo babajijwe.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)</p> <p>- Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese yisanzura mu gutanga ibitekerezo)</p> <p>- Ubufatanye, imibanire ikwiye n’abandi n’ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi</p>
<p>2.2. Kumurika ibyagezweho</p>	<p>- Gusaba abanyeshuri kumurika ibyakorewe mu matsinda bagaragaza inshoza n’ uturango tw’igisigo cy’ubuse n’akamaro ko kukiga.</p> <p>Gusaba abanyeshuri gutahura inshoza n’ uturango tw’igisigo cy’ubuse n’akamaro ko kukiga.</p>	<p>Kumurika ibyagezweho batahura inshoza n’ uturango tw’igisigo cy’ubuse n’akamaro ko kukiga.</p> <p>-Gutahura inshoza n’ uturango tw’igisigo cy’ubuse n’akamaro ko kukiga.</p>	<p>-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo</p> <p>-Uburinganire n’ubwuzuzanye(mu gukora amatsinda)</p> <p>Uburezi budaheza (n’abafite ibyo bagenerwa byihariye barafashwa bigishwe bimwe n’iby’abandi)</p>
<p>2.3. Kunoza ibyamuritswe</p>	<p>-Gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda. (Bigaragara mu gitabo cy’umwarimu)</p> <p>Gusaba abanyeshuri kwandukura mu makayi yabo ibyanogejwe</p>	<p>- Kunoza ibyavuye mu matsinda bafatanyije n’umwarimu</p> <p>Kwandukura mu makayi yabo ibyanogejwe</p>	

<p>3. Umusozo w'isomo: Iminota: 10</p> <p>3.1.Inshamake</p>	<p>-Gusaba abanyeshuri kugaragaza mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku nshoza n' uturango tw'igisigo cy'ubuse n'akamaro ko kukiga.</p>	<p>-Kuvuga mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku nshoza n' uturango tw'igisigo cy'ubuse n'akamaro ko kukiga.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)
<p>3. 2. Isuzuma</p>	<p>Gutanga ibibazo by'isuzuma.</p>	<p>Gusubiza ibibazo by'isuzuma.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Ubushakashatsi - Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. <p>Ingingo nsanganyamasomo</p> <p>Uburezi budaheza:</p> <p>Umwarimu yita ku banyeshuri bose kimwe akanafasha abafite ibyo bagenerwa byihariye.</p>
<p>4. Umukoro</p>	<p>Gutanga umukoro</p>	<p>Kwandukura umukoro no kuzawukora ku giti cyabo</p>	<p>Ingingo nsanganyamasomo</p> <p>Uburezi budaheza</p> <p>Umukoro utangwa abanyeshuri bose bagomba kuwukora kimwe.</p>
<p>Kwisuzuma (umurezi)</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye n'uko baryakiriye. - Kugaragaza imbogamizi kuri iryo somo (igihe zihari). 		

4. Isomo ry'ikibonezamvugo

Izina ry'ishuri:Amazina y'umwarimu:.....

Igihe- mbwe cya	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'aba- nyeshuri
.....	Ikinyarwanda	Gatatu	Mbere	5 muri 7	Iminota 80
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo			Abanyeshuri babiri basiga abandi n'abatabona neza ibyanditse kure.				
Umutwe wa mbere	Kubaka umuco w'amahoro						
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura umwandiko ku kurwanya ihohoterwa no kugaragza ingingo z'ingenzi ziwugize. - Gusesengura amagambo aturuka ku ikomora hagaragazwa uturemajambo twayo. 						
Isomo	Ikomora: Ikomoranshinga mvazina						
Intego ngenamukoro	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura ikomoranshinga mvazina - Gukomora inshinga ku bwoko bw'amagambo bunyuranye - Gusesengura inshinga zo mu ikomoranshinga mvazina agaragaza uturemajambo 						
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga. Abafite ibyo bagenerwa bicaye aho babona neza ibyanditse.						
Imfashanyigisho	Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi.						
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda.						


Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Umwarimu yifashishije interuro zakuwe mu mwandiko araziheraho afatanye n'abanyeshuri kugaragaza inshoza y'ikomoranshinga n'ikomoranshinga mvazina no gusesengura inshinga zavutse hagaragazwa uturemajambo.		
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
1. Intangiriro Iminota 10	Kubaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga Urugero rw'ibibazo : 1. Ni irihe zina ry'umwandiko duheruka kwiga ? 2. Ni ayahe masomo wagusigiye?	- Gusubiza ibibazo Urugero rw'ibisubizo 1. Duheruka kwiga umwandiko umwana wahohotewe. 2. Uwo mwandiko wansigiye byinshi harimo kumenya amoko y'ihohoterwa, ingaruka zaryo n'ingamba nafata mu kurirwanya nko gushyikiriza ababishizwe amakuru y'ahabereye ihohoterwa, kutiyandarika, gushishikariza buri wese kuba ijisho rya mugenzi we kugira ngo ntihagire uhohotera undi.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) Ingingo nsanganyamasomo Uburinganire n'ubwuzuzanye ab'ibitsina byombi bitabwaho.

2. Isomo nyirizina (iminota 50)

2.1. kwivumburira ibikubiye mu isomo	-Gusaba abanyeshuri gukora amatsinda bagakora ubushakashatsi ku nteruro bahawe bakavumbura inshinga zavutse ku moko y'amagambo, gutanga inshoza y'ikomoranshinga n'ikomoranshinga mvazina no kugaragaza uturemajambo tw'izo nshinga zavutse bahereye ku nteruro bahawe n'umwarimu.	-Gukora amatsinda bakagaragaza inshinga zavutse kuri amwe mu moko y'amagambo, gutanga inshoza y'ikomoranshinga n'ikomoranshinga mvazina no kugaragaza uturemajambo tw'inshinga zavutse. -Gutahura inshoza y'ikomoranshinga mvazina no gusobanura uturemajambo tw'inshinga zakutse.	Ubushobozi nsanganyamasomo -Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva). -Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo. - Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsu.
2.2. kumurika ibyagezweho	Gusaba abanyeshuri kumurika no kunoza ibyavuye mu matsinda	Kumurika ibyavuye mu matsinda.	Ubushobozi nsanganyamasomo Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).

<p>2.3.kunoza ibyavuye mu matsinda</p>	<p>Kunoza ibyavuye mu matsinda no ku bikorera ubugororangingo (bigaragara mu gitabo cy'umwarimu)</p>	<p>Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza</p>
<p>2.4.Umusozo w'isomo/ Ikomatanya</p>	<p>Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi ku ikomoranshinga mvazina.</p>	<p>Kuvuga iby'ingenzi bize ku ikomoranshinga mvazina : inshoza n'uturemajambo tw'inshinga zavutse.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).</p>
<p>3. Isuzuma iminota 20</p>	<p>Gutanga ibibazo by'isuzuma.</p>	<p>Gusubiza ibibazo by'isuzuma.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza: Umwarimu yita ku banyeshuri bose kimwe akanafasha abafite ibyo bagenerwa byihariye</p>

<p>4. Umukoro</p>	<p>Gutanga umukoro</p>	<p>Kwandukura umukoro. Kuzawukosora</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo</p> <p>Ubushakashatsi (buri wese aharanira kunguka ibindi byiyongera ku byo yize).</p> <p>-Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri).</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo</p> <p>Uburezi budaheza</p> <p>Umukoro utangwa abanyeshuri bose bagomba kuwukora kimwe</p>
<p>Kwisuzuma (umurezi)</p>	<p>- Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye.</p> <p>- Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari).</p>		



**IGICE CYA III. IMBONEZAMASOMO Z'AMASOMO ARI
MURI BURI MUTWE**

I.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko ku kurwanya ihohoterwa no kugaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.
- Gusesengura amagambo aturuka ku ikomora hagaragazwa uturemajambo twayo.

I.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Amoko y'amagambo ahinduka n'adahinduka.
- Inshoza y'inshinga, amoko y'inshinga n'uturamajambo tw'inshinga isanzwe.

I.3. Ingingo nsanganyamasomo

Ingingo nsanganyamasomo	Aho igaragara muri uyu mutwe
Uburinganire n'ubwuzuzanye	Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira mu bikorwa umwarimu aha abanyeshuri b'ibitsina byombi cyangwa mu ngero zinyuranye zitangwa.
Uburezi budaheza	Iyi ngingo nsanganyamasomo izagaragarira mu bikorwa bitandukanye by'imyigire n'imyigishirize, umwarimu afasha abanyeshuri bafite ibibazo bitandukanye, mu mirimo itandukanye yo mu matsinda, abanyeshuri bafashanya.
Umuco w'amahoro	Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu bivugwa mu myandiko "Umwana wahohotewe", "Muhishwambuto" na "Turwanye ihohoterwa", aho basobanura uko ihohoterwa ryakumirwa.

Jenoside	<p>Mu kungurana ibitekerezo havugwamo ko kutubahiriza uburenganzira bwa muntu bishobora kuba intandaro y'ubwicanyi bushobora no kugeza kuri jenoside igihe hahoterwa</p> <p>Nanone iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu mwandiko "Turwanye ihohoterwa" mu bibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.</p>
----------	---

I.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Akoresheje uburyo bw'ikusanyabitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Igikorwa

Ushingiye ku bumenyi bwawe bwite, sobanura ihohoterwa, uko rivuka, ibiritera, ingaruka zaryo n'ingamba zo kurikumira hubakwa umuco w'amahoro.

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo abanyeshuri batanga maze akagenda abafasha kubinoza.

Urugero rw'ibitekerezo

Ihohoterwa ni igikorwa cyose kigambirira kugirira undi nabi haba ku mubiri cyangwa mu bitekerezo. Bimwe mu bishobora kuba intandaro y'ihohoterwa ni ibiyobyabwenge, itoteza, inzangano n'amakimbirane mu miryango. Ingamba zafatwa mu gukumira ihohoterwa ni ugushyiraho ubuyobozi bwiza bwimakaza umuco w'amahoro, gushyiraho amategeko, ibihano...

I.5. Amasomo ari mu mutwe wa mbere n'igihe agenewe

Umutwe wa wa mbere: Kubaka umuco w'amahoro		Umubare w'amasomo: 18
Umwandiko: Umwana wahohotewe		
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha mu mvugo no mu nyandiko.	Amasomo 3

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.	Amasomo 2
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko	Gusesengura umwandiko.	Amasomo 2
Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo	Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1
Ikomora: Ikomoranshinga mvazina		
Isomo rya gatanu: Ikomoranshinga mvazina	- Kugaragaza inshoza y'ikomoranshinga, gukomora inshinga ku mazina na bumwe mu bwoko bw'amagambo no kugaragaza uturemajambo.	Amasomo 3
Umwandiko: Muhishwambuto		
Isomo rya gatandatu: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko.	Gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.	Amasomo 2
Ikomora: Ikomoranshinga mvanshinga		
Isomo rya karindwi: Ikomoranshinga mvanshinga.	- Kugaragaza inshoza y'ikomoranshinga mvanshinga n'uturemajambo tw'inshinga zakomowe ku zindi.	Amasomo 2
Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.		Isomo 1
Isuzuma risoza umutwe wa mbere		Amasomo 2

Ikitonderwa

Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimu abanza gukoresha igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

I.5.1. Umwana wahohotewe

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 2)

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Umwana wahohotewe" bagiyeye gusoma akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Murabona iki kuri iyi shusho?

Kuri iyi shusho, turahabona abantu bari mu matsinda atatu atandukanye.

b) Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?

Uyu mwandiko uraza kuvuga ku ihohoterwa.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo kuri iri somo ibiteganywa mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Soma umwandiko "Umwana wahohotewe" ushakemo amagambo udasobanukiwe, hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanyaga n'abanyeshuri kubinoza, bikandikwa ku kibaho maze abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

Guta umutwe: kubura icyo ukora n'icyo ureka kubera ibibazo

Kuvugira hejuru: gusakuza, kuvuga cyane.

Inshuke: umwana muto umaze kuva ku ibere atacyonka

Gushinyagurira umuntu: kongerera ububabare uwari asanzwe abufite.

Gucanganyikirwa: gusara.

Kwiyesura: kwiterera hejuru kubera agahinda ufite.

Inyangabirama: umugizi wa nabi.

Guhanga umuntu amaso: kwitegereza umuntu cyane.

Ishavu: agahinda gakomeye umuntu aterwa no kwibuka inabi yagiriwe cyangwa ibibi yabonye.

Gusindagiza umuntu: kumwiyegamiza ukamufasha kugenda.

Kufira: kurandura ibyatsi byameze mu myaka.

Kugwa mu kantu: kumirwa ukabura icyo uvuga.

Bimwanga mu nda: ntiyashobora kubyihanganira.

Kwinumira: kutagira icyo uvuga ukicecekerera.

Igitambambuga: umwana ukiri muto ukambakamba.

Umunyotwe: umuriro umeze nk'ivu.

Gukorera umuntu ibya mfura mbi: kumuhohotera cyane ukamugirira nabi bikabije.

Guhungabana: gukangarana bitewe n'ibyo wabonye cyangwa ibyagubayeho.

Raboratwari: inzu bapimiramo indwara z'abantu, iz'amatungo cyangwa ikorerwamo ubushakashatsi bunyuranye hifashishijwe ibikoresho byabugenewe.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo byanogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Simbuza ijambo (amagambo) ryanditse ritsindagiye, irindi bivuga kimwe riri mu mwandiko.

- **Guhohotera umuntu ukamugirira nabi** biragayitse mu muco nyarwanda.

- **Gukorera umuntu ibya mfura mbi** biragayitse mu muco nyarwanda.

- Si byiza **kwicecekera** igihe habaye ihohoterwa.

- Si byiza **kwinumira** igihe habaye ihohoterwa.

- Abafite ikibazo k'**ikangarana** bitabwaho ku buryo bwihariye.

Abafite ikibazo k'**ihungabana** bitabwaho ku buryo bwihariye

- Umwana agira **agahinda** iyo abuze umwitaho.

- Umwana agira **ishavu** iyo abuze umwitaho.

b) Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi zigaragaza ko wumva icyo asobanura kandi ukore isanisha.

- **Inyangabirama**

Inyangabirama zishyikirizwa Leta ikazigorora.

- **Kugwa mu kantu**

Umuntu wese ugira umutima **agwa mu kantu** iyo uwahohotewe adatabawe.

- **Gusindagiza umuntu**

Gusindagiza umuntu w'intege nke biranga umuco w'ubufatanye.

- **Igitambambuga**

Umwana w'**igitambambuga** akenera kwitabwaho n'umubyeyi we.

c) Uzurisha izi nteruro amagambo avuye mu mwandiko.

- Twamagane rikorerwa ikiremwa muntu

Twamagane **ihohoterwa** rikorerwa ikiremwa muntu.

- Umuco nyarwanda wamaganira kure ikoreshwa ry'.....mu muryango.

Umuco nyarwanda wamaganira kure ikoreshwa ry'**ibiyobyabwenge** mu muryango.

- Umugiraneza arangwa no indembe akayigeza kwa muganga.

Umugiraneza arangwa no **gusindagiza** indembe akayigeza kwa muganga.

- Muri hasuzumirwa ibimenyetso by'ukuri.

Muri **raboratwari** hasuzumirwa ibimenyetso by'ukuri.

d) Andika imbusane z'amagambo akurikira dusanga mu mwandiko:

- Guta ≠ **gutora**

- Guhohotera ≠ **guhohoterwa**

- Abayobozi ≠ **abayoborwa**

- Umuhemu ≠ **inyangamugayo**

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko adategwa no gusubiza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) **Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?** Umwandiko duheruka kwiga ni "Umwana wahohotewe".

b) **Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?** Wavugaga ku nsanganyamatsiko yo kubaka umuco w'amahoro, twirinda ihohoterwa, maze tukarikumira kugira ngo tugere ku iterambere rirambye n'ukwishyira ukizana kwa buri wese.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko “Umwana wahohotewe”, maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda hanyuma bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo:

a) Umugore uvugwa mu gika cya mbere cy’umwandiko yari he? Kubera iki?

Umugore yari kwa muganga aho bakirira abarwayi b’indembe. Yari yataye umutwe kubera ko umwana we w’umukobwa yari yafashwe ku ngufu, yamujyanye kwa muganga.

b) Ni ibiki bigaragaza ko umugore uvugwa mu mwandiko yasaga nk’uwataye umutwe?

Ibigaragaza ko umugore uvugwa mu mwandiko yasaga nk’uwataye umutwe ni imyambarire mibi, amaguru yariho uburimiro, kwivugisha, kwiyesura no gusubiza ibitajyanye n’ibibazo yabazwaga.

c) Ni irihe hohoterwa rivugwa muri uyu mwandiko? Ni nde wahohoteye undi? Yabitewe n’iki?

Ihohoterwa rivugwa mu mwandiko ni ugufata ku ngufu umwana w’umukobwa. Ni umugabo wahohoteye umwana we. Yabitewe n’uko yari yanyoye ikiyobyabwenge cya kanyanga.

d) Ni he havugwa mu mwandiko hashobora gukorerwa ihohoterwa?

Ni mu ngo, mu baturanyi no ku ishuri.

e) Ese mbere yo kuganira n’uriya mukobwa, uwo mugore yari afite umugambi wo gutanga umugabo we? Sobanura igisubizo cyawe.

Oya, ntabwo yari afite umugambi wo kumutanga kuko mu mwandiko hari aho avuga ngo: “Ni ishyano! Ni ishyano nta we naribwira weee! Sinamutanga weee! Oya!”

f) Muri uyu mwandiko baratanga inama y’uko twarwanya ihohoterwa. Izo nama ni izihe?

Ni ukurwanya ibiyobyabwenge kuko ari intandaro y'ihohoterwa, kwigisha abana bacu kumenya gutahura uwabahohotera, kutinumira igihe tubonye uwahohotewe, gushyikiriza leta abahohoteye abandi ikabagorora...

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura umwandiko, agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.
- Kugaragaza ibitera ihohoterwa, ingaruka zaryo no gusobanura uburyo bwo gukumira ihohoterwa.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni irihe somo duheruka kwiga?

Twize isomo ryo gusoma no kumva umwandiko "Umwana wahohotewe".

b) Muri iryo somo twakoze iki?

Twasubije ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu ahera kuri ibyo bisubizo batanze, akabasobanurira ko bagiye gusubiza ibibazo bibafasha kumva byimbitse umwandiko.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko "Umwana wahohotewe", hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?

Muri uyu mwandiko haravugwamo insanganyamatsiko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

b) Ni izihe ngingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko?

Muri uyu mwandiko haravugwamo ingingo z'ingenzi zikurikira:

- Ihungabana riterwa n'ihohoterwa.
- Ubufasha bwo kwa muganga mu gihe habaye ihohotera rishingiye ku gitsina.
- Ubufasha bw'abajyanama mu by'ihungabana riterwa n'ihohoterwa.
- Uko twakumira n'uko twarwanya ihohoterwa.

c) Garagaza ubundi bwoko bw'ihohoterwa butavuzwe mu mwandiko.

Uretse ihohoterwa rishingiye ku gitsina rivugwa, hari n'ihohoterwa rishingiye ku mvugo zisesereza, irishingiye ku gukubita no gukomeretsa, kubuza umuntu ibyo afiteho uburenganzira...

d) Ni izihe ngaruka uwahohotewe ashobora guhura na zo?

Uwahohotewe ashobora guhura n'ingaruka zishingiye ku buzima n'imyitwarire.

Mu ngaruka zishingiye ku buzima twavuga: ihungabana, kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, gukomeretswa imyanya myibarukiro harimo no kwangiza inkondo y'umura n'inda ibyara, gusama utabishaka, kvanamo inda utabishaka, kugira umujinya bigatuma umuntu ahorana uburwayi budakira, gutakaza ubushake bwo gukora imibonano mpuzabitsina no kugira ububabare mu gihe ayikoze, kugubwa nabi n'inda, guhorana ububabare budashira...

Ingaruka zishingiye ku myitwarire harimo kugira ubwoba hakazamo no kwiyanga, kugira isoni, umutekano muke, kutagira imbaraga zo gukora akazi ushinzwe, kumva byamurenze bikamutera kwigunga, kudasinzira no kutarya. Gukurizamo indwara zo mu mutwe, kwiheba no kuba yakwiyahura...

Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo

Intego zihariye

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura insanganyamatsiko zatanzwe no kuzunguranaho ibitekerezo mu bwubahane.
- Kuvugira mu ruhamwe ashize amanga, atanga ibitekerezo bye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku ihohoterwa.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitoto wo kungurana ibitekerezo.

Urugero rw'ibibazo n' ibisubizo:

a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheruka kwiga?

Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheruka gusesengura ni ijyanye n'ihohoterwa.

b) Ni ibiki biranga ihohoterwa ryo mu bikorwa?

Ibiranga ihohoterwa ryo mu bikorwa twavugamo nko gufata ku ngufu, gukubita, gukomeretsa, kurwana, kwica, gushinyagurira...

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iki gice mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Wifashishije umwandiko "Umwana wahohotewe" n'ubumenyi rusange, ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku nsanganyamatsiko ikurikira: "Ingamba zafatwa kugira ngo hakumirwe ihohoterwa."

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, bafatanyaga n'umwarimu maze bagatanga umwanzuro ku nsanganyamatsiko bunguranyeho ibitekerezo. Umwanzuro wandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakawandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'insanganyamatsiko n'ingero z'ibitekerezo:

Uherye ku ngingo zifututse , sobanura ingamba zafatwa kugira ngo hakumirwe ihohoterwa.

Zimwe mu ngamba zafatwa mu rwego rwo gukumira ihohoterwa:

- Gushyiraho ubuyobozi bwiza no kubushyigikira mu kurwanya ihohoterwa.
- Gushyiraho amategeko.
- Gushyiraho ibihano.
- Gushyiraho amatsinda n'ibigo birwanya ihohoterwa.
- Gukoresha uburyo bunyuranye bw'ubukangurambaga bwo kurwanya ihohoterwa...
- Kubaka umuco w'amahoro hategurwa gahunda z'ibiganiro byimakaza uburenganzira bwa muntu.
- Kwigisha abantu ingaruka z'ihohoterwa.
- N'izindi.

I.5.2. Ikomora: Ikomoranshinga mvazina

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 7)

Isomo rya gatanu: Ikomoranshinga mvazina

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Gusobanura ikomoranshinga mvazina
- Gukomora inshinga ku bwoko bw'amagambo bunyuranye
- Gusesengura inshinga zo mu ikomoranshinga mvazina agaragaza uturemajambo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

Umwarimu yandika interuro ku kibaho, agasaba abanyeshuri kuzisoma maze akabaza ikibazo kiganisha ku isomo bagiye kwiga.

Urugero rw'interuro:

- a) Ineza ye **yamurikiye** intambwe zabo.
- b) Urwanya ihohoterwa aba ari **kwitagatifuza**.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo:

a) Muri izi nteruro amagambo yanditse atsindagiye ni ubuhe bwoko?

Amagambo yanditse atsindagiye ni inshinga.

b) Inshinga zanditse zitsindagiye zakomotse ku yahe magambo?

Inshinga **“yamurikiye”** ikomoka ku gicumbi **“muri”**k' izina **“urumuri”**naho inshinga **“kwitagatifuza”** yakomotse ku gicumbi cya ntera”tagatifu”.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri maze akababwira ko bagiyе kwiga ikomoranshinga mvazina.

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Igikorwa

Itegereze amagambo atsindagiye ari muri izi interuro zikurikira, ugire icyo uyavugaho uhereye ku miterere n' inkomoko yayo. Uhereye ku miterere n'inkomoko yayo, kora ubushakashatsi utahure inshoza y'ikomoranshinga, ugaragaze uko inshinga zivuka ziturutse ku mazina n'uturemajambo twazo.

- a) Abayobozi bakunda **kujanisha** kugira ngo bamenye umubare w'abahohoterwa muri rusange.
- b) Iyo bwije, **kumurika** mu nzu bigabanya ubwoba.
- c) Umuntu muzima arangwa no **gutagatifuza** ibikorwa bye.

Umwarimu agenera abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

Intego y'amagambo atsindagiye:

Inshinga	Uturemajambo n'amategeko yigenamajwi
Kujanisha	ku-jan-ish-a -
Kumurika	ku-muri-k-a -
Gutagatifuza	ku-tagatif-ur-y-a r+y→z

a) Inshoza y'ikomoranshinga

Ikomoranshinga ni ihimba ry'inshinga nshya uhereye ku bicumbi by'andi magambo asanzwe mu rurimi cyangwa imizi y'inshinga.

Hari amatsinda abiri y'ikomoranshinga: **ikomoranshinga mvazina** n'**ikomoranshinga mvanshinga**.

b) Ikomonshinga mvazina

Ikomoranshinga mvazina ni ihimba ry'inshinga uhereye ku bicumbi by'amazina asanzwe ari mu rurimi.

- Gukomora inshinga ku izina

Gukomora inshinga ku izina ni byo byitiriwe ikomoranshinga mvazina. Iri komoranshinga rikoresha ingereka zikurikira: **-h-; -k-; -r-; -ah-ar-, -ik-, -ur-, ...**

Ingero:

Izina	Ingereka	Inshinga
Urumuri	-k-	Kumurika
Amahari	-k-	Guharika
Ifoto	-ur-	Gufotora
Ijana	-ish-	Kujanisha
Umusore	-k-	Gusoreka
Umukungu	-ah-ar	Gukungahara
Ingumba	-h	Kugumbaha
Ubuhemu	-uk-	Guhemuka
Ibiryoye	-h-	Kuryoha

Ikitonderwa:

Hari inshinga zikomoka ku mazina ariko hadakoreshejwe ingereka.

Ingero:

Ijambo	Inshinga
Umupfayongo	Gupfayonga
Inyana y'imbwa	Kunyanayimbwa

Gukomora inshinga ku yandi moko y'amagambo

Hari ubundi bwoko bw'amagambo bukomokwaho n'inshinga hakoreshejwe ingereka cyangwa nta ngereka ikoreshejwe.

Ingero:

Ubwoko bw'ijambo	Ingero	Inshinga	Igisobanuro k'inshinga
Umugereka	neza	Kuneza	Gushimisha umuntu/Gutuma anogerwa
Ntera	-bi	Kubiha	Kubura uburyohe
	-bisi	Kubisahara	Gusubira ibubisi
	-tindi	Gutindahara	Guhinduka umutindi
	-tagatifu	Gutagatifuza	Kugira umutagatifu
Inyigana	bwi	Kubwiguza	Gusuragura uvuza udutumbwe.
	duuu	Kuduhira	Kuvugira mu matwi.
	gigigigi	Kugigira	Kugundagurana n'undi ushaka kumwiyaka.
	gugu	Kuguguza	Kuvuga kw'inuma.
	papapapa	Gupapaza	Gutigisa amababa ukumvikanisha urusaku.
	tatatata	Gutatamura	Gutabura hakumvikana urusaku

- Uturemajambo tw'inshinga zo mu ikomoranshinga mvazina

Inshinga zishingiye ku ikomoranshinga mvazina zifite uturemajambo dusa neza n'utw'inshinga isanzwe. Twabonye ko uturemajambo tw'inshinga ari: **akano, indanganshinga, impakanyi, igenantego, inyibutsacyuzuzo, umuzi, ingereka n'umusozo.**

Inshinga yavutse kubera ikomoranshinga ishobora kugira utwo turemajambo twose cyangwa tumwe muri two.

Ingero

- Inuma **iraguguza** cyane.
- Tumufashe areke **gutindahazwa** no kubura icyo akora.
- Uyu mwana agomba kugirwa inama **zimunezeza** kuko amaze **gusorekara..**
- Kudumbura abandi mu mazi si igikorwa cyo **gutagatifuzwa**.

Ijambo	Uturemajambo	Amategeko y'igenamajwi
Iraguguza	i-ra-gug-ur-y-a	r+y → z
Gutindahazwa	ku-tind-ah-ar-y-w-a	k → g/-GR r+y → z
Zimunezeza	zi-Ø-mu-nez-ir-y-a	i → e / Ce- r+y → z
Gusorekara.	ku-sor-ik-ar-a	k → g/-GR i → e / Co-
Kudumbura	ku-dumb-ur-a	-
Gutagatifuzwa	ku-tagatif-ur-y-w-a	k → g/-GR r+y → z

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri ,gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenda afasha abafite ibibazo byihariye. Iyo abanyeshuri barangije gukora uwo mwitozo, bafatanya n'umwarimu kuwukosora. Ibisubizo byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe

a) Komora inshinga ku magambo akurikira:

- Ifoto: gufotora
- Pyo: gupyomoka
- Dumburi: kudumbura
- Re : kureshya, kurehura
- Ibiryo: kuryoha.

b) Garagaza aho inshinga ziri mu mukara tsiri zakomotse.

- **Kunezeza** ni inshinga idatondaguye yakomotse ku mugereka **“neza”**.
- **Yarakungahaye** ni inshinga itondaguye yakomotse ku gicumbi **“kungu”** k'izina “umukungu”.
- **Butoshye** ni inshinga itondaguye yakomotse ku gicumbi cya ntera **“to”**.

- **Arabamurikira** ni inshinga itondaguye yakomotse ku gicumbi “**muri**” k’izina “**urumuri**”.
- **Kugigira** ni inshinga idatondaguye yakomotse ku nyigana “**gigigigi**”.
- **Arapyirika** ni inshinga itondaguye yakomotse ku nyigana “**pyiririri**”.
- **Kwipfayonza** ni inshinga itondaguye yakomotse ku gicumbi “**pfayongo**” k’izina umupfayongo.

c) Garagaza intego y’izo nshinga n’amategeko y’igenamajwi yubahirijwe.

- | | | |
|--|-------------|---------|
| - Kunezeza: ku-nez-ir-y-a | i → e / Ce- | r+y → z |
| - Yarakungahaye : a-a-ra-kung-ah-ar-ye | a → y/-J | r+y → y |
| - Butoshye: bu-ø-to-h-ye | h+y → shy | |
| - Arabamurikira : a-ra-ba-muri-k-ir-a | - | |
| - Kugigira: ku-gig-ir-a | - | |
| - Arapyirika: a-ra-pyir-ik-a | - | |
| - Kwipfayonza: ku-ii-pfayong-y-a | u → w/-J | g+y → z |

I. 5.3 Umwandiko: Muhishwambuto

(Igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 10)

Isomo rya gatandatu: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko.

Intego zihariye

Nyuma y’iri somo , umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo, iyitsa n’injyana.
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
- Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu n’inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Muhishwambuto" bagiyе gusoma akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Murabona iki kuri iyi shusho?

Kuri iyi shusho hari umukobwa witangiriye itama umeze nk'uwihеbye, imbere ye hari umugore uri kumuhoza, hari n'umuntu atekereza wamugiriye nabi.

b) Muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?

Uraza kuvuga ku ihohoterwa.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora ibikorwa bikurikira:

Ibikorwa

1. Soma umwandiko "Muhishwambuto" ushakemo amagambo udasobanukiwe, hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.
2. Ongera usome umwandiko "Muhishwambuto" maze usubize ibibazo bikurikira:
3. Ongera usome umwandiko "Muhishwambuto", maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Umwarimu arakora amatsinda atandukanye y'abanyeshuri ayahe gukora ibikorwa binyuranye. Arasaba amatsinda yose gusoma umwandiko "Ingaruka z'ibiyobyabwenge". Arasaba abagize amatsinda gushaka mu mwandiko amagambo badasobanukiwe, gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Umwarimu araha abanyeshuri igihe cyo gukora ibyo bikorwa. Igihe yabahaye nikirangira, umwarimu arasaba amwe mu matsinda kumurikira abandi ibyo yakoze. Buri tsinda riragenerwa igikorwa rimurika, abagize andi matsinda barakurikira, umwarimu agende abayobora mu kunoza ibyavuye mu matsinda. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

Ikitonderwa

Umwitoto uri mu gitabo cy'umunyeshuri ujyanye no gusoma no gusobanura umwandiko urakorwa amatsinda yose amaze kumurika ibyo yakoze.

I. Urugero rw'amagambo umunyeshuri ashobora kuba adasobanukiwe n'ibisobanuro byayo:

Muhishwambuto: umuntu mubi wangiza abana ukwiye kubahungishwa.

Mumvune: mumfashe, munduhure.

Amakuba: ibyago bitungura umuntu kandi bikamukangaranya, umutima ugakuka.

Kuzuyaza umuntu: kumucanganyikisha mu mutwe, kumubeshya.

Ikambere: inzu y'ingenzi mu rugo rufite amazu menshi nk'ibwami. Muri uyu muvugo, umuhanzi arashushanya imyanya myibarukiro y'umugore cyangwa umukobwa.

Igikari: imbuga y'inyuma y'inzu ikikijwe n'iyonyubako. Muri uyu muvugo, umuhanzi arashushanya imyanya myibarukiro y'umugore cyangwa umukobwa.

II. Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

a) Ni irihe hohoterwa rivugwa muri uyu mwandiko?

Ihohoterwa rivugwa mu mwandiko ni ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

b) Ni ba nde umuhanzi asaba ko bamwumva muri iki kibazo k'ihohoterwa?

Abo umuhanzi asaba ubufasha ni abagenahirwe, abagenategeko n'abanyamishinga.

c) Ijambo "Abazingambuto" risobanura iki?

Abazingambuto ni abahemu bahohotera abana bakabavutsa umutekano, amahirwe n'ubuzima.

d) Abazingambuto bahohoteye bate uvugwa mu mwandiko?

Abazingambuto baramuteye bamwangiriza ubuzima bamufashe ku ngufu.

e) Ese hari aho bavuga ko muhishwambuto yakwiriye ahantu hose? Byerekanishe amagambo yo mu mwandiko.

Yego. Bigaragarira ku mukarago wa 36 aho umuhanzi agira ati: "Intara zose yarazikwiye."

f) Hari abantu bavugwa ko bakwiye kwamaganwa bashukana bitwaje imari. Abo ni ba nde?

Abo bantu ni ba shugamami na shugadadi.

III. Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko

a) Umwandiko «Muhishwambuto » uri mu buhe bwoko bw'umwandiko? Sobanura igisubizo cyawe.

Uyu mwandiko ni umuvugo. Kubera ko wanditse ku buryo bw'imikarago, ufite injyana n'utundi turango tw'ubusizi.

b) Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri mu mwandiko?

Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko ni: ihohoterwa rishingiye ku kubuza umuntu umutekano, guceceka kubera guhohoterwa, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, gafatwa ku ngufu, urufu ruterwa n'ihohoterwa, kurwanya ihohoterwa...

c) Ni ba nde bashobora guhohotera umwana?

Umwana ashobora guhohoterwa n'abantu b'ingeri nyinshi, harimo abamushukisha imari, abamurera, abakuru, abayobozi n'abandi.

d) Ni izihe ngaruka uwahohotewe ashobora guhura na zo?

Uwahohotewe ashobora guhura n'ingaruka zishingiye ku buzima n'ingaruka zishingiye ku myitwarire.

Mu ngaruka zishingiye ku buzima twavuga: ihungabana, kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, gukomeretswa imyanya myibarukiro harimo no kwangiza inkondo y'umura n'inda ibyara, gusama utabishaka, kvanamo inda utabishaka, kugira umujinya bigatuma umuntu ahorana uburwayi budakira, gutakaza ubushake bwo gukora imibonano mpuzabitsina no kugira ububabare mu gihe ayikoze, kugubwa nabi n'inda, guhorana ububabare budashira....

Mu ngaruka zishingiye ku myitwarire harimo kugira ubwoba hakazamo no kwiyanga, kugira isoni, umutekano muke, kutagira imbaraga zo gukora akazi ushinzwe, kumva byamurenze bikamutera kwigunga, kudasinzira no kutarya. Gukurizamo indwara zo mu mutwe, kwiheba, kuba yakwiyahura...

3. Imyitozo

Umwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu azenze uko abanyeshuri bakorera imyitozo mu matsinda, maze abafite ibibazo byihariye akabafasha. Umwarimu n'abanyeshuri bayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo ku nyunguramagambo

a) Andika inyito ebyiri z'ijambo "intege".

Inyito ebyiri z'ijambo "intege" ni izi zikurikira:

- Imbaraga
- Uruhiniro rw'ukuguru ruri inyuma y'ivi.

b) Garagaza amatsinda y'amagambo ari mu mwandiko ahuje inyito no gupfa.

Amatsinda y'amagambo ahuje inyito no gupfa ni:

Ubuzima burizinga, ugasiga isi, ugafumbira umunaba.

c) Andika impuzanyito z'amagambo akurikira:

- Ubuzima: amagara
- Intimba: ishavu, agahinda, umubabaro
- Imari: ubukire, ubukungu
- Isoni: ikimwaro, ipfunwe

I. 5.4. Ikomora: Ikomoranshinga mvanshinga

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 13)

Isomo rya karindwi: Ikomoranshinga mvanshinga

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Gusobanura inshoza y'ikomoranshinga mvanshinga
- Gusesegura inshinga yo mu ikomoranshinga mvanshinga agaragaza uturemajambo twayo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'ikibonezamvugo

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo bize ku ikomora.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni irihe somo duherutse kwiga ku ikomora?

Twize ikomoranshinga mvazina n'uturemajambo tw'inshinga yakomoye umuzi ku moko y'amagambo anyuranye.

b) Ni utuhe turemajambo tw'inshinga yo mu ikomoranshinga mvazina?

Uturemajambo tw'inshinga yo mu ikomoranshinga mvazina ni uturemajambo tw'inshinga isanzwe ari two **akano, indanganshinga, impakanyi, igenantego, inyibutsacyuzuzo, umuzi, ingereka n'umusozo.**

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda no gukora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Igikorwa

Soma interuro zikurikira witegereza inshinga zitsindagiye hanyuma ugaragaze intego yazo. Hera ku ntego y'izo nshinga maze usobanure uko inshinga zivuka ku zindi kandi ugaragaze uturemajambo two mu inkomoranshinga mvanshinga.

a) Abantu bakunda **kurwanya** ihohotera barangwa n'umutima mwiza

b) **Kugendererwa** n'abashyitsi ni umugisha.

c) Uwahohotewe asabwa **kuvugisha** ukuri kugira ngo yitabweho.

d) **Kunezerwa** birakwiye ku bantu bose.

Umwarimu agenera abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

Inshinga	Uturemajambo	Amategeko y'igenamajwi
Kurwanya	ku-rwan-y-a	-
Kugendererwa	ku-gend-ir-ir-w-a	i→e / Ce-
Kuvugisha	ku-vug-ish-a	-
Kunezerwa	ku-nez-ir-w-a	i→e / Ce-

a) Inshoza y'ikomoranshinga mvanshinga

Ikomoranshinga mvanshinga ni ihanga ry' inshinga nshya uhereye ku mizi y'inshinga zisanzwe mu rurimi. Iri komoranshinga rikoresha ingereka zitandukanye. Twabonye ko ingereka ari uturemajambo tujya hagati y'umuzi n'umusozo tukazanira inshinga ingingo nshya. Twabonye kandi ko iyo umuzi wiyunze n'ingereka bibyara igicumbi gishya kitwa intima.

Ingero:

Inshinga	Uturemajambo	Amategeko y'igenamajwi
Kudodora	ku-dod-ur-a	u→o /Co-
Kuryagagura	ku-ri-ag-ag-ur-a	i→y/-J
Gutarura	ku-tar-ur-a	k→g/-GR
Kudodoka	ku-dod-uk-a	u→o/Co-
Kuboneka	ku-bon-ik-a	i→e/Co-
Gukundana	ku-kund-an -a	k→ g/-GR
Gukorera	ku-kor-ir-a	k→ g/-GR i→ e/Co-
Guhingisha	ku-hing-ish-a	k→ g/-GR
Gukosha	ku-ko-sh-a	k→g/-GR
Kubyaza	ku-byar-y-a	r+y→ z
Gukubitwa	ku-kubit-w-a	k→ g/-GR
Gutabwa	ku-ta-bw-a	k→ g/-GR
Kugaruka	ku-gar-uk-a	-

b) Uturemajambo tw'inshinga zo mu ikomoranshinga mvanshinga

Inshinga zishingiye ku ikomoranshinga mvanshinga na zo zifite uturemajambo dusa neza n'utw'inshinga isanzwe.

Inshinga yavutse kubera ikomoranshinga mvanshinga ishobora kugira utwo turemajambo twose cyangwa tumwe muri two nko mu ikomoranshinga mvazina.

Ingero

- Nibatazabimujanishiriza** azabyibagirwa kuko azaba ari **kwambarira** urugamba.
- Murakomangwa** n'umutima ngo muge **gufasha** uwahohotewe.

Ijambo	Uturemajambo	Amategeko y'igenamajwi
Nibatazabimujanishiriza	ni-ba-ta-za-bi-mu-jan-ish-ir-ir-y-a	r+y → z
Kwambarira	ku-amb-ar-ir-a	u → w/-J
Murakomangwa	mu-ra-kom-ang-w-a	-
Gufasha	ku-fat-y-a	k → g/-GR f+y → sh

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenda afasha abafite ibibazo byihariye. Iyo abanyeshuri barangije gukora uwo mwitozo bafatanyaga n'umwarimu kuwukosora. Ibisubizo byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe

a) Garagaza izindi inshinga zishobora gukomorwa ku mizi y'inshinga zikurikira:

- Kuneza: kunezera, kunezerwa, kunezeza, kunezezwa, kunezereza, kunezerezwa...
- Guhemuka: guhemukira, guhemukirwa, guhemura, guhemurwa...
- Kubaka: kubakwa, kubakira, kubakirwa, kubakisha, kubakishwa, kubakishiriza, kubakishirizwa...
- Gufotora: gufotorwa, gufotorera, gufotorerwa, gufotoresha, gufotoreshwa...

b) Garagaza imizi y'inshinga zitsindagiye ziri mu mwandiko ukurikira:

Kumushimira: -shim-

Turasohokana: -sohok-

Twerekeza: -erek-

Baje: -z-

Namukuye: -kur-

Babjanye: -gi-

c) Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi by'inshinga zitsindagiye.

Inshinga	Uturemajambo	Amategeko y'igenamajwi
a) Guhohoterwa	ku- hohoter-w-a	k→ g/-GR
b) Gukubitagura	ku-kubit-ag-ur-a	k→ g/-GR
Ntibishimisha	nti-bi- ø -shim-ish-a	-
Ziharanira	zi- ø -har-an-ir-a	-
c) Kumanuza	ku-man-ur-y-a	r+y→ z
d) Aturanye	a- ø - tur-an-ye	-
e) Gutagaguza	ku-ta-ag-ag-ur-y-a	a→Ø /-J r+y→ z

I.5.3. Umwitozo w' ubushobozi ngiro bw' umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa....)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa mbere, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Ugendeye ku mabwiriza agenga ihangamwandiko, hanga umwandiko ufite hagati y'imirongo mirongo itatu na mirongo ine ku nsanganyamatsiko ikurikira: "Gukumira ihohoterwa ni ishingiro ryo kubaka umuco w'amahoro arambye". Mu magambo agize uwo mwandiko hagaragaremo inshinga zikomoka ku ikomoranshinga.

Uko umwitozo uzakorwa n'uko uzakosorwa:

Uyu mwitozo uzakorwa na buri munyeshuri ku giti ke. Umwarimu yibutsa abanyeshuri kubanza gushaka ingingo z'ingenzi bazahangaho umwandiko, zijyanye n'insanganyamatsiko yo kubaka umuco w'amahoro. Umwarimu abibutsa kandi kubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'lkinyarwanda.

I.6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa mbere

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa mbere, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa

- Muri uyu mutwe, twasesenguye umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'ihohoterwa, ingaruka zaryo n'ingamba zafatwa mu kurikumira.
- Twunguranye ibitekerezo ku ngamba zo gukumira ihohoterwa hagamijwe kubaka umuco w'amahoro.
- Twize kandi inshinga n'uturamajambo twayo hashingiwe ku ikomoranshinga mvazina n'ikomoranshinga mvanshinga.

I.7. Isuzuma risoza umutwe wa mbere

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 16)

Ibigerwaho mu isuzuma risoza umutwe wa mbere

Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozi bwo:

- Gusoma no gusesengura umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro.
- Kugaragaza no gusesengura inshinga zikomoka ku mazina n'izikomoka ku zindi nshinga.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

Urugero rw'ibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Uburenganzira bwa muntu bugaragazwa n'iki?

Uburenganzira bwa muntu bugaragazwa n'ukwishyira ukizana, umutekano n'imibereho myiza.

2. Ni izihe ngaruka zishobora kuba ku muntu wahohotewe?

Umuntu wahohotewe ashobora guhura na zimwe mu ngaruka zikurikira: kugira ihungabana, kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, gukomeretswa imyanya myibarukiro harimo no kwangiza inkondo y'umura n'inda ibyara ku bakobwa, gusama utabishaka, guhorana ubwoba hakazamo no kwiyanga, kugira isoni, kwigiramo umutekano muke, kutagira imbaraga zo gukora akazi ashinzwe, kumva byamurenze bikamutera kwigunga, kudasinzira no kutarya. Gukurizamo indwara zo mu mutwe, kwiheba no kuba yakwiyahura...

3. Ni izihe ngamba zafatwa kugira ngo hakumirwe ihohoterwa?

Ingamba zafatwa zo gukumira ihohoterwa ni nyinshi. Twavuga nko gushyiraho amategeko n'ibihano, guhozaho ubukangurambaga ahantu hose, gushinga amatsinda hirya no hino mu nzego zose amatsinda yo kurwanya ihohoterwa...

4. Tanga ingero byibura eshanu zigaragaza ibikorwa by'ihohoterwa.

Ingero zigaragaza ibikorwa by'ihohoterwa:

Gufata ku ngufu, gukoresha abana imirimo ivunanye, gutoteza, gukubita, gukomeretsa, kuvutsa umuntu ibye abifitiye uburenganzira...

5. Wafasha ute uwahohotewe?

Kumutega amatwi, kumuhumuriza, kumwihanganisha, kumuba hafi, kumenyesha inzego bireba, kumushakira ubutabera...

6. Ni ba nde bakwiye kurwanya ihohoterwa?

Ni abantu bose harimo abagore n'abagabo bakuze, abana b'abakobwa n'abahungu, abayobozi mu nzego zitandukanye n'abayoborwa, abarezi n'abanyeshuri, abashinzwe umutekano, abaganga, abajyanama b'ubuzima...

II. Ibibazo by'inyunguramagambo

1. Simbuza ijambo (amagambo) ryanditse ritsindagiye, impuzanyito iri mu mwandiko.

a) Uwahohotewe ntabaho mu **mahoro**.

Uwahohotewe ntabaho mu **mudendezo**.

b) Mu muco nyarwanda birabujijwe **kwambura** umuntu uburenganzira bwe.

Mu muco nyarwanda birabujijwe **kuvutsa** umuntu uburenganzira bwe.

c) Ufashwe ku ngufu ashobora gukurizamo kugira **ikangarana** rikomeye.

Ufashwe ku ngufu ashobora gukurizamo kugira **ihungabana** rikomeye.

d) Dutozwa kwirinda gukoresha imvugo **ibabaza** umuntu.

Dutozwa kwirinda gukoresha imvugo **isesereza** umuntu.

2. Kora interuro ngufi ukoresheje amagambo akurikira:

a) Umurage

Kurwaya ihohoterwa bitubere **umurage**.

b) Kwishyira ukizana

Uwavukijwe uburenganzira bwe ntarangwa n'**ukwishyira ukizana**.

c) Ibiyobyabwenge

Turwanye ikoreshwa ry'**ibiyobyabwenge** mu muryango.

d) Ipfunwe

Gufatwa ku ngufu bitera **ipfunwe**.

3. Uzurisha izi nteruro amagambo avuye mu mwandiko

a) Umuntu muzima arangwa n'..... mwiza wo guha buri muntu.

Umuntu muzima arangwa n'**umuco** mwiza wo guha **agaciro** buri wese.

b) U Rwanda rwashyizeho arengera ikiremwa muntu.

U Rwanda rwashyizeho **amategeko** arengera ikiremwa muntu.

c) Kurwanya ni inshingano yacu twese.

Kurwanya **ihohoterwa** ni inshingano yacu twese.

III. Ibibazo by'ikibonezamvugo

1. Tanga ingero ebyiri z'inshinga zifite imizi yakomotse ku bwoko bw'amagambo bukurikira:

a) Ntera: kubiha, gutindahara, gutagatifuza...

b) Inyigana: kuguguza, kudumbura, kugigira, gutatamura...

c) Izina : kumurika, kugumbaha, gusoreka...

2. Garagaza uturemajambo tw'inshinga zitsindagiye ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi.

a) Twirinde **gusesagura** ubuzima **budatangwa** na muntu.

b) Ibimenyetso byose **birafotorwa**.

c) **Gukazanura** byaracitse mu muco nyarwanda.

d) We **anezwa** no kwitabwaho.

Inshinga	Uturemajambo	Amategeko y'igenamajwi
a) Gusesagura	ku-ses-ag-ur-a	k→g /-GR
Budatangwa	bu-ta-Ø-tang-w-a	t→d /-GR
b) Birafotorwa	bi-ra-fot-ur-w-a	-
c) Gukazanura:	ku-kaz-an-ur-a	-
d) Anezwa	a-Ø-nez-w-a	-

I.8. Ibikorwa by'inyongera

I.8.1. Umwitozo nzamurabushobozi

Garagaza uturemajambo tw'inshinga zitsindagiye ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi.

- Abana b'ibitamabambuga baragusekera kuko barangwa n'amahoro.
- Bubakira umuco w'amahoro ku ndangagaciro zibakungahaza ku by'umuco.
- Guhemukirwa bitera kwiheba.
- Guhohoterwa bigira ingaruka nyinshi harimo no kugumbaha.
- Tumurikirwe n'ingero nziza b'abaharaniye amahoro maze turyoherwe n'ubuzima.

Ibisubizo

Inshinga	Uturemajambo	Amategeko y'igenamajwi
a) Baragusekera	ba-ra-ku-sek-ir-a	k→g /-GR i→e /Ce-
b) Bubakira	ba-Ø-ubak-ir-a	a→Ø /-J
Zibakungahaza	zi-Ø-ba- kung-ah-ar-y-a	r+y →z
c) Guhemukirwa	ku-hem-uk-ir-w-a	k→g /-GR
d) Guhohoterwa	ku-hohoter-w-a	k→g /-GR
Kugumbaha	ku-gumba-h-a	-
e) Tumurikirwe	tu- Ø -mur-ik-ir-y-w-e	tu- r+y →y y→Ø /-w
Turyoherwe	Ø -ri-o-h-ir-w-a	i →y/-J i→e /Co-

1.8.2. Umwitozo nyagurabushobozi

a) Ugendeye ku ikomoranshinga, shaka mu gika gikurikira inshinga, uzishakire uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.

[...] Buriya rero sinaba ngushinyaguriye nkubwiye ko ishyano ryaguye iwanyu nawe warigizemo uruhare. Iyo ubonye uwo ari we wese akoresha ibiyobyabwenge ntabwo uba ukwiye kumuhishira. Kwinumira ni nko kureka igitambambuga iruhande rw'umunyotwe. Kiwugeraho kikawusandaguza boshye ivu. Nyamara iyo uba warabigejeje ku bayobozi bari kumugorora bakamugira inama akareka kanyanga. Ndakubwiza ukuri nta mubyeyi muzima wakorera umwana we ibya mfura mbi nka biriya. Ni ikibazo k'ingaruka z'ibiyobyabwenge. Ikindi ni ngombwa kujya tugaririza abana bacu tubigisha gutahura abantu bafite ingeso mbi, bashobora kubahohotera. Ibyo byatuma bamenya kuvumbura ufite umugambi mubisha wo kubahohotera bakamuhungira kure.

Igisubizo:

Urugero rw'inshinga ziboneka mu gika: ngushinyagurira, akoresha, kumuhishira, kwinumira, kikawusandaza, ndakubwiza, wakorera, tubigisha.

Inshinga	Uturemajambo	Amategeko y'igenamajwi
Ngushinyagurira	n- ø-ku-shiny-ag-ur-ir-a	k→g /-GR
Akoresha	a- ø-kor-ish-a	i→e /Co-
Kumuhishira	ku-mu-hish-ir-a	-
Kwinumira	ku-ii-num-ir-a	u→w /-J
Kikawusandaza	ki-ka-wu-sandar-y-a	r+y →z
Ndakubwiza	n-ra-ku-bwir-y-a	r+y →z
Wakorera	u-a-kor-ir-a	i→e /Co-
Tugaririza	tu- ø-gan-ir-y-a	r+y →z
Tubigisha	tu- ø-ba-ig-ish-a	i→ø /-J

b) Uhereye ku bumenyi ufite mu ikomoranshinga, tanga urugero rw'inshinga zakomotse ku ikomoranshinga zigaragaramo amategeko y'igenamajwi akurikira, ugaragaze n'intego yazo: a+i→e, y→ø/-w, u→o /Co-, n→ny/-J, a+u→o

Urugero rw'igisubizo

Itegeko	Inshinga	Uturemajambo
a+i→e	guteshwa	ku-ta-ish-w-a
y→ø/-w	kugawa	ku-gay-w-a
u→o /Co-	kudodora	ku-dod-ur-a
n→ny/-J	aranyitiranya	a-ra-n-it-ir-an-y-a

a+u→o	gutora	ku-ta-ur-a
--------------	--------	------------

1.8.3. Imyitozo y'inyongera

- a) Uhereye ku ikomoranshinga, tanga ingero ebyirebyiri z'inshinga zakomotse ku bwoko bw'amagambo akurikira, unerekane uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi: izina, ntera, inyigana n'inshinga.

Urugero rw'ibisubizo:

Ubwoko bw'ijambo	Inshinga	Uturemajambo	amategeko y'igenamajwi
Izina	Gufotora	ku-fot-ur-a	k→g /-GR ; u→ o /Zo-
	Guhemuka	ku-hem-uk-a	k→g /-GR
Ntera	Gutindahara	ku-tind-ah-ar-a	k→g /-GR
	Gutagatifuza	ku-tagatif-ur-y-a	k→g /-GR r+y →z
Inyigana	Gutatamura	ku-tat-am-ur-a	k→g /-GR
	Kuduhira	ku-duh-ir-a	-
Inshinga	Kuzubakira	ku-za-ubak-ir-a	a→ ø /-J
	kuvuganirwa	ku-vug-an-ir-w-a	-

- b) Shaka mu gika gikurikira inshinga zishingiye ku ikomoranshinga mvazina n'izishingiye ku ikomoranshinga mvanshinga.

Iyo umwana w'umuhungu amaze gusoreka agirwa inama zo kutazaharika umugore we kuko ari ihohoterwa rikorerwa mu rugo. Ni yo mpamvu kwigisha buri muntu kwihanganira mugenzi we ari umuco mwiza uzageza buri wese ku kubaka umuco w'amahoro.

Igisubizo

- **Inshinga z'ikomoranshinga mvazina ni:** gusoreka, kutazaharika
- **Inshinga z'ikomoranshinga mvanshinga:** agirwa, rikorerwa, kwigisha, kwihanganira, uzageza.

1.9. Amakuru y'inyongera

Amategeko y'igenamajwi adakunze kuboneka kenshi mu nshinga

- a) **n→ ø /-m**

Urugero:

We ati: "**Aramara** kuko ntubahiriza iby'umuco mwiza yantowe".

Inshinga	Utoremajambo	Itegeko ry'igenamajwi.
Aramara	a-ra-n-mar-a	n → ø /-m

b) n → ø /-nny

Ingero:

- **Barahannyegeye** biranshavuza.
- Ningerayo **bazannyuzura**.

Inshinga	Utoremajambo	Amategeko y'igenamajwi
Barahannyegeye	ba-(a)-ra-ha-n-nnyeg-ir-ye	a → ø /-J n → ø /-nny i → e /Ce- r+y → y
Bazannyuzura	ba-za-n-nnyuzur-a	n → ø /-nny

c) n → ny/-wu

Ingero:

- Umuco w'amahoro **nywubahisha** aho ndi hose.
- Umuti **nywukundira** ko umvura neza.

Inshinga	Utoremajambo	Amategeko y'igenamajwi
Nywubahisha	n-ø- wu- ubah-ish-a	n → ny/-wu u → ø /-J
Nywukundira	n-ø- wu-kund-ir-a	n → ny/-wu

II.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda hagaragazwa uturango twazo.
- Gusobanura iminozanganzo no kuyikoresha ahanga.

II.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda (umuvugo, urwenya na byendaguzetsa, ikinamico ...)
- Gutandukanya amoko y'imvugo z'Ikinyarwanda no kumenya gukoresha imvugo iboneye

II.3. Ingingo nsanganyamasomo

Ingingo nsanganyamasomo	Aho igaragara muri uyu mutwe
Uburinganire n'ubwuzuzanye	Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bikorwa by'imyigire n'imyigishirize, aho abanyeshuri b'ibitsina byombi bagira uruhare rungana mu isomo.
Uburezi budaheza	Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bikorwa bitandukanye by'imyigire n'imyigishirize, aho umwarimu afasha abanyeshuri bafite ibibazo bitandukanye, mu mirimo itandukanye yo mu matsinda, abanyeshuri bafashanya.

Umuco w'ubuziranenge	Iyi ngingo nsanganyamasomo yavugwaho mu kwigisha imyandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira", "Inzira y'umuganura", "Isabwa rya Mukandahiro", no mu mwandiko "Kamana yitwa izina" ivugwamo ibijyanye n'amafunguro.
Umuco wo kuzigama	Iyi ngingo nsanganyamasomo umwarimu yayivugaho mu mwandiko "Isabwa rya Mukandahiro" aho bakwibukiranya ko mu bukwe tutagomba gusesagura.
Umuco w'amahoro	Byagaragarira mu gusesengura umwandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira" aho bakwibukiranya ko mu bisigo by'ubuse bacyocyorana ariko ntibibe intandaro y'amakimbirane.

II.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Akoresheje uburyo bw'isukiranyabitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe kiri mu bitabo byabo:

Tekereza, maze ugaragaze bimwe mu bintu biranga umuco nyarwanda byanyuraga mu buvanganzo nyarwanda. Urebye nk'igihe bakosorana mu biganiro byabo, nk'ibyakorerwaga ibwami, mu muryango nyarwanda nk'igihe bungutse umwana, mu misango y'ubukwe n'ahandi.

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo abanyeshuri batanga maze akagenda abafasha kubinoza.

II.5. Amasomo ari mu mutwe wa kabiri n'igihe agenewe

Umutwe wa kabiri: Umuco nyarwanda		Umubare w'amasomo: 42
Umwandiko: Umwandiko: Babyirukanye ingoga mu gutamira		
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.	Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha mu nteruro.	Amasomo 2

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.	Amasomo 2
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.	Amasomo 2
Igisigo cy'ubuse		
Isomo rya kane: Igisigo cy'ubuse	-Kuvuga inshoza, uturango n'akamaro k'igisigo cy'ubuse.	Isomo 1
Umwandiko: Ukwibyara		
Isomo rya gatanu: Gusoma no gusobanura umwandiko.	Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha mu nteruro.	Amasomo 3
Isomo rya gatandatu: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.	Amasomo 2
Isomo rya karindwi: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.	Amasomo 2
Isomo rya munani: Kungurana ibitekerezo ku ngingo z'amateka yo mu gisigo	Gusesengura no gutanga ibitekerezo ku ngingo z'amateka ziri mu gisigo "Ukwibyara"	Isaha 1
Ibisigo nyabami		
Isomo rya kenda: Inshoza, ibiranga ibisigo nyabami n'amoko y'ibyo bisigo.	- Kuvuga inshoza, ubwoko n'uturango tw'igisigo nyabami.	Isomo 1
Isomo rya cumi: Abasizi n'ibisigo byabo ndetse n'akamaro ko kwiga ibisigo nyabami.	- Kugaragaza abasizi n'ibisigo byabo ndetse n'akamaro ko kwiga ibisigo nyabami.	Isomo 1
Imino zanganzo		

Isomo rya cumi na rimwe: Inshoza n'amwe mu moko y'iminozanganzo	- Gutanga inshoza y'iminozanganzo. -kurondora imwe mu minozanganzo.	Amasomo 2
Umwandiko: Inzira y'umuganura		
Isomo rya cumi na kabiri: Gusoma no gusobanura umwandiko.	Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha mu nteruro.	Amasomo 3
Isomo rya cumi na gatatu: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.	Amasomo 2
Isomo rya cumi na kane: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.	Isomo 1
Ubwiru		
Isomo rya cumi na gatanu: Inshoza y'ubwiru n'inzira z'ubwiru.	-Kuvuga inshoza y'ubwiru no kurondora inzira zabwo.	Isomo 1
Ubucurabwenge		
Isomo rya cumi na gatandatu: Inshoza y'ubucurabwenge, urutonde rw'abami b'u Rwanda n'abagabekazi babo, n'akamaro ko kwiga ubucurabwenge	-Kuvuga inshoza n'akamaro k'ubucurabwenge.	Isomo 1
Umwandiko: Isabwa rya Mukandahiro		
Isomo rya cumi na karindwi: Gusoma no gusobanura umwandiko.	Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha mu nteruro.	Amasomo 2
Isomo rya cumi n'umunani: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.	Amasomo 2
Isomo rya cumi n'ikenda: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.	Isomo 1

Isomo rya makumyabiri: Kujya impaka ku kamaro k'imisango y'ubukwe.	-Gutanga ibitekerezo ku kamaro k'imisango y'ubukwe.	Isomo 1
Umwandiko: Kamana yitwa izina		
Isomo rya makumyabiri na rimwe: Gusoma no gusobanura umwandiko.	Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha mu nteruro.	Amasomo 2
Isomo rya makumyabiri na kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.	Amasomo 2
Isomo rya makumyabiri na gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.	Amasomo 2
Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.		Isomo 1
Isuzuma risoza umutwe wa kabiri.		Amasomo 2

Ikitonderwa

Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimu abanza gukoresha igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

II.5.1.Umwandiko: Babyirukanye ingoga mu gutamira

(igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 20)

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:
- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo, amashusho n'izindi nyandiko zivuga ku muco nyarwanda.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko **"Babyirukanye ingoga mu gutamira"** akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Murabona iki kuri iyi shusho?

Ishusho iragaragara amatsinda abiri: abana n'abantu bakuru. Buri tsinda rirasangira ibiryo biri ku nkoko. Ariko biragaragara ko bose bafite umurava mu kurya.

b) **Mukurikije ibigaragara ku ishusho, murakeka ko ibyo barimo kurya bimeze bite?** Biragaragara ko ibyo barya biryoshye cyane.

c) **Mushingiye ku mutwe w'uyu mwandiko no ku byo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?**

Uyu mutwe uravuga ku buse aho baserereza ariko kandi basetsa umuntu runaka.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Soma umwandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora kuba badasobanukiwe:

Kwivuga: Kuvuga izina ryawe.

Gucuma amabondo: Kuringaniza amabondo.

Kubayagura: Kuryana ipfa kandi uvundiranya.

Gucisha ruguru: Kuruka.

Guhezera: Kuba umuntu afite inda yagutse cyane bitewe n'umubyibuho cyangwa n'uko atwite.

Guhunja: Kurya ibintu bikocoka mu kanwa.

Ingundu: Ikimera gishibutse ku gishyitsi.

Kwijana: Gukora ikintu ushidikanya, gukora ikintu udashyizeho umwete.

Kuvunjagura: Kuvubata (gutamira byinshi kandi ukarya vubavuba).

Igisoka: Ikintu gitimbagura umuntu mu mubiri kikamutera kumererwa nabi, umuntu usanga abandi bameze neza akabatanya.

Igisumizi: Umuntu utwara iby'abandi ku ngufu cyangwa ku buryarya.

Inyundo: Urunigi rw'amagufa bambaraho impigi.

Koreza: Kubyara abana bakarumba bose, kwica abantu cyangwa ibintu ntihagire agasigara.

Umuranzi: Inyama batara hanyuma bakazibika.

Gutiga: Guha ibintu agaciro ubikomatanirije hamwe.

Inkubito: Imbaraga

Inkori: Udushyimbo duto duteye nk'iminyeganyeye dukunze guhingwa mu duce tumwe na tumwe tw'Igihugu.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu ajenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

Imyitozo n'ingeri z'ibisubizo

a) Koresha amagambo akurikira dusanga mu mwandiko mu nteruro wihimbiye: guhakura umutsima, umusongozi, indubizi, guhunja.

- **Guhakura umutsima:** Iyo Umubyeyi abonye umutsima yavugaga uhiye, arawuhakura akawukura mu cyungo akawushyira ku nkoko ategereje ko uta umwuka ngo agabure.
- **Umusongozi:** Bagaragaza Zakayo ni umusongozi ku ibagiro ryo mu Gakiriro ryubatswe ku Gisozi n'umukozi wa hoteri Sharama.

- **Indubizi:** Uyu mwana utamira nk'abantu bakuru niyigira hejuru azaba amaze kuba indubizi mu kwikubira ibyatetswe byose.
- **Guhunja:** Inzara iyo yishe umuntu, ibyo bamuhaye byose bivangavanze arahunja, kurobanura ntiyabyitaho.

b) Buri jambo ritsindagiye risimbuze impuzanyito yaryo iboneka mu mwandiko kandi usanishe neza interuro wahawe.

- Kampayana ngo yaba yarahuhuwe n'ivutu yatewe n'ibikeregete by'imitura.

Kampayana ngo yaba yarahuhuwe n'impishyi yatewe n'ibikeregete by'imitura.

- Aba bana koko babyirukanye imbaraga mu kubasha rukacarara.

Aba bana koko babyirukanye inkubito mu kubasha rukacarara.

- Kabutura yakurikije ingeso ya se.

Kabutura yakomye inkanda ya se.

- Rutamizabiri umiragura yokerwa ibisogi bishyushye ubutunguruza asangira ate na ba Kazehe ?

Rutamizabiri utamirana ubusambo ibisogi bishyushye ubutunguruza asangira ate na ba Kazehe ?

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko adategwa no gusubiza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka gusoma ufite uwuhe mutwe? Umwandiko duheruka gusoma ni "Babyirukanye ingoga mu gutamira".

b) Ni ikihe gitekerezo k'ingenzi kivugwa muri uyu mwandiko? Muri uyu mwandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira", haravugwamo ibigendanye n'umurumba mu kurya.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira" hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho:

Abanyeshuri bakorerera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Hari imyifatire y'umunyenda mbi igaragara mu mwandiko? Yivuge.

Imyifatire y'umunyendambi igaragara mu mwandiko harimo kugwa ivutu, gucisha ruguru ari byo bivuga kuruka, ndetse no guhemuka rwagati mu bandi (gusura mu rundi rungano cyangwa abavandimwe), kuba indubizi mu kurya, guhinduka rugara mu nzu, kutareka ngo imvuruge y'ibisogi n'imitura y'ibishyimbo ngo bihore...

2. Hari ibihemu bivugwa mu mwandiko. Bivuge.

Kwangwa na so ngo ni uko wamucuze impamba, kuba uri umwami nka Musinga ukagwa ivutu kugeza ubwo ucishwa mu misoto y'ibigega, kuguguna amagufa ntacyo wabuze kandi uri umutware cyangwa igikomangoma ni igihemu gikomeye kimwe no gusurira abandi...

3. Mu buse nta we batinya na busa. Bigaragaze utanga ingero mu mwandiko.

Nta we batinya koko. Iyo witegereje, usanga mu mwandiko abami nka Musinga batamutinya. Ati :

"Ndi igisoka singihazwa n'agasate",

Ndi umutware w'Ibisumizi

Ibyo mwumva ge nzigira mu Gisigari

Iyo bahinga mu Rukubye, na rwo rukoroha

Nkamenya guhangira inyama!

Musinga yamiraguye imitura y'ibishyimbo

Bahutira ihene ku nda barakubita n'ububaya

Yaguye impishyi bacisha mu bigega

4. Shaka muri uyu mwandiko ingingo zisekeje usobanura n'impamvu zisekeje.

- Gushyuhaguza ibihaza. Iyi ngingo irasekeje, kubona abana b'abatware, ibikomangoma n'abatware ubwabo bashyuhaguza, bacuranwa ibihaza, ntibisanzwe mu bantu biyubashye.
- Kurira mu mvure uri imfura nzima, nta we bitasetsa abonye abantu basangirira mu mvure.
- Kuvanga amazi n' imineke ukabimiragura nta soni ukomera ku bindi wariye.
- Umuntu w'imfura afata ifunguro riyubashye, bityo rero kubona umuntu wirohamo amazi avanze n'imineke kandi abiryana ubusambo nta we bitasetsa.
- Kurya kandore wiyubashye ukayivanga n'ibivuzo, ugakubitaho ibitoke n'umubanyi(amata) nta kuntu bitasetsa kuko ibi byose uramutse ubishyize mu nda sinzi niba wajya ubona uko winyagambura ku buriri, noneho kandi uri imfura...

5. Shaka muri uyu mwandiko amazina y'abana (ibikomangoma) bavuzwemo bakomoka kuri Kigeli IV Rwabugiri.

Amazina y'abo bana (ibyo bikomangoma) ni: Rutarindwa, Sharangabo, Gashamura, Nshozamihigo, Kamarashavu, Karunganwa, Cyitatre, Musinga, Muhigirwa.

6. Hari amwe mu mazina y'abantu n'ay'ahantu avugwa mu mwandiko. Yashake muri iki kinyatuzu ujya iburyo, ibumoso, hasi cyangwa hejuru.

R	S	G	U	A	N	G	I	S	U	M
U	N	U	B	U	G	A	G	A	R	A
T	O	G	O	M	B	U	B	I	Z	Y
A	I	L	E	G	I	K	A	E	A	N
R	Y	M	U	H	I	G	I	R	W	A
I	U	S	I	B	I	L	A	G	I	K
N	D	U	G	A	R	K	O	K	O	P
D	J	M	D	S	H	E	G	A	M	A

W	S	H	A	R	A	N	G	A	B	O
A	G	A	S	H	A	M	U	R	A	S

1. Rutarindwa
2. Muhigirwa
3. Kigali
4. Gashamura
5. Sharangabo
6. Koko
7. Nduga
8. Bugagara
9. Musinga

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego yihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga wavugaga ku ki?

Wavugaga ku marushanwa n'umururumba mu gihe abantu barya.

b) kuki bavuga umuntu nabi bamusebya mu mwandiko kandi uwo bavuga ntarakare? Umuntu ntagomba kurakara kuko babikora mu rwenya.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko “Babyirukanye ingoga mu gutamira” hanyuma usubize ibibazo bikurikira:

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo byanogejwe:

a) Uyu mwandiko ushobora kugira inyito y’umutwe urenze umwe, tanga ingero zaba umutwe.

Baryohewe ubudasigaza, ingufu za ba Rutamizabiri, irushanwa ry’abaryi, ifungura ry’ibutware...

b) Tanga inama kuri ba rutamizabiri bashobora kuboneka mu bigero byose by’abantu.

Ni byiza ko igihe cyose twabonye ibiribwa tumenya uburyo tubyitwaramo n’ukuntu tuza kubirya tudakabije ngo tubiryane ubusambo. Tugomba kandi kwirinda kuvangavanga ibiryo uko twiboneye dushaka no kubirira kubimara nk’abagiye kwimuka.

c) Ingingo z’ingenzi ziri mu mwandiko: gutebya no gusetsa abateze amatwi, gutera ububyara, gusebanya hatagambiriwe gutukana, gusabana.

d) Muri uyu mwandiko, ukurikije inyurabwenge, umuhanzi agamije gusebya abatware? Sobanura.

Oya. Ukurikije inyurabwenge, muri uyu mwandiko umuhanzi ntagamije gusebya abatware. Mu buzima busanzwe umuntu ashobora gusebya undi agambiriye gusetsa cyangwa gucyocorana. Mu matorero yo mu Rwanda rwo hambere iyi nganzo yari yamamaye, uwo basebeje agakambya agahanga bakamwita umunyamusozi cyangwa igifura mu bandi.

II.2.Igisigo cy'ubuse

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 25)

Isomo rya kane: Igisigo cy'ubuse

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura inshoza y'igisigo cy'ubuse.
- Gutahura uturango tw'igisigo cy'ubuse.
- Kugaragaza akamaro ko kwiga igisigo cy'ubuse.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ubuvanganzo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kumuha ingero z'ibintu bisekeje biri mu mwandiko.

Ingero z'interuro:

Ndi igisoka singihazwa n'agasate

Yariye kandore y' i Nduga

Ayimiragura ayivanga n' ibivuzo

Bigeze mu nda biragugara

Ati: "Munyegereze ibitoke n'ibijumba n'umubanja

Ngumye nkomere mu nda yange

Ngana Mugaza wa nzovu.

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri bamusubije akababwira ko bagiye kwiga igisigo cy'ubuse.

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Igikorwa

Ongera usome umwandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira" ugereranye ibivugwamo n'ibyavugwaga mu yindi myandiko wize, maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza y'igisigo cy'ubuse, ugaragaze uturango tw'igisigo by'ubuse n'akamaro ko kukiga.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha. Hanyuma akagendagenda mu ishuri areba ko bakora neza ibyo basabwe, anafasha abafite ibibazo byihariye.

Iyo igihe cyagenewe amatsinda kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze bagafatikanya kubinoza no kubyuzuza. Iyo bamaze kubinoza, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

II.2.1. Inshoza y'igisigo cy'ubuse

Abasesenguye neza ibisigo by'ubuse bagaragaje ko igisigo cy'ubuse ari umwandiko w'ubuvanganzo uba uhimbitse nk'ibisetso ndetse birenze ibisetso bigasa n'ibisebanyo. Ni inganzo yaba yaravukiye mu matorero y'intore, aho wasangaga abantu biga kuvuga neza, bagacyocyorana ntihagire urakara; uwarakaraga mu biganiri bakamwita igifura kitazi kuba mu bandi cyangwa akitwa umunyamusozi. Abantu batazi gutarama barakazwaga n'ibyo bisigo babitaga ibifura. Ubusanzwe ubuse ni umushyikirano w'abase n'abantu bo mu bwoko bubamarira urubanza, ukarangwa no gushotorana basa n'abatukana ariko ntibigire uwo birakaza.

II.2.2. Uturango tw'igisigo cy'ubuse

Ibisigo by'ubuse birangwa no kuba bisetsa ariko bisa n'ibisebanyo cyangwa bisesereza. Usanga kandi bakoreshamo tumwe mu turango tw'ubusizi.

Abahimbaga ibisigo by'ubuse, babaga bagambiriye gusetsa abandi bahungu. Mu basizi bazwi baba barakenetse inganzo y'ibisigo by'ubuse harimo Musenyeri Alegisi Kagame. Yaje guhimbazwa n'iyi nganzo y'ibisigo by'ubuse maze arayigana ahimba umuvugo muremure yakubiye mu gatabo yise "Indyoheshabirayi". Muri ako gatabo Kagame atera ubuse umwami Mutara Rudahigwa n'abatware be. Ako gatabo kasohotse bakiriho ariko ntawamurakariye kuko bose bari bamenyereye iyo nganzo.

Kagame arondoramo ubusambo bw'abatware ku nyama y'ingurube, agaragaza ko abanyaporitiki bo hejuru (umwami n'abatware) ari abantu nk'abandi bashobora gucuranwa. Agaragaza kandi ko no mu bwami hatakiri ibintu by'ibanga bituma ibihakorerwa bitamenyekana muri rubanda.

II.2.3. Akamaro ko kwiga igisigo cy'ubuse

Kwiga ibisigo by'ubuse bifite akamaro kuko bituma umuntu yongera ubushobozi mu by'ubuhanzi. Bituma kandi akeneka iyi nganzo yo guseka ingeso z'abantu bamwe na bamwe kugira ngo bikosore. Binatoza kandi abantu kuba intyoza mu biganiro n'ibitaramo ndetse no kutaba ibifura ngo barakazwe n'ibiganiro birimo inganzo y'ubuse.

3. Umwitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya banebane, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Umwitozo: Garagaza uturango tw'ibisigo by'ubuse n'akamaro ko kubyiga.

- Ibisigo by'ubuse birangwa no kuba bisetsa ariko bisa n'ibisebanya cyangwa bisesereza. Usanga kandi bakoreshamo tumwe mu turango tw'ubusizi.
- Kwiga ibisigo by'ubuse bituma umuntu yongera ubushobozi mu by'ubuhanzi, agakeneka iyi nganzo yo guseka ingeso z'abantu bamwe na bamwe kugira ngo bikosore. Binatoza kandi abantu kuba intyoza mu biganiro n'ibitaramo ndetse no kutaba ibifura.

II. 5.3. Umwandiko: Ukwibyara

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa26)

Isomo rya gatanu: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo, amashusho n'izindi nyandiko zivuga ku muco nyarwanda.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Ukwibyara" akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Murabona iki kuri iyi shusho?

Hagaragara umugabo wubashywe ufite abandi bamugaragiye n'undi mugabo usa n'ubyina imbere ye.

b) Mukurikije ibigaragara ku ishusho, mutekereza ko bariya bantu ari ba nde?

Umuntu arabona ari umwami n'ibyegera bye n'umusizi urimo gutura umwami igisigo.

c) Mushingiye ku mutwe w'uyu mwandiko no ku byo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?

Uyu mwandiko ni igisigo gisingiza abami n'ingoma yabo.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Soma umwandiko "Ukwibyara", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora kudasobanukirwa:

Batambira: biva ku nshinga gutamba ari byo bivuga kubyina kubera ibyishimo.

Aha bivuga abishimiye ibyiza byabaye, inkuru nziza.

Munozandagano: iri ni ijamba ry'inyunge

- Kunoza: gutunganya

- Indagano: umugambi; umurage

- Munozandagano: utunganya, ukurikiza umurage w'iwabo.

Nsana: biva ku nshinga “gusana” bivuga gusubiranya ibyari byasenytse. Nsana uvugwa ni Yuhi IV Gahindiro.

Buhanzi: Umwami ukuze, ufite uruhara.

Nyamuhanza: i Runda rwa Kajara mu Ndorwa. Umurwa wa Kigeli III Ndabarasa.

Muhanuzi: umuntu uzi gushishoza akareba neza imigendekere y'ibintu.

Amahano: ibyago.

Muhumuza: uwatanze amahoro, ihumure.

Umuhazi: uwahoye (guhora) abanzi.

Kigeli cya Ngerekera: ni Kigeli cya Nyirangabo nyina wa Ndahiro II.

Ingeso: imico, amatwara.

Imisumba: abantu b'ikirenga.

Ku Rusumamigezi: ku ljuu rya Kamonyi.(Ni ukuzimiza). Ni ahantu hirengeye amazi atemba mu mabanga yose.

Amasugi yanyu azira igisasa: abagore banyu ntibajya babyara ibigwari, ibyangwe.

Mu Byaguka: ni i Gisanze ho mu Karere ka Huye aho nyina wa Mutara II Rwogera yavukiye. Kwagura no gusanzura bivuga kimwe.

Mpangarijekure: guhangaza ni ugutegereza igihe kirekire.

Nyiri uburezi: uwavutse neza agahabwa impano nziza.

Buzamagana amacwa: uzadukiza imize, ibyago byokamye Igihugu.

Amaziri: amata adashobora kuvura, acikagurika. Bavuga ko inka ikamwa bene ayo mata bayihumanyije. Aca inka mo amaziri: atuma inka zikira ubuhumane bw'abanyamahanga ba Nsibura Nyebunga.

Gusenda imisaka: ubusanzwe ijambo “gusenda” rikoresha bashaka kuvuga kwirukana umugore. Aha gusenda imisaka bashaka kuvuga “kuvana abantu mu bwirabure”.

Ya Rusenge: y'i Bugamba.

Mucurwa n'inyundo ziramyeye: mubyarwa n'ibihangange.

Abarenzi: imfura zisingizwa.

Mu mirinzi ya Cyarubazi: mu miko ya Rwamiko.

Muzira icyangwe mu minwe: nta mwete muke mujya mugira mu mikorere.

Mwameze ibiganza bitatugwabiza: mufite amaboko adutunze.

Ingendutsi: abagenda bikabahira (ku rugamba) abantu b'ingirakamaro.

Abami b'akamazi: abami b'ingirakamaro.

Imanzi z'uburezi: intwari zitagira uko zisa, nziza (ku mubiri).

Ibirezi byamyeye: imfura zisingizwa.

Muri abaremere b'i Tanda: ibihangange by'i Tanda (ruguru ya Muhazi).

Ku isi itengerana: i Gasabo (bivuga ku gisabo kuko bagicunda, ni ko gutengerana).

I Rutambamitavu: aho inyana zitamba, zisimbagurika. Ni ahantu hakize, hari umutungo.

Bene iteka ritahava: abatanga itegeko ntirikuke.

Nta byikamize urakimana: ibyikamize bivuga umwaga w'inka yanga gukamwa. Hano biravuga ko mu gihe yagiye ku ngoma nta rugomo cyangwa amahane byabayeho, abantu bari mu munezero.

Ntitugira umuvuro: nta hagarikamutima dufite kuko dushyigikiwe.

Sango: Buhungiro; umuntu ukenewe abandi bisunga.

Isango: biva ku gusangira. Bivuga ko abakurambere be banze ko hagira undi basangira Igihugu, basangira ubutegetsu.

Gukuza umusanzu n'umuganda: gusenyerera umuntu.

Abagusigaranye imbuto n'intanga: abaguhaye kuzabyara, kuzororoka.

Bakuraze izi ntarama: baguhaye umurage w'izi nka zigukamirwa.

Ku Rutambamyato: ku Kinanira.

Ku Rutambabiru: i Ngoma.

Matungiro: utunze byose (umwami).

Mu Ntaho ndende: i Muremure.

Data: ntibivuga se umubyara, ahubwo ni nk'igihamagarar cyo kwaka umutegetsu w'ikirenga.

Nyiri Ikinguge: ni ukuvuga se wa Kigeli cya Nyanguge. Nyanguge ni umugore wa Cyilima I Rugwe akaba nyina wa Kigeli I Mukobanya.

Kigirira cyo mu nzeru: umwigire, uwigize igihangange ubwe nk'uko inzuzi, indagu zari zarabyemeje.

Mazina: uhagarariye umuryango.

Yarakwigeze: yaguhaye kuba intwari nka we ntuzamutenguhe.

Uzagabe nka Gisanura: uzagabe imisozi unyaze abandi bami nk'uko Gisanura yabigenjeje.

Ny'ebisu by'emisango: iyi ni imvugo ya kera cyane bita urunya Cyilima. Aha bivuga umuntu ufite indoro ibengerana, ibikorwa bihanitse by'agatangaza.

Umugabekazi waduhekeye: ni Nyiramavugo II Nyiramongi nyina wa Mutara II Rwogera.

Aduhaka nk'umugabo: adutegeka nk'umugabo. Biributsa ko Nyiramavugo Nyiramongi ari we wategekaga Igihugu kuko Rwogera yari akiri umwana.

Mudasobwa: umuntu utagira amazinda, utibagirwa, utibeshya.

Nyiratunga: ni Nyirayuhi IV Nyiratunga nyina wa Yuhi IV Gahindiro akaba nyirakuru w'utuwe igisigo (Mutara II Rwogera). Na we yategetse kigabo mu gihe Gahindiro yari akiri umwana, hanyuma yamara gukura akamwegurira ubutegetsu.

Nacuriye amahari: nateze n'amahari nagiye impaka n'ababarwanya turatega (tugirana intego).

Nzi ko mutazacibwa inka: nzi ko mudateze gutsindwa n'amahanga ngo bitume mutanga ibyirya (impongano, ibihano).

Duhorana inshungu: mutubereye abatabazi. Ni mwe muducungura muturinda ibyago.

Mucana umuriro utazima: umuryango wanyu urakomeye, uhora wiyuzukuruza intwari. Ikimenyetso k'ibyirya ni uko i Bwami hari umuriro utazima.

Muri inzungu za Bwima: muri imana z'i Bwima.

Bwagiye: buhungiro (aho umuntu yagira, ahungira umukeno).

Buyumbu: Bumbogo. Bumbogo ni umurwa w'ubuhungiro.

Nimugarishye mwaraganje: nimugabe amashami hose mwaratsinze.

Mwagagaze: mukube amahugu.

Uruharo: ubundi bivuga umubyizi, aha bivuga amahugu abami bigaruriye. Uko Umwami yigaruriye igihugu ni uruharo aba atuye.

Mwambereye igisaga: narabitegereje nsanga mufite ubwiza buhebuje.

Mbasenge: gusenga hano bivuga gusingiza.

Muhe urubanza: muhe ijambo.

Muhongerwa: aha si izina bwite, ni izina risingiza Cyilima rivuga ko akwiye amaturu.

Buhatsi bw'impundu n'imposha: utunze kandi agatanga ibyishimo n'ituze.

Samukuru wa Samukondo: igihangange gikomoka kuri Samukondo. Uyu Samukondo ni Nsoro I Samukondo sekuru wa Cyilima I Rugwe.

Rukwizabisiza: uwatumiye inka ziba nyinshi mu Gihugu zigakwira ibisiza. Kwandurura imigisha y'abandi bami no gusarura aho bahinze: ibi ni amarenga. Mugabo mu nka nyirazo azirimo: aya magambo ni amarenga ashaka kuvugako Mukobanya ataraba umwami yahagaze mu ngabo za se akazirwanirira kandi se akiriho.

Bazigama ingoma: umurengezi w'ingoma ayibuza kunyagwa n'abandi (abanyamahanga).

Bazigura se ku ngoma: yahagaze kuri se bateye mu mahanga. Yaramurwaniriye.

Bazindukira intambara: ni umuzindukira kurwana. Abyuka iteka abyukiye kurwana.

Bitambara nyiri urutete: umurwanyi utwara icumu. Urutete ni uruti rw'icumu, hano ariko bikavuga icumu ryose. Icumu rya Mukobanya rytwaga Nsinzumusazi.

Uwatanyaga: uwicaga (gutanya). Si ukwatanya.

Umunyabutatu: uwambaye urubindo. Wari umwambaro w'Abashi. Kari akantu banyuzaga hagati y'amaguru n'ikibuno bakagashumikira mu rukenyerero.

Nimumuhe rugari: nimumuhe urubuga.

Atambe imyato: avuge ibikorwa bye by'akataraboneka, bitangaje kandi byo ku rugamba.

Agasongoro k'ubugabo: ingororano y'ubutwari. Agasongoro ubundi ni inyama y'igitigita bongeraho ururimi rw'inka bakabiha umutware (inyama y'umutware).

Mu Musandura: mu Bwiya hafi ya Kinyambi ho mu Karere ka Kamonyi.

Gisamamfuke: gusama ni ugusamira hejuru ikintu cyari kwitura hasi. Imfuke ni ingoma, ingoma isa n'ipfutse (ni umuzimizo w'abasizi). Biravuga rero ko yatabaruye ingoma.

Mabarabiri: ni Mibambwe Sekarongoro Mutabazi. Umusizi kumwita Mabara abiri ni ukwibutsa ko yakomerekeye muri cya gitero cy'Abanyoro. Ubwo ibara rimwe ni iryo asanganywe ry'umubiri we irindi ni iry'amaraso yavuye.

Nkovu imbere: ni ukuvuga ko yasigaranye inkovu mu ruhanga. Ni ukuvuga kandi ko batamurashe inyuma batamurashe ahunga.

Mbogoye: biva ku kubogora bivuga kunamura. Yabogoye Igihugu, yaracyunamuye.

Nyiri imbuga mu mbone: ufite inkovu mu ruhanga (ni nk'intoboro).

Rutsinda: umutsinzi uwaduhaye gutsinda.

Urutsike: muri iki gisigo bivuga uruhanga; ubundi bivuga agatsiko k'amoya yo hejuru y'ijisho.

Urutsizo: ubundi bivuga icyuhagiye bakoresha mu mihango y'imandwa. Babaga bashyizemo ibyatsi ngo byo gusenda (kwirukana) abazimu. Hano bivuga insinzi (ikintu gituma abantu basimbuka ibyago byari hafi gutuma bashira).

Inzimu: amahano, ibyago by'ibivakuzimu (Abanyoro).

Kizima: umuntu uriho kandi utuma n'abandi bagira ubuzima.

Nzogoma: umuterabwoba.

Rugasira: umudatsindwa.

Rwarasanaga mu nka za se: urwaniriye inka za se akazihagararamo ntizinyagwe (n' Abanyoro).

Amahindu: ni urubura; aha ni igitero cy' Abanyoro cyaje nk'amahindu.

Azihungiye: azitunguye.

Arazihumbiriza: biva ku guhumbiriza. Biributsa ko Sekarongoro yakomeretse akava amaraso akamwuzura mu maso, ibyo bikavamo imitsindo.

Rutukuzandoro: umusizi amwita atya kuko yavuye amaraso mu ruhanga agasa n'aho indoro itukuye.

Mumuhaye (ubugabo): murate ubutwari bwe. Mu mbundo ni “guhaya.”

Mumuhigure ingoma: mumugororere kuba umwami.

Mu murongo uje: mu gitero kigeraga kwaduka.

Yarwaniye Nyamurunga: Yarwaniye ingoma Rwoga.

Mihayo y'ingoma: igisingizo k'ingoma.

Umukomeza w'inkuna: uwateraga imbaraga, uwari inkingi y'abamwitangiye, y'abemeye kumwitangira, kumwihambiraho batarambirwa.

Wa mwami wo mu makungu: wa mwami wari mu rubyiruko rutyaye, urubyiruko rw'abakubanyi (abarwanyu).

Mutoramakungu: wishyiriraga mu itoreru, witoreraga urubyiruko rw'inkubanyi (rurwana nk'inka z'inkungu).

Rwinkindi: intore yambaye neza, iberewe n'ingabo.

Nkomurume: umuzindutsi, utagira ubute utaryamira, utiganda.

Wa Misaya: wa Matama nyina wa Yuhi Gahima yitwaga Matama.

Gusenda: kwirukana umugore.

Inkundwakazi: umugore ukunzwe n'umugabo we kurusha bakeba be.

Nkozurugendo: Mutabazi.

Imfizi ya Bicaniro: imfizi y'igicaniro k'inka (watumye dutunga).

Bugiri: uwigize igihangange.

Umwigire: biva ku nshinga “kujya”; ni uwigiriyeyo ubwe, nta bandi atumye.

Ingoma z'ingombe: ubwami buruhanyije busaba imirimo iruhije, ingoma ifite amarushywa.

Umugombozi: umuzungura, umusimbura. Kugombora ni ugusimbura si ugukiza ubumara bw'inzoka.

Azigire Ndoli: ateganyirize Ndoli, amutegurire.

Ndahiro aruhira: aritanga.

Rubyukirangoma: uzima ingoma, uzaba Umwaminyuma (Ni Ruganzu II Ndoli).

Nabyukire: kubyukira bivugwa ubundi ku nka ziva mu rugo, mu gitondo cya kare zikajya kurisha, zikaza gutaha nko ku gasusuruko kugira ngo zikamwe. Muri iki gisigo ni Ndoli uvuye mu Gihugu akajya i Karagwe. Umusizi aranga gukoresha ijambo guhunga.

Nabyukuruka: nagaruka, nahindukira.

Yinikize inka zikamwa ubutaretsa: atangire akame inka zitajya ziteka na rimwe (zihora zikamwa).

Ntiziranze: kuranza ni ukuranga (kumanika) ibisabo kuko nta mata bafite yo gucunda inka ziba zatetse. Inka zitaranza ni izikamwa buri gihe zitajya ziteka. Ibyo se bishoboka bite? Birashoboka kuko zimwe iyo zatetse izindi ziba zabyaye. Bityo zikagenda zisimburanwa.

Imoko: akenge ko mu ibere amata aturukamo.

Yaziziburiye imoko: yatumye inka zikamwa.

Iw'abandi: mu mahanga. Ni i Karagwe.

Gacamukanda: uwatuvanye ku ngoyi (y'abanyamahanga).

Bicuba: ibicuba ni ibyansi binini baterekamo amata. Ibicuba nanone babikoresha iyo badahira inka (iyo bavoma amazi mu iriba bayasuka mu bibumbiro). Kwita Ruganzu Bicuba ni uko yatumye inka zigaruka nyuma y'iminyago yatewe na Nsibura Nyebunga.

Umuci w'inzigo: uwaduhoreye.

Nyabuzima: inkingi y'ubuzima, uwatanze ubuzima. Biributsa ko yavanyeho amagomerane akagarura Igihugu.

Umuzimura: uwagaruye, uwacyamuye, yagaruye ibyari byazimiye.

Umuzahura: kuzahura ni ukondora, ukuvura, ugukiza. Ibyo yasanze yarabyondoye arabizamura.

Nyamashinga: amashinga ni imipaka, imbibi, yashinze imipaka ihamye.

Ubutazadushira: ku buryo bitazatuvamo, tutazabyibagirwa.

Cyungura: uwunguye Igihugu.

Ku cyuma: ku Nyundo, habaye umurwa wa Ruganzu.

Cyubahiro: ni Karinga. Yashyizweho na Ruganzu II Ndoli kugira ngo isimbure Rwoga yanyazwe na Nsibura Nyebunga.

Kihabugabo: ni we wihaye ubutwari (Ruganzu II Ndoli).

Karuhura: uwatumye abantu bahumeka, baruhuka ingorane barimo. Umuganda akawigiza mu rumira: akubaka mu mazi rwagati (ni ku Ijwi kuko ari mu Kivu rwagati).

Ngabo: ni Mutara Semugeshe basingiza bamwita ingabo iyi bakinga bari ku rugamba. Aha ni ukuvuga umuntu uzi gutwara ingabo ye, ni umurwanyani ukomeye.

Yica ingome: yica ingabo zigomye, ingabo z'amahanga zitayoboka.

Rwirabanzarwe: uwisize ibyondo ku mabuga akabyisigira aho inka zishoka.

I Buziga: i Nyundo ho mu Karere ka Ruhango.

Nzogera: wambaye imidende igenda ivuga nk'amayugi. Byari ikimenyetso kiranga Umwami.

I Butazika: i Rwoga. Ubwo kuhita i Butazika ni ukuvuga ahantu hahora hejuru hareremba, hatagwa hasi.

Nyiri inyumba: umutegeka w'ingoro (inzu y'umwami).

Nyunga ya Ruganzu: umuzungura wa Ruganzu; uwunganiye Ruganzu uwateye mu kirenge cya Ruganzu.

Akayambika karindwi: kwambika Karinga ni ukuyishyiraho ibinyita (ibishahu) by'umunyamahanga bishe bakamushahura. Kuvuga karindwi ni ukuvuga abantu barindwi bashahuye bakambika Karinga.

Shebuja wa Nyamiringa: umutware w'Urusengo bitaga Nyamiringa cyari ikiranga bwami.

Rwasiye: kwasira ni ugutungana umudende w'uko yishe abanyamahanga barindwi. Ni cyo rero yambikiwe uwo mudende.

Isugi: inziramakemwa.

Bugabo burimo ubugongo: Intwari itagira ikigereranyo.

I Shunga: ni mu Busanza, aho Nyamuheshera yahoze atuye.

Nyiri ishya ry'inka n'ingoma: uwatumye habaho ihirwe ry'inka n'ingoma y'ubwami.

Mucuzi: yari inyundo y'ibwami yacuze intwari ze ntayihemukira.

Bwambaramigezi: ni imvugo ijimije ishaka kuvuga "Ijuru rya Kamonyi." Ijuru ni ryo rivubura imvura; ni nk'aho rifite imigezi.

Ku isonga y'ingabo: ku mutwe w'ingabo, imbere y'ingabo.

Yarayihunze: biva ku nshinga "guhunda" ivuga gutaka ingoma yabo yayititse ingoma nyinshi zindi yanyaze.

Rugabishabirenge: utanga imisozi n'ubundi bukire. Ni izina bari barahimbye Mibambwe Sekarongoro Gisanura kubera ko ngo yagiraga ubuntu.

Maboko atanga atagabanya: birerekana na none ko yagiraga ubuntu. Aha ni nk'aho bavuze ko atanga atitangiriye itama.

Bwanza buke: ubwanza bivuga ubugugu. Bwanza buke ni umuntu utagira ubugugu na busa.

Burega bwa Mutima: Nyabwenge wa Nyabuhoro, izina rya Nyiramibambwe II.

Ubwo akangiye icyanya: igihe atungutse mu cyanya (ishyamba).

Cyanwa: ni Ntare. Umusizi avuze Ntare ku buryo buzimije (intare igira icyanwa).

Azanye ikeyi: aje afite agasuzuguro. Ubundi ikeyi hari ubwo bivuga ikimwaro.

Agahama: ubundi bivuga akagezi kamanuka mu muhaga. Hano bivuga uruguma rwo mu gahanga. (Inkoni zimurema uruguma mu gahanga).

Gashirabwoba: umwihare, umuntu utagira ubwoba.

Ubushami: amaboko. (ubuhangange).

Ubushongore: ishema.

Mudahakana: umuntu ugira ubuntu, ukunda gutanga.

Ruhonga: umuntu utemera guhonga, guhendahenda umuntu ugira ngo agwe neza).

Abakaraza: abiru (abavuzi b'ingoma).

Yakandagiye Nyiri i Nkoma: yishe umwami w'i Nkoma. (Ni Ntare III Kivimira).

Mu bitwa bya Muhima: mu mpinga ya Muhima (hafi ya Save).

Wari uhanze: wari warigize akataraboneka.

Ruhungurabirwa: uwigaruriye ibirwa byose.

Ruhakamiryango: umutegeka w'ibihugu.

Rwezamariba: kweza iriba ni ukurigira neza kugira ngo nibadahiramo amazi ataba mabi. Ibi biributsa ko Cyilima yari Umwamiw'inka.

Murerampabe: urera, ufata neza abari baragize ibyago. Ibi bishobora kuba byibutsa ko na we yari yarabaye impabe kuko yari yarahunze Yuhi Mazimpaka, ahungira mu Gisaka kwa Kimenyi II Getura.

Bihubi: uwatumye ingoma zisukira rimwe kubera ibyishimo. Haba umurishyo w'ibihubi. Iyo bawuvuza ingoma zose zisukira (zivugira) rimwe.

Ruhugukira mbere: uwo indagu zitayeho cyane. Ni ukuvuga ko kugira ngo abe Umwami abashinzwe iby'iyimika bamuraguriye babishishikariye.

Kibonwa: uwo imana (inzuzi zo mu ndagu) zereje, zabonye.

Rusagurirandekazi: uhaza inka zishoka: Indekazi ni inka zishoka amariba zituruka kure.

Mutazimbwa: kuzimbwa ni ukurushwa n'undi mu bikorwa.

Mazuba: ni Mutaga III Sebitungwa. Harimo kuzimiza.

Muzigirwa: uwo abantu bafiteho ikizere, amahirwe.

Abizingazingira hamwe: abitsindira byose icyarimwe. Turabona ko ari nk'umuntu urwana n'abantu batatu cyangwa babiri kandi mu maboko maze akabazingazinga.

Intwari y'igisaga: intwari y'ikirenga.

Ababyazi bawe bombi: ni Mibambwe III Mutabazi II Sentabyo na Yuhi IV Gahindiro. (bivuga sokuru na so).

Nyemazi: umuntu wagize akamaro.

Munyagampenzi: uwanyaze impenzi.

Impenzi: ingabo.

Impenda: inka nyinshi cyane, inka zitabarika.

Abakoni barakuya: abashorezi barakurubana (gushorera, gukurura ibintu byinshi).

Rusumbamitwe: umuntu w'intwari usumba (urusha) abandi mu ntambara.

Ntizirava inyuma: ziracyaza, ni inka akomeza kunyaga.

Rugababihumbi: utanga inka nyinshi zitagira umubare.

Umutanguha: indahemuka.

Mutambisha batimbo: utuma abavuzi ingoma bishima, bazivuzi bishimye.

Mutandi: umurashi urasira imoso.

Birasana: ni Ndabarasa.

Umuhangura bashonji: ugoboka abashonji.

Buriza burese ubugabo: uwari wuzuye ubutwari akiri muto.

I Bwongera: i Burundi.

Mu Bugote: mu Mazinga.

Sohoringoma: uwakundaga kuvugirizwa ingoma.

So wawe: ari we so.

Zinzazinywe: uhagarikira inka zikanywa neza mu iriba. Kuzinza ni ugufata ikizinzo (udushami dufite amababi) ukayihungura isazi. Ibyo gufata inka neza kuri Yuhi biributsa ko ari Umwami w'igicaniro, ubwo akaba na we ari nk'umwami w'inka kimwe na Cyilima na Mutara.

Shoza yuhire: uhamagaza inka ngo azuhire zishire inyota. Gushoza inka ni ukuzihamagaza ngo zisange iriba zinywe.

Rwuhanyanzira: umuntu ugenda yihuta. Umuntu ugenda yuhanya ni ugenda yihuta cyane.

Mazina, Maza nyiri amazina yanyu: utuma iminsi iri imbere izaba myiza.

Nyiri u Buzi: umutegeka w'u Buzi (agahugu ko mu Buhunde mu majyaruguru y'Ikiyaga cya Kivu. Uwo mutegetsi ni Karinda wishwe ku bwa Gahindiro.

Nyina amuzanaho mpiri: nyina (Nyirakarinda) amuzana ari imbohe.

Yabateyemo umukenya: yabahuyemo urupfu rubakenya (rubica bakiri bato).

Ntawacaniye: yabamazeho inka.

Abacukuza umuriro: abarimbuza umuriro.

Umuci w'inkamba: uvana abantu mo ubwigomeke.

Umurasanira w'ingoma: urasanira (urwanira) ingoma.

Yayanganiye n'amahari: yarwanyije abashatse na bo kwigira abami. Ibi biributsa ko uwitwa Gatarabuhura yashatse kwigira Umwami hanyuma akabigwamo nubwo Gahindiro yari akiri umwana muto. Aho yaherewe iminyago irishya: kuva aho aherewe ingoma iminyago yarasendereye (yabaye myinshi cyane).

Nsoro: umusizi aributsa ko Rwogera yahoze yitwa Nsoro.

Mu bo nasiga: mu bo nsingiza mu bisigo.

Uri Biyamiza mu nzoza: uri amizero y'ibihe biri imbere.

Ruziga: umuntu ufite umubiri mwiza, umuntu ufite ubwiza bw'umubiri. Si inzobe cyane si n'igikara cyane. Ni nk'umuntu uzize usigirije. Ubundi bavuga ko amasaka azize neza bashyizemo ivu ku buryo buringaniye neza.

Nyiri ibizinzo by'inka: uzi gukenura inka (kuzifata neza).

Nyiri inkoni za Rusugi na Rusanga: uhagarikiye Rusugi na Rusanga (imfizi z'ibwami zo mu mihango).

Ko wandikiye ubutwari: ubwo washyikiriye ubutwari.

Ukaba uhotoye uruti: ukaba uhangaye, ukomeye.

Guhotora uruti: ubundi bivugwa ku nka, bavuga ko imaze guhotora amahembe ari nk'ishashi.

Ukiri umutavu: ukiri muto, umwana. Umutavu bivuga ubundi inyana ikiri ntoya cyane itaratangira kurisha. Umusizi akoresha ijambo "muto"; "umutavu." Kugira ngo yibutse ko Mutara II yimye ingoma akiri umwana. Abamutekerezaho bavuga ko yimye ingoma ari umwana utangiye kwambara.

Serukiramapfa: uwatsinze inzara.

Amahanga atagukeje kare: ibihugu bitakuyobotse, bitaguhatsweho hakiri kare.

Kavunanka: Mutabazi w'inka.

Ugumye uvunye unyumve: ukomeze umpe akanya unyumve. Kuvunya ni ukwinjiza umuntu cyangwa se kumuha ijambo. Kuvunya bibyara kuvunyisha.

Ingoma yawe yandajeho umuzindu: ukwimika kwawe kwatumye mbona intumwa.

Dukurire umwami ubwatsi: tuyoboke umwami kuko yimye; tumushimire kuko yimye; tumushimire kuko yabaye Umwami.

Umwogabyano ahaye Rwogera: igihe Nyiratunga/Nyiramavugo yeguriye Rwogera ubutegetsu.

Sinijanye: sinashidikanyije.

Ineza yawe intaha mu nda: kukwishimira byanguye ku mutima.

Ababuzaga: biva ku kubuza bivuga guceceka kugira ngo ubanze urebe iyo ibintu bigana; umuntu aba yinumiye.

Burankenkemura: buranshimisha cyane. Ibyo byose byanteye ibyishimo byinshi.

Sinatendwa mu mbare: sinahinyuka. Mu mubare w'abasizi (abazi kureba kure cyangwa abapfumu).

Ubu Rukanira ntungirire urukara: ubu rero nyiri ukuri ntundakarire.

Winyita impezi: ntuvuge ko naheze, natinze.

Winkeka ubutati: ntunkekeho ubugambanyi.

Sinagaye umutungo wawe: sinabujijwe kuza n'uko utabona icyo umpaho ingororano y'igisigo nagutura.

Ni uruharo rwambereye ikibuza: guhinga ni byo byambujije kuza.

Isuka yinkura ku ngeso: guhinga byimvana ku mwuga wange (w'ubusizi).

Nimumburane: ndi uwanyu nimumbuze kugira ibindi mpugiramo bitari ibyo nshinzwe (gusiga).

Amagambo y'Imana: ni ibitekerezo bihanitse by'ubuhanuzi umusizi asa n'aho yahawe n'Imana.

Imanga: inzara.

Ikoro: ituro (igisigo).

Umunyarukano: umuntu ushinzwe gutanga ikoro iri n'iri ryo gushimira (we ashinzwe gutura igisigo).

Ntiwandobanuye mu b'inyuma: ntiwanshyize mu b'inyuma.

Abahayi b'ishyanga narabohereje: abanyamahanga bakwanga narabacecekesheje.

Rubyutsa: umusizi w'i Burundi.

Yuhi anshira imihigo: Yuhi IV Gahindiro yemeza ko natsinze arabimpembera.

Mutimbuzi nyiri i Ntora: (Gisozi yo mu Karere ka Ruhango yahoze yitwa Ntora).

Intiti zo kwa Mutaga ndazitetereza: abahanuzi bo kwa Mutaga mbakoza isoni, mbacisha bugufi.

Nihanure amahanga: nshirikire ikinyoma ibihugu by'amahanga.

Nyabwire rwose ntazampaka: nyabwire nta cyo nsize inyuma ntateze kuzampaka.

Nzi ko barindiye ku busa: nzi ko nta ho bashingiye, bahagaze ku busa.

Urabahungure ubuhake: bafate bupfubyi ubagire ingabo zawe.

Yuhi abakomye ku ngoma: Yuhi abavanye ku ngoma.

Nshe abami urubanza: mbabwire uko impaka z'abami zimeze, aho zizagarukira.

Nicariye inkoni: niyicariye ku nkoni nk'umushumba uragiye.

Nkomere nkomereho: nkome akamu nuzurize.

Imfizi itari ubwoba: itagira ubwoba (Ni Umwami).

Iziyishyamiye ikazishyamba: izigerageje kuyigerera ngo zirwane ikazinyanyagiza.

Irashyira ku mutima zigatamba: iyo izihamije ihembe ku mutima zitura hasi.

Cyurira: Umwami uzamuka agasumba abandira (mu butwari).

Biru b'imirama: abavuzi b'ingoma (mufate imirishyo).

Muhimbye imiriri: nimuhanike ibisingizo.

Muvugirize imirenge: muvuze imirishyo irengera ikagera kure (yumvikana kugera kure cyane).

Yagomoroje imihana: ingoma yemeje andi mahanga, maze ikayategeka.

Mbasobanure murasigiye: mbashyire mwese ku murongo umwe, murareshya. Muri abagabe b'i Bukomasinde na Busakarirwa: muri abana b'i Bweramvura na Bumbogo. Harimo kuzimiza by'umusizi. Aho imvura igwa cyane (bakoma / bakora) amasinde yo kwitwikira.

Insumba: inka itari imfizi, itari ikimasa.

Mugasanura iyi miryango: mukagura, mukongera iyi miryango.

Mpumurize na Nyamarembo: na Nyamarembo muhe ituze ihumure.

Induba nzivuze: mvuze impundu.

Mu mirinzi ya Kinyoni: mu mana (mu miko) ya Kinyoni (iwabo w'Abega na bo babyara abami).

Uruyundo: umwanya w'umubiri (ku mugabo) ubyara, umusizi arifuriza abami Guhora babyara.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu azenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

Imyitozo n'ingero z'ibisubizo

a) **Uzurisha interuro zikurikira amwe mu magambo/inyunge**

z'amagambo akurikira avuye mu mwandiko: ubushongore, ubwanza, sinijanye, impenzi, amahano, umuhozi, agasongoro k'ubugabo, imisumba.

-z'umwami Kigeli II Nyamuheshera zatsinze abahunde.

Impenzi z'umwami Kigeli II Nyamuheshera zatsinze abahunde.

- Gisanura yari umwami utagira..... ni yo mpamvu bamwitaga Rugabishabirenge.

Gisanura yari umwami utagira **ubwanza** ni yo mpamvu bamwitaga Rugabishabirenge.

- Ruganzu II Ndoli yabaye umwami w'..... kuko yahoreye ingoma ya se Cyamatare.

Ruganzu II Ndoli yabaye umwami w'**umuhozi** kuko yahoreye ingoma ya se Cyamatare.

- Ingabo zitwaraga neza ku rugamba zahabwagazitabarutse.

Ingabo zitwaraga neza ku rugamba zahabwaga **agasongoro** k'ubugabo zitabarutse.

b) **Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro impuzanyito zayo kandi ukore isanisha rikwiye aho ari ngombwa.**

- Mu karere kacu haguye imvura y'**amahindu** yangiza imyaka.

Mu karere kacu haguye imvura y'**urubura** yangiza imyaka.

-Yamuvuriye umwana **amuhigura** inka y'**insumba**.

Yamuvuriye umwana **amugororera** inka y'**inyana**.

- **Intiti** z'iwacu zigira umuco.

Abanyabwenge b'iwacu bagira umuco.

c) Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro imbusane zayo.

- Yashoreye inka y'**insumba** agiye kuyigororera uwamugiriye neza.
- Yashoreye inka y'**imfizi** agiye kuyigororera uwamugiriye neza.
- Mu muryango wabo ntibagira **igisasa**.
- Mu muryango wabo ntibagira **intwari**.
- Mu biganza bye ntihabamo **ubwanza**.
- Mu biganza bye ntihabamo **ubuntu**.
- Mu muco nyarwanda **umukobwa** yagombaga gushaka **umugabo** ari **isugi**.
- Mu muco nyarwanda **umuhungu** yagombaga gushaka **umugore** ari **imanzi**.

d) Koresha amagambo akurikira mu nteruro ku buryo wumva ibisobanuro bwayo: amaziri, gusenda, impenda, abakaraza.

- **Amaziri:** Inka zikamwa **amaziri** ntizitanga umusaruro.
- **Gusenda:** Si byiza ko umugabo **asenda** umugore we.
- **Impenda:** Kigeli III Ndabarasa yanyaze **impenda** mu Ndorwa.
- **Abakaraza:** Umurishyo w'**abakaraza** b'abahanga uryoshya ibirori.

e) Andika igwizanyito z'ijambo "isugi".

Igwizanyito z'ijambo "Isugi" ni izi zikurikira

- Umukobwa utarigeze aryamana n'umugabo.
- Umwana ufite se na nyina.
- Umuntu cyangwa ikintu kitagira inenge cyangwa ubusembwa. (Ku kintu bivugwa ku ruho, icyansi, igicuba, igisabo...)
- Igikoresho kitarakoreshwa na rimwe.
- Umuntu cyangwa inka itarapfusha.

Isomo rya gatandatu: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko adategwa no gusubiza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka gusoma ufite uwuhe mutwe?

Umwandiko duheruka gusoma ni “Ukwibyara”.

b) Ni ikihe gitekerezo k'ingenzi kivugwa muri uyu mwandiko?

Muri uyu mwandiko “Ukwibyara”, haravugwamo ibigendanye n'ingoma z'abami, imyitwarire myiza yabo n'ibikorwa by'ubutwari byabaranze.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu ntangiriro **rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko “Ukwibyara” hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho:

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Uugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

- a) **Umwami uvugwa ku mukarago wa gatandatu ni nde? Kuki uwo mwami bamwita umuhozi?** Umwami uvugwa ku mukarago wa gatandatu ni Ruganzu II Ndoli. Ruganzu II Ndoli bamwita Umuhizi kuko ariwe wirukanye umwami w'Umushi Nsibura Nyebunga wari warigaruriye u Rwanda kandi akarema ingoma Karinga kugira ngo isimbure Rwoga yari yaranyazwe na Nsibura Nyebunga. Ruganzu II Ndoli rero yahoreye se Ndahiro II Cyamatare wari warishwe n'uwo mwami w'umushi.
- b) **Iyo usomye igisigo “Ukwibyara” kuva ku mukarago wa mbere kugeza ku wa mirongo kenda wumva havugwamo iki?** Numva havugwamo ibikorwa by'abami batandukanye n'iby'abagabekazi bamwe na bamwe.
- c) **Mu mwandiko bagaragaza ko ari iki cyatumye Mibambwe II**

Sekarongoro II Gisanura bamwita Rugabishabirenge? Byerekanwa n'uwuhe mukarago? Icyatumye Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura bamwita Rugabishabirenge ni uko yagiraga ubuntu bwinshi. Byerekanwa n'umukarago wa 226 uvuga ngo "Maboko atanga atagabanya".

d) **Ni iki umusizi avuga ko yazigamiye umwami wari wimye ingoma?**

Umusizi avuga ko yazigamiye umwami wari wimye ingoma ikoro n'impundu.

e) **Ni iki umusizi avuga cyatumye atinda gutambira ishimwe umwami?**

Icyatumye umusizi atinda gutambira ishimwe umwami ni uruharo n'amage yo guhora ahingiriza.

f) **Muri iki gisigo hari aho bavuga akamaro k'umugore, bigaragaza ko kera umugore yahabwaga agaciro. Andika imikarago ivugwamo abagore,maze uvuge abo bagore bavugwaga.**

Imikarago ivugwamo abagore ni uwa

75, uwa 76 n'uwa 77 ivuga ngo:

"Umugabekazi waduhekeye"

" Waduhatse nk'umugabo"

"Wadutunze nka Nyiratunga".

Umugore uvugwa ni Nyiramavugo II Nyiramongi nyina wa Mutara II

Rwogera wategekaga Igihugu kuko Rwogera yari akiri umwana. Aravugwa

ku mukarago wa 75 na 76. Haravugwamo kandi Nyirayuhi IV Nyiratunga

nyina wa Yuhi IV Gahindiro akaba nyirakuru w'utuwe igisigo (Mutara II

Rwogera). Na we yategetse kigabo mu gihe Gahindiro yari akiri umwana.

Isomo rya karindwi: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego yihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura umwandiko agaragaza ubwoko bw'umwandiko, umuhanzi n'ibindi bisigo bye ndetse n'ibyo ashima abami asingiza.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga wavugaga ku ki?

Wavugaga ku mateka yaranze bamwe mu bami b'u Rwanda.

b) Ni iki umuhanzi yibandaho ku mateka y'abo bami?

Umuhanzi yibanda ku myitwarire myiza n'ubutwari byabaranze, akibutsa umwami uturwa igisigo ko agomba kugera ikirenge mu cyabo.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko "Ukwibyara" hanyuma usubize ibibazo bikurikira:

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

- a) **Ukurikije ibivugwa ku bami batandukanye, vuga umwami wagushimishije kurusha abandi n'impamvu yagushimishije?** Aha abanyeshuri batanga ibisubizo bitandukanye bitewe n'umwami bumva wabashimishije.

Ikitonderwa: Iki kibazo kandi buri munyeshuri agisubiza ku giti ke.

- b) **"Ukwibyara gutera ababyeyi ineza". Sobanura iyo mikarago werekeza ku muco nyarwanda hanyuma utange n'urugero rw'umugani w'umugenurano wemeza igisubizo utanze.**

Mu muco nyarwanda "Ukwibyara gutera ababyeyi ineza" bisobanura ko iyo umubyeyi abyaye umwana ukora nka we, usa na we bimunezeza. Urugero rw'umugani w'umugenurano wemeza igisubizo ni "Imfura nzima isubira ku izina rya se".

- c) **Mukore ubushakashatsi ku mateka abafasha gusobanura igisigo "Ukwibyara". mugaragaze ubwoko bw'igisigo, umuhanzi wacyo n'ingero z'ibindi bisigo yarahanze.**

- “Ukwibyara” ni igisigo cyo mu bwoko bw’ibisigo by’impakanizi.
- Umuhanzi wacyo ni Nyakayonga ka Musare.
- Ingero z’ibindi bisigo yahanze: Itabaro ribasha umwami, Nsubize umwami mu rushya, None imana iduhaye kuvuza impundu.

d) Ni iki umusizi ashima muri rusange abami bavugwa mu gisigo “Ukwibyara”? Bihuriye he n’ibikwiye gukorwa mu buzima busanzwe?

Icyo ashima abami bavugwa mu gisigo “Ukwibyara” ni imyitwarire n’ubutwari byabo. Aho bihuriye n’ibikwiye gukorwa mu buzima busanzwe ni uko buri muntu akwiye kurangwa n’imyitwarire myiza ndetse n’ibikorwa by’ubutwari azajya yibukirwaho, kabone niyo yaba atakiriho.

Isomo rya munani: Kungurana ibitekerezo

Intego zihariye

Ahereye kugisigo “Ukwibyara” yahawe, nyuma y’iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura ingingo z’amateka ziri mu gisigo “Ukwibyara” zatanze no kuzunguranaho ibitekerezo mu bwubahane.
- Kuvugira mu ruhamwe ashize amanga, atanga ibitekerezo bye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu n’izindi nyandiko zivuga ku ku busizi nyabami.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

Urugero rw’ibibazo:

a) Umusizi avuga ko kwibyara gutera ababyeyi ineza yashakaga gusobanura iki?

Yashakaga gusobanura ko umubyeyi ashimishwa n’uko abana be bakurikiza imyitwarire myiza nk’iye.

b) Kuri wowe uyu mwandiko wagusigiye irihe somo?

Isomo ryo kujya nitwara neza kandi ngaharanira kurangwa n’ibikorwa by’ubutwari.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganywa kuri iki gice mu **ntangiriro rusange.2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Mwungurane ibitekerezo ku ngingo z'amateka zikurikira zo mu gisigo: "Ukwibyara".

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyo bunguranyeho ibitekerezo mu matsinda yabo, bafatanywa n'umwarimu, maze bagatanga umwanzuro ku ngingo bunguranyeho ibitekerezo.

Urugero rw'ingingo z'amateka zo mu gisigo: "Ukwibyara".

Imwe mu mikarago y'igisigo "Ukwibyara" n'amateka ayirimo.

1. Waturiha ibyo yagurwa i Kiganda

Kigeli cya Ngerekera (umukarago 7-8): Biributsa ko Nyirangabo nyina wa Ndahiro wa II Cyamatara wari umugabekazi, abajya be n'abandi bagore bafatiwe mu Rubi rw'inyundo (i Kiganda) bakicwa urubozo. Kuva ubwo aho biciwe hitwa "Mu miko y'abakobwa".

2. Mpangariye kure (...) Yari yagishiye i Bunyambo Nyarume (umukarago 21, 23): Uvugwa aha ni Ruganzu II Ndoli. Mu mateka biributsa ko Ruganzu II Ndoli yari yarahungishirijwe i Karagwe kwa Karemera I Ndagara umugabo wa nyirasenge Nyabunyana. icyo gihe Nsibura Nyebunga yari yayogoye u Rwanda, Ndahiro II Cyamatara se wa Ruganzu II Ndoli aricwa ndetse n'ingoma Rwoga iranyagwa.

3. Nyamugisha wandururaga imigisha y'abandi bami, Yasanze bahinze arasarura (umukarago 101-102): Uvugwa aha ni Cyilima I Rugwe. Cyilima I Rugwe yari yaraguriye umugeni uzatuma agira amahirwe akanakomera. Bamuraguriye Nyanguge ya Sagashya Umwami w'u Bugufi maze asanga yarasabwe na Nsoro I Bihembe Umwami w'u Bugesera. Ubwo bamugiriye inama yo kuzakora uko ashoboye kugira ngo abe ari we umurongora mbere. Ubwo yashatse ubucuti kuri Nsoro Bihembe abifashwamo n'umukono witwa Nkima wari utuye i Nyamweru, mwene wabo wa rwihishwa. Nsoro yabanye na Nyanguge ariko yaratewe inda na Cyilima I Rugwe. Nyanguge ageze igihe cyo kubyara inda y'uburiza yacitse Nsoro Bihembe asanga Cyilima I Rugwe. Iyo nda yavutseho Kigeli I Mukobanya, wazunguye Cyilima I Rugwe.

4. Nabanze mugabo mu nka nyirazo azirimo (umukarago 108-109): biributsa ko Kigeli I Mukobanya se Cyilima I Rugwe yamuraze ingoma ku mugaragaro igihe yari amaze kwica Murinda wategekaga hakurya ya

Nyabarongo. icyo gihe ni bwo Cyilima I Rugwe yahaye Mukobanya izina rya Kigeli.

5. **Bazindukira intambara Bitambara nyiri urutete (umukarago 111-112):** Kigeli I Mukobanya yari umunyentambara. Yagabye ibitero byinshi: Yateye Nkuba ya Nyabakonjo wari utuye i Jabana rya Kabuye n'i Nyamisanga ya Jari, atera Kigina watwaraga mu Buriza atera Sambwe rya Cyabugimbi watwaraga u Bumbogo n'u Busigi, anatera Ruyenzi na Kinyambi.
6. **Uwatanyaga umunyabutatu Umushi yatambitse ingabo mu nzira (umukarago 114-115):** Umushi uvugwa nanone ni Mulinda wishwe na Kigeli I Mukobanya.
7. **Nabanze Mabarabiri Nkovu imbere, Mbogoye Nyiri imbuga mu mbone (umukarago 125-127):** Uvugwa muri icyo mikarago ni Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi wakomeretse mu gahanga mu gitero Abanyoro bateye mu Rwanda maze amaraso agashoka, akagira amabara abiri, iry'umubiri n'iry'amaraso. Yagize inkovu mu gahanga kubera kuraswa, bivuga ko batamurashe ahunga. Muri icyo gitero Mibambwe I yagerageje kwitabaza u Bugesera, i Gisaka n'i Nduga ariko ibyo bihugu byanga kumutabara. Mibambwe ahitamo guhungana n'ingabo, abaturage ndetse n'amatungo Yahungiyeye mu Bushi kuri ubu ni Bukavu. Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi n' abantu be bahungutse bumvise ko Cwa I, Umwami w'Abanyoro yatanze.
8. **Nkomyurumeya Misaya: Nkomyurume ni Yuhi II Gahima Wadusendera inkundwakazi ya Nkozurugendo (umukarago 148-149):** inkundwakazi ivugwa hano ni Shetsa wari umugore wa Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi. Yari yaramukundwakaje cyane maze bimutera kwigira igishegabo kugera ubwo yategetse umwami ko banywana kandi bitabaho, ahubwo ari ukugira ngo umuhungu we Hondi azabe ari we uragwa ingoma. Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I abibonye atyo yashatse undi mugore rwihishwa ari we Matama ya Bigega w'i Buha, umusizi yita Misaya. Yamutungiyeye kure ya Shetsa ariko abiziranyeho n'abiru. Matama rero ni we wabyaye Gahima. Mibambwe yaje gutanga Shetsa n'urubyaro rwe baricwa.
9. **Wagira ingoma z'ingombe (umukarago 160):** Uyu mukarago uributsa ko Ndahiro II Cyamatara yagize ubwami burimo ibibazo byinshi: Abavandimwe be Bamara, Juru, Bwimba, Karangane, Mutezi, na Binama wari waravutse kwa Samukende, Umwami w'i Bungwe barwaniye ingoma banga kuyoboka Ndahiro wa II Cyamatara, u Rwanda rucikamo ibice bibiri: Juru yigarurira igice cyo hakurya ya Nyabarongo (u Buriza), naho uburengerazuba buyoboka Ndahiro II Cyamatara. Juru amaze gupfa, kimwe na Mutezi na Bwimba, Bamara ashaka gusimbura uwo Juru. Kugira ngo abigereho, yiyemeza gutatira abavandimwe, yitabaza Nsibura Nyebunga, Umwami w'umushi wari umaze

kwigarurira Ijwi. Nsibura Nyebunga yateye u Rwanda Ndahiro II Cyamatatare ari ku ngoma, urugamba rukomeye ruremera i Gitarama. Ingoma y'Ingabe Rwoga iranyagwa. Ndahiro II Cyamatatare agwa ahitwa Rugara amaze kwambuka umugezi wa Kibirira aho bise i Rubi rw'i Nyundo.

10. **Watugirira ibambe, avuye iw'abandi (umukarago 171-1710):** Ruganzu II Ndoli yimye ingoma avuye i Karagwe kwa nyirasenge Nyabunyana aho yari yarahungishirijwe.
11. **Nyabuzima, umuzimurura w'ibyari byazimiye (umukarago 178-179):** Biributsa ko Ruganzu II Ndoli ari we wahanze ingoma y'ingabe Karinga ngo isimbure Rwoga yari yaratwawe na Nsibura Nyebunga umushi.
12. **Nyabuzima, umuzimurura w'ibyari byazimiye; Umuzahura w'ibyo asanze (umukarago 178-180):** Bavuga ko Ndahiro II Cyamatatare amaze gutanga, amapfa yateye, imvura ikanga kugwa, inka zikanga kubyara, inkoko zikanga guturaga. Ruganzu II Ndoli ageze mu Gihugu imvura yaraguye, inka zirabyara, imbyeyi ziravumera, imfizi zirivuga, inkoko ziraturaga. Ni we wagaruye ubuzima mu Gihugu.
13. **Ko yahoreye se ashishikaye Ingabo ye akayagagaza mu Bugara? (umukarago 187-188):** Igitero cya mbere cya Ndoli ni icyo yagabye i Bunyabungo kwa Nsibura Nyebunga ahorera se Ndahiro II Cyamatatare. Yahereye ku mpugu z'umweya w'i Kivu uteganye n'Ijwi nyuma na ryo ararinesha. Icyo gihe yishe Nsibura Nyebunga Umwami w'u Bunyabungo ahorera se atyo. Ruganzu II Ndoli ntiyarekeye aho, yarakomeje atera Nzira ya Muramira Umwami w'u Bugara wari waratabaye Nsibura atera Ndahiro. Amaze kwica Nzira ni bwo abasizi bamwise izina rya Cyambarantama, kigaruriye u Bugara.

Yateye abami b'igihugu cy'u Buhoma cyategekwe n' Ababanda b'abahinza. Icyo gihugu yagihinduye umusaka, anyaga inka, abagore n'abana. Ingoma y'ingabe yabo Nkandagiyabagome na yo arayinyaga, ingoma y'u Buhoma izima ityo. Ibyo bitero byose Ruganzu II Ndoli yagabye yabifatanyije n'ingabo ze zitwa Ibisumizi. Amateka avuga ko Ruganzu II Ndoli ari we mwami wa mbere watangiye kugaba ibitero byinshi byo kwagura Igihugu.
14. **Nabanze rwirabanzarwe (umukarago 196):** Uyu mukarago uributsa ko ba Mutara bari abami b'inka, ni bo bakoraga umuhango w'ubwiru w'Inzira y'ishora.
15. **Wa Mwami wahabwa Karinga:** Akayambika karindwi (umukarago 201-202): Biributsa ko Mutara I Nsoro II Semugeshe ari we wanyaze Abenengwe igihugu k'i Bungwe. Icyo gihe u Bungwe bwari bugizwe n'u Busanza bw'amagepfo, u Bufundu, Nyaruguru, Bashumba, Nyakare, u Buyenzi.

16. **Nyiri icumu ryica Abahunde (umukarago 214):** ibi biributsa ko Kigeli II Nyamuheshera yateye u Buhunde akabuvogera.
17. **Nyiri iminyago cumi (umukarago 215):** ibi biributsa ko mu minyago y'ibitero bya Kigeli II Nyamuheshera hatarimo inka gusa; hajemo n'ihene zari ndende cyane zisumba izari zisanzwe mu Rwanda. Izo hene yazizanye ibwami baziha umushumba bazita n'izina "Akamenesho." Mu minyago hajemo n'ibishyimbo bivuye i Bushengere ho muri Kigezi. Ibyo bishyimbo byasimbuye ibiharo. Mu mateka kandi Kigeli II Nyamuheshera afatanyije n'ingabo ze zitwa Inkingi yabaye umurwanyi cyane. Yaguye u Rwanda yigarurira uturere twinshi: Kinyaga cya Bukunzi na Busozo; u Bwanacyambwe bwari bwarajanywe n'i Gisaka.
18. **Rugabishamaguru Maboko atanga atagabanya (umukarago 256-127):** Umwami Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura azwiho kugira ubwitonzi, kugira ubuntu, guha amata abakene begereye ibwami. Azwiho no kuba umucamanza utabera kandi wangaga ibihano bidakwiriye umuntu.
19. **Ubwo akangiye icyanya Cyanwa azanye ikeyi Inkoni zimwasa agahama (umukarago 232-234):** Iyi mikarago iributsa ko Ntare III Kivimira w'i Burundi yigeze gutera u Rwanda ari kumwe n'abantu bake agashaka kunyaga inka ziragiwe n'uwitwaga Rugaju. Icyo gihe Rugaju yamukubise inkoni ku gakanu yitura hasi. Ibyo Rugaju yakoze umusizi abyitirira Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura.
20. **Mukuraho ubushongore n'ubushami (umukarago 236):** Yuhi III Mazimpaka yabaye ikirangirire bitewe n'ubwiza bwe.
21. **Yakandagiye Nyiri i Nkoma Yamwikoreje (umukarago 244-245):** mu mateka Yuhi III Mazimpaka yishe Ntare III Kivimira, Umwami w'i Nkoma (i Burundi).
22. **Mutazibwa yica Mazuba (umukarago 261):** Mu mateka, ingabo za Cyilima II Rujugira zishe Umwami w'i Burundi Mutaga II Sebitungwa, zamutsinze i Nkanda (mu Karere ka Nyaruguru). Icyo gihe hari hakiri ah'u Burundi; ni na ho hari umurwa wa Mutaga III Sebitungwa.
23. **Watunyagira impenda i Bugabe bwa Muruzi (umukarago 273-274):** Twabonye ko impenda ari inka nyinshi. Mu mateka, iyo mikarago iratwibutsa ko Kigeli Ndabarasa yateye i Bugande, mu Ndorwa anyagayo inka nyinshi ndetse aturayo.
24. **Yahanuye Nsoro Atunyagira inka i Bwongera, Yongeramo n'izo mu Bugote n'izo yavana mu Bwiriri (umukarago 290-293):** Mibambwe

Mutabazi Sentabyo yazinyaze Nsoro IV Nyamugeta. Rukombamazi n'iyoy mfizi ni byo byarangaga ubwami bw'i Bugesera. Muri ibyo bihe Nsoro Nyamugeta yabanje guhungira i Gisaka kwa Kimenyi IV Getura. Bari bafitanye isano. Nyuma yashatse kugaruka n'ingabo ze ngo yigarurire igihugu ke ariko ntibyamuhiye kuko yafashwe akicwa. icyo gihe ni bwo u Bugesera bwegamye burundu ku Rwanda ariko igice cy'amagepfo y'u Bugesera Ntare IV Rugamba w'i Burundi yari yaragifashe, kikanahera gityo.

25. **Nabanze zingazinywe shoza yuhire (umukarago 299-300):** Biributsa ko ba Yuhi ari abami b'inka.
26. **Yica Nyiri u Buzi Nyina amuzana aho mpiri (umukarago 303-304):** Biributsa ko Yuhi IV Gahindiro yishe Karinda umutegeka w'u Buzi, agahugu ko mu Buhunde mu majyaruguru y'ikiyaga cya Kivu maze nyina Nyirakarinda akamuzana mu minyago ari muzima.
27. **Abo bahinza yabateyemo umukenya Yayanganiye n'amahari (umukarago 305, 311):** Mu mateka, Gatarabuhura wari mwene se wa Sentabyo yohereje intumwa ngo zice Yuhi IV Gahindiro ngo ahereko yime mu Rwanda; ubwo Sentabyo yari amaze gutanga maze umwiru Rusuka aramuhungisha. Uyu Gatarabuhura yari yarigometse kuri Sentabyo amaze kwima ashaka gufata ubutegetsi ariko ntibyamuhiye ahungira i Burundi. Ikindi amateka atubwira kuri Yuhi IV Gahindiro ni uko yimye ari muto se Sentabyo amaze gutanga maze ategererwa na nyina Nyiratunga.
28. **Ko wandikiye ubutwari ukiri muto Ukaba uhotoye uruti ukiri umutavu (umukarago 321-324):** Biributsa ko Mutara II Rwogera yimye akiri muto. icyo gihe ni bwo u Rwanda rwagabye igitero i Burundi kiswe "Igitero cya Rwagetana"(kugeta bivuga gutema ugakuraho). U Rwanda rwayoborwaga n'umugabekazi Nyiramavugo Nyiramongi. Ariko igitero kitiriwe Mutara II Rwogera.
29. **Mpumurize Nyamarembo:** Nyamarembo uvugwa hano ni nyina wa Yuhi III Mazimpaka Nyirayuhi III Nyiramarembo. Uyu Nyirayuhi III yari umukono. Yicishije abana b'umwami babiri b'impanga, bituma umuhungu we atanga itegeko ryo kurimbura Abakono. Nyamarembo na we ubwe yariyahuye. Umusizi arahumuriza Abakono ababwira ko na bo bazakomeza kubyara abami.

II.4. Ibisigo nyabami

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 46.)

Isomo rya kenda: Inshoza, ibiranga ibisigo nyabami n'amoko y'ibyo bisigo.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura inshoza y'ibisigo nyabami.
- Gutahura uturango tw'ibisigo nyabami.
- Kugaragaza amoko y'ibisigo nyabami.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibitabo by'ubuvanganzo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kumuha ingero z'amagambo asingiza umwami ari mu gisigo.

Ingero z'interuro:

Munozandagano wa Nsana ya Buhanzi

Muhumuza, Umuhazi

Yadutunze nka Nyiratunga

Mbasenge mwese, murasigiye

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko "Ukwibyara" ugereranye ibiwuvugwamo n'ibyavugwaga mu yindi myandiko wize, maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza y'ibisigo nyabami, ubwoko bwabyo n'ibibiranga.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

1. Inshoza y'ibisigo nyabami

Ibisigo nyabami ni imivugo yasingizaga abami n'ingoma zabo ikoresheje amagambo y'indobanure. Byatangiriwe n'ibyo bitaga ibinyeto. Ijambo ibinyeto riva ku nshinga kunyeta bivuga gusingiza cyangwa kurata. Abahanzi b'ibinyeto

babitaga abenge. Ibinyeto byabaga ari imivugo irata buri mwami ukwe. Bikaba bigufi, muri rusange bitarengeje imikarago makumyabiri.

Ku ngoma ya Ruganzu II Ndoli nibwo umugabekazi we w'umutsindirano Nyirarumaga yahuriye ibinyeto mu gisigo kimwe yise "**Umunsi ameza imiryango yose**". Kuva ubwo ibinyeto ntibyongera kubaho, ahubwo hatangira ibisigo. Ni ukuvuga ko umuntu wa mbere wemewe mu Rwanda nk'umusizi ari Nyirarumaga.

Ibisigo nyabami rero byatangiye n'umugabekazi **Nyirarumaga** ku ngoma ya Ruganzu II Ndoli. icyo gihe igisigo cyabaga ari kirekire gisingiza umwami umwe cyangwa benshi. Abenge batangiye ubwo na bo bakajya bahimba ibisigo birebire bisingiza abami, noneho bahabwa agaciro gakomeye ibwami ndetse barema umutwe wabo (inteko y'abasizi) uyoborwa n'**intebe y'abasizi**.

2. Ubwoko bw'ibisigo nyabami

Ibisigo nyabami bigabanyijemo amoko atatu: ikobyoye (ikungu), ibyanzu n'impakanizi.

a) Ibisigo by'ikobyoye/ikungu

Ibisigo by'ikobyoye cyangwa ikungu ni ibisigo bigufi (ugereranyije n'impakanizi cyangwa ibyanzu) bihurutuye, bigiye umujyo umwe kuko bitagira ibika. Bigira interuro (intangiriro) n'umusayuko. Igisigo k'ikobyoye gisingiza umwami umwe.

Ingero

- None imana itumije abeshi, cyasizwe na **Mutsinzi** agitura Kigeri IV Rwabugiri.
- Umpe icyanzu cyasizwe na **Gahuriro** ku ngoma ya Mutara III Rudahigwa.

b) Ibisigo by'ibyanzu

Ibisigo by'ibyanzu ni ibisigo bigira ibika. Ibyo bika bitandukanywa n'inyikirizo. Mu bisigo by'ibyanzu umusizi avuga amateka y'abami ariko ntabakurikiranya uko bagiye basimburana ku ngoma. Ibisigo by'ibyanzu ni bigufi ugereranyije n'impakanizi. Ibyanzu na byo bigira ibice bitatu: interuro, igihimba n'umusayuko.

Ingero:

- **Naje kubara inkuru** cya **Sekarama** ka Mpumba, cyatuwe Kigeri IV Rwabugiri.
- **Ndi intumwa y'abami** cya **Ngorane**.

c) Ibisigo by'impakanizi

Ibisigo by'impakanizi ni ibisigo bivuga amateka y'abami bibakurikiranya uko

bagiye bazungurana ku ngoma, haheruka umwami utuwe igisigo. Ibisigo by'impakanizi bigira ibice bitatu: Interuro, impakanizi n'umusayuko.

Interuro

Mu nteruro, umusizi avuga muri make abami agiye gusingiza atabakurikiranya, ndetse atanabavuga amazina ahubwo agenda akomoza ku bikorwa byabo, akanagaragaza ko aje kurabukira umwami uriho.

Impakanizi

Mu mpakanizi, umusizi asingiza abami abavuga amazina uko bagiye bakurikirana ku ngoma, bese bagahurira ku nyikirizo imwe itangirira igisingizo cyabo. Iyo nyikirizo na yo yitwa **impakanizi**.

Umusayuko

Mu musayuko, umusizi asingizamo umwami atuye igisigo kandi aba ari we uri ku ngoma. Mu musayuko kandi umusizi atura umwami ubukene bwe kugira ngo agororerwe. Ibi ni byo bamwe bitaga «**kwisabira umuriro**».

Ibisigo by'**impakanizi** rero birangwa no kuba bikurikiranya abami uko bagiye basimburana ku ngoma no kuba bigira inyikirizo ari yo yitwa **impakanizi**.

Ingero

- Ukwibyara cya **Nyakayonga** ka Musare, cyatuwe umwami Mutara II Rwogera.
- Bantumye kubaza umuhigo cya **Nyabiguma** bya Sanzige, cyatuwe umwami Kirima II Rujugira.

3. Ibiranga ibisigo nyabami

Ibisigo nyabami birangwa no gusingiza abami n'ingoma zabo. Birangwa kandi n'indezi. Indezi ni ijambo cyangwa agatsiko k'amagambo asingiza cyangwa ataka umwami. Indezi ni nk'umutako umusizi ashyira mu gisigo kugira ngo kiryohere abacyumva.

Urugero rw'indezi mu gisigo "Ukwibyara": Ny'ebisu By'emisango (umukarago wa 74)

Ibisigo nyabami kandi birangwa n'imikeshamvugo/iminozanganzo itandukanye. Iminozanganzo ikoresheya mu bisigo ni ishingiyeye ku nyana, imizimizo/imivugo n'imigoronzoranganzo itandukanye.

Injyana iboneka iyo umusizi yakoresheje amajwi asa mu magambo yegeranye mu nteruro, kugira ngo igire inshurango inogeye amatwi kandi yoroshye kuyifata mu mutwe. Injyana nk'uko twabibonye ishobora kuba isubirajwi/isubiramugemo

cyangwa isubirajambo.

Imizimizo/Imivugo ni amagambo avugitse ku buryo bujijije, ku buryo bw'amarenga umusizi akoresha mu kuboneza imvugo ye atitaye ku byerekeranye no kuboneza amajwi cyangwa iyubakanteruro; ahubwo agashishikazwa no guha inyito isanzwe indi ntera (urundi rwego) bituma ihinduka inyito yindi.

Imigoronzoranganzo: Ishingiye mu gukina n'interuro n'amagambo aho umusizi ahinduranya amagambo y'interuro, arondora, akomora ijambo ku rindi n'ibindi.

3. Umwitozo

Umwari mu asaba abanyeshuri, kujya mu matsinda, bakora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu ajenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Ibisigo nyabami birimo ubwoko bungahe? Bugaragaze werekane n'itandukaniro riri hagati y'ubwo bw'ibisigo.

Ibisigo nyabami birimo ubwoko butatu: ikobyoye (ikungu), ibyanzu n'impakanizi.

Itandukaniro hagati yabyo:

- **Ibisigo by'ikobyoye** (ikungu) ni ibisigo bigufi, bihurutuye (bigiye umujyo umwe) kuko bitagira ibika. Ibisigo k'ikobyoye gisingiza umwami umwe.
- **Ibisigo by'ibyanzu** ni ibisigo bigira ibika. Ibyo bika bitandukanywa n'inyikirizo. Mu bisigo by'ibyanzu umusizi avuga amateka y'abami ariko ntabakurikiranya uko bagiye basimburana ku ngoma. Ibisigo by'ibyanzu ni bigufi ugereranyije n'impakanizi. Ibyanzu byo bigira ibice bitatu: interuro, igihimba n'umusayuko (umusozo).
- **Ibisigo by'impakanizi** ni ibisigo bivugaga amateka y'abami bibakurikiranya uko bagiye bazungurana ku ngoma, hagaheruka umwami utuwe igisigo. Ibisigo by'impakanizi bigira ibice bitatu: Interuro, impakanizi n'umusayuko (umusozo). Muri rusange ni birebire kurusha iby'ibyanzu.

b) Ereka iby'ingenzi biranga ibisigo nyabami.

- Gusingiza abami n'ingoma zabo.
- Injyana
- Imizimizo

-Imigoronzoranganzo

Isomo rya cumi: Abasizi n'ibisigo byabo n'akamaro ko kwiga ibisigo nyabami.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Kugaragaza abasizi n'ibisigo byabo.
- Gusobanura akamaro ko kwiga ibisigo nyabami.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ubuvanganzo.

1. Intangiriro

u abaza abanyeshuri ikibazo kibaganisha ku isomo.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:

Vuga ibisigo bibiri n'abasizi babihimbye.

- Naje kubara inkuru cya Sekarama ka Mpumba.
- Bantumye kubaza umuhigo cya Nyabiguma bya Sanzige.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Kora ubushakashatsi ugaragaze abasizi n'ibisigo byabo maze usobanure n'akamaro k'ibisigo nyabami.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:

1. Abasizi n'ibisigo byabo

Ingoma n'ibisigo

Umusizi

KWA Ruganzu II Ndoli

- | | |
|--------------------------------------|-------------|
| 1. Umunsi ameza imiryango yose | Nyirarumaga |
| 2. Aho ishokeye inshotsi ya Gitarama | Nyirarumaga |

KWA SEMUGESHI**KWA KIGELI NYAMUHESHERA**

- | | |
|---------------------------------------|--------|
| 3. Nkure ibirego | Muguta |
| 4. Ye kwezi kwimirije impundu imbere. | Muguta |
| 5. Kanyuramfura | Muguta |

KWA MIBAMBWE GISANURA

- | | |
|---------------------------------|---------|
| 6. Nugure Ngozi nk'ingoma | Muguta |
| 7. Kireshyabakono | Muguta |
| 8. Kizi nzaba mpari mu kwambuka | Rukungu |
| 9. Ye kaze! Ye karame! | Muguta |
| 10. Nigire inama nanoga | Muguta |
| 11. Ye nkuru yizihye inka | Muguta |

KWA YUHI MAZIMPAKA

12. Ndi umupfumu w'inka	Ruhinda
13. Umunsi yuhanya ajya Ruguru	Mirama
14. Umunsi inkuba iganza intare	Mirama
15. Umunsi yuhiza inka uburanga	Mirama
16. Inka zigira ishorera	Nzabonariba
17. Nshane nshana nte?	Sanzige
18. Ngisaba he?	Mazimpaka
19. Guhorera abazimu ntibamenye	Mazimpaka
20. Bantu bansize mu ngabo	Mazimpaka
21. Mpakanire abantu	Nzabonariba
22. Singikunda ukundi	Mazimpaka
23. Rucibwa rute urubanza	Bagorozi

KWA CYILIMA RUJUGIRA

24. Bantumye kubaza umuhigo	Nyabiguma
25. Ibyuma bitsindira abami	Karimunda
26. Ibyuma bimarira abami urubanza	Muhabura
27. Iyo urubanza rwagombye abakuru	Nyamugenda
28. Mbwira Bagorozi umunsi ugumye	Muhabura
29. Zemeye inganzo ingongo	Bagorozi
30. Abatabazi bagira ubatemera	Ndamira
31. Urubanza ruhari ntiruhumburwa	Mbaraga
32. Iminsi myiza irasa	Bagorozi
33. Nsezere ingoro	Nzabonariba
34. Zirimo umugabo	-

35. Utatiye inkuba	-
36. Ruganzabenshi	Sebukangaga
37. Nigabe mu ruganda rugambirira abagabo	Bagorozi
38. Ubonye ubuhake bw'umwami	-
39. Umunsi yimuka i Mwumba	Nyabiguma
40. Ko abwirije inka i Nduga	Bagorozi
41. Inyota y'ingoma	Musare
42. Nta kamara ishavu nko kubyara	-
43. Uririra uwiye	Muhabura
44. Umwami azira kubeshya	Nyabiguma
45. Igitutsi kiruta ikindi	Bagorozi
46. Ndaje nkubarire inkuru Nyankurwe	Kagaju
47. Ubuhati bugira ubwoko	Bagorozi
48. Iyo intwari zabaye nyinshi	Nyabiguma
49. Riratukuye ishyembe icumita ibindi bihugu	Bagorozi
50. Nihe amajerwe	Bagorozi
51. Nta kigira inama mbi nk'intati	Ngogane
52. Umurambi w'ingoma	Musare
KWA KIGELI NDABARASA	
53. Agati bamanitse abami	-
54. Mbwire umwami uko abandi bamibantumye	Musare
55. Batewe n'iki uburake	Kibarake
56. None wamaze ubuhinge	Musare

KWA MIBAMBWE SENTABYO

57. Nshire umwami inkamba	Musare
58. Uruguma runini	Ntibanyendera
59. Ntawurenga icyo azira	Muganza
60. Ingoma iraragwa ntiyibwa	Musare
61. Mvurire ubuhake	Muganza
62. Sinari nzi ko umwami yanganwa inka nk'umuhutu	Musare
63. Inkovu icitse irushya abavuzi	Ntibanyendera
64. Umunsi amarira Kigali	-
65. Umwami si umuntu I	Semidogoro
66. Umwami si umuntu II	Semidogoro
67. Ko bavuga iridakuka abami	-
68. Imana yabonye inka	Rukomo
69. Turamutse mu mihigo	-
70. Ikimbwira imana yamwimitse uko yasaga uwo mwana	Musare
71. Ruhanga rucura inkumbi	Nsabimana
72. Nsongere umwami inkomeri yishe	-
73. Nuzuye n'abami	Nsabimana
74. Umunyiginya mutindi	Musare
75. Kurya yashukiranyije ubuto n'ubutamire	Musare
76. Ndi intumwa y'abami	Ngogane
77. Urubanza abami bamarira ibihugu	Rukomo

KWA YUHI GAHINDIRO

78. Ukuri kwimutsa ikinyoma ku ntebe	Musare
79. Imana yeze ntiba imbogo	Rurezi
80. Inka zihawe nyirazo	Kagaju
81. Inkingi nkindi iteye u Rwanda	-
82. Imfizi y'ingangare	-
83. Urwango ruvuye ku busa	Kibarake
84. Mbwire abantu inyundo yacuze abami	Nsabimana
85. Urugumye urukanga umwami	Musare
86. Yaramutse umuvumbi imvura	Mutsinzi
87. Umugore mukuru	Musare
88. Nibwire nyiri inka	Rutinduka
89. Nzeru yizihye abami	Nyamashara

KWA MUTARA RWOGERA

90. Ukwibyara	Nyakayonga
91. Mpoze abarira	Mitari
92. Imana zitabeshya nyirazo	Bamenya
93. Numvise urwamo rw'impundu	Nyakayonga
94. Zabonye uko nshaka	Bikwakwanya
95. icyo barusha abandi bami	Rundushya
96. Isambu yera abami	Bikwakwanya
97. None nabuze umurezi nirege	Rurezi
98. Ineza y'umwami	Bikwakwanya
99. Turi mu bibanza	Muzerwa
100. Urugo yivugiyemo ibihugu	Rurezi

101. Twabona ingoro	Bamenya
102. Mbwire umwami uko abandi bami bantumye	Rurezi
103. Ntambe ineza y'umuhatsi	Mutsinzi
104. Naraye mu mpaka z'inzira	Mutsinzi
105. Ndatire amahanga Umuheto	Mutsinzi
106. Nshire umugabe impundu	Mutsinzi
107. Nimirije mwurire imbere	Mutsinzi
108. Umwami ni we ukura ahaga	Rutinduka
109. Ruhanga rwivuze ibihugu	Ntibanyendera
110. Umuvumo cyane wica nk'icumu	Rwamakaza
111. None ahawe umuvuro Bidugu	Rwamakaza
112. Abami bacu bagira Imana itsinze	Bikwakwanya
113. Ubukombe buteretswe n'yeze	Ringuyeneza
114. Ntambire ingoma	Kibarake
115. Cyubahiro mfizi ikwiye inka	Rwamakaza
116. Mpananire Bugondo	Bikwakwanya
117. Nivugire ingoma	Mutsinzi
118. Iyo barushije amahanga umutungo	Rwamakaza
119. Ruhanga ruganje abahinza	Nyirakunge
KWA KIGELI RWABUGIRI	
120. None imana itumije abeshi?	Mutsinzi
121. Twabona umurwa utsinze	Bamenya
122. Mbaze abantu icyo bahora umwami	Bamenya
123. Ubwami bugira ubwoko	Singayimbaga

124. Mvugire umwami amacumu	Sekarama
125. Ngambirize amahanga	Kirorero
126. Rusumbamahanga	-
127. Nshimire Mabega amabara	Nyakayonga
128. Itabaro ribasha umwami	Bamenya
129. Naje kubara inkuru	Sekarama
130. Mbwire nyiri inka izi	-
131. Bahiriwe n'urugendo	Sekarama
132. Umwami w'imigisha	Singayimbaga
133. Nsubize umwami mu rushya	Nyakayonga
134. Naje kubika u Burundi	Sekarama
135. Umwami wimye atari mwango	Muhatsi
136. Mbyarize umwami inyamibwa	Muzerwa
137. None imana iduhaye kuvuza impundu	Nyakayonga
138. Ntawashobora Igihugu nk'umwami	Munyanganzo
139. Bambariye inkuru nkomati	Munyanganzo
140. Mbyukire mu ruganda	Sekarama
141. Icumu umwami atera abanzi	Rubumba
142. Nkumbuye i bwami	Bamenya
143. Zihorana ishya	Singayimbaga
144. Umunsi mbarirwa inkuru	Munyanganzo
145. Nkurire ingoma ubwatsi	Nyirakunge
146. Nakubiwe n'iminsi imusozi	Bamenya
147. Ntambe ineza none iciye amahari imihigo	Sekarama

148. Umwami inka zikunze	Munyanganzo
149. Ndate ubugabo	Ndandari
150. Riturema amagara	Sekarama
151. Ndaje nkubwire umurasano	Nyirakunge
152. Ndose induru	Senkabura
153. Nicaye ntagabanye	Gashungero
154. Ndaje nkubambure	Senkabura
155. Urugo rugwije imbaga	Ngurusi
156. Ndi umuyoboke w'abami	Ngurusi
157. Abaramya umwami utari uwabo	Muzerwa
158. Numvise imyama y'ingoma	Singayimbaga
159. U Rwanda iyo rwasheshe ikigugu	Senkabura
160. Inka ziragiwe n'inkuba	Munyanganzo
KWA YUHI MUSINGA	
161. Iyo zishokewe n'intwari	Munyanganzo
162. Ikimbwiye imana yamwimitse uko yasaga mwebwe mbimika	Sekarama
163. Ninkabone inka zagabwe	-
164. Mburanire umwami	Karera
165. Kurya u Rwanda rwahoranye abami b'ubugabo	Senkabura
166. Iteka ry'imana	Segacece
167. Nkurire ingoma ubwatsi	Masozera
168. Mbonye umurwa w'abami	Karera
169. Kizi nzaba mpari impanga y'abami yashize	Munyanganzo

KWA MUTARA RUDAHIGWA

170. Ndabukire imana yunamuye u Rwanda	Sekarama
171. Ruhanga rutsindiye Igihugu	Karera
172. Imfura z'abagabo	Gahuriro
173. None wibutse abanyu	Karera
174. Nungutse ijambo ry'umwami	Gahuriro
175. Umpe icyanzu	Gahuriro
176. None utabarutse neza	Munyangaju

2. Akamaro k'ibisigo nyabami

Ibisigo nyabami bifite akamaro kuko bituma Abanyarwanda bamenya amateka yabo. Harimo kumenya uko abami bagiye bakurikirana ku ngoma n'amateka yaranze ingoma zabo, ibijyanye n'imitegekere y'Igihugu cyacu ndetse n'ubusizi nyarwanda. Umuntu kandi ashobora guhera kuri iyo nganzo agahanga agendeye ku nsanganyamatsiko zo muri iki gihe.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, kujya mu matsinda ya babiribabiri, bagakora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

a) Ibi bisigo byasizwe na nde?

- Naje kubara inkuru: Sekarama
- Bantumye kubaza umuhigo: Nyabiguma bya Sanzige

b) Tanga urugero rw'igisigo kuri buri musizi muri aba bakurikira:

- Musare: Mbwire umwami uko abandi bami bantumye
- Mutsinzi: Yaramutse umuvumbi imvura

c) Sobanura akamaro k'ibisigo nyabami.

Bituma Abanyarwanda bamenya amateka yabo, uko abami bagiye bakurikirana ku ngoma n'amateka yaranze ingoma zabo, ibijyanye n'imitegekere y'Igihugu cyacu, ndetse n'uturango tw'ubusizi nyarwanda. Umuntu kandi ashobora guhera kuri iyo nganzo agahanga agendeye ku nsanganyamatsiko zo muri iki gihe.

II.5. Imino zanganzo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 59)

Isomo rya cumi na rimwe: Inshoza n'amwe mu moko y'imino zanganzo

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusobanura imino zanganzo
- Gutahura no gusobanura amwe mu moko y'imino zanganzo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ubuvanganzo.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ikibazo ku moko y'imino zanganzo.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:

Tanga ingero z'imikarago yo mu gisigo “Ukwibyara” zigaragaramo uturango tw'ubusizi.

Mwatubereye imbyeyi n'imazi,

Muri abami b'akamazi

Tuzi icyo mwamaze.

Uzagabe nka Gisanura

Umwami uhawe uruharo

Arwigiza imbere.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko “Ukwibyara” witegereze imikoreshereze y’imvugo n’imyubakire y’interuro, maze ukore ubushakashatsi ugaragaze inshoza n’amwe mu moko y’iminozanganzo ikoreshe mu buvanganzo nyarwanda.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw’ibyava mu matsinda byanogejwe:

II.5.1. Inshoza y’iminozanganzo

Iminoza anganzo ni uburyo bw’imvugo bukoreshwa mu buhanzi mu rwego rwo kunoza igihangano kugira ngo kiryohere abazacyumva cyangwa abazagisoma. Ni nk’imitako itatse igihangano. Iminoza anganzo ishobora kuba ishingiyeye ku mikoreshereze y’amajwi, imyubakire y’interuro cyangwa se ku nshoza (igisobanuro).

II.5.2. Amwe mu moko y’iminozanganzo

1. Iminoza anganzo ishingiyeye ku njyana

a) Injyana ishingiyeye ku isubirajwi/isubiramugemo

Subirajwi ni isubiramo rya hafi ry’ijwi rifite irindi riribanziriza bisa cyangwa bijya gusa ku buryo bibyara ikintu cy’urujyano mu kuryohera amatwi. Hari ingeri nyinshi z’isubirajwi: Isubirajwi ritagenerwa buri gihe umwanya runaka, isubirajwi ku ntangiro y’imikarago, isubirajwi ryo mu bice bihera, isubirajwi ry’umushumi.

Mu gisigo «Ukwibyara», umusizi Nyakayonga ka Musare yakoresheje izo ngeri z’injyana ishingiyeye ku isubirajwi.

Ingero:

Biru b’**imirama**

Muhimbye **imiriri**

Muvugirize **imirenge**. (umukarago 418-420)

Mwitwa ingendutsi

Mwatubereye imbyeyi

Muri abami b’akamazi (umukarago 37-39)

Mumuhe urubanza

Mureke abanze

Nabanze Nyamugenza

Umwami w'i Muganza (umukarago 222-225)

Cyungura Umwami wo ku **Cyuma**

Azanye **Cyubahiro**

Yitwa **kihabugabo**. (Umukarago 184-185)

b) Inyana ishingiyeye ku isubirajambo

Umusizi akoresha isubirajambo iyo isubirajwi rigaruka mu ijambo bihuriye ku gicumbi kimwe n'iryaribanjirije cyangwa se ijambo ryose uko ryakabaye rikagaruka.

Ingero:

Ukwibyara gutera ababyeyi **ineza**

Batambira b'**ineza**. (umukarago 1-2)

Ntibagira amavu

Ntibagira amajyo

Ntibagira imbuto izaberera (umukarago 403-405)

2. Imizimizo/imivugo

a) Igereranya

Umusizi afata ibintu bifite icyo bihuriyeho akabisobanuza ikindi agereranya akoresheje uko bisangiye imisusire, imigenzereze, umumaro n'ibindi. Igereranya rikoresha amagambo: nka, boshye, kimwe na... Ashobora kugereranya ikintu kimwe n'ikindi, cyangwa ikintu kimwe n'ibindi byinshi.

Ingero:

Wadukamiye amata angana imvura (Umukarago 54)

Yadutunze nka Nyiratunga (umukarago 78)

b) Imibangikanyo

Umunozanganzo w'umubangikanyo urakoreshwa cyane mu bisigo. Umusizi akurikiranya amabango (imikarago) nibura abiri cyangwa se amagambo abiri yuzuzanya, avuguruzanya cyangwa akurikiranya ibitekerezo bisa ku buryo bw'umusubizo.

Habaho umubangikanyo w'umusubizo, umubangikanyo wuzuzaza/ nsobanuzi n'umubangikanyo w'inshyamirane/imbusane.

- **Umubangikanyo w'umusubizo:** umusizi akurikiranya imikarago ku buryo ikivugwa kiri mu mukarago ubanza cyangwa mu gice kimwe cy'umukarago gisubirwamo mu mukarago ukurikira cyangwa mu gice gikurikira cy'uwo mukarago.

Urugero:

Winyita impezi

Sindi uwo guhera. (Umukarago wa 359-360)

- **Umubangikanyo wuzuzaza/nsobanuzi:** Umusizi akurikiranya imikarago cyangwa ibice by'imikarago ku buryo ikintu yavuze mu mukarago wa mbere cyangwa mu gice cy'umukarago cya mbere agisobanura cyangwa se akavuga impamvu yakivuze mu mukarago ukurikira cyangwa mu gice cy'umukarago gikurikira.

Urugero:

Ndi umupfumu wa Nyamurorwa

Mpora nkwereza nkaburengwa. (Umukarago 381-382)

Umusizi aratanga ingingo mu mukarago ubanza ukurikiyeho agatanga impamvu.

- **Umubangikanyo w'inshyamirane:** umusizi akurikiranya imikarago cyangwa ibice by'imikarago ibitekerezo biri muri iyo mikarago cyangwa ibyo bice by'imikarago bivuguruzanya.

Ingero:

Umuhinza wari uhanze

Yuhi aramuhangamura (Umukarago wa 249-250)

Umwanzi agucira akobo

Imana igucira akanzu.

c) Iyitirira

Umunozanganzo w'iyitirira ufata ikintu ukakitirira ikindi kubera ko bifitanye isano. icyo gihe ijamba rifata umwanya w'irindi rikagira inyito nshya kandi n'iyi ryari risanganywe ritayitakaje. Ukoresha iyitirira ashobora gufata agace kamwe k'ikintu akakitirira icyo kintu cyose, gufata ikintu cyabaye akakitirira impamvu yacyo, gufata ikintu akakitirira igikoresho kirimo n'ibindi.

Mu gisigo «Ukwibyara» Nyakayonga ka Musare yakoresheje iyitirira cyane.

Ingero:

Cyungura umwami wo ku Cyuma (umukarago 183)

Ku Cyuma: ni ku Nyundo. Inyundo iba ari icyuma. Bayitiriye icyo ikozemo maze ahantu hitwa i Nyundo bahita ku Cyuma.

Mutazimbwa yica Mazuba (umukarago 261)

Mazuba: ni Umwami Mutaga III Sebitungwa w'i Burundi. Umutaga bivuga umunsi (amanywa); noneho bigashyirwa ku zuba kuko izuba riva ku manywa maze Mutaga akitwa Mazuba.

I Bugabe bwa Muruzi (umukarago 274)

Muruzi: ni mu Ndorwa. Kurora bivuga kimwe n'igicumbi k'inshinga nkene -ruzi.

Harimo umuzimizo w'iyitirira kuko "-rora" na "-ruzi" bifite igisobanuro kijya kuba kimwe.

d) Ihwanisha

Ihwanisha rijya kumera nk'igereranya. Mu ihwanisha ikigereranywa n'ikigereranyo biba bihuje maze ugasa n'ubinganyisha. Kimwe gishobora gufata umwanya w'ikindi cyangwa kikagisimbura. Mu gisigo "Ukwibyara", umunozanganzo w'ihwanisha warakoreshejwe cyane:

Urugero:

Muri imanzi z'uburezi

Muri ibirezi byamye i Buriza na Buremera

Muri abaremere b'i Tanda

Muri abature b'i Tenda (umukarago 41-44)

Muri iyo mikarago ikigereranywa ni abami. Abami barahwanishwa n'imanzi z'uburezi n'ibirezi byamye i Buriza na Buremera, n'abaremere b'i Tanda, n'abature b'i Tenda.

e) Ishushanya

Iyo urebye usanga ishushanya ari ryo rigize umutima wo gusiga kuko ari ryo rikoreshwa cyane. Ni uburyo bwo gusobanura cyangwa kwerekana ikintu wifashishije imvugo isa n'ica amarenga ukurikije uko icyo usobanura giteye cyangwa se uko ukiumvisha.

Ingero:

Mumera amaboko arabakamira (umukarago 15)

Muri uyu mukarago harimo ishushanya: amaboko ntamera. Bishushanya ko bagize umuryango.

Kurya mucurwa n'inyundo ziramye (umukarago 30)

Ni ishushanya kuko abantu badacurwa ahubwo barabyarwa. Bishatse kuvuga ko babyarwa n'ibihangange".

Abagusigaranye imbuto n'intanga (umukarago 62)

Bishushanya abagusigiye kubyara no kororoka...

f) Igerura cyangwa impirike

Ni ukuvuga ikintu ugabanya cyangwa wongera agaciro kacyo usa n'ushyiramo ikinyabupfura. Urugero, aho kugira ngo uvuge ko ikintu ari kibi, ukavuga ngo si kiza, ikintu kinuka ukavuga ngo gihumura nabi, umuntu wangana ukavuga ngo agira urukundo ruke. Nyakayonga ka Musare, mu gisigo "Ukwibyara" yakoresheje igerura.

Urugero:

Bwobabuke, bwanzabuke (umukarago 228)

Umusizi ashaka kuvuga ko Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura atagira ubwoba, atagira ubugugu ahubwo agira ubuntu.

g) Itizabuntu

Ni umunozanganzo ufitanye isano cyane n'ishushanya. Gusa mu itizabuntu umusizi aha ishusho ibintu cyangwa inyamaswa, imyumvire, imikorere nk'iy'umuntu:

Urugero:

Adusendera imisaka ya rusenge (umukarago 28)

Imisaka ntishobora gusendwa. Ubundi hasendwa umugore. Harimo itizabuntu.

Harimo kandi n'ishushanya. Birashushanya ko Umwami Ruganzu II Ndoli yabakuye mu bwirabure.

h) **Umusarabiko:** Ni umunozanganzo ukoresha interuro ku buryo agace gatangira intondeke ya mbere usanga ari ko gasoza intondeke ya kabiri, agasoza intondeke ya mbere kakaba ari na ko gatangira iya kabiri. (Ku buryo usanga izo ntondeke zombi zisa n'izikora ikintu kimeze nk'umusaraba cyangwa ikimenyetso cyo gukuba).

Urugero:

Kera isake yari isaha

Kera isaha yari isake

i) Ikabya: Ni uburyo bwo gukabiriza igitekerezo ku buryo umuntu yumva ibivuzwe bisa n'aho bitashoboka cyangwa se birengeje urugero.

Urugero:

Wadukamiye amata angana imvura.

3. Imigoronzoranganzo**a) Umubirinduro**

Umusizi aba yakoresheje umubirinduro iyo yahinduye uko amagambo asanzwe akurikirana mu nteruro nk'iryari iburyo rikaza ibumoso.

Urugero:

- Bukurirwe umwami **ubwatsi** (umukarago 335):

Mu bisanzwe yagombye kuvuga: "Ubwatsi bukurirwe Umwami".

- Yaramutse umuvumbi imvura.

Mu bisanzwe yagombye kuvuga: " Imvura yaramutse umuvumbi ".

b) Iyambukanya

Aho kugira ngo interuro irangirane n'umukarago, irangirira ku mukarago ukurikiyeho.

Urugero:

- Ge wasanze ingoro y'umwami

Isetse, isusurutse

Isa n'ingwa yera (umukarago 346-348)

- Akwikiye mu nti z'imyifuzo

Y'amaberuka atarakora hasi.

- Kigasanga barageze

Imigerwa myinshi.

c) Irondora

Umusizi avuga ibintu abikurikiranya kimwe ku kindi nta cyungo kirimo.

Ingero:

Muri intwari zitarutana,

Muri bene iteka ritahava,

Muri bene umutungo mwiza (Umukarago 47-49)

d) Ikomora

Abasizi bakoresha ikomora barema amagambo bahereye ku yandi, bakongeraho cyangwa bagakuraho uturemajambo. Inyito ishobora guhinduka cyane cyangwa buhoro.

Ingero:

Umuhinza wari uhanze

Yuhi aramuhangamura (umukarago 249-250)

Inshinga guhangamura (-hang-am-ur-a) ikomoka ku nshinga guhanga (-hang-a) kuko igicumbi ari kimwe. Ikomora rikoresheje ingereka **-am** na **-ur-**. Muri uru rugero inyito ntabwo yahindutse cyane.

3. Umwitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, kujya mu matsinda ya babiribabiri, bagakora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Garagaza ubwoko bw'iminozanganzo dusanga muri iyi mikarago uvuge n'icyo umuhanzi yashakaga kuvuga muri iyo mvugo shusho.

a) Umwami uhawe uruharo Arwigiza imbere.

b) Wadukamiye amata angana imvura

c) Kurya mucurwa n'inyundo ziramye

Ubwoko bw'iminozanganzo	Icyo umuhanzi yashakaga kuvuga
a) - Imibangikanyo yuzuzanya - Ihwanisha (uruharo: Igihugu)	Umwami uhave Igihugu aracyagura.
b) Ikabya	Wadukamiye amata menshi cyane, waradutunze ku buryo bukomeye.
c) Ishushanya	Kurya mubyarwa n'ibihangange.

II.6. Umwandiko: Inzira y'umuganura

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 66)

Isomo rya cumi na kabiri: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:
- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku ishusho ifitanye isano n'umwandiko bagiye gusoma.

Urugero rw'ibibazo n'igisubizo:

1. Ni iki mubona kuri iyi shusho? Iyi shusho iriho abantu ba kera urebeye ku myambarire ndetse n'inyogoshu yabo. Hari abantu batandukanye harimo n'umwami ndetse n'umwamikazi. Hari ibikoresho bitandukanye bya Kinyarwanda nk'ibiseke birimo impeke zitandukanye, inkongoro zirimo amata, inkoko ziriho ibiribwa. Hari kandi n'intango y'amarwa. Biragaragara ko ari mu rugo rw'ibwami.

2. Mushingiye ku byo mubona ku mashusho, muratekereza ko aba bantu bari mu wuhe munsu mukuru? Biragaragara ko bari mu munsu mukuru w'umuganura.

Umwarimu ahera ku bisubizo batanze maze akababwira ko bagiye gusoma umwandiko "Inzira y'umuganura."

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganywa kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Soma umwandiko “Inzira y’umuganura”, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw’amagambo abanyeshuri bashobora kuba badasobanukiwe:

Umuganura: umuhango wo kurya no kunywa ku musaruro bwa mbere. Kera wari umuhango wo kurya umwaka mushya w’amasaka n’uburo, umwami akaba ari we wagombaga kuganzwa bwa mbere.

Uturuka: utangirira.

Uturukijwe: biva ku nshinga guturutsa bivuga kubiba amasaka y’amaka ubwa mbere.

Umutsobe: bumwe mu moko yo mu Rwanda. Amateka y’uruhererekane avuga ko avuga ko bakomoka kuri Rutsobe rwa Gihanga.

Ikambere: mu nzu ya mbere, ari yo nkuru kandi nini ifite izindi zo mu gikari.

Ikirambi: umwanya wo mu nzu ya kinyarwanda, uri hagati, umwanya wicarwamo na nyiri urugo.

Intebe y’inteko: intebe ya cyami, y’ubutegetsu

Inyifuzo: ubwoko bw’ibiti byitwa bityo.

Ku karubanda: ku muharuro w’urugo rw’umwami, aho abonanira na rubanda.

Ingoma zikayasanganira: abantu bakayakira ingoma zivuze.

Bagacanira: bagacana umuriro mu rugo nk’abacanira inka.

Gusubya imbuto: kongera guhinga mu murima bari babibiyemo ubwa mbere

Umurorano: amasaka azavamo umutsima.

Ibyibo by'ingore: ibyibo biboshye mu ntamyi z'urufunzo.

Inkongoro z'imirinzi: inkongoro zibaje mu giti cy'umuko.

Umwami akarora: umwami akarya.

Utari mu mugongo: utari mu mihango y'abagore/abakobwa.

Umwami akakira: umwami akaryamana n'umugore.

Agatinda cya gicuba: akanywa amata yose yo muri cya gicuba.

Isererejwe intama: iteyeho uruhu rw'intama.

Amavuta y'inturire: amavuta akuze, agenewe gutekwa (barungisha).

Ibicuba bigatindwa: ibicuba bakabyuzuzamo amata.

Ikidakombwa: urwabya rufite urugara rwagutse, bashyiramo amavuta y'umuhango w'umuganura ibwami.

Amaboko ya Karinga: imijishi abahetsi bafataga bahetse Karinga.

Ingoma zikavunura: ingoma zikarangiza guhita, gutambuka.

Inyundo: ni icyo bakubitisha ibyuma mu gihe bacura amasuka, imihoro, amashoka n'ibindi. (Ibwami habaga inyundo y'umwami nubwo ataturaga).

Urushingo: ikibaru cy'umuko bashingagamo urushingati bakarukaragiramobabigiranye imbaraga, bakabibyaza umuriro.

Inganji: igihaha cyangwa igitabazi k'imana yeze. (iby'intama, inkoko cyangwa inka baraguye).

Igikondo: imana yeze.

Rugina: kimwe mu bibindi by'ubuki magana abiri abiru b'umuganura bajyanaga ibwami.

Bakagisokoza: bakagishyiraho amahundo. Bashyiraga amahundo ane mu gitenga cy'umuganura.

Bakabyirura: bagasogongera. Ni ugusogongera kuri Rugina.

Imirembe: imitobotobo itagira amahwa.

Ishyoza: ubwoko bw'ikimera.

Akarundura atyo: akarangiza atyo.

Guturira (inkono): Gushyira ifu mu nkono ivuga (bavugiramo umutsima).

Kudahanura: kugabanya amazi yo mu nkono ivuga mbere yo gushyiramo ifu.

Guhakura: gukura umutsima mu nkono ivuga.

Akavure k'indembere: akavure gato bashobora gutaramo urwagwa cyanwa kwengeramo udutoki duke.

Amaraso ya ya Ndwany: amaraso ya ya mfizi yo mu Ndwany babikiriye (bishe).

Igitenga: igiseke kinini cyane.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, kujya mu matsinda ya babiribabiri, bagakora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Koresha mu nteruro amagambo akurikira dusanga mu mwandiko:

- **Ku karubanda:** Cya gicuba kigasigara **ku karubanda**, kigakurikira insyo.

- **Gusanganira:** Iyo wishimiye umuntu wumva wajya **kumusanganira** ataragera mu rugo.

- **Kurora:** Mu ikeshamvugo, kurya k'umwami byitwa **kurora**.

- **Bakarika:** Kugira ngo umutsima utaza guhora ukabiha, babanza guteka uburisho **bakarika** bugiye gushya.

- **Abambogo:** **Abambogo** bari abanyamuhango b'umuganura.

b) Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo akurikira:

- **Hakura** uwo mutsima uwushyire mu kibo.

- Iyo abantu bashaka kumva ko inzoga iryoshye **barabyirura**.

- Shyira ayo mata mu **nkongoro z'imirinzi** maze uyahe abana.

- Amavuta yashyirwaga mu **kidakombwa** mbere yo gukoreshwa.

Isomo rya cumi na gatatu: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko adategwa no gusubiza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

- a) **Umwandiko duheruka gusoma ufite uwuhe mutwe?** Umwandiko duheruka gusoma ni "Inzira y'umuganura".
- b) **Ni ikihe gitekerezo k'ingenzi kivugwa muri uyu mwandiko?** Muri uyu mwandiko "Inzira y'umuganura", havugwamo ibijyanye no gutegura umuganura n'uko imihango yawo wagendaga.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo kuri iri somo ibiteganywa mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Ongera usome umwandiko "Inzira y'umuganura" hanyuma usubize ibibazo bikurikira:

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe

a) Inzira y'umuganura yatangiraga mu kuhe kwezi?

Mu kwezi kwa munani (Kanama)

b) Umuganura watangizwaga n'uwohe muhango? Waberaga he? Uatangizwaga n'uwohe muryango?

Watangiriraga ku muhango wo kwaka amasuka ibwami. Waberaga ibwami. Watangizwaga n'umuryango wo kwa Musana.

c) Ni uwuhe muhango wakorwaga n’umwami mbere yo guhinga?

Umutsobe yazanaga amasuka ibwami, umwami akayafatira imbere ye, nyuma akongera akayamusubiza, akamwifuriza guhinga no kweza.

d) Ukurikije umwandiko, n’uko usanzwe uzi umuhango w’umuganura, wavuga ko umuganura watangiraga gutegurwa ryari?

Watangiraga amasaka yeze, mu myijima y’ukwezi kwa Mutarama.

e) Inzira y’umuganura yarangiriraga he? Yarangiraga ite?

Yarangiriraga ibwami. Basigaga ingoma amaraso y’imfizi yo mu Ndwanyi, barangiza bakazishyira mu ngobyi, bagaheka n’igitenga bikajyanirwa umwami ikambere, ubwo umuganura ukarangirira aho.

f) Ibirori by’umuganura nyirizina byatangizwaga na ba nde?

Byatangizwaga n’umwami, umwamikazi n’abiru.

Isomo rya cumi na kane: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego yihariye

Nyuma y’iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura umwandiko agaragaza ubwoko bw’umwandiko, aho ibivugwamo bihuriye n’ibikorwa ubu no guhanga umuvugo yigana imwe mu ngeri z’ubuvanganzo yize.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga wavugaga ku ki?

Wavugaga ku bijyanye n’uko umuganura wategurwa ndetse n’uko wakorwaga.

b) Ni nde wagiraga uruhare runini mu gutegura umuganura?

Ni Umutsobe.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko “Inzira y’umuganura” hanyuma usubize ibibazo bikurikira:

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo byanogejwe:

a) Inzira y’umuganura iri mu buhe bwoko bw’ubuvanganzo? Sobanura igisubizo cyawe.

Inzira y’umuganura iri mu buvuganuzi nyarwanda nyemvugo, mu kiciro cyabwo cy’ubuvanganzo bw’ubutegetsi (ubuvanganzo bukuru). Impamvu ni uko wari ugizwe n’urusobe rw’amategeko babaga barafashe mu mutwe kuko nta nyandiko yabagaho, kandi hakaba harakorwagamo imihango yo mu rwego rw’ubutegetsi atari ibyo muri rubanda rusanzwe.

b) Umwandiko “Inzira y’umuganura” uvuga ku bijyanye n’amafunguro. Ugendeye kuri uwo mwandiko, wavuga iki ku muco wo kunywesha imiheha mu kibindi?

Icyo nawuvugaho ni uko kera Abanyarwanda bumvaga ko kunywesha imiheha basangirira hamwe ari byiza, gusa ntibitaga ku bijyanye n’umuco w’ubuziranenge ndetse n’isuku. Muri iki gihe tugezemo rero tugomba kubwirinda kuko twasobanukiwe ko bishobora gutuma abantu banduzanya indwara zinyuranye.

c) Gereranya ibyo twabonye byakorwaga mu nzira y’umuganura mu Rwanda rwo hambere n’uko ibirori by’umuganura byizihizwa kuri ubu. Sobanura akamaro k’umuganura.

Umuganura wa kera wakorwaga baganuzanya umwami ku mbutu zeze mu Gihugu umuhango ukabera ibwami, ariko kuri ubu abantu bashobora kuganuzanya hagati yabo, umuntu akaganuzanya umubyeyi we cyangwa undi muntu yubashye. Kera inzira y’umuganura yatangizwaga n’umwami akaba ari we utanga n’amasuka yo kujya gutangira guhinga. Kuri ubu si ngombwa ko Umuyobozi w’Igihugu agomba kuwutangiza ngo ari na we utanga amasuka. Ku bijyanye n’amafunguro byo usanga bisa, kuko abagize buri muryango cyangwa urwego runaka bahurira hamwe mu birori bagasangira ku mafunguro akomoka kuri bimwe mu byo bejeje.

- Kwizihiza umuganura ni ngombwa kuko ari uburyo bwo guhesha agaciro umuco nyarwanda, abantu bakaboneraho n’umwanya wo gusabana bishimira

umusaruro bagezeho, banarebera hamwe uko bategura ibikorwa by'iterambere ry'igihe kiri imbere.

d) Hanga umuvugo wigana imwe mu ngeri z'ubuvanganzo wize maze ukoresheho iminozangazo inyuranye, uzawuvugire mu ruhame imbere ya bagezi bawe.

Umwarimu azareba imivugo abanyeshuri bahanze, agende abagira inama z'uko banoza imivugo yabo.

II.5.7. Ubwiru

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 78)

Isomo rya cumi na gatanu: Inshoza y'ubwiru n'inzira z'ubwiru.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura inshoza y'ubwiru
- Kurondora no kuvuga icyo inzira z'ubwiru zavugagaho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ubuvanganzo.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko "Inzira y'umuganura" bibaganisha ku isomo bagiye kwiga.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:

Garagaza ibikorwa bimwe na bimwe byari bitegetswe gukorwa mu nzira y'umuganura.

- Kuja kwaka amasuka ibwami
- Kuzana amasuka ahambiriye mu kirago
- Kuyahamburira imbere y'umwami
- Yagera iwabo i Bumbogo
- Ingoma zikayasanganira n'impundu
- Bagacanira ngo amasuka yaje
- Akicara mu muryango ku ntebe y'inteko,
- Akambara inganji
- Umuheto ukamujya imbere
- Guheza abantu bose batari abiru mu gihe umwami agiye kurora (kurya)

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko "Inzira y'umuganura, witegereza imiterere yawo. Uhereye ku miterere yawo n'ibivugwamo, kora ubushakashatsi utahure ishoza y'ubwiru n'inzira z'ubwiru zabagaho mu Rwanda.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo.

Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:

1. Inshoza y'ubwiru

Ubwiru ni urusobe rw'imihango/amategeko yakorwaga n'umwami n'abiru. Iyo mihango yakorwaga mu ibanga kandi ikagira amagambo yihariye agendana na yo. Iyo mihango bayitaga inzira z'ubwiru.

2. Inzira z'ubwiru

Inzira z'ubwiru zari 18 ariko izashoboye gutahurwa ni 17 kuko iya 18 ari yo "Inzira y'imfizi y'ibwami" itashoboye kuboneka.

Izabonetse ni izi zikurikira:

- **Inzira ya rukungugu:** yavugaga ibyerekeye amapfa; igihe nyine habaga hateye amapfa. Yakorwagamo imihango ijyanye no gusaba imvura.
- **Inzira ya kivu:** igihe habaga hateye umwuzure; iyo nzira yari iyo gutsirika imyuzure no gusaba umucyo.
- **Inzira y'inzuki:** yari igamije irumbuka ry'inzuki mu gihe ubuki bwagumye, igakorwa igihe cyo kwagika imizinga no guhakura.
- **Inzira ya muhekenyi:** yari igamije gutsemba indwara z'ibyorezo z'inka n'ibindi byonnyi.
- **Inzira y'umuhigo:** ni igihe cyakorwagamo imihango yo guhiga inyamaswa. Izi nzira uko ari 5 zari zigize imihango ikorwa igihe ikenewe gusa; nta gihe gihamye yari ifite.

- **Inzira y'umuriro:** yari igamije kubyarira umuriro. Ni ukuvuga ko bacanaga bundi bushya umuriro wa Gihanga wibutsaga iyimikwa ry'abami b'umuriro ari bo ba Yuhi. Iyo nzira yari igamije kongera inka n'abantu mu Rwanda, igakorwa n'umwami witwa Yuhi.
- **Inzira ya Gicurasi:** habaga igisibo cyo kwibuka urupfu rwa Ndahiro II Cyamatare; umwijima wa Gicurasi washushanyaga urupfu, naho iboneka rya Kamena rigashushanya uburumbuke n'ubuzima. Iyi nzira yarangizaga imihango yo kwirabura no kwera ngo u Rwanda rurumbuke.
- **Inzira y'umuganura:** yari inzira igenga imihango yo kuganura. Habaga umuhango wo kuganura umwami ku mbuto zeze mu Gihugu.
- **Inzira y'ishora:** yari inzira igenga imihango yo gushora. Yibutsaga iyimikwa ry'abami b'inka ari bo ba Mutara na Cyilima.
- **Inzira y'inteko:** yari inzira igenga imihango yo gukora inteko zo gutabara igihe cyo kurwanirira ingoma.
- **Inzira yo kwambika ingoma:** Iyo ingabo z'u Rwanda zatsindaga igihugu runaka, bambikaga ingoma ibinyita (ibishahu).
- **Inzira yo kwasira:** iyo mihango yagengaga uburyo bunyuranye bwo kwambika ingoma.
- **Inzira y'inkiko yabyaye umugaru:** yagengaga iby'inkiko z'u Rwanda yakorwaga igihe cyo kwagura imipaka.
- **Inzira y'urwihisho:** yibutsaga igihe k'ibitero bikaze by'u Rwanda n'u Burundi; iyo umwami w'u Burundi yabaga yapfuye, umwami w'u Rwanda yagombaga kumara iminsi 8 ahantu atabonana n'umugore kandi akiragiza abakurambere.
- **Inzira y'ikirogoto:** yari ikubiyemo ibijyanye n'umuhango wo gutabariza umwami w'u Rwanda (kumushyingura) igihe yabaga yatanze.
- **Inzira y'urugomo:** yakorwaga igihe cyo kugaba ibitero ku bantu bagomeye ingoma.
- **Inzira y'iyimika:** yavugaga uburyo umwami yimikwa igihe umwami yatangaga, bagiyeye kwimika undi.
- **Inzira y'imfizi z'i Bwami:** iyo nzira y'imfizi z'i Bwami ntirashobora kuboneka.

Inzira z'ubwiru zirangwa n'uko zifite iminozaganzo itandukanye byerekana ko ari ubuvanganzo, uturango twerekana ko ari umwandiko wo mu buvanganzo nyemvugo n'ibikorwa by'umwami n'abiru byerekana ko ari ubuvanganzo nyabami.

c) Akamaro ko kwiga ubwiru

Kwiga ubwiru bifite akamaro kuko bituma Abanyarwanda bamenya amateka yabo. Harimo kumenya amabanga y'imategekere y'Igihugu, imihango inyuranye yakorwaga ibwami n'uturango tw'ubusizi nyarwanda. Umuntu kandi ashobora guhera kuri iyo nganzo agahanga agendeye ku nsanganyamatsiko zo muri iki gihe.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha. Umwarimu areba ko umunyeshuri yashoboye kugaragaza inzira z'ubwiru no kuzihuza n'ibyo zavugagaho, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Garagaza inzira eshatu mu nzira z'ubwiru zabayeho mu Rwanda usobanure n'icyo zavugagaho.

Urugero:

- **Inzira ya rukungugu:** yavugaga ibyerekeye amapfa; igihe nyine habaga hateye amapfa. Yakorwagamo imihango ijyanye no gusaba imvura.
- **Inzira ya kivu:** igihe habaga hateye umwuzure; iyo nzira yari iyo gutsirika imyuzure no gusaba umucyo.
- **Inzira y'inzuki:** yari igamije irumbuka ry'inzuki mu gihe ubuki bwagumye, igakorwa igihe cyo kwagika imizinga no guhakura.
- **Inzira ya muhekenyi:** yari igamije gutsemba indwara z'ibyorezo z'inka n'ibindi byonnyi.

b) Sobanura akamaro k'ubwiru

Bukubiyemo amateka y'imihango yakorerwaga ibwami. Harimo amabanga y'imategekere y'Igihugu n'uturango tw'ubusizi nyarwanda. Umuntu yanahera kuri iyo nganzo agahanga agendeye ku nsanganyamatsiko zo muri iki gihe.

II.5.8. Ubucurabwenge

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 80)

Isomo rya cumi na gatandatu: Ubucurabwenge

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura inshoza y'ubucurabwenge.
- Kugaragaza urutonde rw'abami b'u Rwanda n'abagabekazi babo.
- Gusobanura akamaro ko kwiga ubucurabwenge.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ubuvanganzo.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko “Ukwibyara” bibaganisha ku isomo bagiye kwiga.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:

Vuga abami batatu basimburanye ku ngoma bavugwa mu gisigo “Ukwibyara” uhereye ku mwami wihitiyemo.

Cyilima I Rugwe

Kigeli I Mukobanya

Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi

Yuhi II Gahima

Ndahiro II Cyamatatare

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Kora ubushakashatsi utahure inshoza y'ubucurabwenge, ugaragaze urutonde rw'abami n'abagabekazi babo kandi ugaragaze n'akamaro ko kwiga ubucurabwenge.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:

a) Inshoza y'ubucurabwenge

Niumuvugomuremurewavugaga ibisekuru by'abamin'abagabekazi. Abawufataga mu mutwe bitwaga abacurabwenge. Ubucurabwenge bwarangwaga n'uko buvuga ibisekuru by'abami n'abamikazi mu buryo buryoheye amatwi.

b) Urutonde rw'abami b'u Rwanda n'abagabekazi babo

Ubucurabwenge bwigisha ko u Rwanda rwimye abami 44, kuva ku ngoma za mbere kugeza ku ya Mutara Rudahigwa, kuko Alexis Kagame yabwiwe Ubucurabwenge ku ngoma y'uwo mwami, aba ari we aheraho. Ayo mazina yose yarondorwaga mu gihe k'imihango yo kwimika umwami. Bavugaga amazina y'umwami n'ay'umugabekazi bamaze kwimika, bakarondora n'aya ba se na ba nyina, n'ibisekuruza byabo bombi, bagakomeza batyo ku bami bose, kuzageza kuri Nkuba, ari we Shyerezo, akaba inkomoko y'Abami b'u Rwanda. Ayo mazina murayasanga mu gice kiyarondora nk'uko Alexis Kagame yayanditse mu Nganji Kalinga (Amasekuruzay'Abami b'u Rwanda). Reka dufate ay'abami n'abagabekazi gusa, tutavuze ibisekuruza by'abagabekazi, maze tuyakurikiranye, dukurikije bya bihembwe tumaze kuvuga: Abami b'Ibimanuka, Abami b'Umushumi, Abami b'Ibitekerezo.

Abami b'ibimanuka

Duhereye ku Nkomoko y'Abanyiginya, Shyerezo

Nkuba, dore amazina y'Ibimanuka:

1. Shyerezo Nkuba
3. Muntu
4. Kimanuka
5. Kijuru
6. Kobo
7. Merano
8. Randa
9. Gisa
10. Kizira
11. Kazi
12. Gihanga

B. Abami b'Umushumi, n'Abagabekazi babo:

1. GIHANGA Ngomijana + Nyiragihanga

Nyirarukangaga

2. Kanyarwanda Gahima + Nyirakanyarwanda Nyamususa
3. Yuhi Musindi + Nyirayuhi Nyamata
4. Rukuge + Nyirarukuge Nyirankindi
5. Nyarume + Nyiranyarume Nyirashyoza
6. Rumeza + Nyirarumeza Kirezi
7. Rubanda + Nyirarubanda Nkundwa
8. Ndahiro Ruyange + Nyirandahiro Cyizigira
9. Ndoba Samembe + Nyirandoba Monde
10. Nsoro Samukondo + Nyiransoro Magondo
11. Ruganzu Bwimba + Nyiraruganzu Nyakanga

C. Abami b'Ibitekerezo n'Abagabekazi babo:

1. Cyirima Rugwe + Nyiracyirima Nyakiyaga
2. Kigeri Mukobanya + Nyirakigeri Nyankuge
3. Mibambwe-Mutabazi Sekarongoro + Nyiramibambwe Nyabadaha
4. Yuhi Gahima + Nyirayuhi Matama
Ndahiro Cyamatara + Nyirandahiro Nyirangabo
Ruganzu Ndori + Nyiraruganzu Nyirarumaga
5. Mutara Semugeshe + Nyiramavugo Nyirakabogo
6. Kigeri Nyamuheshera + Nyirakigeri Ncenderi
7. Mibambwe-Mutabazi Gisanura + Nyiramibambwe Nyabuhoro
8. Yuhi Mazimpaka + Nyirayuhi Nyamarembo
Karemera Rwaka + Nyirakaremera Rukoni
9. Cyirima Rujugira + Nyiracyirima Kirongoro
10. Kigeri Ndabarasa + Nyirakigeri Rwesero
11. Mibambwe Sentabyo + Nyiramibambwe Nyiratamba
12. Yuhi Gahindiro + Nyirayuhi Nyiratunga
13. Mutara Rwogera + Nyiramavugo Nyiramongi
14. Kigeri Rwabugiri + Nyirakigeli Murorunkwere
15. Mibambwe Rutarindwa + Nyiramibwambwe Kanjogera
16. Yuhi Musinga + Nyirayuhi Kanjogera
17. Mutara Rudahigwa + Nyiramavugo Kankazi
18. Kigeri Ndahindurwa + Nyirakigeri Mukashema.

Ikitonderwa: Muri uru rutonde, amazina y'abami adafite inomero ni amazina yagize ibyo anengwa bituma atarakomeje kwitwa n'abami b'u Rwanda.

- **Ndahiro:** Iri zina ryakuwe mu rutonde rw'amazina y'abami b'u Rwanda kuko Ndahiro Cyamatatare yishwe na Nsibura Nyebunga, Umwami w'U Bunyabungo akanamunyaga ingoma y'ingabe "Rwoga".

- **Ruganzu:** Iri zina ryakuwe mu rutonde rw'amazina y'abami b'u Rwanda kuko Ruganzu Ndori na we yaguye ku Rugamba.

- **Karemera:** Iri zina ryakuwe mu rutonde rw'amazina y'abami b'u Rwanda kuko ryari izina ry'abami b'i Karagwe (muri Tanzaniya). Binaturuka kandi ku mpamvu y'uko umwami Karemera Rwaka yatanze imburagihe bakavuga ko iryo zina ry'amahanga ryamuteye umwaku rigatuma ingoma imurasa agatanga. Kandi ngo yari yanayibye Cyilima Rujugira wari warahunze se Mazimpaka na byo bimutera umwaku.

c) Akamaro ko kwiga ubucurabwenge

Kwiga ubucurabwenge bifite akamaro kuko bituma Abanyarwanda bamenya amateka yabo. Harimo kumeya uko abami n'abagabekazi bagiye bakurikirana, ibijyanye n'imitegekere y'Igihugu cyacu n'uturango tw'ubusizi nyarwanda. Umuntu yabwagiraho kumenya igisekuru ke kandi ashobora guhera kuri iyo nganzo agahanga agendeye ku nsanganyamatsiko zo muri iki gihe.

3. Umwitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, kujya mu matsinda ya babiribabiri, bagakora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:

Sobanura ubucurabwenge n'akamaro ko kubwiga.

Ubucurabwenge ni umuvugo muremure wavugaga ibisekuru by'abami n'abagabekazi.

Kubwiga bifite akamaro kuko bituma Abanyarwanda bamenya amateka yabo, bakameya uko abami n'abagabekazi bagiye bakurikirana, ibijyanye n'imitegekere y'Igihugu cyacu n'uturango tw'ubusizi nyarwanda. Umuntu yanabwagiraho kumenya igisekuru ke kandi ashobora guhera kuri iyo nganzo agahanga agendeye ku nsanganyamatsiko zo muri iki gihe.

II.5.9. Umwandiko: Isabwa rya Mukandahiro

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 84)

Isomo rya cumi na karindwi: Gusoma no gusobanura umwandiko.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko **“Isabwa rya Mukandahiro”** akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:

1. Ni iki mubona kuri iyi shusho?

Turahabona abantu bicaye ahantu hateguye neza. Hari abakobwa n'abasore, umugore n'abasaza.

2. Mushingiye ku byo mubona ku mashusho, muratekereza ko aba bantu bari mu wuhe muni mukuru?

Biragaragara ko bari mu birori by'ubukwe.

Umwarimu ahera ku bisubizo batanze maze akababwira ko bagiyeye gusoma umwandiko **“Isabwa rya Mukandahiro.”**

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Soma umwandiko “Isabwa rya Mukandahiro”, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora gusobanura:

Amaso si aya: si ubwa mbere nkubonye.

Igikatsi: ibyatsi bengesheje ibitoki maze bakabikamuramo umutobe wose. Bivugwa kandi ku kintu cyose cyashizemo amazi.

Kudashakira ubwinshi mu mazi: kudashyira amazi menshi mu kintu.

Ingaramakirambi: umusore watinze gushaka.

Umuranga: umuntu w'inyangamugayo, w'inararibonye watorwaga n'umuryango w'umusore akajya kubafatira amakuru mu muryango ufite umukobwa ukwiye gusabirwa uwo musore.

Ishyo: ikoraniro ry'inka nyinshi zororerwa hamwe zigasangira imfizi./Umubare w'inyamaswa zimwe na zimwe nk'inzovu, imbogo cyangwa imparage ziba hamwe ari nyinshi zihuje ubwoko.

Inyana zirara imfizi mu mahembe: inyana zigeze igihe cyo kwima.

Uruhanga ruharaze imvi: umutwe urimo imvi.

Gutebutsa: kujya mu muryango mwasabyemo umugeni mukumvikana ku munsi w'ubukwe.

Inkingi yitwa kanagazi: inkingi yo mu nzu ya kinyarwanda yashyigikiraga uruhamo rw'umuryango.

Urusika: wari umwanya utandukanya ibice bitandukanye byo mu nzu ya Kinyarwanda. Kuri ubu ni urukuta rutandukanya ibyumba by'inzu.

Urusika rw'umugendo: urusika abantu batari bene urugo batari bemerewe kurenga ngo bakomeze mu nzu.

Baduhekere: batuzanire umugeni. Aha twibuke ko kera bamuhekaga mu ngobyi akaba ari ho iyo mvugo ikoreshwa mu misango y'ubukwe ikomoka.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri bagakora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Koresha amagambo akurikira mu nteruro wumvikanisha icyo

ashaka gusobanura:

- **Umutahira:** Mu mazina y'inka, umutahira ni we watumiraga umwisi ngo aze guha inyambo inshutso...
- **Igikatsi:** Benze ibitoki **ibikatsi** barabikamura cyane none amaganura yabyo ntaryoshye.
- **Uruhimbwi:** Nimutereke ayo mata ku **ruhimbwi**.
- **Ishyo:** Batangiye borora inka imwe none bageze ku **ishyo**.

b) Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira impuzanyito zayo:

- Uyu mwana yabyirutse afite **imbaraga**.

Uyu mwana yabyirutse afite **imbaduko**.

- Yakoze uko ashoboye kose nta cyo **namugaya**.

Yakoze uko ashoboye kose nta cyo **namuveba**.

- Kera **umushumba** si we wahamagaraga umwisi ngo aze kwita inka amazina, ahubwo yatumirwaga n'umutahira.

Kera **umwungeri** si we wahamagaraga umwisi ngo aze kwita inka amazina, ahubwo yatumirwaga n'umutahira.

c) Mu kinyatuzu gikurikira harimo amagambo makumyabiri n'abiri (22) y'imihango cyangwa y'ibikoresho byo mu bukwe. Tahuramo ayo magambo, uva hasi ujya hejuru, uva hejuru ujya hasi, uva iburyo ujya ibumoso, uva ibumoso ujya iburyo, uberamye.

I	B	I	S	H	Y	I	N	G	I	R	A	N	W	A
G	N	O	N	M	L	L	N	U	N	D	I	I	H	M
U	U	D	M	Z	N	G	V	T	E	E	S	M	Z	A
S	W	T	O	I	O	L	M	E	G	G	T	P	C	J
H	D	B	W	N	D	G	R	B	U	A	I	A	D	Y
Y	V	A	B	I	G	C	A	U	M	T	Y	N	W	A
I	S	U	K	A	K	O	U	T	U	E	H	O	Y	M
N	K	I	J	O	P	U	R	S	A	P	S	B	V	B
G	U	K	W	A	K	J	R	A	U	M	U	K	W	E

I	N	K	W	A	N	O	Z	U	N	I	M	R	S	R
R	A	G	N	A	R	U	M	U	R	Y	U	T	U	E
W	N	U	M	U	S	A	N	G	W	A	O	W	V	I
A	B	A	S	U	G	U	T	E	K	E	S	H	A	N
U	T	Z	C	A	Z	I	G	A	B	M	A	R	U	K
K	U	R	A	M	U	K	A	N	Y	A	Y	Z	A	A

Ayo magambo ni aya:

- | | | |
|-----------------|-----------------|--------------------|
| 1. Gushyingirwa | 2. Gusaba | 3. Gukwa |
| 4. Gutebutsa | 5. Gutwikurura | 6. Kuramukanya |
| 7. Indongoranyo | 8. Inkwano | 9. Ibishyingiranwa |
| 10. Amajyambere | 11. Kurambagiza | 12. Umuranga |
| 13. Umushyitsi | 14. Umusangwa | 15. Gutekesha |
| 16. Inzoga | 17. Isuka | 18. Umukwe |
| 19. Umugeni | 20. Inka | 21. Impano |
| 22. Impeta | | |

Isomo rya cumi n'umunani: Gusoma no kumva umwandiko.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko adategwa no gusubiza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga ni **“Isabwa rya Mukandahiro”**.

b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?

Uwo mwandiko wavugaga ku nsanganyamatsiyo y'imisango y'ubukwe bwa kinyarwanda .

Umwarimu ahera ku bisubizo batanze maze akababwira ko bagiye kumva umwandiko “Isabwa rya Mukandahiro.”

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko “Isabwa rya Mukandahiro” hanyuma usubize ibibazo bikurikira.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo:

a) Umukwe mukuru ageze kwa Rugendo yasanze bakoranyijwe n’iki? Ese koko icyo bavuga mu mwandiko ni cyo cyari cyabakoranyije? Sobanura igisubizo cyawe.

Yasanze bari mu busabane busoza umwaka. Icyo bavuga mu mwandiko si cyo cyari cyabakoranyije. Ntibari mu busabane busoza umwaka, ahubwo bari biteguye abashyitsi baje gusaba umukobwa.

b) Ni iyihe nteruro igaragaza ko umukwe mukuru yishimiye amazimano babakirije? Interuro igaragaza ko umukwe mukuru yishimiye inzoga babakirije ni “Uwenze iyi nzoga mutwakirije, igikatsi yagitsikamiye neza ntiyashakiye ubwinshi mu mazi”.

c) Uwavuga ko uyu mwandiko ufitanye isano no gucyocyorana mu buryo bwa gifura yaba yibeshye? Tanga ingero ebyiri ziherekeza igisubizo cyawe.

Uwavuga ko uyu mwandiko ufitanye isano no gucyocyorana ntiyaba yibeshye.

Ingero:

- Murakoze, hari umukobwa wacu waje mu Kivugiza ahamara iminsi itatu agaruka baramuteye inda. Ku bw’iyo mpamvu nge numva tutabashyingira umukobwa wacu.

- Arakoze uriya ugaragaje icyo yita ko ari ikibazo. Cyakora ndagira ngo mbamare impungenge. Uwo mukobwa ndamuzi. Yaje mu muryango wacu turamugaburira

agaruka abyibushye mukeka ko bamuteye inda.

Si inda yatewe ahubwo yarahageze ibiryo by'iwacu biramuyoboka, anywa inshyushyu, anywa ikivuguto arabyibuha. Ahubwo ubu na Virijiniya tubasaba none naza akahamara kabiri azabyibuha abatazi uko tugabura bazavuga ko yaje atwite.

d) Ni iyihe mihango y'ubukwe bwa kinyarwanda ivugwa muri uyu mwandiko? Yandike uyikurikiranya uko ikurikirana.

Imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda ivugwa muri uyu mwandiko ni iyi: kurambagiza, gufata irembo, gusaba no gukwa, gutebutsa no guheka umugeni (kumushyingira).

e) Ni he mu mwandiko bagaragaza ko uwo muhungu yari ageze mu gihe cyo gushaka koko?

Aho mu mwandiko bagaragaza ko uwo muhungu yari ageze mu gihe cyo gushaka koko ni aho umukwe mukuru yagize ati: "(...) umwe mu bahungu yaraje aransanga angezaho ikifuzo ko atagishaka gukomeza kwitwa ingaramakirambi".

f) Uyu mwandiko urangira batubwira ko hazakurikiraho uwuhe muhango uzwi mu bukwe bwa kinyarwanda? Uwo muhango uba ugamije iki?

Uyu mwandiko urangira batubwira ko hazakurikiraho umuhango uzwi mu bukwe bwa kinyarwanda wo gutebutsa. Gutebutsa ni ukujyana inzoga aho wasabye umugeni kubaza umunsi bazagushyingiriraho.

Isomo rya cumi n'ikenda: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura umwandiko agaragaza insanganyamatsiko ivugwamo n'ingingo z'umuco zirimo

- Kugereranya ibivugwa mu mwandiko n'ibikorwa muri iki gihe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni irihe somo duheruka kwiga?

Isomo duheruka kwiga, ni umwandiko "Isabwa rya Mukandahiro" dusubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

b) Ubu bukwe buvugwa ni ubwa nde? Ubu bukwe ni ubwa Mukandahiro.

c) Uretse Mukandahiro, vuga nibura andi mazina abiri y'abantu bavugwa muri uyu mwandiko. Abandi bavugwa ni Rugendo na Bazinura.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko "Isabwa rya Mukandahiro" hanyuma usubize ibibazo bikurikira:

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

a) Ni iyihe mihango y'ubukwe itavuzwe mu mwandiko "Isabwa rya Mukandahiro" ?

Imihango ikurikira gutebutsa ni ugushyingirwa, gutwikurura, gutekesha, kuramukanya.

b) Garagaza ingingo z'umuco nyarwanda ziri mu mwandiko.

Ingingo z'umuco zigaragara mu mwandiko:

- Mu bukwe bwa kinyarwanda habonekamo: umusangwa mukuru, umukwe mukuru n'umuhuza w'amagambo.

Igikatsi: mu muco nyarwanda abaturanyi bahanaga igikatsi.

- Gusaba umugeni: mu muco gusaba/gusabwa umugeni si iby'ababyeyi b'abana gusa ahubwo ni iby'umuryango mugari, inshuti n'abavandimwe.

- Mu muco habagaho gufata irembo maze uwagiye gusaba irembo agasiga

ikibindi n'isuka by'imfatarembo. Mu muco nyarwanda, kugira ngo umukobwa n'umuhungu bashakane byabanzirizwaga n'imihango myinshi: kurambagiza, gufata irembo, gusaba, gutebutsa. Iyo ni yo mihango y'umuco igaragara mu mwandiko. Mu muco, buri muhango, muri iyo imaze kuvugwa, ujyana n'inzoga ziwuherekeje zitangwa n'usaba umugeni. Gusa iyo mihango ikurikirwa n'indi nk'uko gushyingiranywa, gutekesha no kuramukanya/guca mu irembo.

c) Gereranya uko imisango y'ubukwe yakorwaga kera n'uko ikorwa muri iki gihe.

Umwarimu areba ibitekerezo abanyeshuri batanga kuri iki kigereranyo akabafasha kubinoza.

d) Hariho abantu basesagura umutungo mu gihe cy'ubukwe. Ibi birakwiye? Sobanura igisubizo cyawe.

Oya, gusesagura umutungo mu bukwe ntibikwiye. Impamvu ni uko abantu bagomba kwita ku muco wo kuzigama, bakibuka ko na nyuma y'ubukwe ubuzima bugomba gukomeza.

Isomo rya makumyabiri: Kuja impaka

Intego zihariye

Ahereye ku majwi/amajwi n'amashusho ku misango y'ubukwe, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Kuvugira mu ruhame ashize amanga, atanga ibitekerezo bye.
- Gusesengura no gufata umwanzuro ku bitekerezo byatanze ku kamaro k'imisango y'ubukwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku misango y'ubukwe.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitoto wo kuja impaka.

Urugero rw'ibibazo:

a) Kuri wowe uyu mwandiko wagusigiye irihe somo?

Uyu mwandiko wansigiye isomo ryo kumenya uko nakwitwara mu misango y'ubukwe.

b) Ni akahe kamaro k'imisango y'ubukwe?

Imisango y'ubukwe ituma abantu basabana kandi bikagaragara ko umukobwa ahawe umusore we ku mugaragaro, bigahesha imiryango yombi ishema.

2. Uko isomo ryigishwa

Igikorwa

Kurikirana amajwi/amajwi n'amashusho ku misango y'ubukwe, nurangiza uyijore. Hanyuma uge impaka na bagenzi bawe ku kamaro k'imisango y'ubukwe muri iki gihe.

Umwarimu ategura amajwi/amajwi n'amashusho ku misango y'ubukwe, akagera abanyeshuri umwanya wo kuyikurikira. Iyo abanyeshuri bamaze kuyikurikira barayijora, bakaboneraho no kujya impaka ku kamaro k'imisango y'ubukwe. Iyo birangiye, bafatanyaga n'umwarimu, maze bagatanga umwanzuro ku nsanganyamatsiko bunguranyeho ibitekerezo.

Umwanzuro nyuma yo kujora imisango y'ubukwe no kujya impaka ku kamaro k'imisango y'ubukwe muri iki gihe.

Urugero rw'umwanzuro wagerwaho:

Imisango y'ubukwe ikwiye gusigasirwa kuko ifite akamaro gakomeye mu muryango nyarwanda. Ituma abagize umuryango w'umusore n'uw'umukobwa basabana kandi bikagaragara ko umukobwa ahawe umusore bakundanye ku mugaragaro, bityo bigahesha imiryango yombi ishema.

II. 5.10. Umwandiko: Kamana yitwa izina

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa .91)

Isomo rya makumyabiri na rimwe: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo y'Ikinyarwanda.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko **“Kamana yitwa izina”** akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Murabona iki kuri iyi shusho?

Ishusho iragaragaraho umubyeyi uteruye uruhinja yicaranye n'umugabo we ndetse n'abandi bantu bakuru. Imbere yabo hari abana bicaye barira ku nkoko

b) Mukurikije ibigaragara ku ishusho, murakeka ko ibyo barimo kurya bimeze bite? Biragaragara ko aba bana barya ibiryo bya kinyarwanda kuko banabirira ku nkoko.

c) Mushingiye ku byo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?

Uyu mwandiko uraza kuvuga ku buryo umuhango wo kwita izina wakorwaga.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Soma umwandiko "Kamana yitwa izina", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

- a) **Inkonzo:** Agati gafite amashami abiri babaga bakonze. Bafataga ishami rimwe irindi bakarihingisha mu muhango wo kwita izina.
- b) **Kuzingama:** Gukura nabi kubera imirire mibi cyangwa kubera uburwayi.
- c) **Uruhamo rw'umuryango:** Hejuru y'umuryango ugana ku gisenge.
- d) **Irebe ry'umuryango:** Imbere mu nzu hafi y'aho basohokera.
- e) **Abakobwa b'amasugi:** Abakobwa bafite ababyeyi bombi.
- f) **Bagenda urunana:** Bagendera icyarimwe, buri wese afashe kuri rwa rutaro.
- g) **Ayabamishaho:** Agenda ayabanyanyagizaho dukeduke.

h) **Bamutapfuniraga itabi:** Bararikanjakanjaga bakamutamika amazi yaryo mu kanwa akamira.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, kujya mu matsinda, bagakora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Koresha mu nteruro amagambo akurikira dusanga mu mwandiko:

- **Yibarutse:** Iyo umubyeyi yibarutse umwana impundu ziravuga.
- **Inkonzo:** Kera amasuka ataraza, bahingishaga inkonzo.
- **Guhetura:** Mu muhango wo kwita umwana izina buri wese amwita irye zina, bose bagahetura.
- **Kunyaga:** Kirazira ko umubyeyi anyaga umwana we ibyo yamugabiye.

b) **Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ayo mu ruhushya B ukurikije ibisobanuro byayo.**

A	B
Urutaro	Intara
Kugenda urunana	Kugendera hamwe
Kuyimunyaga	Kuyimwaka
Gusurira umuntu inabi	Kumwifuriza ikibi
Barahetura	Buri wese abona umwanya we

Isomo rya makumyabiri na kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.

Intego zihariye

Nyuma iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma adategwa umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka gusoma?

Umwandiko duheruka kwiga ni “Kamana yitwa izina.”

b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?

Uwo mwandiko wavugaga ku nsanganyamatsiko y'umuhango wo kwita izina.

Umwarimu ahera ku bisubizo batanze maze akababwira ko bagiye gusoma no gusubiza ibibazo ku mwandiko “Kamana yitwa izina.”

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko “Kamana yitwa izina” hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho:

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Kamana yiswe izina ryari? Nyina yari amaze iminsi he mbere y'uko bita izina?

Hari ku muni wa munani Nyiramana yibarutse. Yari amaze iminsi ku kiriri.

b) Sobanura uko umuhango wo kwita izina wakorwaga.

Umugabo n'umugore babyaye batumiraga abavandimwe, inshuti n'abaturanyi, bakararika n'abana b'ibitsina byombi. Habagaho igikorwa cyo guhingisha umurima inkonzo cyakorwaga n'abana. Iki gikorwa cyakurikirwaga n'icyo kurya ubunnyano n'ibijyana na byo, harimo no kwita amazina (kw'abana). Bukeye mu museso hazaga igikorwa cyo kubaka urugo ku mugabo n'umugore, hagaruka kwita izina (kw'ababyeyi).

c) Umuhango wo kwita izina wahuzaga ba nde?

Umuhango wo kwita izina wahuzaga umugabo n'umugore, abaturanyi, inshuti, abana b'abahungu n'abakobwa.

d) Erekana uko igikorwa cyo kurya ubunnyano kivugwa muri uyu mwandiko cyari cyateguwe n’uko cyakozwe.

Bari bateguye urutaro bashasheho urukoma rubabuye, ruriho ibishyimbo bicucumiyemo imboga kandi babumbabumbyemo utubumbe twinshi, maze buri mwana bamugenera akabumbe ke. Abana babazaniye amazi barakaraba. Buri mwana agafata akabumbe kageretseho agasate k’umutsima akarya. Bamaze kurya bazana amata y’inshyushyu n’ay’ikivuguto, barabahereza baranywa.

e) Abana bari bafite uruhe ruhare mu muhango wo kwita izina?

Bakoraga umuhango wo guhinga, gutera intabire, kurya ubunnyano bahinguye no kwita umwana amazina.

f) Mu muco nyarwanda, ni izihe ngaruka zashoboraga kuba ku mugabo uteruye umwana atavuye hanze?

Byari ukumuvutsa amahirwe, akazaba imbwa, akazapfa atagize icyo yimarira.

isomo rya makumyabiri na gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego yihariye

Nyuma y’iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Guhuza ibivugwa mu mwandiko n’ubuzima busanzwe.
- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z’ingenzi zivugwa mu mwandiko.
- Guhina umwandiko “Kamana yitwa izina” yubahiriza amabwiriza yasabwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri n’izindi nyandiko zivuga ku muhango wo kwita izina.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo:

a) Ni irihe somo duheruka kwiga?

Isomo duheruka kwiga ni umwandiko “Kamana yitwa izina” dusubiza n’ibibazo byo kumva umwandiko.

b) Ni ku muni wa kangahe, habayeho uyu muhango wo kwita izina Kamana?

Umuhango wo kwita izina Kamana wabaye ku muni wa munani avutse.

c) Ni ikihe gikoresho gakondo kimwe wibuka cyaba kivugwa mu mwandiko Kamana yitwa izina?

Muri uyu mwandiko, harimo igikoresho kitwa urutaro.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu ntangiriro **rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe

a) Wifashishije umwandiko “Kamana yitwa izina” gereranya uko umuhango wo kwita izina wakorwaga kera n'uko ukorwa muri iki gihe.

Kera	Muri iki gihe
Gutumira abaturanyi.	Birakorwa.
Umuhango wo guhingisha inkozo no gutera intabire wakorwaga n'abana.	Ntugikorwa.
Kurya ubunnyano.	Umuhango wo kwita izina urakorwa, ariko kurya ubunnyano ntibicyubahirizwa nka kera.
Umuhango wo kubaka urugo mbere yo kwita izina.	Ntibigikorwa.
Umuhango nyirizina wo kwita izina wakorwaga n'abana, umugore n'umugabo.	Bikorwa n'abahari bose babishatse.

b) Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi

Imihango inyuranye ijyanye no kwita izina mu Rwanda rwo hambere

Ingingo z'ingereka

- Ubvandimwe
- Ubufatanye
- Ubusabane

c) Wavuga iki ku buziranenge w'ibyakorerwaga mu muhango wo kwita izina?

Harimo bimwe bitari byujuje ubuziranenge byari bikwiye gukosorwa. Nko gutapfunira uruhinja itabi, guhingisha inkonzo (igiti), guhanaguriza ibiryo ku mabere y'umubyeyi, kubaka urugo kw'abashakanye umubyeyi atarakira neza, kumena imyanda aho babonye ndetse n'uburyo bateguraga ariya mafunguro y'ubunnyano usanga byarashoboraga kudakoranwa isuku bikaba byatera indwara.

d) Hina umwandiko "Kamana yitwa izina" ukoreshije amagambo yawe kandi wubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Umwarimu areba ko abanyeshuri bahinnye umwandiko bita ku bisabwa, akabafasha kunoza icyo gikorwa aho bibaye ngombwa.

- Kwita ku ngingo z'ingenzi.
- Kwirinda kwandukura ibyavuzwe mu mwandiko byose.
- Kubahiriza amategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

II. 5.11. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa....)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa kabiri, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Mutegure imisango y'ubukwe nyarwanda nimurangiza muyikine.

Uko umwitozo uzakorwa n'uko uzakosorwa:

Gutegura imisango y'ubukwe

Uyu mwitozo uzakorerwa mu matsinda. Umwarimu azafasha abanyeshuri kujya mu matsinda maze abagenere igihe cyo gutegura imisango y'ubukwe. Abanyeshuri bazifashisha imyandiko n'izindi nyandiko zivuga ku bukwe bwa kinyarwanda.

Uko umwitozo ukosorwa:

Umwarimu asaba buri tsinda kumurika bakinira imisango y'ubukwe bateguye imbere ya bagenzi babo. Iyo itsinda rimaze kumurika, andi matsinda na yo

agenda ahabwa umwanya wo kumurika ibyo yakoze kugeza igihe amatsinda yose ahaturiye. Iyo abanyeshuri bose bamaze gukina no kumurika uyu mwitoto, umwarimu atanga inama rusange zituma barushaho kunoza no gusobanukirwa neza imitegurire n'imitangirire y'ubukwe bwa kinyarwanda.

II.6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kabiri

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kabiri, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

- Muri uyu mutwe, twasesenguye imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'umuco nyarwanda, harimo igisigo cy'ubuse, imyandiko ijyanye n'ubusizi nyabami, imisango y'ubukwe n'umuhango wo kwita umwana izina.
- Muri uyu mutwe kandi twasobanuye igisigo cy'ubuse, ibisigo nyabami, ubwiru n'ubucurabwenge tubona n'akamaro ko kubyiga.
- Twize nanone amoko y'iminozanganzo ikoreshwa mu buvuzangazo nyarwanda.

II.7. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ...)

Ibigerwaho mu isuzuma risoza umutwe wa kabiri

Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma, agomba kuba afite ubushobozi bwo:

- Gusoma no gusesengura imyandiko.
- Guhanga akoresha iminozanganzo.
- Gukina bigana imisango y'ubukwe.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora isuzuma, buri wese ku giti ke, riri mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo barangije kurikora, buri wese aramukosora, akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma n'ibisubizo

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Uyu mwandiko uri mu buhe bwoko bw'imyandiko? Sobanura ibiranga bene ubwo bwoko bw'imyandiko.

- Uyu mwandiko ni **insigamigani nyirizina**.
- Irangwa no kuba ari imvugo cyangwa se imigani biba byarakomotse ku bantu bazwi mu mateka. (Aho babaye, ibyababayeho byakomotseho iyo

mvugo, aho byabereye n'igihe byabereye).

2. Uyu mwandiko uravuga ku yihe nsanganyamatsiko? Sobanura igisubizo cyawe.

Uyu mwandiko uravuga ku **nsanganyamatsiko** yo kwirengagiza amakuba (ingorane) abandi barimo.

- Impamvu ni uko havugwamo ko Karake yirengagije ko gusya uburo bigoye, agatoteza bagenzi be bahoze bahuje umwuga ngo ni abanabwwe nyamara na we uwo mwuga yarawukoze azi ingorane zawo.

3. Rondora abakinankuru bavugwa muri uyu mwandiko.

Karake, Kigeri Rwabugiri, abanyamuhango b'umuganura, Nyamwasa, ingabo za Mibambwe Gisanura, abakobwa b'abasyi, Rugara n'umugore wa Rugara.

4. Karake yasezerewe kwa Nyamwasa azira iki? Ese iyo witegereje neza usanga usaga yarareganye. Sobanura igisubizo cyawe.

- Karake yasezerewe kwa Nyamwasa bitewe n'uko yubuye ingeso yo gusinda, umugabo we Nyamwasa yaza agasanganirwa n'umugono agasanga umugore yasinziye uburiri ari ibirutsi gusa. Bimunaniye kwihangana aramusenda.
- Iyo witegereje neza usanga atarareganye. Impamvu ni uko bidakwiye ko umuntu akora amakosa, maze aho kwisubiraho ngo ayareke ahubwo agahora ayasubiramo kugeza kuri ruriya rwego.

5. Ni uwuhe murimo uvugwa cyane muri uyu mwandiko? Ese uyu murimo wari uhuriye he na gahunda z'ubuyobozi bw'Igihugu muri icyo gihe?

- Umurimo uvugwa cyane muri uyu mwandiko ni umurimo wo gusya.
- Aho wari uhuriye na gahunda z'ubuyobozi bw'Igihugu ni uko uyu murimo wo gusya wakorwaga mu rwego rwo gutunganya umuganura wari umunsi mukuru ukomeye wo gutuma umwami aya bwa mbere ku myaka yeze.

6. Karake yongeye gusubira mu basyi bitewe n'iki?

Karake yongeye gusubira mu basyi bitewe n'uko se Rugara yari afite umugore w'umukecuru kandi nta n'umukobwa wundi afite wo kumucungura.

II. Inyunguramagambo

1. Shaka ibisobanuro by'amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

- a) **Abisyigingiza:** Abagaragariza agasuzuguro.
- b) **Ubukundwakare:** Kuba yubashywe birengeje.
- c) **Guseta inzira ibirenge:** Kugenda wanga, utabishaka.
- d) **Baramwubahuka:** Baramutinyuka; baramusuzugura.

2. Impuzanyito z'amagambo akurikira:

- a) **Inteko yabo:** Ikiaro cyabo.
- b) **Urutoto:** Igitugu yabategekeshaga.
- c) **Baramukwena:** Baramuseka .

3. Imbusane z'amagambo akurikira:

- a) **Baranzika** ≠ baranzura.
- b) **Arasayisha** ≠ aritonda.

4. Gukoresha amagambo mu nteruro: Ikitonderwa: Umwarimu areba niba umunyeshuri yatanze interuro inoze irimo ijambo ryatanzwe.

a) Umuganura:

Mu Rwanda umunsi w'**umuganura** uba mu kwezi kwa Kanama.

b) Kumucungura

Kuko Rugara nta wundi yari afite wo **kumucungura** yoherejeyo Karake.

c) Guhuga

Karake yamaze gukundwakazwa akurirwaho umurimo wo gusya bimutera **guhuga**.

III. Ibibazo by'ubuvanganzo

1. Soma iki gice k'igisigo "Ukwibyara" hanyuma usubize ibibazo byakibajijweho.

Tahura imwe mu minozanganzo iri muri icyo gice k'igisigo kandi uyisobanure.

- Inyana ishingiyeye ku isubirajambo

Urugero:

Muri intwari zitarutana,

Muri bene iteka ritahava,

Muri bene umutungo mwiza

Ijambo muri ririsubiramo ku ntangiriro y'imikarago itatu.

- Igereranya

Urugero: Wadukamiye amata angana imvura

Amata yagereranyijwe n'imvura bashaka kuvuga ko ari menshi.

- Injyana ishingiyeye ku isubirajwi

Urugero: Sango, ba so na ba sogokuru

Ijwi **s** ririsubiramo kenshi mu mukarago umwe.

- Iyitirira

Urugero: Ku Rutambamitavu

Ku Rutambamitavu ni ibwami, aho inyana zitamba zisimbagurika, hari ubukire, umutungo. Ibwami bahise i Rutambamitavu kuko haba inka nyinshi zihora zifite imitavu.

- **Umubangikanyo wuzuza/nsobanuzi:**

Urugero:

Nta byikamize urakimana

Wadukamiye amata angana imvura.

Umukarago wa kabiri urasobanura, uravuga impamvu y'ibyo bavuze mu mukarago wa mbere.

- **Ikabya**

Urugero:

Wadukamiye amata angana imvura.

- (...)

2. Igisigo “Ukwibyara” kiri mu buhe bwoko bw'ibisigo? Kubera iki? Andika ubundi bwoko bw'ibisigo uzi.

Igisigo “Ukwibyara” ni igisigo k'impakanizi kubera ko gikurikiranya abami uko bagiye bazungurana ku ngoma kandi kikagira inyikirizo ari yo mpakanizi. Iyo nyikirizo ni “Na we musenge, musagurire, mumuhe urubanza mureke abanze”.

Ubundi bwoko bw'ibisigo ni ibyanzu n'ikoby.

3. Igisigo “Ukwibyara” kiri mu buhe bwoko bw'ubuvanganzo? Kubera iki?

Andika izindi ngeri ziri muri ubwo buvanganzo.

Igisigo “Ukwibyara” kiri mu buvanganzo nyarwanda nyemvugo nyabami.

- Kiri mu buvanganzo kuko gikoresha iminozanganzo itandukanye yerekana ko uwagisize yagihimbiye mu nganzo.
- Kiri mu buvanganzo nyarwanda kuko cyahimbwe n'Abanyarwanda kandi mu rurimi rw'Ikinyarwanda.
- Kiri mu buvanganzo nyemvugo kubera ko cyahimbwe mbere y'uko kwandika kugera mu Rwanda. Ikindi kandi mu gisigo “Ukwibyara”, harimo uturango twinshi tw'ubuvanganzo nyemvugo (isubiramo ry'amagambo, ikoreshwa ry'amagambo akunda gukoreshwa mu mvugo.)

Izindi ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo nyabami ni ubwiru, ubucurabwenge, ibitekerezo by'ingabo, ibitekerezo nyabami cyangwa by'imiryango ikomeye, amazina y'inka n'ibyivugo.

II.8. Ibikorwa by'inyongera

II.8.1 Imyitozo nzamurabushobozi

1. Igisigo cy'ubuse kirangwa n'iki?

Kirangwa no kuba gisetsa, ariko harimo no gucyocyorana.

2. Ubwiru butandukaniye he n'ubucurabwenge?

Ubwiru bwari urusobe rw'amategako yagengaga imihango yakorerwaga ibwami naho ubucurabwenge bwari umuvugo ugaragaza itonde ry'abami b'u Rwanda n'abagabekazi babo.

II.8.2. Imyitozo nyagurabushobozi

1. Ungurana ibitekerezo na mugenzi wawe ku byo Abanyarwanda bashobora gukora kugira ngo bateze imbere umuco wabo babinyujije mu buvanganzo.

Urugero rw'ibisubizo

Mu buryo bwo guteza imbere umuco nyarwanda binyuze mu buvanganzo harimo guhanga ibihangano bivuga ku byiza by'umuco n'indangagaciro ubumbatiye

mu rwego rwo gukundisha Abanyarwanda umuco wabo. Gutoza abana umuco wo guhanga bakiri bato. Gutoza abantu gutega amatwi no gusoma ibihangano nyarwanda. Guha umwanya uhagije ibihangano bivuga ku muco nyarwanda ku maradiyo n'amateraviziyo anyuranye.

2. Hanga umwandiko ugizwe n'amagambo ijana na mirongo itandatu (160) wigana imwe mu ngeri z'ubuvanganzo zijyanye n'umuco nyarwanda maze ukoresheho amoko anyuranye y'iminozanganzo.

Umwarimu azareba imyandiko abanyeshuri bahanze maze abahe ubujyanama aho biri ngombwa.

II.8.3 Imyitozo y'inyongera

1. Tanga amoko y'ibisigo nyabami, ugaragaze n'ikintu kimwe mu biranga buri bwoko by'ibyo bisigo.

Ibisigo by'ikobyoy/ikungu, iby'ibyanzu n'iby'impakanizi.

- Ibisigo by'ikobyoy/ikungu birangwa no kuba ari bigufi, bigiye umujyo umwe (bihurutuye), muri rusange bisingiza umwami umwe.
- Iby'ibyanzu biba ari birebire ugereranyije n'iby'ikobyoy, biba bigabanyijemo ibika bita ibyanzu, bigasingiza abami benshi ariko bitabakurikiranya mu nyabihe yabo (uko bagiye bakurikirana ku ngoma).
- Iby'impakanizi biba ari birebire ugereranyije n'iby'ibisigo by'ibyanzu, biba bigabanyijemo ibika, bigira ibice bitatu by'ingenzi ari byo interuro (intangiriro), igihimba (impakanizi) n'umusayuko (umusozi), bigasingiza abami benshi kandi bibakurikiranya mu nyabihe yabo (uko bagiye bakurikirana ku ngoma) uhereye ku mwami umusizi yihitiyemo kugeza ku mwami uturwa igisigo. Bigira kandi interuro igenda isubirwamo mbere yo gutangira gusingiza buri mwami mu baturwa igisigo. Iyi nteruro na yo yitwa impakanizi.

2. Hanga igisigo cy'ubuse kigufi kigizwe n'amagambo mirongo inani (80) wigana icyo wize mu ishuri.

Umwarimu areba ibisigo abanyeshuri bahanze, akabagira inama aho biri ngombwa.

II.9. Amakuru y'inyongera

Ibisigo by'ibyuma

Kuki byiswe ibisigo by'ibyuma?

Byaturutse ku makimbirane yabaye hagati y'umusizi Karimunda n'umucuzi

Muhabura, ubwo Karimunda yajyaga gucurisha amacumu (ibyuma) y'abarwanyi kwa Muhabura, maze Muhabura akamurangarana, avuga ko yabanje gushaka ibikoresho by'abacengeri (abatabazi). Yanga kumucurira amacumu yamusabye, yanga no kumusubiza ibyuma bye ngo age gucurisha ahandi. Bityo amakimbirane aravuka, haba kwibaza niba hatsinda ingabo cyangwa abatabazi. Ibyo bituma Karimunda ajya kurega Muhabura kwa Rujugira. Yamureze mu gisigo yise: "Ibyuma bitsindira abami". Mu kwiregura Muhabura yerekana ko yabanje gucura ibyangombwa by'abatabazi, abivuga mu gisigo yise: "Ibyuma bimarira abami urubanza?". Umwami asaba abandi basizi kumufasha guca urubanza maze uwitwa Nyamugenda asa n'ushyigikira Karimunda mu gisigo yise "Iyo urubanza rwagombye abakuru". Abandi bari aho na bo bagize icyo babivugaho, nibwo Bagorozi agize ati "Zemeye inganzo ingongo". Maze Muhabura, mu kwiregura asubiza Bagorozi ati: "Mbwire Bagorozi umunsi ugumye". Umuhungu wa Muhabura witwaga Ndamira, aramwunganira mu gisigo yise: "Abatabazi bagira ubatemera". Mwene Bagorozi na we yunganira se mu gushyigikira Karimunda ati: "Urubanza ruhari ntiruhumburwa" asa n'ushaka kuvuga ko urubanza rwaciwe n'umwami rudasubirwamo.

Muri ibyo bisigo kandi banajyaga impaka kugira ngo bagaragaze umusizi w'umuhanga kurusha undi. Ibi bisigo by'ibyuma kandi byinjije Muhabura mu nteko y'abasizi kubera ubuhanga yagaragaje.

III.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura imbwirwaruhame hagaragazwa ingingo z'ingenzi ziyikubiyemo n'imbata yayo.
- Guhanga no kuvuga imbwirwaruhame ku nsanganyamatsiko yahawe.
- Gusobanura no gutahura mu mbwirwaruhame amafatizo y'ubwumvane n'imimaro y'ururimi.

III.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu bikorwa bitandukanye birimo ibiganiro mpaka no mu myandiko basomye.
- Igisobanuro cy'uburinganire n'ubwuzuzanye.

III.3. Ingingo nsanganyamasomo

Ingingo nsanganyamasomo	Aho igaragara muri uyu mutwe
Uburinganire n'ubwuzuzanye	Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango", ku mashusho aiyanye n'imyandiko yo muri uyu mutwe ndetse no mu bikorwa umwarimu atanga bigaruka kuri iyi ngingo.
Uburezi budaheza	Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango" cyane cyane ahavugwa ko abantu b'ibitsina byombi (abahungu n'abakobwa) bagomba guhabwa uburenganzira bungana bwo kwiga.

Umuco w'ubuziranenge	Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango" mu mashusho aho bambaye imyambaro yagenewe imirimo y'amaboko.
Umuco wo kuzigama	Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu mwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango" ahavugwa ibijyanye n'imicungire y'umutungo.

III.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Akoresheje uburyo bw'ikusanyabitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Igikorwa

Ushingiye ku bumenyi ufite, sobanura mu magambo yawe bwite uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, ugaragaze uko bumeze mu muryango nyarwanda utanga n'ingero zifatika.

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo abanyeshuri batanga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango, maze akagenda abafasha kubinoza.

III.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatatu n'igihe agenewe

Umutowe wa gatatu: Uburinganire n'ubwuzuzanye		Umubare w'amasomo: 18
Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango		
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.	Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro.	Amasomo 2
Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.	Isomo 1
Imbwirwaruhame		

Isomo rya kane: Imbwirwaruhame	Gutahura inshoza, imbata n' amabwiriza agenga imbwirwaruhame.	Amasomo 3
Umwandiko: Yagiye ayoboza		
Isomo rya gatanu: Gusoma no gusobannura umwandiko.	Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro.	Amasomo 2
Isomo rya gatandatu: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.	Isomo 1
Isomo rya karindwi: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.	Isomo 1
Ururimi n'ubwumvane		
Isomo rya munani: Inshoza y'ururimi n'ubwumvane n'amafatizo y'ubwumvane.	Gutahura no gusobanura inshoza y'ururimi n'ubwumvane no gusobanura amafatizo y'ubwumvane.	Amasomo 2
Isomo rya kenda: Indanguruzi y'ubwumvane, imimaro y'ururimi n'amategeko agenga ubwumvane.	Gusobanura indanguruzi y'ubwumvane, imimaro y'ururimi n'amategeko agenga ubwumvane.	Amasomo 2
Umwitoto w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.		Isomo 1
Isuzuma risoza umutwe wa gatatu.		Amasomo 2

Ikitonderwa: Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimu abanza gukoresha igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

III.5.1. Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango (igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 102)

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku burunganire n'ubwuzuzanye, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo, amashusho n'izindi nyandiko zivuga ku burunganire n'ubwuzuzanye.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango" bagiyeye gusoma, akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Murabona iki kuri iyi shusho?

Kuri iyi shusho hariho abantu b'igitsina gabo n'ab'igitsina gore bicaye. Hari kandi umugore urimo gusoma ibyanditse ku rupapuro n'abandi babiri bicaye hafi ye.

b) Aba bantu bari he kandi bameze bate?

Aba bantu bicaye muni y'igiti. Bari imbere y'umuntu urimo kubabwira ijambo. Bameze nk'abarangije umurimo w'amaboko.

c) Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?

Uraza kuvuga ku burunganire n'ubwuzuzanye.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganywa mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Soma umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko, wifashishije inkoranyamagambo.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora kuba badasobanukiwe:

Ihame: Ukuri kudakuka, ikintu kemejwe burundu.

Bahezwaga: Nta mwanya bahabwaga.

Iragushora: Irakuyobya.

Ntigukura: Ntikugarura, ntigukiza.

Imbonezamubano: Ikintu kerekeranye n'imibanire myiza y'abaturage.

Impano: Ikintu kiza Imana iba yarateganyirije umuntu cyangwa umuntu aba yarateguriye undi akazakimuha kikamubera urwibutso.

Izungura: Gusimbura umuntu mu bye ukabyitungira, yaba abiguhaye, apfuye nta we abiraze cyangwa ubimukuyemo.

Igenamigambi: Gahunda y'itegurwa ry'ibikorwa abantu biyemeza kuzageraho mu gihe runaka. Uburyo bwo gutekereza cyangwa gutegura ikintu uzakora mbere y'igihe.

Ubukangurambaga: Inyigisho ku kintu runaka zihabwa abantu benshi ku buryo buhoraho.

Gupyinagazanya: Gukandamizanya.

Inzego bwite: Ni imirimo n'imikorere idasangiwe n'abantu abo ari bo bose ishyirwaho ikanagenzurwa na leta by'umwihariko.

Ubukangurambaga: igikorwa cyo gushishikariza abantu benshi kwitabira ikintu runaka.

Mutima w'urugo: Ijambo ry'icyubahiro rivuga umugore usobanukiwe neza n'ibijyane no kubaka urugo.

Kwizimba mu magambo: Kumara umwanya munini uvuga ugatuma abantu barambirwa.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagakora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu ajenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) **Koresha amagambo/itsinda ry'amagambo akurikira dusanga mu mwandiko, mu nteruro wihimbiye: ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, gupyinagazanya, impano, bahezwaga, izungura.**

- Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye

U Rwanda ni Igihugu kiza ku isonga muri Afurika mu kubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

- Gupyinagazanya

Iyo abashakanye batangiye gupyinagazanya, baba basenye urugo rwabo.

- Impano

Mariya yahaye Murenzi impano nziza.

- Bahezwaga

Mu Rwanda rwa kera abagore bahezwaga mu bikorwa by'iterambere.

- Izungura

Itegeko rigena izungura ryaravuguruwe.

b) **Tanga impuzanyito z'aya magambo:**

- **Umutegarugori:** umugore

- **Ubukungu:** ubukire

- **Igicuku:** ijoro

- **Umwana:** ikibondo

c) **Urebye mu merekezo yose, garagaza amagambo ari muri iki kinyatuzu afitanye isano n'umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango":**

U	I	U	R	I	N	K	A	I	I	R	I
E	U	H	J	Y	J	W	S	N	A	I	T
Y	M	W	A	A	K	I	R	K	G	N	E
N	U	O	E	M	I	M	I	U	A	G	R
A	G	U	<u>U</u>	U	E	A	U	M	W	A	A
Z	A	E	<u>R</u>	O	U	K	M	I	Z	R	M
U	B	G	<u>U</u>	G	U	A	U	N	E	E	B

Z	O	A	<u>G</u>	U	K	Z	S	L	H	C	E
U	Z	R	<u>O</u>	R	Z	A	O	N	A	M	R
W	H	U	M	U	G	O	R	E	B	I	E
B	Y	M	E	C	B	J	E	U	K	E	P
U	B	U	R	I	N	G	A	N	I	R	E

Urugero rw'ibisubizo:

Uburinganire, ubwuzuzanye, iterambere, ihame, umugore, umugabo, umurage, umusore, inkumi, kwimakaza, urugo, bahezwaga, ingare, ...

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma adategwa umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga ni "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango".

b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?

Uwo mwandiko wavugaga ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango", hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Iyo bavuze uburinganire n'ubwuzuzanye wumva iki?

Iyo bavuze uburinganire n'ubwuzuzanye numva uburenganzira n'amahirwe bingana hagati y'umugabo n'umugore ndetse no gufashanya hagati yabo.

b) Wifashishije itegeko no 51/2007 ryo kuwa 20/09/2007, sobanura ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

Nkurikije iri tegeko, ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ni gahunda Leta y'u Rwanda yashyizeho kugira ngo hanozwe uburenganzira n'inshingano bingana hagati y'umugabo n'umugore.

c) Ni inde wagejeje iri jambo ku mbaga y'abaturage yari iteraniye ahabaye umuganda?

Uwagejeje iri jambo ku baturage ni Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage mu Murenge wa Munanira.

d) Ni iyihe impamvu Leta y'u Rwanda yashyizeho ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagore n'abagabo?

Impamvu Leta y'u Rwanda yashyizeho ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagore n'abagabo ni ukubera ko abagore bahezwaga mu iterambere ry'umuryango n'iry'igihugu.

e) Rondora imirimo yaharirwaga abakobwa n'imirimo yaharirwaga abahungu uburinganire butaratangira kubahirizwa mu Rwanda.

Mu mirimo yo mu rugo, wasangaga abahungu n'abakobwa badafatwa kimwe. Hari imirimo yaharirwaga abakobwa nko gukora isuku yo mu rugo, guteka, kurera abana, gusenya, gutera intabire no kwita ku matungo. Hari n'imirimo yaharirwaga abahungu nko kwasa inkwi, guhinga no kuragira.

f) Ese mu Rwanda hari imiryango ikirangwamo amakimbirane aterwa no kutumva neza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye? Sobanura kandi utange n'urugero.

Yego, hari imiryango imwe n'imwe ikirangwamo amakimbirane ashingiyeye ku kudasobanukirwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye. Urugero hari aho usanga umugore ajya mu kabari, agataha igicuku amena inzugi cyangwa akumva ko ikemezo ke ari ntavuguruzwa. Hari n'abagabo kandi usanga biyambura zimwe mu nshingano zabo bakazegeka ku bagore babo.

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego yihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko no guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'izindi nyandiko zivuga ku burunganire n'ubwuzuzanye.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni irihe somo duheruka kwiga?

Duheruka kwiga umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango" dusubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

b) Uburinganire n'ubwuzuzanye burangwa n'iki?

Uburinganire n'ubwuzuzanye burangwa no kugira uburenganzira bungana hagati y'ibitsina byombi ndetse n'ubufatanye muri byose, buri wese akarangiza inshingano ze ntawubangamiye undi.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango", hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho:

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

a) Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura igisubizo cyawe.

Uyu mwandiko ni imbwirwaruhame kuko imbwirwaruhame ari ijamba umuntu avugira mu ruhame imbere y'abandi riteguye neza, aribwira umuntu umwe cyangwa benshi. Ikindi kandi ikubiyemo ibitekerezo bifite icyo bigamije ikanagira

imbata. Ibi bice byose rero bigaragara muri uyu mwandiko.

b) Ni irihe somo uyu mwandiko ugusigiye?

Uyu mwandiko unyigishije gushishikariza Abanyarwanda kwimakaza no kubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye. Utumye nange ubwange nzajya nimakaza iri hame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

c) Uramutse uhawe kuyobora ahantu ugasanga abaturage baho batazi ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, wakora iki?

Buri munyeshuri yasubiza akurikije uko abyumva harimo ibitekerezo bijyanye no gukorana na bagenzi be asanze aho hantu, gukora ubukangurambaga, gukora ubushakashatsi ku gituma abaturage batamenya iryo hame, gukoresha amahugurwa akangurira abaturage kumenya no kubahiriza iryo hame...

d) Ni izihe ngingo zigaragaza ko umugore agira uruhare mu iterambere ry'Igihugu? Ibi ni bimwe mu bisubizo abanyeshuri bashobora gutanga:

Ubu umugore arakataje mu iterambere, aratinyuka kugana ibigo by'imari, aho afata inguzanyo akivana mu bukene.

Abagore bahawe agaciro mu burezi aho ubu usanga kuva ku mashuri y'inshuke, abanza, ayisumbuye n'amakuru, nta mugore uyahejwemo. Ibi binyuranye n'ibya kera aho wasangaga umwana w'umukowa abuzwa uburenganzira bwo kwiga.

Mu nzego zifata ibyemezo umugore ntahezwa. Aha twavugaga nko mu Nteko Ishinga Amategeko, mu Mutwe w'Abadepite aho usanga abagore batagomba kujya muni ya 30% by'abagize Inteko Ishinga Amategeko.

Mu nzego bwite za Leta kuva ku mudugudu kugeza ku rwego urwo ari rwo rwose rw'Igihugu, usanga abagore barahawe ijamba, mu nama nnyanama tubasangamo ndetse no mu matora yose akorwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye rirubahirizwa.

Mu nzego z'umutekano (porisi, igisirikari n'izindi), abagore barizewe. Bagirirwa ikizere cyo gucunga umutekano mu Gihugu ndetse boherezwa no mu mahanga kujya kubungabunga amahoro cyanecyane mu bihugu birangwamo umutekano muke.

Mu butabera, mu nzego zunga no mu nkiko kuva ku rw'ibanze, urw'ikirenga, ubushinjacyaha, ubugenzacyaha, abunganizi mu by'amategeko n'abacamanza, abagore ntibahahejwe.

III.5.2. Imbwirwaruhame

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 107)

Isomo rya kane: Imbwirwaruhame

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura inshoza no gusobanura imbata by'imbwirwaruhame.
- Gusobanura amabwiriza agenga imbwirwaruhame.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu yongera kwereka abanyeshuri ishusho ijyanye n'umwandiko **“Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango” hanyuma akababaza ibibazo.**

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umugore ugaragara ku ishusho ibanjirije umwandiko “Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango” ari gukora iki?.

Umugore ugaragara ku ishusho ibanjirije umwandiko “Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango” arimo kugeza ijambo ku baturage.

b) Iryo jambo rivavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?

Iryo jambo rivavugaga ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango.

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri bamusubije akababwirira ko bagiye kwiga imbwirwaruhame.

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda hanyuma akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Igikorwa

Ongera usome umwandiko “Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango” ,witegereze imiterere yawo. Uhereye ku miterere y'uwo mwandiko, kora ubushakashatsi utahure inshoza y' imbwirwaruhame, ugaragaze imbata yayo kandi utahure amabwiriza agenga imbwirwaruhame.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

a) Inshoza y'imbwirwaruhame

Imbwirwaruhame ni ijamba umuntu ategura neza akarigeza ku bantu benshi (mu ruhame) bakirinda kumurogoya, ahubwo bakamutega amatwi. Imbwirwaruhame ishobora kuba ndende cyangwa ngufi bitewe n'itego yayo. Uvuga imbwirwaruhame agomba kuyitegura agahuza ibitekerezo bye bwite n'insanganyamatsiko y'umunsi, kandi akiyubaha ubwe, akubaha n'abamuteze amatwi. Imbwirwaruhame zivuga ku nsanganyamatsiko zinyuranye: izibwiriza iby'idini, izivuga ibya poritiki, izo kwizihiza iminsi mikuru, izikangurira abantu igikorwa runaka... Ni yo mpamvu imbwirwaruhame zishobora kuvugirwa ahantu hanyuranye nko mu nsengeru, mu mashuri, mu nzu mberabyombi n'ahandi.

b) Imbata y'imbwirwaruhame

Imbwirwaruhame iba igizwe n'ibice bine by'ingenzi: umutwe, intangiriro/interuro, igihimba n'umwanzuro/umusozo

Umutwe

Umutwe ni igice kibanza k'imbwirwaruhame kigaragaza insanganyamatsiko iyo mbwirwaruhame iri bwibandeho.

Intangiriro / interuro

Mu ntangiriro uvuga imbwirwaruhame abanza kuvuga abanyacyubahiro bari aho n'abo ubutumwa bugenewe ahereye ku w'imena muri bo akurikije ibyubahiru byabo, gusa akirinda kubavugira mu mazina yabo bwite. Uvuga imbwirwaruhame kandi ageza indamukanyo ku bo abwira.

Urugero:

Nyakubahwa Muyobozi w'Umurenge wa Munanira,

Bayobozi b'utugari n'imidugudu,

Baturage b'Umurenge wa Munanira,

Nimugire amahoro!"

Aka ni na ko karango ka mbere k'imbwirwaruhame. Mu ntangiriro kandi ni ho utanga ikiganiro agaragaza ibyo ari buze kuvugaho, akabivugira mu buryo bwihuse cyangwa butatuye, asa n'utera amatsiko abamuteze amatwi ndetse no kubumvisha akamaro k'icyo kiganiro agiye kubagezaho. Iki gice ntikigomba kuba kirekire.

Igihimba

Iki gice ni cyo gice fatizo k'imbwirwaruhame. Ni muri iki gice utanga ikiganiro avuga ingingo yateguye kuvugaho. Ni ngombwa ko izo ngingo azikurikiranya neza ashingiye ku buremere bwazo. Ibi bituma abamutega amatwi batarambirwa kuko aba yahereye ku ngingo zibafitiye akamaro cyane. Iyo bibaye ngombwa ko hari ingero zitangwa, uvuga imbwirwaruhame akoresha ingero zijyanye n'abo abwira cyangwa aho avugira. Kubera ko iki gice gishobora kuba kirekire, utanga ikiganiro mbere yo kujya ku yindi ngingo ashobora kugenda akoresha amagambo yo gukangura abo abwira (urugero: bayobozi, babyeyi, nshuti, bavandimwe...)

Umwanzuro/ Umusozo

Muri iki gice uvuga imbwirwaruhame asoza yibutsa abamuteze amatwi ingingo z'ingenzi baganiriyeho kugira ngo basigarane ishusho y'ikiganiro. Ni muri iki gice kandi ashobora kugaragaza ibyifuzo, ingamba, inama... bitewe n'imiterere y'ikiganiro. Niba yashishikarizaga abantu kurwanya ibiyobyabwenge arasoza agaragaza ingamba zafatwa mu kubirwanya. Muri iki gice kandi utanga ikiganiro asoza ashimira abari bamuteze amatwi.

c) Amabwiriza agenga imbwirwaruhame

Uko imbwirwaruhame itegurwa n'uko isomwa

Mbere yo gutanga ikiganiro mbwirwaruhame ugitegura agomba kumenya ibi bikurikira:

- Ni ngombwa kumenya abo agiye kubwira imbwirwaruhame abo ari bo n'aho ababwirira.
- Ni iki bashobora kumva? Bari mu kihe kigero k'imyaka? Bakora iki? Ni iki bahuriyeho?
- Gutegura imbwirwaruhame.
- Kumva neza insanganyamatsiko y'imbwirwaruhame byaba ngombwa akanasoma ibitabo binyuranye bivuga kuri iyo nsanganyamatsiko.
- Gukusanya ibyo azavugaga mu ngingo zinyuranye z'imbwirwaruhame ashingiye ku byo yasomye cyangwa yabajije abandi.
- Gushaka intego z'ikiganiro ke akanakora imbata y'ikiganiro ke.

Imyifatire n'imyitwarire y'uvugaga imbwirwaruhame

Utanga ikiganiro mbwirwaruhame agomba kuba:

- Yambaye imyambaro idakojeje isoni.

- Kumenya guhagarara neza imbere y'abandi nta mususu.
- Kuvuga imbwirwaruhame ye adategwa.
- Kuraranganya amaso mu bo abwira, kirazira kubatera umugongo no kuba imbata y'urupapuro.
- Kurangurura ijwi kugira ngo imbwirwaruhame yumvikane.
- Kuvuga atarandaga cyane kugira ngo abamuteze amatwi batarambirwa kandi ntiyihute cyane mu mvugo kugira ngo ibyo avuze birusheho kumvikana.
- Kwirinda imvugo nyandagazi.
- Kugenda atanga ingero zihuye n'ikigero cy'abo abwira cyangwa se icyo bakora.

Ikitonderwa:

Utegura imbwirwaruhame ayitegura yandika, akazayivuga asoma ibyo yanditse, mu rwego rwo kwirinda kuvuga ibiterekeranye no kwisubiramo bya hato na hato. Hashobora kuvugwa imbwirwaruhame ihanitse cyangwa idahanitse, umuntu akayivuga atayiteguye. Ibyo ni iby'abafite iyo mpano si ibya buri wese kuko bigira abahanga babyo. Ibyo bigaragarira cyanecyane nko mu misango y'ubukwe, ku minsi mikuru, mu birori runaka...

3. Umwitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagakora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu azenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'umwitozo

Sobanura ibice bigize imbata y'imbwirwaruhame.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri basubije akabigereranya n'inshamake yabahaye ijyanye n'imbwirwaruhame iri mu gitabo cy'umunyeshuri.

III.5.3. Umwandiko: Yagiye ayoboza

(igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 110)

Isomo rya gatanu: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri,, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo, amashusho.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Yagiye ayoboza" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Murabona iki kuri iyi shusho?

Hari abantu benshi, imodoko, amazu maremare...

b) Uwo mukobwa mubona afite iki mu ntoki?

Afite terefoni n'agasakoshi mu ntoki.

c) Muratekereza ko terefoni yayikoresha iki?

Ashobora kuyikoresha ahamagara abo batari kumwe, yohereza ubutumwa bugufi, ashobora kuyikoresha mu bushakashatsi...

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Soma umwandiko "Yagiye ayoboza", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora kuba badasobanukiwe:

Iyimenyerezamwuga: ni igikorwa cy'ubumenyi ngiro umuntu akora yimenyereza gukora neza umurimo runaka.

Ihuzanzira: Umurongo uhuza abantu mu itumanaho bakoresheje ikoranabuhanga.

Inshoberamahanga: Ikoraniro ry'amagambo avuga icyo adasanzwe avuga.

Urujya n'uruza: Ibintu byinshi, abantu cyangwa inyamaswa bigenda binyuranamo cyangwa bigenda bigaruka.

Ungurishije: waba unzimije.

Ibintu ni magirirane: nta muntu uba wihagije mu buzima, ahora akeneye abandi.

3. Umwitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagakora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo

Koresha mu nteruro buri jambo muri aya akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko: iyimenyerezamwuga, ihuzanzira, inshoberamahanga, urujya n'uruza.

- a) **Iyimenyerezamwuga:** Iyimenyerezamwuga ni ryiza ku banyeshuri barangiza amashuri y'ubumenyiringiro.
- b) **Ihuzanzira:** Terefone idafite ihuzanzira nta cyo imarira nyirayo.
- c) **Inshoberamahanga :** Gutera isekuru ni imvugo y'insheberamahanga.
- d) **Urujya n'uruza:** Mu migi yose usanga hari urujya n'uruza rw'abantu.

Isomo rya gatandatu: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma adategwa umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga

kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga ni “Yagiye ayoboza”.

b) Ni bande bavugwa muri uwo mwandiko?

Muri uwo mwandiko havugwamo Keza na Kagabo .

c) Keza yari afite ikihe kibazo?

Keza yari afite ikibazo cyo kutamenyera mu mugwi.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko “Yagiye ayoboza”, hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Abanyeshuri bakorerera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

a) Ni nde uyoboza muri uyu mwandiko? Sobanura igisubizo cyawe.

Uyoboza ni Keza. Kuko yari avuye mu cyaro ajya mu mujyi wa Kigali atahazi.

b) Ni nde uyobozwa muri uyu mwandiko? Sobanura igisubizo cyawe.

Uyobozwa ni Kagabo. Kuko yari atuye mu mugwi kandi ahazi neza.

c) Kagabo ayoboza yifashishije ikihe gikoresho k'itumanaho?

Kagabo ayoboza yifashishije terefone.

d) Muri uyu mwandiko, hari aho uyoboza agaragaza impungenge ko ataza kugera aho agiye? Ni ayahe magambo avuga abigaragaza?

Yego. Yaravuze ati: “Umbabarire rwose ntuhawe kuko ntahazi.

e) Ni izihe ndimi zavuzwe mu mwandiko zigishwa mu mashuri yisumbuye mu Rwanda?

Indimo zavuzwe zigishwa mu mashuri yisumbuye mu Rwanda ni Ikinyarwanda, icyongereza, Igifaransa n'Igiswayire.

f) Keza yemereye Kagabo kuzamufasha iki?

Yamwemereye kuzamwigisha indimi atazi kugira ngo azazikoreshe mu iyimenyerezamwuga yari aje gukora.

Isomo rya karindwi: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego yihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko no guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni uwuhe umwandiko duheruka gusoma?

Duheruka gusoma umwandiko "Yagiye ayoboza"

b) Ni nde wari uvuye mu cyaro ajya i Kigali?

Ni Kagabo.

c) Ni nde wavuganaga na Kagabo kuri terefone?

Uwavuganaga na Kagabo kuri terefone ni Keza.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko "Yagiye ayoboza", hanyuma usubize ibibazo

byawubajijweho.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni izihe ngingo z'ingenzi dusanga mu mwandiko?

Mu mwandiko haravugwamo ingingo z'ingenzi zikurikira: Gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga mu itumanaho, indimi zivugwa, kwakira no kuyobora neza abaje batugana.

b) Ni iyihe mpamvu ituma abanyeshuri bimenyereza umwuga mbere yo kurangiza amashuri yisumbuye?

Ni ukugira ngo barusheho gucengerwa no gushyira mu bikorwa ibyo bize.

c) Iyo Kagabo atagira terefone yari gukora iki kugira ngo ahure na Keza?

Kagabo yari kuba yarandikiye ibaruwa Keza akamumenyeshya ko azajya i Kigali akamusobanuzwa uko azabigenza kugira ngo azamugeraho. Iyo baruwa yari kuyiha umuntu ugiye mu mugu akayimugezaho, akamuzanira igisubizo. Kagabo kandi yashoboraga no gutira terefone uyifite bafatanyije urugendo, yari gushaka umujyana usanzwe amenyereye mu mugu. Ikindi yari gukora yari kugenda ayoboza abaza abahisi n'abagenzi kugeza amugezeho.

d) Uyu mwandiko ukwigishije iki mu buzima busanzwe?

Unyigishije kujya ntanga amakuru yuzuye mu gihe ndimo kuvugana n'undi muntu. Unyigishije kumenya kuyoboza igihe aho ngiye ntahazi kugira ngo ntayoba. Unanyigishije kwiga neza indimi zose zikoreshwa mu Rwanda nkajya nzikoresha mvugana n'abandi. Unanyigishije kubana neza n'abandi kuko nshobora kubakeneraho ubufasha.

III.5.4. Ururimi n'ubwumvane

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 114)

Isomo rya munani: Inshoza y'ururimi n'ubwumvane n'amafatizo y'ubwumvane

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura inshoza y'ururimi n'ubwumvane.
- Gusobanura amafatizo y'ubwumvane.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu ajenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, agasaba abanyeshuri bamwe kuza gukinira imbere ya bagenzi babo bigana abavugwa mu mwandiko, areba uko bahana umwanya wo kuvuga, uko bakoresha ijwi riranguruye, n'uko bisanisha n'abavugwa mu kiganiro. Abandi banyeshuri bakurikira uko bagenzi babo bakina, bakaza kuvuga uko umukino warushaho kunozwa.

Iyo abanyeshuri bamaze gukina, umwarimu ababaza ibibazo bibinjiza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibisubizo n'ibisubizo:

1. Mu mwandiko “Yagiye ayoboza” ni nde uvuga?

Uvuga ni Keza.

2. Keza arabwira nde?

Keza arabwira Kagabo.

3. Ni iki Keza abwira Kagabo?

Keza arabwira Kagabo ko agiye gukora iyimenyerezamwuga.

4. Keza yakoresheje ubuhe buryo kugira ngo abwire Kagabo ayo makuru?

Keza yakoresheje terefoni.

5. Ni ikihe kibazo keza yari afite?

Keza yari afite ikibazo cy'ururimi.

Umwarimu ahera ku bisubizo by' abanyeshuri, akababwira ko bagiye kwiga ururimi n'ubwumvane.

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Igikorwa

Ongera usome ikiganiro “Yagiye ayoboza”, witegereze imiterere yacyo n’uko abanyarubuga baganira maze ukore ubushakashatsi, utahure inshoza y’ururimi n’ubwumvane, ugaragaze kandi usobanure amafatizo y’ururimi n’ubwumvane.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw’ibisubizo:

Inshoza y’ururimi n’ubwumvane

Ururimi ni igikoresho cy’ubwumvane k’ingenzi abantu bifashisha mu gusabana bahanahana ubutumwa. Ururimi rutuma abaruvuga iyo bava bakagera bumvane, umwe yavugaga, undi agasobanukirwa n’ibyo avuze. Ibyo bituma kandi umuntu abasha kugeza ku bandi ibyo atekereza, ibyo yaba azi bo batazi cyangwa se akabashushanyiriza amagambo, ibyo yabonye ariko bo batabona n’amaso yabo muri ako kanya bavugana.

Ni uburyo abantu bakoresha kugira ngo bashobore kumvikana, gutumanaho, bakoresheje amagambo, amarenga cyangwa ibimenyetso. Ubusanzwe ururimi ruba ruteye ukwarwo rukavugwa n’abantu batuye igihugu iki n’iki cyangwa akarere aka n’aka. **Ururimi** rero ruvugwa n’abantu benshi naho **invugo** ni iy’abantu bake cyangwa umuntu ku giti ke.

Ururimi n’ubwumvane bishobora kwigwa mu mpushya enye z’ingenzi: amafatizo y’ubwumvane, indanguruzi y’ubwumvane, imimaro y’ururimi n’amategeko ngombwa agenga ubwumvane.

Amafatizo y’ubwumvane

Mu mibanire y’abantu ku isi, ururimi ni ingenzi mu gushyigikira ubusabane n’umushyikirano w’abantu. Kugira ngo abantu babane, bavugane, bashyikirane kandi bahuze urugwiro, hagomba kubaho ubwumvane ari bwo bushobozi bwo gutanga amakuru no kuyakira.

Kugira ngo amakuru ahererekanywe hari amafatizo y’ubwumvane ya ngombwa ari yo: uvuga, ubwirwa, inzira, ingambo, ikivugwa n’inkurikizo.

- a) Uvuga:** Umuntu uvuga ni we ntangiriro akaba n’inkomoko y’ubwumvane. Ni we ugira igitekerezo cyangwa ubutumwa noneho agashaka uburyo bwo kubigeza ku bandi.

b) Ubwirwa: Ubwirwa ni uwakira ibyo agejeweho n'uvuga. Ubwirwa agomba kumva no gusobanukirwa neza ibyo yabwiwe mbere y'uko atanga igisubizo. Iyo yumvise ibyo yabwiwe, ashobora gusubiza mu magambo, mu nyandiko, ashobora gukoresha ibimenyetso cyangwa ibikorwa.

c) Ingambo: Ingambo ni ubutumwa cyangwa inkuru nyirizina uvuga ageza ku wo abwira. Ubwo butumwa ni bwo bwitwa ingambo.

Urugero: Umwarimu wigisha inteko z'amazina hari icyo aba ashaka ko umunyeshuri we asobanukirwa. Nubwo umwarimu yavuga byinshi akanabishyira no mu ndirimbo, umunyeshuri akayifata, icyo ashaka kugeza ku bo yigisha ni "inteko z'amazina", ari yo ngambo.

d) Inzira: Kugira ngo inkuru igere ku wo igenewe, igomba kugira aho inyura, aho ni ho hitwa "inzira". Duhereye ku buryo ibivugwa bigenda bikagera ku ubwirwa, habaho inzira mbona nkubone cyangwa inzira mbonera iyo uvuga avugana n'uwo abwira amaso ku yandi banahuza amajwi.

Iyo uvuga yumvikanye n'uwo abwira haciyemo akanya, cyangwa se hakoreshejwe ibikoresho bitandukanye nk'ibitabo, ibaruwa, radiyo, tereviziyo, terefone... inzira ikivugwa cyacyiyemo iba ibaye inzira iziguye kuko ntibyoroha kumenya ko ubutumwa bwumvikanye cyangwa butumvikanye. Ariko iyo ibikoresho byifashishijwe bituma uvuga n'ubwirwa bahana ubutumwa imbona nkubone, icyo gihe inzira iba ibaye inzira itaziguye /mbonera. (Urugero: Igihe hakoreshejwe ibikoresho by'ikoranabuhanga nka terefone, mudasobwa... abahana ubutumwa bavugana bakanarebana icyarimwe.)

e) Ikivugwa: kugira ngo uvuga adafatwa nk'indondogozi agomba kugira icyo yerekezaho "ikivugwaho" cyangwa ingingo agushaho. ikivugwa ni icyo abavugana baba bavuganaho kandi bagihuriyeho ndetse bakiziranyeho.

f) Inkurikizo/ interamvugo: Ururimi cyangwa imvugo ya nyakuvuga byumvikanisha mu buryo bufatika inshoza y'ahantu cyangwa y'igihe by'ikivugwaho. Inkurikizo cyangwa interamvugo ni ururimi (imvugo cyangwa inyandiko), ibimenyetso cyangwa amarenga uvuga ashobora gukoresha. Iyi mvugo cyangwa inyandiko bitangwa na nyakuvuga kugira ngo byumvwe cyangwa bisomwe na nyakubwirwa.

Ibi twabigereranya n'ibyapa byo ku muhanda biyobora gusa ababiziranyeho. Ni bo baba basobanukiwe neza ubutumwa butangwa cyangwa ikivugwa na byo.

Urugero: Abanyarwanda bakoresha Ikinyarwanda nk'ururimi rwabo rubafasha kungurana ibitekerezo. Bararuvuga, bakoresha amarenga ndetse n'ibimenyetso byose bigatuma bagezanyaho ubutumwa bafite.

Umwitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri buri wese ku giti ke. Umwarimu aha abanyeshuri uwo mwitozo nk'umukoro bakazagaruka mu isomo ku wundi munsu bawurangije.

Urugero rw'umwitozo:

Tekereza ku munyamakuru runaka urimo kunyuzwa ikiganiro kuri radiyo Rwanda avuga ku kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye maze ugaragaze amafatizo y'ubwumvane akurikira: uvuga, ubwirwa, inzira, ingambo, ikivugwa n'inkurikizo.

Umwarimu areba ko abanyeshuri bagaragaje amafatizo y'ubwumvane basabwa mu mwitozo.

Isomo rya kenda: Indanguruzi y'ubwumvane, imimaro y'ubwumvane n'amategeko agenga ubwumvane.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Kugaragaza indanguruzi y'ubwumvane.
- Kugaragaza imimaro y'ubwumvane.
- Gusobanura amategeko agenga ubwumvane.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu ajenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, agasaba abanyeshuri bamwe kugaragaza amafatizo y'ubwumvane batahuye bagendeye ku kiganiro kinyuzwa kuri radiyo Rwanda n'umunyamakuru uvuga ku kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye. Abandi banyeshuri bakurikira uko bagenzi babo bagaragaza amafatizo y'ubwumvane batahuye, hanyuma umwarimu agafasha abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Iyo amaze gukurikirana uko abanyeshuri bagaragaza amafatizo y'ubwumvane, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibinjiza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Mu kiganiro “Yagiye ayoboza” ni iki cyatumaga Keza atumvikana na Kagabo?

Icyatumaga Keza atumvikana na Kagabo ni uko ihuzanzira ya terefoni itagendaga neza.

b) Kubera iki ubutumwa keza yandikiye Kagabo atabashije kubusoma?

Ni uko Keza yanditse ubwo butumwa mu gifaransa kandi Kagabo atari akizi.

c) Keza yagombaga gukora iki kugira ngo Kagabo abashe gusoma ubutumwa bwe?

Keza yagombaga kwandika ubutumwa mu rurimi Kagabo azi.

Umwarimu ahera ku bisubizo by’abanyeshuri, akababwira ko bagiye kwiga indanguruzi y’ubwumvane, imimaro y’ubwumvane n’amategeko agenga ubwumvane.

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy’umunyeshuri.

Igikorwa


Ongera usome umwandiko “Yagiye ayoboza” maze ukore ubushakashatsi usobanure kandi ushushanye indanguruzi y’ubwumvane, utahure imimaro y’ubwumvane n’amategeko ngombwa agenga ubwumvane.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw’ibisubizo byanogejwe:

a) Indanguruzi y’ubwumvane

Indanguruzi ni uburyo bwo gusobanura ubwumvane bushushanyije. Dore uko ubwumvane bugenda bukurikije indanguruzi yabwo.



Ibisobanuro ku ndanguruzi

Ubwumvane muri rusange burimo amoko atatu:

- **Ubwumvane mbonera:** Ni ubwumvane buboneka hagati y'abantu bavugana barebana. icyo gihe umwe aravuga, undi akamusubiza .

- **Ubwumvane nziguro:** Igihe abantu bavugana begeranye cyangwa bategeranye bakifashisha ibikoresho byo kubahuza kugira ngo bashyikirane.

- **Ubwumvane mberebyombi:** Ubu bwumvane bukusanyiriza hamwe ubwumvane mbonera n'ubwumvane nziguro kugira ngo ubwumvane burusheho kugenda neza.

b) Imimaro y'ubwumvane

Ururimi ni igikoresho k'ingenzi mu buzima bw'umuntu. Abantu bose iyo bava bakagera iyo bashyikirana mu biganiriro, mu mbwirwaruhame, mu ikinamico, mu misango y'ubukwe... bakoresha ururimi. Uwagize ikibazo akagira ubumuga bwo kutavuga, bwo kudasohora ijwi, agira uburyo yihariye acishamo ubutumwa bwe bakagera ku bo ashaka ko bamwumva. Abahanga mu iyigandimi, basanze ururimi rugira imimaro myinshi, ariko iy'ingenzi ni umumaro nyakuvuga, umumaro nyakubwirwa, umumaro nkurikizo, umumaro nyanzira, umumaro nyangambo.

- Umumaro nyakuvuga

Uvuga yifashisha ururimi cyangwa imvugo kugira ngo avuge, yumvikanishe mu buryo butaziguye akamuri ku mutima. Bamwe bawita kandi umumaro nsesekaza cyangwa nsesekazamutima.

Ingero:

Kagabo ati: "Ahwi! Singe warota ngeze i Kigali!"

Mbega we! Ntuzi noneho ibyo mbona!

Icyampa nkaza kugera i Kigali amahoro!

- Umumaro nyakubwirwa

Izingiro ry'uyu mumaro ni nyakubwirwa. Wumvisha ubwirwa ko ari we shingiro, ko ari we urebwa n'ubwumvane. Hakoreshwa ngenga ya kabiri hagamijwe:

Gusobanura ubwirwa mu bandi, kumutegura cyangwa kumuhwitura kugira ngo yakire ibyo agiye kubwirwa...

Uyu mumaro ugaragarira cyanecyane mu nteko no mu mvugo yumvikanisha guhamagara.

Ingero:

Igihe utanga ikiganiriro kuri SIDA, ugasobanura uko yamenyekanye, uko yandura,

uko ivurwa, ubushakashatsi ku miti n'inkingo... Noneho ukarangiza wereka abo ubwira ko ruriye abandi rutabibagiwe ko na bo ishobora kubageraho baramutse batirinze.

- Umumaro nkurikizo

Ni ibimenyetso byose byerekana icyo ubutumwa bwerekejeho. Amagambo akoreshwa aha uyabwirwa n'ishusho y'ahantu cyangwa y'ibihe ibivugwa bihererejweho. Bamwe bawita kandi umumaro ndengarurimi cyangwa nsobanuzi.

Ingero

Ubu se ushatse kuvuga ko aka kanya waba uhageze?

Mbese nshaka kuvuga ko izindi ndimi ntazizi pe!

Bivuze ko wahindutse cyane.

- Umumaro nyabusizi (nyaburanga/nyangambo)

Mu bwumvane, inzira yose igira uburyo bwayo. Nyakuvuga yifashisha ururimi, bityo agakoresha imvugo cyangwa inyandiko. Imiryohere y'inganzo yose uzayisanga muri uyu mumaro. Injyana, isubirajwi, isubirajambo, amoko y'imizimizo cyangwa inyandiko inogeye amaso ndetse n'amagambo y'ikivugwa uko yakabaye hatitaweho ibisobanuro byayo, ibyo byose bigaragaza umumaro nyangambo w'ururimi bita kandi nyabusizi.

Urugero:

«Nsanze ari ijuru ry'umwezi

Nange mpimbiraho umwato

Ni ko kumwita umwanga kurutwa

Nsubiye mwita Marebe yera

Kandi atembaho amaribori

Ni umutako w'urutanisha

Ni ubutijima bw'urukundo

Ni urukenyerero rw'inkindi

Nkunda inkeshya ze z'umukwira. »

(Rugamba C., *Amibukiro*, pp.34).

- Umumaro nyanzira

Uyu mumaro tuwusanga mu magambo ya nyakuvuga mu gihe atangiye, akomeje cyangwa se asubitse ubwumvane cyangwa se azenzura ko umuyoboro (inzira) ari ntamakemwa. Iyi nzira y'ubwumvane ishobora kuba umurongo wa terefone, ishusho, igishushanyo cyangwa se n'ibindi bikoresho by'itumanaho byakora nka terefone. Aha rero ururimi rugira umumaro wo gutangira, gukomeza, gusigasira, gusubika, gusubukura cyangwa se guhagarika ubwumvane.

Ingero:

Allo!

Allo ! uranyumva se ?


Si byo Kaga?

Mwaramutse ke?

- Umumaro nyakivugwa

Iyo umuntu avuga hari ubutumwa cyangwa amakuru aba ashaka gutanga, akaba ari amakuru afitiye gihamya.

Dore uko imimaro y'ubwumvane igaragara ku ndanguruzi y'ubwumvane:



Ikitonderwa:

Nta nyandiko cyangwa umwandiko wihariye n'umumaro w'ururimi umwe gusa.

Imimaro myinshi ishobora kugaragarira icyarimwe mu mwandiko cyangwa mu kivugwa kimwe mu buryo no mu bwiganze butandukanye. Cyakora kugira ngo itumanaho ribe ryuzuye imimaro yose igomba kuba irimo akaba ari na byo bitandukanye imvugo y'umuntu n'iy'inyamaswa.

c) Amategeko ngombwa agenga ubwumvane

Kugira ngo ubwumvane bushoboke, hari amategeko ngombwa agomba kubahirizwa.

Uvuga n'ubwirwa bagomba:

- a) **Guhuza inkurikizo:** uvuga n'ubwirwa bagomba kuba bahuje ururimi cyangwa ibimenyetso bakoresha.
- b) **Guhurira ku kivugwa:** uvuga n'ubwirwa bagomba kuba baziranye ku kivugwa. Iyo bataziranye ku kivugwa ntibashobora kumvikana.
- c) **Guhuza inzira:** uvuga n'ubwirwa bagomba guhuza uburyo bakoresha kugira ngo bumvikane. Niba ari terefone bombi bagomba kuba bayifite, yaba ari ibaruwa, bombi bakaba bazi gusoma.

Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagakora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu ajenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo

a) Mu Rwanda, iyo Abanyarwanda bashyikirana, bakoresha inzira zitandukanye.

Andika inzira zose ubona zishoboka zaba zikoreshwa n'uvuga kugira ngo ikivugwa kigere ku ubwirwa.

Inzira zishobora gukoreshwa n'uvuga mu Rwanda kugira ngo ikivugwa kigere k'ubwirwa ni izi zikurikira: Inzira iziguye, terefoni, inzira mbonankubone, ibaruwa, insakazamajwi, insakazamashusho, imbuga nkoranyambaga n'ibindi.

b) Wifashishije indanguruzi y'ubwumvane, garagaza amasano agenga ubwumvane mu kiganiro “Yagiye ayoboza”

Amasano agenga ubwumvane mu kiganiro “Yagiye ayoboza”ku ndanguruzi y'ubwumvane ateye ku buryo bukurikira:

III.5.5. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa....)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa gatatu, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uwo mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo

Tegura imbwirwaruhame ku nsanganyamatsiko wihitiyemo, uyibwire abanyeshuri bagenzi bawe.

Uko umwitozo uzakorwa

Umwarimu asaba abanyeshuri kubanza kwiyibutsa ibyo bize bijyanye n'imbwirwaruhame ndetse n'ururimi n'ubwumvane hanyuma bagahanga imbwirwaruhame ku nsanganyamatsiko bihitiyemo, bakazayivugira imbere ya bagenzi babo. Umwarimu yibutsa abanyeshuri kandi ko mu gihe bandika imbwirwaruhame bubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'lkinyarwanda.

Uko uzakosorwa

Umwarimu areba ko abanyeshuri banditse imbwirwaruhame bubahiriza amabwiriza yo kuyandika n'ay'imyandikire yemewe y'lkinyarwanda hanyuma akabwira abanyeshuri kuvugira imbwirwaruhame zabo imbere ya bagenzi babo.

III. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatatu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatatu, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

- Muri uyu mutwe twasomye tunasesengura umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango.
- Twungutse amagambo menshi avuga ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Muri uyu mutwe kandi twabonye inshoza y'imbwirwaruhame n'ibice by'ingenzi biyigize.
- Twanditse imbwirwaruhame ndetse tuyivugira imbere ya bagenzi bacu.
- Twasobanuye inshoza y'ururimi, tugaragaza amafatizo y'ubwumvane, indanguruzi y'ubwuzuzanye, imimaro y'ubwumvane n'amategeko ya ngombwa agenga ubwumvane.

III.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 121)

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa gatatu

Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozi bwo:

- Gusoma no gusesengura imbwirwaruhame.
- Gutegura no kuvuga imbwirwaruhame.
- Gusobanura no gutahura mu mwandiko amafatizo y'ubwumvane n'imimaro yabwo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora isuzuma riri mu gitabo cyabo buri wese ku giti ke. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Ni uwuhe munyarubuga mukuru muri uyu mwandiko? Kubera iki?

Umunyarubuga mukuru ni Muneza kubera ko ari we ugaragaramo cyane kandi mu bice bitandukanye by'umwandiko, akaba ari we shingiro ry'ikiganiro.

2. Tanga ingero nibura ebyiri zigaragaza ko uburinganire n'ubwuzuzanye hari aho bwagaragaraga ku ngoma ya cyami.

Ingero ebyiri zerekana ko uburinganire n'ubwuzuzanye bwagaragaraga ku ngoma ya cyami ni:

Umwami iyo yimaga yimanaga na nyina bityo imitegekere ye yose akayumvikanaho n'umugabekazi wamugiraga inama.

Hari abagore bagiye bagaragara mu mirimo ikomeye y'ibwami nk'ubusizi n'ibindi. Urugero: Nyirarumaga na Nyirakunge babaye abasizi bakomeye.

3. Ese umuco nyarwanda wimakazaga ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi? Sobanura igisubizo cyawe.

Oya. Umuco nyarwanda ntabwo wimakazaga ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi kuko wasangaga abantu b'ibitsina byombi badahabwa amahirwe angana ndetse hakaba ivangura ku mirimo yabaga ibagenewe.

4. Ni gute Ndabaga yabashije kujya gukura se ku rugerero? Sobanura

igisubizo cyawe wifashishije ubundi bumenyi wasomye cyangwa wabwiwe.

Ndabaga yari umukobwa wa Nyamutezi mu Bwishaza, kugira ngo akure se ku rugerero byamusabye kubanza kwitoza imirimo ya gihungu nko kurasa, kumasha, gusimbuka ndetse anisatuza amabere ngo bitazagaragara ko ari umukobwa dore ko bitari byemewe kujya ku rugerero uri umukobwa. Amaze kumenya ibyo byose rero yariyoberanyije ajya ku rugerero acungura se.

5. Mu ishuri mwigamo ni iki kerekana ko uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse n'uburezi budaheza byubahirizwa ?

Ibisubizo byatandukana bitewe n'imiterere y'amashuri, umwarimu akagenzura ibisubizo byatanzwe n'abanyeshuri.

6. Ni irihe somo uyu mwandiko ugusigiye?

Ibisubizo byatandukana bitewe n'abanyeshuri, umwarimu akagenzura ibisubizo byatanzwe n'abanyeshuri akareba ko biganisha ku kuba abantu bafite uburenganzira n'ubushobozi bingana.

II. Ibibazo by'inyunguramagambo

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro:

- a) **Gukumira** : Ni byiza gukumira ibiza bitaraba.
- b) **Guterura ikiganiro** : Ujya guterura ikiganiro arabanza agatekereza ibyo agiye kuvuga.
- c) **Kwiyoberanya** : Kamana bamubonye arimo gukora amakosa atangira kwiyoberanya.
- d) **Gukura se** : Kera umwana w'umuhungu yajyaga gukura se ku rugerero.

2. Simbuza amagambo atsindagiye ayo mu mwandiko bihuje inyito

- a) Umugore ntiyahabwaga agaciro kangana n'ak'umugabo mu muco nyarwanda.

Umutegarugori ntiyahabwaga agaciro kangana n'ak'umugabo mu muco nyarwanda.

- b) Mu Rwanda, nyina w'umwami yategekanaga n'umwami.

Mu Rwanda, umugabekazi yategekanaga n'umwami.

III. Ibibazo ku mbwirwaruhame no ku rurimi n'ubwumvane

1. Imbwirwaruhame ni iki?

Imbwirwaruhame ni ijambo umuntu ategura neza akarigeza ku bantu benshi (mu ruhame) bakirinda kumurogoya, ahubwo bakamutega amatwi. Imbwirwaruhame ishobora kuba ndende cyangwa ngufi bitewe n'intego yayo.

2. Vuga ibyitabwaho mbere yo gutanga imbwirwaruhame.

Mbere yo gutanga ikiganiro mbwirwaruhame, ugitegura agomba kumenya ibi bikurikira:

- Ni ngombwa kumenya abo agiye kubwira imbwirwaruhame abo ari bo n'aho ababwirira.
- Ni iki bashobora kumva? Bari mu kihe kigero k'imyaka? Bakora iki? Ni iki bahuriyeho?
- Gutegura imbwirwaruhame.
- Kumva neza insanganyamatsiko y'imbwirwaruhame byaba ngombwa akanasoma ibitabo binyuranye bivuga kuri iyo nsanganyamatsiko.
- Gukusanya ibyo azavuga mu ngingo zinyuranye z'imbwirwaruhame ashingiye ku byo yasomye cyangwa yabajije abandi.
- Gushaka intego z'ikiganiro ke akanakora imbata y'ikiganiro ke.

3. Sobanura uko umuntu yifata n'uko yitwara avuga imbwirwaruhame.

Umwarimu areba ko abanyeshuri banditse uko umuntu yifata n'uko yitwara, iyo avuga imbwirwaruhame nk'uko babyize.

4. Kugira ngo ubwumvane bushoboke ni ibiki bigomba kubahirizwa hagati y'uvuga n'ubwirwa?

Uvuga n'ubwirwa bagomba:

- a) Guhuza inkurikizo: uvuga n'ubwirwa bagomba kuba bahuje ururimi cyangwa ibimenyetso bakoresha.
- b) Guhurira ku kivugwa: uvuga n'ubwirwa bagomba kuba baziranye ku kivugwa. Iyo bataziranye ku kivugwa ntibashobora kumvikana.
- c) Guhuza inzira: uvuga n'ubwirwa bagomba guhuza uburyo bakoresha kugira ngo bumvikane. Niba ari terefone bombi bagomba kuba bayifite, yaba ari ibaruwa, bombi bakaba bazi gusoma.

5. Vuga amafatizo y'ubwumvane unayasobanure mu magambo make.

Amafatizo y'ubwumvane ni: uvuga, ubwirwa, ingambo, inzira, ikivugwa n'inkurikizo.

Umwarimu areba neza niba abanyeshuri bagiye basobanura neza aya mafatizo agendeye ku byo bize.

IV. Ihangamwandiko

Ishyire mu mwanya w'umunyeshuri uhagarariye abandi maze utegure imbwirwaruhame ku burunganire n'ubwuzuzanye, uzavuga ku itariki ya 8 Werurwe ku muni w'abari n'abategarugori.

Umwarimu akosora abanyeshuri, areba niba abanyeshuri bagiye bahimba imbwirwaruhame bubahiriza imbata n'ibice byayo. Areba kandi ko indangagaciro z'umuco nyarwanda n'amategoko y'imyandikire y'Ikinyarwanda byubahirizwa.

III.8. Ibikorwa by'inyongera

III.8.1. Umwitozo nzamurabushobozi

Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite. Iyo birangiye, abagaragaje ubushobozi buke ku mbwirwaruhame no ku rurimi n'ubwumvane ashobora kongera kubaha iyi myitozo ikurikira:

1. Ibibazo ku mbwirwaruhame

- a) Vuga ibice by'ingenzi bigize imbwirwaruhame? Ibice by'ingenzi by'imbwirwaruhame ni : umutwe, intangiriro / interuro, igihimba n'umwanzuro / umusozo.
- b) Imbwirwaruhame zishobora kuvugirwa he? Imbwirwaruhame zishobora kuvugirwa ahantu hanyuranye nko mu nsengeru, mu ishuri, mu nzu mberabyombi n'ahandi.
- c) Garagaza byibura ibintu bitatu umuntu utegura imbwirwaruhame agomba kuzirikana?
 - Ni ngombwa kumenya abo agiye kubwira imbwirwaruhame abo ari bo.
 - Gutegura imbwirwaruhame.
 - Kumva neza insanganyamatsiko y'imbwirwaruhame byaba ngombwa akanasoma ibitabo binyuranye bivuga kuri iyo nsanganyamatsiko.

2. Ibibazo ku rurimi n'ubwumvane

- a) Ururimi ni iki? Ururimi ni igikoresho cy'ubwumvane k'ingenzi abantu bifashisha mu kubaho ndetse no kubana n'abandi mu mibereho yabo ya buri muni. Ni

uburyo abantu bakoresha kugira ngo bashobore kumvikana, gutumanaho, bakoresheje amagambo, amarenga cyangwa ibimenyetso.

b) Amafatizo y'ubwumvane ni angahe? Yagaragaze. Amafatizo y'ubwumvane ni atandatu. Amafatizo y'ubwumvane arimo : uvuga, ubwirwa, ingambo, inzira, ikivugwa n'inkurikizo.

c) Shushanya indanguruzi y'ubwumvane.



III.8. 2. Umwitozo nyagurabushobozi

Abanyeshuri bagaragaje ubushobozi muri buri kiciro, umwarimu ashobora kongera kubaha iyi myitozo ikurikira:

1. Ikibazo ku mbwirwaruhame

Ishyire mu mwanya w'umunyeshuri uhagarariye abandi, maze uhimbe imbwirwaruhame uzavuga ku munsu mukuru wo kwishimira ko musoje amashuri yisumbuye.

2. Ikibazo ku rurimi n'ubwumvane

Tegura umwandiko uri hagati y'amagambo ijana n'ijana na mirongo itanu, ugaragaramo imimaro y'ubwumvane. Ushobora no kuba ikiganiro hagati y'abantu babiri. Erekana igice umumaro runaka ugaragaramo kandi uwusobanure.

Umwarimu areba ko umunyeshuri yahanze umwandiko ashyiramo imimaro y'ubwumvane.

III. 8. 3. Imyitozo y'inyongera

Ikibazo:

Wifashishije igishushanyo k'indanguruzi y'ubwumvane erekana amafatizo y'ubwumvane yagaragara mu isomo ry'Ikinyarwanda ritangwa n'umwarimu avuga ko abana bose, nta vangura iryo ari ryo ryose, bagomba guhabwa amahirwe yo kwiga.

Igisubizo

Ku gishushanyo k'indanguruzi y'ubwumvane, bigaragazwa n'ibi bikurikira:

Uvuga: Umwarimu

Ubwirwa: Abanyeshuri

Inzira: Imvugo ishobora no kugaragaramo ibimenyetso

Ingambo: Abana bose nta vangura iryo ari ryose bagomba guhabwa amahirwe yo kwiga.

Ikivugwa: Uburezi budaheza

Inkurikizo: ururimi rw'Ikinyarwanda

III. 9. Amakuru y'inyongera

Umwandiko: Mwanankundi avuga ijambo ku buringanire n'ubwuzuzanye

Banyakubahwa bagabo,

Bari namwe bategarugori,

Rubyiruko,

Nshuti bavandimwe,

Mbanje kubaramutsa abambyaye namwe rungano tungana, mugire amahoro!

Ibyo mbabwira si ibyo mbarusha ahubwo ni ibyo mbibutsa, kuko abakuru mundusha kubimenya. Abantanze kubona izuba, muzi imibereho yange. Ubwo rero singombwa kuyisubiramo, byaba ari ukurondogora.

Reka ahubwo twiyibutse ibyo twiyibagije, tukaba duhora tubirenta amaso ngo n'ejo tutazava aho tubibazwa. Nyamara mu by'ukuri ni twe bagabo bo guhama ibyabaye hano ku isi cyanecyane ibyabaye hano iwacu. Erega nange ndi umuntu nkamwe. Ndibagirwa kuko ndi umuntu mu bandi. Kugira ngo mbyibuke rero, byantwaye igihe kitari gito. Ni yo mpamvu mbasabye ngo munyemerere mbibibutse, ndetse muze no kunyibutsa ibyo nibagiwe, kuko bimwe byakozwe namwe.

Twabwiwe ko Imana yaremye abantu babiri ibaha kugenga ibindi biremwa byose, ibyo murabizi neza. Ibaha imbuto zo mu ishyamba ngo zizababere ibyo kurya. Ibaha inyoni zo mu kirere, izo ku butaka, inyamaswa zo mu ishyamba, ndetse n'izo mu nyanja. Barazitegeka, barazirya.

Umugabo, abana n'umugore imyaka ibihumbi n'ibihumbi. Iminsi yagiye isimburana n'indi bukeye umugabo asanga ni we ufite imbaraga kurusha umugore, atangira kumutegeka. Bidatinze amuhindura igikoresho, amurisha iki, amubuza kiriya, mbese biba karande kugeza na n'ubu. Ati: "Ntukagire ijambo mu rugo, kandi nugira Imana ukatubyaramo, uzatubamo umuja. Ibyago byawe kandi biramutse bije ukabura urubyaro mu rugo rwacu, uzarumeneshwamo rutahe undi." Mu gihugu umugore aribagirana, abura umureba n'irihumye. Ibyiza byose abantu bashoboye kumenya, biharirwa umuhungu na se; naho ibibi byose, biharirwa umwari na nyina. Biba bityo, habura n'uwagira ati: "Bambe!" Kuva navuka nasanze nta mugabo urumba. Ubupfura buke bwahariwe umugore, umugabo arigaramira.

Babyeyi,

Nshuti,

Bavandimwe,

Mbyiruka, nasanze umugabo yubakana urugo n'umugore bakorora inka, bagatunga bagatunganirwa, ariko umwe akitwa umuja w'undi na ho undi akima, akaganza. Umugore yagira intege nke, ibi bisanzwe by'abantu, akananirwa kuzikukira, guhingira abo abyaye cyangwa se agakosa by'abantu, ubwo ishyano rikaba riraguye. Iyo ikaba impamvu yo kumeneshwa, akamburwa inkanda yakenyeraga, agahambirizwa riva atanahawe n'impamba. Yahukanaga amara masa, abana b'abangavu bajyanaga na we kuko n'ubundi babaga ari aba nyina. Murabyumva rero neza ko utarabyaye n'abo bakobwa, iyo bamuhindaga yagendaga wenyine. Umwana urumba yari uwa nyina yarumbuka akitwa uwa se.

Ubu aho nageze mu ishuri, abahanga bambwiye ko n'umugabo ashobora kubura urubyaro. Byarantangaje cyane kuko nabyirutse nzi ko nta mugabo ubura urubyaro; keretse ikiremba. Wenda bamwe muratekereza mukavuga muti: " Genda uwabikwigishije yarakubeshye!" Mukungamo muti: " Ntaho byabaye ngo umugabo abure urubyaro". Nageze hirya iyo nsanga umugore bamwita umujyanama w'umugabo. Nasanze barira ku meza amwe kandi basangira umukuzo umwe birantangaza; ariko mbona nta ko bisa! Muzi ko abakobwa b'ahandi biga amashuri nk'abahungu ra? Hari n'aho nageze, nsanga umugabo n'umugore bafatanyaga kuyobora igihugu birantangaza mpera ko mbyandika ngo nzaze kubibabwira. Ahandi umuhungu n'umukobwa ntibagira itandukaniro; banganya agaciro n'amahirwe muri byose. Umugore agira ijambo mu gihugu, mu iteraniro no mu ruhamwe akagira igitekerezo ageza ku bagabo n'abagore bose hamwe bamuteze amatwi ntawumurogoya.

Babyeyi,

Nshuti,

Bavandimwe,

Nimwihangane ntabwo mbarambira, ndi hafi kugera ku musozo. Kandi rwose munyumve kubarambira na nge si nge ahubwo biraterwa n'agaciro iki kiganiro gifite. Si byo se? Agahinda maranye iminsi, nkagaragaje kose, bwakwira bugacya. Bavandimwe, natangajwe cyane n'uko umugabo yemera kubyarwa kandi afite agaciro kangana gatyo! Mama akimara kumbyara, induru yabaye ndende kuko nari mvutse ndi umukobwa. None se ubu nti hari igihe ibyo nkora n'uwo muhungu bavuga atari kubishobora? Ibyo tubireke, twese ni iby'Imana kandi ni yo igena byose.

Ndabizi rero bagabo muri intwari. Ni yo mpamvu mbabwiye iryari rindi ku mutima. Ibyo mbabwiye byose bimwe mwari mubizi, ibindi mwari mwarabyirengagije, ariko noneho sinshidikanya ko muzamfasha kubishakira umuti. Mwumvise ko narangije amashuri. Ubwo rero nta kindi numva ngomba kwibandaho, uretse gushakira abantu guhindura imyumvire maze bakamenya ko ibintu byahindutse kuko umutegarugori afite ijamba mu Gihugu. Ariko kandi sinabishobora ngenyine; nge namwe nidufatana mu runana tuzagera kuri byinshi.

Mugire amahoro!

Iyi mbwirwaruhame ifatiye ku nkuru ndende MWANANKUNDI ya KAREGE Fideri, urup. 26 -27



IV.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umuvugo ku miyoborere myiza, hagaragazwa ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Gusesengura no kwandika neza inyandiko z'ubutegetsu n'izindi nyandiko zinyuranye.

IV.2. Ibyo umunyeshuri yago mbye kuba azi

- Abayobozi ba zimwe mu nzego z'ibanze (umudugudu, akagari, umurenge, n'akarere) na zimwe mu nshingano zabo.
- Inshoza y'ibaruwa isanzwe, ibice n' uturango twayo.

IV.3. Ingingo nsanganyamasomo

Ingingo nsanganyamasomo	Aho igaragara muri uyu mutwe
Uburinganire n'ubwuzuzanye	Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu muvugo "Karame Rwanda" no mu mwandiko "Kagabo na Kamariza mu nama y' akagari", igaragarira kandi igihe umwarimu yigisha yita ku bitsina byombi.
Umuco w'amahoro	Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Kagabo na Kamariza mu nama y' akagari", ahavugwa umutekano urambye w' igihugu.
Jenoside	Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu mwandiko "Kagabo na Kamariza mu nama y' akagari", aho Kagabo avuga ko uRwanda rwiteje imbere nyuma yo, "Gukumira no kurwanya jenocide".

Uburezi budaheza	Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu matsinda y' abanyeshuri abahungu n' abakobwa bakorera hamwe.
Umuco wo kuzigama	Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu igaragarira mu mwandiko "Kagabo na Kamariza mu nama y'akagari" ahavugwa ko kwakira neza ba mukerarugendo bituma bagaruka bityo bikatwinjiriza amadovize. Bigaragarira no mu itangazo ryo kwamamaza.

IV.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Akoresheje uburyo bwo kungurana ibitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gutanga ibitekerezo ku gikorwa gikurikira:

Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:

Ushingiye ku bumenyi bwawe bwite, sobanura bimwe mu biranga imiyoborere myiza n' akamaro kayo ku Gihugu.

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo abanyeshuri batanga maze akagenda abafasha kubinoza.

IV.5. Amasomo ari mu mutwe wa kane n'igihe agenewe

Umutwe wa kane: Imiyoborere myiza		Umubare w'amasomo: 18
Umuvugo: Karame Rwanda		
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.	Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko.	Isomo 2
Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n' ubuzima busanzwe.	Isomo 1
Umwandiko: Kagabo na Kamariza mu nama y'Akagari		

Isomo rya kane: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko umwandiko.	Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko. Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n' ubuzima busanzwe.	Amasomo 3
Inyandiko z' ubutegets: Ibaruwa y'ubutegets		
Isomo rya gatanu: Ibaruwa y'ubutegets	Gutahura inshoza y'ibaruwa y'ubutegets no kugaragaza ibice biyigize, imbata yayo n'uturango twayo.	Amasomo 2
Umwandiko : Ese uri nde?		
Isomo rya gatandatu: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko umwandiko	- Gusoma, gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko, kuyakoresha mu nteruro no gusubiza ibibazo byawubajijweho ku mwandiko.	Amasomo 2
Inyandiko z'ubutegets:		
Umwirondoro		
Isomo rya karindwi: Umwirondoro	Gutahura inshoza n'ibiranga umwirondoro no kugaragaza ibice biwugize.	Amasomo 2
Amatangazo		
Isomo rya munani: Amatangazo	Gutahura inshoza n'uturango by' amatangazo no kugaragaza ubwoko bw'amatangazo.	Amasomo 2
Umwitoto w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.		Isomo 1
Isuzuma risoza umutwe wa kane		Amasomo 2

Ikitonderwa: Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimu abanza gukoresha igikorwa cy' umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ...

IV.5.1. Umwandiko : Karame Rwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ...)

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atasobanukiwe ari mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Karame Rwanda" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:

a) Murabona iki kuri iyi shusho?

Kuri iyi shusho, turahabona abantu bambaye umwambaro w' abunzi, hari umuntu uhagaze iruhande rwabo avuga n'abandi bazamuye intoki bashaka gutanga ibitekerezo.

b) Mushingiye ku byo mubona kuri iyi shusho, murabona igaragaza iki?

Iyi shusho iragaragaza ko abayobozi barimo gukemura ibibazo by' abantu.

c) Mu gihugu iyo ubuyobozi bukemura ibibazo by' abaturage biba bigaragaza iki?

Bigaragaza imiyoborere myiza.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo kuri iri somo ibiteganywa mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira

Igikorwa

Soma umwandiko “Karama Rwanda”, ushakemo amagambo udasobanukiwe, uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko, wifashishije inkoranyamagambo y’Ikinyarwanda.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakandukura ibisubizo binoze mu makayi yabo.

Urugero rw’ibisubizo byanogejwe:

Gusaba: Kuzura mu muntu by’ikintu kimutera ibyishimo cyangwa ububabare cyangwa kumutaha by’indwara; gukwirakwira ahantu hose kw’amazi, umunuko n’ibindi.

Kuganza: Gutsinda, gutera ubwoba, gutinywa, kubahwa kubera isumbwe urusha abandi.

Gusubira ibwonko: Kwibaza.

Ubukombe: Umugabo cyangwa imfizi bikuze kandi bihamye.

Ubwehe: Impamvu y’ibanze, intandaro y’ibyago, umutima wuje ubugwanabi, icyago kimbura ibintu.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy’umunyeshuri. Umwarimu azenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo byanogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw’imyitozo n’ibisubizo:

a) Uzuzura izi nteruro ukoresheje aya magambo ari mu mwandiko, ashobora guhindura intego: igihe cy’akanda, ubukombe, ubwehe, gusaba.

- Imvura yaguye ari nyinshi amazi **asaba** ibibaya.
- Muhoza yatoye inka none ibyishimo **byamusabye**.
- Kamandwa yapfushije abana be bese n’umugore none yabikuriyeho **ubwehe** bwo gusara.
- Ujya kwica **ubukombe** arabwagaza.
- Ubusanzwe Nkurunziza ntanywa amarwa keretse **mu gihe cy’akanda**.

b) Andika imbusane y' ijambo ryanditse mu mukara tsiri ukoresheje amagambo ari mu mvugo.

- Kiriya gihugu gifite ubutegetsi bw'igitugu.(**demokarasi**)
- Wa mugabo yaje yikandagira.(**yisanga**)
- Abo bagabo ni ba bandi bashishikajwe no kwisenyera igihugu. (**kwiubakira**)

c) Andika inyito z' amagambo yanditse mu mukara tsiri mu nteruro zikurikira.

- Karake yakoze mu **nganzo** aradushimisha cyane.
- Ahantu ku butaka cyangwa hacukuye bakura amabuye y'agaciro nk'ubutare, itaka rinyuranye nk'ingwa n'umusenyi.
- Ahantu umusizi cyangwa umwisi ajya kwiherera agahimba.
- Ubuhimbi buba mu mutwe w'umusizi cyangwa w'umwisi butuma akomeza kubona amagambo meza.

2. Uyu mugabo yivuga imyato ubudasiba.

- Interuro ivuga aho umuntu yagiriye akamaro, kimwe mu bice bigize ikivugo kirekire.
- Mu bumwe, umwato ni intangamugabo yemeza ukuri umuntu avuga.

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko adategwa no gusubiza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a)Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga ni "Karame Rwanda".

b) **Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

Wavugaga ku nsanganyamatsiko y' imiyoborere myiza.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza akabyandika ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni iki gituma umuhanzi ashaka kuririmba u Rwanda?

Igituma umuhanzi ashaka kuririmba ni uko aje yisanga kandi agasanga u Rwanda rukwiye ijambo.

2. Erekana inkomoko y'ubuhangange bw'Igihugu cy'u Rwanda, ukurikije uyu muhanzi?

Inkomoko y'ubuhangange bw'Igihugu cy'u Rwanda ni demukarasi.

3. Ni iyihe mikarago igaragaza ko Abanyarwanda badakangwa n'inzara?

Imikarago igaragaza ko Abanyarwanda badakangwa n'inzara ni iyi ikurikira:

Nsanze u Rwanda rufite Imana,

Imari yisuka buri muni,

Tukanihaza no mu biribwa.

Igihe cy'akanda tukagicyaha

4. Ni iki kerekana ko ihohotera ryambuwe ijambo mu Rwanda?

Ikibyerekana ni uguca imanza nta kubogama, ikindi ni uburinganire n'ubwuzuzanye.

5. Ni iki umuhanzi avuga ko gitoza uburere bwiza?

Icyo avuga ko gitoza uburere bwiza ni Itorero ry'u Rwanda.

6. Muri uyu mwandiko, ni gute uburinganire bwahawe ijambo?

Muri uyu mwandiko, uburinganire bwahawe ijambo kuko na ba nyampinga bakora imirimo nka basaza babo.

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura umwandiko, agaragaza insanganyamatsiko nyamukuru n'ingingo z'ingenzi zavuzwe mu mwandiko.
- Kugaragaza uturango tw' umuvugo akurikije imiterere y' umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni irihe somo duheruka kwiga?

Twize isomo ryo kumva umwandiko.

b) Muri iryo somo twakoze iki?

Twasubije ibibazo byo kumva umwandiko.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gokurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko "Karame Rwanda" hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza akabyandika ku kibako abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

1. Vuga insanganyamatsiko nyamukuru iri muri uyu mwandiko.

Insanganyamatsiko nyamukuru ni imiyoborere myiza.

2. Garagaza ingingo z'ingenzi zavuzwe mu mwandiko ku miyoborere myiza.

- Igitera umuhanzi kuririmba,
- Gukunda umurimo: gushora imari no gukura amaboko mu mifuka,
- Inama zikorwa hagati y'abayobozi n'abayoborwa zimakaza demukarasi,
- Ubumwe n'ubwiyunge n'umuganda,
- Kurwanya ruswa n'akarengane hagamijwe ubutabera n'uburinganire.
- Inama tugirwa n'umuhanzi.

3. Vuga izindi ngingo zivuga ku miyoborere myiza zitavuzwe mu mwandiko.

- Gukumira ihohoterwa n' icuruzwa ry' abantu.
- Imibanire myiza n' amahanga.

4. Ni utuhe turango tw' umuvugo ukurikije uko umwandiko umeze?

Uturango tw'umuvugo dukurikije umwandiko tumaze kubona, umuvugo urangwa n'interuro ngufi bita imikarago cyangwa intondeke. Iyo mikarago iba ifite injyana nk'iyo mu ndirimbo. Iyo mikarago kandi iba igabanyijemo ibika. Umuvugo kandi urangwa n'injyana y'isubirajwi n'isubirajambo n'andi makeshamvugo atandukanye nk'imibangikanyo, ihwanisha, iyitirira, igereranya,...Umuvugo urangwa nanone no kuvuga ibigwi umuntu cyangwa ikintu ugitaka ariko udakoresheje amakabyankuru.

IV.5.2. Umwandiko: Kagabo na Kamariza mu nama y' akagari

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa)

Isomo rya kane: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatumaze n'iyitsa
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha mu mvugo no mu nyandiko.
- Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Kagabo na Kamariza mu nama y' akagari" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:

a) Murabona iki kuri iyi shusho?

Kuri iyi shusho, turahabona abantu benshi, hari umugore uhagaze iruhande rwabo imbere hicaye umuyobozi. Mu cyumba barimo harimo ibendera ry'Igihugu.

b) Murabona aba baturage baje gukora iki?

Aba baturage baje mu nama ku rwego rw'ubuyobozi bw'ibanze.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo kuri iri somo ibiteganywa mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora ibikorwa bikurikira

Ibikorwa

- a) Soma umwandiko "Kagabo na Kamariza mu nama y' akagari", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo y'Ikinyarwanda.

b) Ongerera usome umwandiko “Kagabo na Kamariza mu nama y’ akagari”, usubize ibibazo byawubajijweho.

c) Ongerera usome umwandiko “Kagabo na Kamariza mu nama y’ akagari”, usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Umwarimu arakora amatsinda atandukanye y’ abanyeshuri ayahe gukora ibikorwa binyuranye. Arasaba amatsinda yose gusoma “*Kagabo na Kamariza mu nama y’ akagari*”. Arasaba abagize amatsinda gushaka mu mwandiko amagambo badasobanukiwe, gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Umwarimu araha abanyeshuri igihe cyo gukora ibyo bikorwa. Igihe yabahaye nikirangira, umwarimu arasaba amwe mu matsinda kumurikira abandi ibyo yakoze. Buri tsinda riragenerwa igikorwa rimurika, abagize andi matsinda barakurikira, umwarimu agende abayobora mu kunoza ibyavuye mu matsinda. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

Ikitonderwa: Umwitozo uri mu gitabo cy’umunyeshuri ujyanye no gusoma no gusobanura umwandiko urakorwa amatsinda amaze kumurika ibyo yakoze.

Urugero rw’ibisubizo byanogejwe:

I. Urugero rw’amagambo umunyeshuri ashobora kuba adasobanukiwe n’ibisobanuro byayo:

Umunyamashyengo: Umuntu ukunda gusetsa cyane .

Amashyushyu: Amatsiko.

Kuronka: Kubona ikintu ushaka.

Kwisungana: Kwifatanya, kwegeranya imbaraga kugira ngo mubashe gukora icyo umuntu umwe atakwishoboza.

Ikimenyane: Uburyo umuntu aha amahirwe abantu bamwe akirengagiza abandi bitewe n’ impamvu runaka.

Guhiga: kwiyezeza ibintu uzakora mu gihe runaka.

Kwesa imihigo: Kurangiza ibyo wiyemeje gukora mu gihe wihaye.

Kwizimba: Gutinda ahantu cyangwa mu bintu.

Ikirezi: Ubwiza, uburanga, ihoho. Bishatse kuvuga nanone akazu keza kaba ku dusimba tumwe na tumwe tuba mu nyanja abantu badukoramo imitako myiza cyane.

Inteko: Abantu benshi bari hamwe.

II. Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

a) Ese iyo bavuze imiyoborere myiza, wumva iki?

Iyo bavuze imiyoborere myiza numva ubuyobozi bwuzuzanya neza inshingano zabwo uko bikwiye.

b) Imiyoborere myiza igirira abantu akahe kamaro?

Imiyoborere myiza ifasha abantu:

- Kubaho mu mahoro n'umutekano.
- Kubona serivisi nziza kandi yihuta.
- Kugira imibereho myiza.
- Gutera imbere mu bukungu.
- Kubona ibikorwa remezo hafi yabo.
- Kubaho mu bwisanzure.
- Kugira ikizere k'ejo heza n'ibindi.

c) Ni izihe nyungu zo kwakira neza abatugana no kubaha serivisi inoze kandi yihuta?

- Bituma tumenyekana kandi tukavugwanya neza mu mahanga
- Bidukururira abantu bakatugana bishimye bityo tukabona ba mukerarugendo benshi binjiza amadovize.
- Biduhesha ishema n'agaciro mu ruhande rw'amahanga.
- Biturehereza abakiriya benshi tukungukira mu bikorwa byacu.
- Bituma tugirirwa ikizere n'amahanga tugahabwa kwakira inama, imikino n'imyidagaduro mpuzamahanga.
- Bidufasha kumenyekanisha ibyiza nyaburanga byacu n'ibikorwa iwacu.
- Bituma tubana neza n'abandi.
- Bituma akazi kagenda neza kakanyura abashakira serivisi n'ibindi.

- Gutanga serivisi inoze kandi yihuta bituma abanyamahanga batugana bakatuzanira amadovize Igihugu kigatera imbere.

d) Inama nyunguranabitekerezo ivugwa mu mwandiko yari igenewe bande?

- Yari igenewe abayobozi b' imidugudu bose.
- Yari igamije kurebera hamwe ikigero abaturage bagezeho mu gutanga ubwusungane mu kwivuza (mituweri).

e) Abitabiriye inama batashye bameze bate? Kubera iki?

Batashye bishimye kubera inyigisho nziza bari bamaze kuronka.

f) Ni iki biyemeje gukora inama ikirangira.

- Biyemeje kurushaho gutanga serivisi nziza mu byo bakora byose.
- Kwitabira no gushyigikira gahunda za Leta ngo biteze imbere banyubakire Igihugu.

III. Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko

a) Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka zivugwa mu mwandiko?

Ingingo y'ingenzi: imiyoborere myiza, kwakira neza abatugana no gutanga serivisi inoze.

Ingingo z'ingereka: ibiranga imiyoborere myiza wita ku bo uyobora mu buryo bwose bushoboka no kubaha ikaze ukabakira na yombi, ubagaragariza urugwiro.

b) Ese ni ngombwa ko imiyoborere myiza igaragara gusa mu nzego z'ubuyobozi? Sobanura wifashishije ingero.

Oya, imiyoborere myiza igomba kugaragara ahantu hose. Urugero nko mu rugo hagomba kurangwa imiyoborere myiza, aho umukuru w' umuryango agomba kuyobora umuryango neza nta we ahutaje, yumva ibibazo bya buri wese kandi n' abo uyobora na bo bakarangwa no kumwumvira.

c) Ese hari aho wigeze kujya ntiwahabwa serivise nziza nk' uko ubyifuza? Niba ari byo byagenze bite? Wumvise umerewe ute?

Umwarimu arareba ibisubizo abanyeshuri batanze abafashe kubinoza.

d) Ubye umuyobozi w'ahantu hatigeze harangwa imiyoberere myiza ni ibiki wakwihutira gukora?

Abanyeshuri batanga ibitekerezo by'ibyo bakora bigaragaza imigirire y'umuyobozi mwiza wita ku bo ayobora. Umwarimu yumva niba bigusha ku ngingo zigaragaza mu by'ukuri imiyoborere myiza n'ibiyiranga.

3. Imyitozo

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

1. Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira andi magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yakoreshejwe mu mwandiko bihuje inyito.

a) Kurangiza neza ishingano umuntu yihaye mu kazi ke bituma aba umuyobozi w'indakemwa.

Kwesa imihigo umuntu yihaye mu kazi ke bituma aba umuyobozi w'indakemwa.

b) Kwiba umutungo wa rubanda ni icyaha kitababarirwa.

Kunyereza umutungo wa rubanda ni icyaha kitababarirwa.

c) Kuvuga ukarambirana bituma abantu binubira ibyo uvuga.

Kwizimba mu magambo bituma abantu binubira ibyo uvuga.

d) Abaturage bari mu nama, iyo bagize amatsiko menshi bituma babaza cyane. Abaturage bari mu nama, iyo bagize **amashyushyu** bituma babaza cyane.

e) Umuyobozi ugira vuba na bwangu muri serivisi atanga, afasha abaturage benshi. Umuyobozi **ukubita abangura** muri serivisi atanga, afasha abaturage benshi.

2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye.

a) Igenamigambi

Igenemigambi rikozwe neza rifasha abayobozi gukorera kuri gahunda kandi bagakora ibikenewe ku gihe cyabyo.

b) Impanuro

Kumva impanuro z'ababyeyi n'abarezi bacu tukazikurikiza bituma turushaho kwitwara neza no gutsinda amasomo yacu.

c) Kuronka

Iyo wakira neza abakugana kandi ukabaha serivisi nziza uronka inyungu nyinshi mu kazi kawe.

3. Tahura umugani wakoreshwe mu mwandiko kandi uwusobanure.

Umugani wakoreshwe mu mwandiko ni : “ Uwambaye ikirezi ntamenya ko kera”. Abantu ntibakangukira kumenya no kuzirikana agaciro nyako k'ibintu bafite, mu gihe abatabifite bo baba babyifuza.

IV. 5.3. Inyandiko z' ubutegetsu: Ibaruwa y'ubutegetsu

Isomo rya gatanu: Inshoza, imiterere imbata n' uturango by' ibaruwa y' ubutegetsu.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :

- Gutahura inshoza y'ibaruwa y' ubutegetsu no kugaragaza ibice biyigize.
- Kugaragaza imbata y' ibaruwa y' ubutegetsu no kwerekana uturango twayo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri n'izindi nyandiko zigaragaramo ibaruwa.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) **Ni ubuhe buryo bwakoreshwa mu gutanga cyangwa kumenyekanisha amakuru?**

Wakoresha Telefoni, kwandika ibaruwa, gutuma umuntu...

b) **Muri ubwo buryo buvuzwe, ni ubuhe buboneka mu mwandiko “Kagabo na Kamariza mu nama y' akagari”?**

Mu mwandiko “Kagabo na Kamariza mu nama y' akagari”harimo ibaruwa umunyamabanga Nshigwabikorwa w'akagari yasomeye inteko y' abaturage.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri akababwira ko bagiye kwiga ibaruwa.

2. Uko amasomo yigishwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Mu mwandiko “Kagabo na Kariza mu nama y’akagari”, harimo ibaruwa umunyamabanga nshingwabikorwa w’ akagari yasomeye abaturage mu nama. Soma kandi witegereze icyo baruwa, ukore ubushakashatsi usubize ibibazo bikurikira:

1. Ibaruwa umunyamabanga nshingwabikorwa w’ akagari yasomeye abaturage mu nama ni ubuhe bwoko bw’ibaruwa? Tahura inshoza ya bene ubwo bwoko bw’ibaruwa.
2. Iyo baruwa iteye ite?
3. Garagaza imbata y’iyo baruwa.

Abanyeshuri barakora icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibahu na bo bakabyandika mu makayi yabo.

Urugero rw’ ibyanogejwe

a) Inshoza y’ibaruwa y’ubutegets

Ibaruwa y’ubutegets ni ibaruwa ngufi kandi ivuga ibya ngombwa birasa ku ntego, ikirinda uburondogozi no kugaragaza amarangamutima. Igituma iba ngufi ni uko uwandika agomba gusa kwibanda ku mpamvu yatumye yandika. Bene iyi baruwa y’ubutegets iba igamije gusabwa gutanga serivisi ku bo igenewe, gusaba akazi, gusubiza uwasabye akazi, gusaba ibisobanuro mu kazi, gutanga ibisobanuro, gutanga amabwiriza n’ibindi. Tuvuge niba uwandika asaba akazi, iyo ni yo mpamvu agaragaza ku rupapuro kandi ni yo avugaho muri make agaragaza akazi ashaka ako ari ko, ubushobozi afite bwo kugakora n’uburyo azagakora, kandi byose bikagirwa mu kinyabupfura. Nta gutandukira ngo agaragaze ko yababaye, ko ubukene bumumereye nabi, ko aya rimwe mu cyumweru, ko yari afite akazi bakakamwirukanaho ku maherere n’ibindi. Uwo wandikira usaba akazi ntakeneye ko umurondogoraho cyangwa ko umutera imbabazi. Ibyo nta mwanya abifitiye, icyo akeneye ni icyo ugamije kumukorera, ubushobozi ugifitemo, ibyangombwa bibigaragaza. Bene iyi baruwa yandikwa ku rupapuro rw’umweru

b) Imiterere y'ibaruwa y'ubutegets

Ibaruwa y'ubutegets igizwe n'ibice binyuranye ari byo:

- Aderesi:

Aderesi ni igice k'ingenzi kigaragaza uwanditse ibaruwa y' ubutegets. Hagaragamo amazina ye, aho atuye ndetse n'andi makuru yose yafasha uwo yandikiye kumenya aho yamubariza aramutse amushatse: ashobora kongeramo nimeru za terefoni n'aderesi ye ya interineti. Iki gice gifata umwanya wo hejuru ibumoso ku rupapuro.

- Itariki

Itariki ni ngombwa ko hagaragamo ahantu ibaruwa y' ubutegets yandikiwe n'umunsi iyo baruwa yandikiweho. Iki gice cyo kijya hejuru iburyo ahateganye n'izina.

- Uwandikiwe

Uwandikiwe ni igice kigaragara munsi y'itariki ibaruwa y' ubutegets yandikiweho. Kiba kigaragaza uwo ibaruwa igenewe. Si izina rye bwite rigaragamo ahubwo ni izina rigaragaza umwanya afite mu kazi. Cyakora hashobora no kugaragazwa izina iyo ibaruwa y' ubutegets igenewe umukozi runaka.

- Impamvu

Mu ibaruwa y'ubutegets hagomba kugaragamo impamvu yanditswe. Impamvu y'ibaruwa y'ubutegets ishobora kuba: gusaba akazi, gusaba ibisobanuro, kohereza raporo... Ijambo "**impamvu**" buri gihe ricibwaho akarongo. Iki gice kiba kiri munsi ya aderesi kikabangikana n'umurongo wa nyuma wo mu gice kigaragaza uwo ibaruwa y' ubutegets yandikiwe.

- Igihimba

Igihimba ni ibaruwa nyirizina. Igihimba k'ibaruwa y'ubutegets kigirwa n'ibika bitatu:

Intangiriro: Uwandika avuga muri make impamvu imuteye kwandika igirwa n'igika kimwe kandi ikagaragaza icyo uwandika agamije. Iyo ari nk'ibaruwa isaba akazi agaragazamo ko azi neza ko uwo mwanya uhari.

Igihimba :Ni igice kigaragara nk'aho ari kirekire kurusha ibindi, kuko gishobora no kugira ibika birenze kimwe bitewe n'ingingo zigize ubutumwa. Ni cyo gice cyonyine gisobanura mu mugambo arambuye ibyavuzwe mu ntangiriro, kikabisesengura, kikanakurikiranya ibitekerezo. Icyo gihe buri gika kiharira ingingo yacyo, na none ukirinda gusubiramo ibyo wavuze.

Umusozo: Uwandika ibaruwa y' ubutegetsu asoza ashimira uwo yandikiye. Ni cyo gice kirangiza ibaruwa y' ubutegetsu kandi kigirwa n'igika kimwe. Uwandika arangiza yerekana ikizere afitiye uwo yandikiye cyangwa se icyubahiro amugomba.

- **Amazina n'umukono:** Ni igice gisoza ibaruwa y' ubutegetsu kigizwe n'amazina ndetse n'umukono wa nyiri ukuyandika.

Ikitonderwa: Bitewe n'imiterere yayo, ibaruwa y'ubutegetsu ishobora kugira ibindi bice bikurikira:

- **Binyujijwe:** Ni igice kigaragara mu ibaruwa y'ubutegetsu munsu y'aderesi y'uwandikiwe. Gishyirwaho iyo hari abo iyo baruwa igomba gucaho mbere yo kohererezwa uwayandikiwe.
- **Bimenyeshwe:** ni igice kijya mu mpera z'ibaruwa y' ubutegetsu ku ruhande w'ibumoso. Kijya mu ibaruwa y' ubutegetsu iba igomba kugira abandi bamenyeshwa ibyanditswe.

c) Imbata y'ibaruwa y'ubutegets

Aderesi/Amazina n'aho uwanditse abarizwa

Ahantu, itariki, ukwezi n'umwaka

Umwanya w'icyubahiro

w'uwandikiwe n' aho abarizwa

Binyujijwe.....

Impamvu:.....

Nyakubahwa/ Bwana Muyobozi

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

Amazina y'uwanditse

Umukono w' uwanditse

Bimenyeshejwe:

-
-

d) Uturango tw'ibaruwa y'ubutegets

- Mu ibaruwa y' ubutegets hari amagambo yabugenewe agomba gutangira no gusoza ibaruwa y'ubutegets. Ayo ni nka:

Nyakubahwa/Bwana/Madamu/Madamazera,

Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu kiza, nyakubahwa, mbye mbashimiye,

Mu gihe ntegerezanyije ikizere, mbye mbashimiye,

Mbye mbashimiye Nyakubahwa/ Bwana / Madamu/ Madamazera...

- Buri gika gitangirira mu cya kabiri cy'urupapuro mu mpagarike yarwo.

- Ibaruwa y'ubutegets igomba kugira impamvu yayo yihariye bitewe n'igitumye yandikwa bagaca akarongo ku ijamba **"impamvu"**.

3. Imyitozo

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri buri wese ku giti ke. Umwarimu aha abanyeshuri uwo mwitozo nk'umukoro, bakazagaruka mu ishuri ku wundi muni barangije kuwukora.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo

1. Ese hari itandukaniro riri hagati y'ibaruwa y'ubutegets n' ibaruwa isanzwe? Niba rihari rivuge.

Rirahari:

a) Hari ibice biba mu ibaruwa y'ubutegets bitaboneka mu ibaruwa isanzwe nka "Binyujijwe, Bimenyeshejwe n'impamvu."

b) Mu kwandika ibaruwa y'ubutegets ntibarondogora cyangwa ngo bagaragaze amarangamutima, mu gihe ibaruwa isanzwe yo bavuga ibyo bashatse.

2. Andikira umuyobozi w'umurenge utuyemo ibaruwa y' ubutegets umusaba ikemezo cy'amavuko kuko ugikeneye mu kuzuza ifishi izaguhesha uburenganzira bwo gukora ikizamini cya Leta gisoza amashuri yisumbuye. Wubahirize imbata y'ibaruwa y' ubutegets twabonye.

Umwarimu areba niba abanyeshuri bubahirije uturango n'imbata by'ibaruwa y'ubutegets afatanye na bo kujora zimwe na zimwe bazinoze.

IV.5.4. Umwandiko: Ese uri nde?

Isomo rya gatandatu: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

- Gusoma umwandiko yubahiriza isesekaza rikwiye.
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
- Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko yasomye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu ajenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bagakosorera hamwe ikibazo cya mbere. Ku kibazo cya kabiri, umwarimu areba niba abanyeshuri banditse amabaruka yubahirije uturango n'imbata by'ibaruwa y'ubutegetsi, maze agafatanya na bo kujora zimwe mu ibaruwa banditse bakazinoza.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbenezamasomo kuri iri somo ibiteganywa mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora ibikorwa bikurikira:

Ibikorwa

- a) Soma umwandiko "Ese uri nde?" ushakemo amagambo udasobanukiwe, hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo y'ikinyarwanda.
- b) *Ongera usome umwandiko "Ese uri nde" hanyuma usubize ibibazo bikurikira.*
- c) *Ongera usome umwandiko "Ese uri nde" hanyuma usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko.*

Umwarimu arakora amatsinda atandukanye y'abanyeshuri ayahe gukora ibikorwa binyuranye. Arasaba amatsinda yose gusoma umwandiko "Ese uri nde?" Arasaba abagize amatsinda gushaka mu mwandiko amagambo badasobanukiwe, gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Umwarimu araha abanyeshuri igihe cyo gukora ibyo bikorwa. Igihe yabahaye nikirangira, umwarimu arasaba amwe mu matsinda kumurikira abandi ibyo yakoze. Buri tsinda riragenerwa igikorwa rimurika, abagize andi matsinda barakurikira, umwarimu agende abayobora mu kunoza ibyavuye mu matsinda. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

Ikitonderwa: Umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ujyanye no gusoma no gusobanura umwandiko urakorwa amatsinda amaze kumurika ibyo yakoze.

Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe

I. Urugero rw'amagambo umunyeshuri ashobora kuba adasobanukiwe n'ibisobanuro byayo:

- **Kugenzura:** gusuzuma, kujora niba ibyavuzwe cyangwa ibyakozwe ari byo koko.
- **Seminari:** Ikigo bigishirizamo abashaka kuzaba abasaseredoti
- **Kategori:** urwego cyangwa urugero rw' ikintu
- **Uburambe:** igihe umuntu amaze akora ikintu cyangwa akazi runaka.
- **Kuminuza:** kwiga ukagera ku rwego rwo hejuru
- **Kwisumbura:** kongera urenga uko wari uri cyangwa ibyo wari ugezeho

II. Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

a) Ni bande bavugwa mu mwandiko "Ese uri nde"?

Abavugwa mu mwandiko ni Muberuka Gaston, Karimanyi Joel, Kabera Marigueritte,

Umuhire Jean, Padiri Karake Samuel, Hakizimana Paul.

b) MUBERUKA Gaston atuye he?

MUBERUKA Gaston atuye mu Ntara ya Kumuhigo, Akarere ka Burehe, Umurenge wa Mataba, Akagari ka Gaseke.

c) Ni ubuhe bumenyi Muberuka Gaston afite?

MUBERUKA Gaston azi mudasobwa porogaramu ya "Word, Excel, Power Point, Access na Publisher, azi gutwara imodoka, azi indimi zitandukanye Ikinyarwanda, icyongereza, Igifaransa n'Igiswayiri

d) MUBERUKA Gaston akunda iki?

MUBERUKA Gaston akunda gusoma ibitabo, akunda umukino wo koga kandi akunda gukina umupira w'amaguru.

e) MUHIRE Jean uvugwa mu mwandiko ni muntu ki?

MUHIRE Jean ni umwarimu wigishije MUBERUKA Gaston muri Kaminuza y'u Rwanda.

III. Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko

a) Iyi nyandiko ni bwoko ki?

Ni umwirondoro

b) Amakuru ari mu mwandiko akubiye mu bice bingahe by' ingenzi? Bivuge?

Ni ikenda bikurikira

- Umutwe
- Ibiranga uwanditse
- Amashuri yize n' impamyabushobozi yahawe
- Uburambe afite mu kazi
- Ubundi bumenyi
- Indimi avuga
- Ibyo akunda
- Abantu bamuzi
- Kwemeza ko amakuru atanze ari ukuri no gushyiraho umukono we.

c) Uwandika bene iyi nyandiko aba agamije iki?

Aba agamije kumenyesha uwayikenera wese (uwo asaba akazi, aho asaba ishuri, uruhushya rwo kujya mu mahanga...) amakuru ye yose.

d) Urabona ifite akahe kamaro?

Iyi nyandiko ifite akamaro ko guha uyisaba amakuru yose y' uwayasabwe.

e) Tanga urugero rw'uwakenera bene uyu mwandiko?

Umukoresha ushaka abakozi.

3. Umwitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu ajenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite: mudasobwa, ishami impamyabushobozi, umukono.

Mudasobwa

Iyo uzi gukoresha Mudasobwa, ukora ibintu byinshi mu gihe gito.

Ishami

Ishami ry'indimi ryigamo abana b' abahanga.

Impamyabushobozi

Ikigo bizeho cyabakoreye ibirori ku munsu mukuru wo guhabwa impamyabushobozi zabo

Umukono

Inyandiko itariho umukono wa nyirayo, nta gaciro iba ifite.

IV.5.5. Inyandiko z'ubutegetsu: Umwirondoro

Isomo rya karindwi: Umwirondoro

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura inshoza n' ibiranga umwirondoro no kugaragaza ibice bigize umwirondoro.
- Kwandika umwirondoro we.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n' izindi nyandiko zagaragaramo umwirondoro.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baherutse kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo byatangwa

a) Isomo duheruka kwiga ryibanze kuki?

Ryibanze ku gusesengura umwandiko. "Ese uri nde?"

b) Umwanditsi w'uyu mwandiko "Ese uri nde?" atangira ate? agasoza ate?

Atangira yivuga uwo ari we (amazina ye, ababyeyi be, aho avuka, aho atuye, irangamimerere,...) agasoza yemeza ko amakuru atanze ari ukuri ko ashobora kugenzurwa, agashyiraho amazina ye n'umukono.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri, akababwira ko bagiye kwiga umwirondoro.

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko "Ese uri nde" kandi witegereze imiterere yawo. Uhereye ku miterere y'uwo mwandiko n'ibiwugize, tahura inshoza y'umwirondoro, ibiranga umwirondoro n'ibice byawo.

Abanyeshuri bakoreye icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakandukura ibisubizo mu makayi yabo.

Urugero rw'ibyanogejwe:

a) Inshoza y'umwirondoro

Umwirondoro ni inyandiko yereka umukoresha ishusho y'umukozi akeneye. Mu buzima busanzwe ari na byo bimenyerewe cyane, umwirondoro ukunze gusabwa n'umuntu wese ushaka gutanga akazi. Bityo mu byangombwa yaka ushaka gupiganirwa uwo mwanya haba harimo n'umwirondoro we. Umwirondoro kandi ushobora kuba ngombwa iyo umuntu asaba ishuri runaka ngo akomerezemo amasomo ye.

b) Ibiranga umwirondoro

Umwirondoro unoze ugomba kuba:

- Wanditse ku rupapuro rwiza nta n'amakosa y'ururimi arimo.
- Wuzuye kuko uwusaba akeneye amakuru yuzuye kugira ngo arusheho kumenya nyiri umwirondoro niba hari ikiburamo ntibizamutere igihe agishakisha.

- Usomeka neza wanditswe mu nteruro ngufi.
- Uvuga ukuri. Ukora umwirondoro ntagomba kugira icyo yibagirwa cyangwa ngo ashyiremo ibidasobanutse cyangwa ibihimbano.
- Ugomba kuba ugenewe koko abo wandikiwe niba ari aho nyirawo asaba akazi ugomba kuba ujyanye n'aho asaba akazi.

c) Ibice bigize umwirondoro

Umwirondoro ntukorwa uko nyirawo yiboneye ugomba kuba ufite uburyo buboneye ukorwamo, uko ibice biwugize bikurikirana kuko umwanya wabyo uba ufite icyo usobanura kuri uwo mwirondoro.

Ibyo bice ni: umutwe, ibiranga umuntu, amashuri, uburambe, ubundi bumenyi, indimi avuga, ibyo akunda, abantu bamuzi, kwemeza ko ari ukuri no gushyiraho umukono we.

- Umutwe

Umutwe w'umwirondoro wandikwa hejuru ukitwa umwirondoro

- Ibiranga umuntu

Irangamimerere ni igice gitangira umwirondoro, kikaba kigamije kugaragaza muri make uwo ari we. Kigomba kuba cyumvikana kandi kirasa ku ntego.

Si ngombwa gushyiramo ibintu byinshi nubwo bwose waba ubona umwirondoro ari muto. Mu irangamimerere umuntu avugamo amazina ye. Ni byiza kwandika izina ry'umuryango mu nyuguti nkuru z'icyapa maze iry'idini rikajya mu nyuguti nto ariko ritangiwe n'inyuti nkuru.

Nyuma y'amazina hagaragazwa aho umuntu aherereye, ni ukuvuga aho atuye (aha iyo afite agasanduku k'iposita ni byiza kugashyiraho). Aho umuntu atuye hiyongeraho n'uburyo uwamushaka yamubonamo; umurongo wa terefoni na aderesi ya interineti ku buryo uwabishaka yahita amwandikira. Ikindi kigomba kujya mu irangamimerere ni imyaka umuntu afite. Aha ariko ntawandika umubare ibyiza ni ugushyiraho umwaka yavukiye. Iyo yanditse amatariki, ukwezi ukwandika mu izina ryako.

- Amashuri

Iki gice kigaragaza aho nyiri umwirondoro ahagaze mu rwego rw'ubumenyi ni yo mpamvu uwandika agomba guhera ku mpamyabumenyi nini afite. Mu kwandika umwirondoro, amashuri ntatandukana n'impamyabumenyi. Ugaragaza amashuri yize avuga umwaka, aho yigaga, ibyo yigaga n'impamyabumenyi yahakuye. Hari igihe amashuri ajyana n'ibitabo umuntu aba yaranditse. Icyo gihe si ngombwa

kubishyiraho keretse iyo bigira icyo byongera ku kizere umuntu ashobora kugirirwa n'abo ashyikiriza umwirondoro.

- Uburambe

Uburambe mu kazi ni igice cyo kwitonderwa. Aha ni ho uwandika umwirondoro aba agomba kwereka uwo yandikiye icyo azi gukora n'igihe amaze agikora. Iyo yakoze mu myanya myinshi, ayishyiraho ahereye ku wa nyuma aherukaho agenda agaragaza igihe yagiye ayimarahu. Hari igihe umuntu aba yakoze iyimenyerezamwuga ni ngombwa ko abishyiraho cyanecyane iyo ataramara

igihe kinini akora cyangwa se ari bwo bwa mbere yatse akazi. Ibyo bishobora kumwongerera amahirwe imbere y'uwo aha umwirondoro.

- Ubundi bumenyi

Kumenya ibintu byinshi nta cyo bitwaye kuko ibyo umuntu azi byose bishobora kumugirira akamaro mu buzima bwe bwa buri muni. Iyo rero umuntu azi ubundi bumenyi ntashidikanya kubigaragaza ku mwirondoro we cyanecyane iyo bifitanye isano n'akazi asaba.

Urugero: Kuba azi mudasobwa, kuba afite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga...

- Indimi

Hari igihe umwanya umuntu ashaka uba usaba kumenya indimi z'amahanga. Ni ngombwa rero ko uwandika umwirondoro ashyiramo indimi zose azi.

Mu kazi ako ari ko kose kumenya indimi z'amahanga byongerera amahirwe ugasaba. Ukora umwirondoro agaragaza urwego aziho urwo rurimi atabeshya (nduzi neza cyane, nduzi neza, nduzi bihagije, biciriritse) kuko kubeshya byamugiraho ingaruka mu gihe k'ikizamini k'ibiganiro.

- Ibyo akunda

Umuntu ntabwo akora akazi ashinzwe gusa. Na nyuma y'akazi ubuzima burakomeza. Ibyo umuntu akunda rero biza nyuma y'akazi. Bigizwe n'ibyo umuntu akora kandi bimushimisha. Ariko na none ukora umwirondoro ntiyiyibagize ko ibimushimisha bishobora kumubera imbogamizi yo kutabona umwanya yifuza. Nk'urugero niba ari umuntu ukunda kumva indirimbo kuri radiyo, bikaba byerekana ko ari umuntu ukunze kuba ari wenyine ko kubana n'abandi byamugora, mu gihe umuntu ukunda gukina umupira aba agaragaza ko abana n'abandi neza ko no mu kazi byagenda bityo.

- Abantu bamuzi cyangwa abahamya

Iyi ngingo y'abantu bazi nyiri umwirondoro si ngombwa buri gihe. Ariko hari ababisaba mu mwirondoro bikaba ngombwa ko ijyamo. Abantu bakunze gukenerwa si abaturanyi bawe cyangwa se bene wanyu bakomeye. Abazi umuntu baba bakenewe ni abarimu bamwigishije cyangwa abakoresha bamukoresheje kuko ukeneye umwirondoro wawe aba ashobora kubabaza ku bijyanye n'ubumenyi ufite cyangwa se ubushobozi n'imyitwarire byawe mu kazi.

- Kwemeza ko ibyo uvuze ari ukuri no gushyiraho umukono

Iki ni cyo gice gisoza umwirondoro. Nyiri ukuwandika agomba gusoza yemeza ko amakuru yatanze ari ukuri ko anashobora kugenzurwa. Hanyuma agashyiraho itariki n'umukono we.

Ibi ni byo by'ingenzi biba bikubiye mu mwirondoro. Cyakora ntibibujijwe ko hari andi makuru yakongerwamo igihe nyiri ukwandika abona ko hari amahirwe yamwongerera kugira ngo abone akazi yasabaga.

3.Umwitoto

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitoto uri mu gitabo cy'umunyeshuri buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitoto.

Urugero rw'umwitoto n'uko wacosorwa:

Ubu urangije mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye. Andika umwirondoro wawe ukurikije ingingo twabonye zigize umwirondoro.

Umwarimu areba niba abanyeshuri bubahirije uturango n'imbata by'umwirondoro agafatanye na bo kujora imwe mu mwirondoro yanditswe n'abanyeshuri.

VI.5.6. Amatangazo

Isomo rya munani: Amatangazo

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Gusobanura inshoza n' uturango by' amatangazo.
- Kugaragaza ubwoko bw' amatangazo.
- Kwandika itangazo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n' izindi nyandiko zagaragaramo amatangazo.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baherutse kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo byatangwa

a) Isomo duheruka kwiga ryavugaga kuki?

Isomo duheruka kwiga ryavugaga ku mwirondoro

b) Umwirondoro ufite akahe kamaro?

Ni inyandiko itanga amakuru yose y' umuntu igihe hari ukeneye kuyamenya

c) Usibye ibaruwa n' umwirondoro ni iyihe nzira yindi yakoreshe mu gutambutsa ubutumwa

Ubutumwa bushobora gutambutswa kuri radiyo n' ibinyamakuru mu matangazo.

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Mu mwandiko “Kagabo na Kariza mu nama y'akagari”, harimo itangazo umunyamabanga nshingwabikorwa w' akagari yasomeye abaturage mu nama. Soma iryo tangazo maze utahure ubwoko bwaryo ukurikije ubutumwa buririmo. Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango tw'itangazo, kandi utahure ubundi bwoko bw'amatangazo.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakandukura ibisubizo mu makayi yabo.

Urugero rw'ibyanogejwe:

Itangazo umunyamabanga nshingwabikorwa w' akagari yasomeye abaturage mu nama ni itangazo ryo kumenyesha.

a) Inshoza y'itangazo

Itangazo ni inzira cyangwa uburyo ukoresha igihe cyose ufite icyo ushaka kugeza ku bandi ukibamenyesha ugicishije mu itangazo. Urugero nk' iyo banki zambuwe cyangwa se ibindi bigo biciriritse by'imari bihemukiwe na ba bihemu bakambura inguzanyo hatangazwa amatangazo, aba ba bihemu bagashyikirizwa inkiko batsindwa ibyabo bigatezwa cyamunara. Iyo hari imitungo izagurishwa abahesha b'inkiko b'umwuga batanga amatangazo bahamagarira abaturage

kuzaza kwigurira. Bibaho kandi ko iyo umuryango watakaje umuntu atambutsa itangazo mu bitangazamakuru cyangwa kuri radiyo bahamagarira abantu gutabara umuryango wagize ibyago.

Itangazo rero ni inyandiko irimo ubutumwa bamanika ahantu, buca mu kinyamakuru cyangwa kuri radiyo kugira ngo bumenyekane hagamijwe kwamamaza, kurangisha cyangwa kumenyesha.

b) Uturango tw'itangazo

Mu itangazo hagomba kubonekamo ibi bikurikira:

- Umutwe w'itangazo.
- Utanze itangazo.
- Uwo rigenewe.
- Ahantu igikorwa rimenyeshya kiri, cyabereye cyangwa kizabera.
- Itariki igikorwa rimenyeshya cyabereyeho cyangwa kizabera.

c) Ubwoko bw'amatangazo

- **Amatangazo yo kubika:** Ni amatangazo atabaza agamije kumenyesha abantu ko hari umuntu witabye Imana akanavuga igihe azashyingurirwa.

Urugero

Itangazo ryo kubika

Umuryango wa Mporanyi Claudien ubarizwa mu Murenge wa Gashwi uramenyesha inshuti n' abavandimwe ko umubyeyi wabo Kanamugire Roger wari urwariye mu bitaro bikuru bya Kinihira yitabye Imana none Ku wa gatatu tariki ya 23/5/2017. Bimenyeshejwe inshuti n' abavandimwe batuye mu murenge wa Gishamvu, abakirisitu basengana na nyakwigendera muri paruwasi ya Mukingo n' abo bakoranaga ku bitaro bya Munini. Itariki yo gushyingura ni Ku wa gatandatu tariki ya 26/5/2017. Inshuti n' abavandimwe bihutire gutabara

Bikorewe Gashwi ku wa 23/05/2017

- **Amatangazo yo kumenyesha:** Ni amatangazo amenyeshya abayumva amakuru atandukanye nk'inama, akazi, isoko ry'ibintu, cyamunara...

Urugero:

Itangazo ryo kumenyesha

Mu rwego rwo kwizihiza icyumweru cyahariwe ubuzima kizatangira ku wa

12 kugeza ku wa 15/8 ,Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gasenyi bunejewe no kumenyesha abaturage bose bo mu Murenge wa Gasenyi ko batumiwe mu gikorwa cyo kwipimisha ku bushake indwara ya Sida kizabera mu busitani bw' uwo umurenge. Iki gikorwa cyateguwe ku bufatanye bwa Minisiteri y' ubuzima n' umuryango utabara imbabare Croix-rouge. Muri ki cyumweru cyahariwe ubuzima, iki gikorwa kizajya gitangira saa mbiri z' igitondo gisoze saa kumi n' imwe z'umugoroba. Abaturage basabwe kwitabira kuko burya amagara araseseka ntayorwa.

Bikorewe i Gitaha ku wa 6/08/2015

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gasenyi.

c) Amatangazo yo kwamamaza: Ni amatangazo atangwa agamije kwamamaza ibikorwa by'umuntu ku giti ke, by'ishyirahamwe, by'inganda, amashuri, kugira ngo bimenyekane bibone ababigana mu buryo bwo kubiteza imbere.

Urugero:

Itangazo ryo kwamamaza

Uruganda rukora amasabune ruherereye mu cyanya k' inganda i Masoro ruramenyesha abantu bose ko rubafitiye amasabune ya "**Urakeye**" y' ubwoko bwose: ay' amazi, ay' ifu n' ay' imiti ku ngano yose wakwifuzaga. Ayo masabune murayasanga mu masoko hose , mu maduka no ku ruganda . Ushaka kurangura cyangwa utwara byinshi turagutwaza tukakugeza iwawe.

Gana uruganda rw' amasabune "**Urakeye**" uce ukubiri n' umwanda.

d) Amatangazo yo kurangisha: Ni amatangazo atangwa igihe umuntu yatakaje ikintu, yabuze umuntu kugira ngo ababimuboneye babimuhe cyangwa yatoye ibintu kugira ngo nyirabyo abashe kubibona.

Urugero

Itangazo ryo kurangisha

Nzirorera Jemus utuye mu murenge wa Kinyoni ararangisha ibyangombwa bye yabuze ku wa mbere tariki ya 01/11/2015, saa tatu za mu gitondo (09h00). Ibyo byangombwa byaburiye mu muhanda Kigali- Butare. Bikaba ari ikarita ndangamuntu, uruhushya rwo gutwara imoboka n'uruhushya rwo kujya mu mahanga. Uwabibona yabimugereza ku buyobozi bw' umurenge wa Kinyoni cyangwa agahamagara kuri izi numero za terefone 078.....akazahabwa ibihembo bishimishije.

Bikorewe Kinyoni ku wa 2/11/2015

e) Amatangazo atumira/ubutumire

Ubutumire ni inyandiko ngufi itumira umuntu cyangwa abantu kwitabira umunsi mukuru runaka. Bene izi nyandiko twazigereranya n'amabaruwa y'ubucuti nubwo zo zidakurikiza imiterere y'ayo mabaruwa. Ubutumire bukoreshwa mu minsi mikuru inyuranye nko gushyingirwa, kubatirisha, kwizihiza isabukuru runaka, gutaha igikorwa runaka, gusangira ku meza, kwishimira kugera ku gikorwa runaka nko gufata impamyabumenyi,...

Ubutumire burangwa n'imiterere yabwo yo kuba hagaragaramo ibintu by'ingenzi bikurikira:

- Umutwe w'ubutumire
- Amazina y'utumira,
- Utumirwa,
- Igikorwa umutumiramo,
- Aho igikorwa kizabera.
- Umunsi n'isaha kizaberaho

Urugero



3. Imyitozo:

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu azenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo

bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

a) Andika amatangazo akurikira wubahiriza imiterere yayo:

- Itangazo ryo kubika

- Itangazo ryo kumenyeshya

b) Ishyire mu kigwi cy'umuyobozi w'ishuri ryisumbuye wigamo, wandike ubutumire bw'umuhango wo gutanga impamyabumenyi ku banyeshuri barangije no kwizihiza isabukuru y' imyaka 25 ikigo kimaze gishinzwe.

Umwarimu areba niba abanyeshuri banditse amatangazo/ubutumire akurikije uturango tw'amatangazo n'insanganyamatsiko zatanze. Afatamo amwe mu matangazo yakozwe (iryujye ibisabwa n'irindi ritujye ibisabwa) agafatanyaga n' abanyeshuri kuyajora.

IV.5.3. Umwitozo w' ubushobozi ngiro bw' umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa....)

Mbere yo gufatanyaga n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa kane, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Urangije kwiga amashuri yisumbuye mu ishamba nderabarezi. Ushingiye ku mabwiriza agenga imiterere y' ibaruwa y' ubutegetsi n'iy' umwirondoro, andikira umuyobozi w'akarere utuyemo umusaba umwanya wo kwigisha muri rimwe mu mashuri abanza yo mu karere utuyemo. Iyo baruwa iraherekezwa n' umwirondoro wawe.

Uko umwitozo uzakorwa n'uko uzakosorwa:

Umwarimu areba niba amabaruwa y' ubutegetsi banditse akurikije imiterere y' ibaruwa y' ubutegetsi. Arareba n'umwirondoro yaherekeje ayo mabaruwa agafatamo bimwe mu byo banditse (ibyujye ibisabwa n'ibindi bitujye ibisabwa) agafatanyaga n' abanyeshuri kuyajora.

IV.6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kane

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kane, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa

- Muri uyu mutwe, twasesenguye umuvugo n' umwandiko bivuga ku nsanganyamatsiko y' imiyoborere myiza.
- Twize tunasesengura ibaruwa y' ubutegets. Tureba inshoza, uturango, imiterere n' ibice bigize ibaruwa y' ubutegets
- Twize kandi tunasesengura, umwirondoro twerekana inshoza, ibiranga umwirondoro n'ibice biwugize.
- Twize nanone, tunasesengura, amatangazo twerekana inshoza y'amatangazo, uturango n'ubwoko by'amatangazo.

IV.7. Isuzuma risoza umutwe wa kane

(igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa)

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

Urugero rw'ibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki? Ugamije iki?

Uyu mwandiko ni imbwirwaruhame. Ugamije kudasobanurira imiyoborere myiza n'uburyo bwo kwakira neza abaje batugana.

2. Garagaza uko uyoboye ikiganiro asobanura imiyoborere myiza muri rusange?

Imiyoborere myiza ni uburyo buboneye bwo guhuza abayobozi n'abayoborwa, buri wese akagira kandi akamenya uburenganzira bwe n'inshingano ze. Imiyoborere yimakaza ubuyobozi bwiza, ukuzuzanya mu bitekerezo kw'abayoborwa n'abayoborwa bigamije iterambere ry'igihugu ngiyo imiyoborere myiza muri rusange.

3. Ni ibiki tubwirwa mu mwandiko biranga umuyobozi mwiza?

Gutanga ikaze, kwakira neza abaje bamugana, gusobanura ibyo ashinzwe gukora,...

4. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?

Ibiranga imiyoborere myiza

5. Rondora izindi mvugo waba uzi zikoreshwa mu kwakira neza abakugana.

Muhawe ikaze, twishimiye kubakira

6. Ni iki wungukiye muri iki kiganiro mbwirwaruhame?

Aha abanyeshuri batanga ibisubizo binyuranye ariko umwarimu abafasha kubinonosora hakagaragazwa ko isomo nyamukuru muri icyo kiganiro ari “guhazanira ubuyobozi bwiza no kwakira neza abatugana.”

II. Ibibazo n’ibisubizo by’inyunguramagambo

1. Tanga ibisobanuro by’ amagambo akurikira ari mu mwandiko:

- a) **Ubwitabire:** uburyo abantu baje mu nama baba bangana.
- b) **Ba Rugwirorusa:** abakira neza abaje babagana.
- c) **Aza yikandagira:** aza atabishaka kubera ko ari bwakirwe nabi.
- d) **Kubunza imitima:** kwibaza byinshi.
- e) **Abamushyize ku ntebe:** abamutoye bakamugira umuyobozi.

2. Soma buri jambo rivuye mu mwandiko hanyuma urihuze n’igisobanuro cyaryo ukoresheje akambi.

Ijambo	Igisobanuro
1. Indagizo	a) Kugenda utabishaka
2. Kwikandagira	b) Uburyo bwo kuburana
3. urubanza	c) Umwanya uhabwa wo kugira icyo uvuga d) Ubuyobozi e) Kwitega icyo ugenda

Igisubizo

- 1. d
- 2. a
- 3. b

3. Sobanura icyo iyi mvugo ishaka kuvuga

”Umukobwa aba umwe agatukisha bose”

Bishaka kuvuga ko umuntu umwe cyangwa abantu bake mu itsinda rya benshi bashobora gukora ikintu kibi kikitirirwa itsinda ryose kandi abenshi batagikora.

VI. Ibibazo ku ibaruwa y'ubutegets, ku mwirondoro no ku matangazo

1. Uri umunyeshuri urangije amashuri yisumbuye. Shingira ku ishami wize maze wandike ibaruwa isaba akazi kajyanye n'ibyo wize. Ku mugereka w'ibaruwa wanditse ushyireho umwirondoro wawe.

Umwarimu areba niba iyo baruwa n'umwirondoro byanditswe bikurikije uturango n'ibice byabyo. Afate ibaruwa n'umwirondoro muri bimwe mu byakozwe n'abanyeshuri (ibyujuje ibisabwa n'ibindi bitujuje ibisabwa) afatanye n'abanyeshuri kubijora.

2. Ishyire mu mwanya w'umubyeyi, maze wandikire inshuti yawe uyitumira mu bukwe bw'umwana wawe ugiye gushyingirwa.

Umwarimu areba niba ubutumire bwanditswe bukurikije uturango twabwo kandi buvuga ku nsanganyamatsiko yatanze. Afatemo bumwe mu butumire bwakozwe (ubwujuje ibisabwa n'ubundi butujuje ibisabwa) agafatanye n'abanyeshuri kubujora.

3. Andika itangazo rirangisha ibyangombwa byawe byabuze harimo irangamuntu, uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga n' ubwishingizi bw'ubuzima. Urikore ku buryo bizakugeraho neza wubahiriza uturango twose tw'itangazo.

Umwarimu areba niba ayo matangazo yanditswe hakurikije uturango twayo n'insanganyamatsiko zatanze. Afatemo amwe mu matangazo yakozwe (iryujuje ibisabwa n'irindi ritujuje ibisabwa) agafatanye n' abanyeshuri kuyajora.

IV.8. Ibikorwa by'inyongera

IV.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi

Umwarimu ategura ibibazo akabiha abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu ishuri kugira ngo bibafashe kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw' ibibazo n' ibisubizo

1. Ni akahe kamaro k' imiyoborere myiza ku gihugu ?

Bituma igihugu kiteze imbere mu bukungu, mu bikorwa remezo, kugaragara neza mu ruhando mpuzamahanga, kugira isuku, kugira umutekano urambye...

2. Rondora nibura ingingo eshatu zigaragaza imiyoborere myiza.

- Kwakira neza abakugana

- Kwegereza ubuyobozi abaturage no kubaha ijambo
- Kugira uruhare mu kwishyiriraho abayobozi hakoreshwa amatora anyuze mu mucyo.

3. Ni izihe mpamvu zatuma handikwa ibaruwa y' ubutegetsu (nibura impamvu eshanu)

- Gusaba akazi
- Gusubiza uwagize icyo asaba(uruhushya, imbabazi, akazi...)
- Gusabwa ibisobanuro ku mpamvu runaka
- Gusubiza ibyambuwe
- Gusaba ishuri

4. Garagaza ibice by' ingenzi bigize umwirondoro.

- Umutwe
- Ibiranga umuntu
- Amashuri yize n'impamyabushobozi yahawe
- Uburambe afite mu kazi
- Ubundi bumenyi
- Indimi avuga
- Ibyo akunda
- Abantu bamuzi
- Kwemeza ko amakuru atanze ari ukuri no gushyiraho umukono we.

5. Usibye ubukwe ni he handi umuntu ashobora kwandika itangazo ry' ubutumire.

- Ubutumire bw' inama
- Ubutumire bw' iminsi mikuru(kubatzwa, kurangiza amashuri, kwizihiza isabukuru y' amavuko ...)

IV.8.2 Umwito nyagurabushobozi

Umwarimu ategura ibibazo akabiha abanyeshuri bagaragaje ko babyumvise mu ishuri kugira ngo barusheho kuzamura ubushobozi bwabo.

Urugero rw' ibibazo n' ibisubizo

1. Garagaza inzego z' ubuyobozi uko zikurikirana uhereye ku ruto ujya ku runini

- Urwego rw'umudugudu
- Urwego rw'akagari
- Urwego rw'umurenge
- Urwego rw''akarere
- Urwego rw'intara
- Urwego rw'igihugu

2. Andika itangazo rya Minisiteri y'uburezi rishyira ahagaragara ingengabihe y'ibihembwe bitatu by' umwaka w'Amashuri 20..... wubakiriza uturango tw' amatangazo.

Urugero rw' itangazo ryatangwa

Itangazo

Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye aramenyesha abantu bireba bose ko ingengabihe y'umwaka w'amashuri 20... iteye itya:

- Igihembwe cya mbere kigizwe n'ibyumweru 13, kizatangira ku itariki ya...../...../20... gisoze ku itariki ya...../...../20....
- Igihembwe cya kabiri kigizwe n'ibyumweru 13, kizatangira ku itariki ya/...../20.....gisoze ku itariki ya...../...../20.....
- Igihembwe cya gatatu kigizwe n'ibyumweru 12, kizatangira ku itariki ya/...../20.....gisoze ku itariki ya...../...../20.....

Bikorewe i Kigali, ku ya/...../20.....

Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye.

Amazina n' umukono bye na kashe

VI. 8.3 Imyitozo y'inyongera

1. Ni uruhe ruhare rw' imiyoborere myiza ku:

- **Umuryango**

Mu muryango bigabanya amakimbirane, bituma haboneka isuku ku mubiri ku bikoresho, ubwiherero bwujuje ubuziranenge, kandagira ukarabe, ubwisungane mu kwivuza...

- Igihugu

Habaho umutekano urambye, ruswa irakumirwa, kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose, gushyira abagore mu nzego zifata ibyemezo...

- (...)

2. Tanga nibura ingero eshatu zigaragaza imiyoborere myiza y'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga.

- Kwakira inama mpuzamahanga nyinshi
- Kwakira umubare mwinshi wa ba mukerarugendo
- Kwakira impunzi ziturutse mu bindi bihugu
- Kohereza ingabo mu gucunga umutekano w' ibindi bihugu.

3. Mu gice cy'umwirondoro kigaragaza amashuri wize uhera ku ruhe rwego ugasoreza ku ruhe?

Mu gihe ugaragaza amashuri mu mwirondoro uhera ku rwego rukuru ugaherukira ku rwego ruto.

4. Mu nyandiko z'ubutegetsu nk' ibaruwa, umwirondoro, amatangazo... "umukono" umaze iki?

Ni wo uha agaciro kandi ukemeza ndakuka ibikubiye muri iyo nyandiko.

IV.9. Amakuru y'inyongera

Bimwe mu byibandwaho muri serivise zimwe na zimwe ku nzego z'imiyoborere

Uko abaturage bayobowe n'imibanire yabo ni bimwe mu biranga imiyoborere myiza. Mu bushakashatsi bwakozwe, abaturage basabwaga kugira icyo bavugaga ku miyoborere n'imibanire y'Abanyarwanda aho batuye, bagaragaza uko bishimiye iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere myiza n'ikizere bafitiye inzego z'imiyoborere. Muri ubwo bushakashatsi hashyizwe ahagaragara ibyakwibandwaho muri serivise zitandukanye nka:

1. Serivisi z'ubutaka

Mu kugaragariza inzego z'ibanze ibyavuye mu bushakashatsi hari ibyagaragajwe

ko bikeneye kwitabwaho muri serivisi zirebana n'ubutaka.

Muri ibyo harimo:

- a) Kwihutisha serivise yo guhinduza ibyangombwa
- b) Kongera ubukangurambaga ku mategeko y' ubutaka
- c) Kongera ibikoresho byo gupima no gushushanya mu biro by' ubutaka
- d) Kwegereza abaturage serivisi ya noteri w'ubutaka.

2. Serivisi z'ubuzima

Mu kugaragariza inzego z'ibanze ibyavuye mu bushakashatsi, hari ibyagaragajwe ko bikeneye kwitabwaho muri serivisi zirebana n'ubuzima.

Muri ibyo harimo:

- a) Kongera umubare w' abaganga n' abaforomo ku bitaro no ku bigo nderabuzima.
- b) Kwegereza abaturage amavuriro
- c) Kongera imiti ku mafarumasi y' ibigo nderabuzima
- d) Kunoza serivisi zitangwa ku mavuriro.
- e) Kongera ibikoresho n'ibikorwa remezo ku bigo nderabuzima no ku mavuriro.
- f) Kuzamura umubare w' abakangurambaga b'ubuzima.

3. Serivisi zirebana n'isuku n' isukura

Muri serivisi z'isuku n'isukura hari ibyagaragajwe n'ubushakashatsi ko byakorwa kugira ngo isuku irusheho kwimakazwa.

Muri ibyo twavuga:

- a) Gukemura ikibazo cy'isuku nke (umwanda) igaragarara ahantu hahurira abantu benshi nk' amaresitora, utubari no mu masoko.
- b) Kongera ubukangurambaga ku isuku n'isukura no gukumira indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina nka SIDA
- c) Gufata ingamba zo kurwanya Malariya hakaboneka inzitiramibu zihagije kandi zujuje ubuziranenge.
- d) Kurwanya indwara ziterwa n' umwanda

4. Serivisi yo kwita ku mibereho myiza y' abaturage

Muri serivisi yo kwita ku mibereho y' abaturage hagaragajwe ibyakwitabwaho.


Muri ibyo twavuga:

a) Buri karere gakwiye gushyiraho ingamba zifatika zo kunoza gahunda zo kwita ku mibereho myiza y' abaturage (Gira inka Munyarwanda, VUP, Ubudehe) no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

b) Guhangana na ruswa n'akarengane bivugwa mu mibereho myiza.

c) Kongera ubukangurambaga mu gushishikariza abaturage umuco wo kwigira.

Byavuye mu: Ikigo k'Igihugu gishinzwe imiyoborere RGB, Ishusho y'uko abaturage babona umiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego z'ibanze. Inshamake



V.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko ku bwikorezi mu iterambere ry'Igihugu, hagaragazwa ingingo z'ingenzi ziwugize.
- Kugaragaza imimaro y'amagambo mu nteruro.
- Gusesengura no gukoresha mu nteruro inyangingo zinyuranye.

V.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Inzira zinyuranye zikoreshwa mu bwikorezi, ibikoresho bikoreshwamo n'ibikorwa remezo bijyanye n'ubwikorezi ahereye ku byo yize mu bumenyi bw'isi, ibyo asoma mu myandiko itandukanye, ibyo abona n'ibyo yumva mu itangazamakuru.
- Gutandukanya amoko y'interuro hashingiwe ku butumwa zitanga no ku mikoreshereze y'utwatuzo ndetse no gutandukanya interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo.

V.3. Ingingo nsanganyamasomo

Ingingo nsanganyamasomo	Aho igaragara muri uyu mutwe
Uburinganire n'ubwuzuzanye	Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bikorwa by'imyigire n'imyigishirize, abanyeshuri b'ibitsina byombi bagira uruhare rungana mu isomo.
Uburezi budaheza	Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bikorwa bitandukanye by'imyigire n'imyigishirize, umwarimu afasha abanyeshuri bafite ibibazo bitandukanye, mu mirimo itandukanye yo mu matsinda, abanyeshuri bafashanya.

Umuco w'ubuziranenge	Iyi ngingo nsanganyamasomo yavugwaho mu kwigisha umwandiko "Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere" mu gutumiza no kohereza ibintu mu mahanga, mu gukora ibikorwa remezo hagamijwe iterambere rirambye.
Umuco wo kuzigama	Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu mwandiko "Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere " umwarimu akaba yayivugaho by'umwihariko.
Kubungabunga ibidukikije	Byagaragarira mu gusesengura umwandiko bavuga ku iyubakwa ry'ibikorwa remezo bitagomba kubangamira ibidukikije ndetse no ku bitwara abantu n'ibintu bitagomba guhumanya ikirere.

V.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Akoresheje uburyo bw'ikusanyabitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa cy'umwinjizo gikurikira:

Igikorwa cy'umwinjizo

Ushingiye ku bumenyi ufite, sobanura isano iri hagati y'iterambere ry'ubwikorezi n'iterambere ry'igihugu muri rusange.

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo abanyeshuri batanga maze akagenda abafasha kubinoza.

V.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe agenewe

Umutwe wa gatanu: Ubwikorezi		Umubare w'amasomo: 18
Umwandiko: Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere		
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.	Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko.	Isomo 1

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.	Isomo 1
Iyiganteruro		
Isomo rya kane: Inshoza n'ubwoko bw'interuro	Gutahura inshoza, kugaragaza ubwoko bw'interuro n'uturango twazo.	Amasomo 2
Isomo rya gatanu: Isanisha	Kugaragaza amoko atandukanye y'isanisha mu nteruro.	Amasomo 2
Isomo rya gatandatu: Imimaro y'amagambo mu nteruro	Gutahura imimaro y'ingenzi n'imimaro yungirije y'amagambo mu nteruro.	Amasomo 2
Isomo rya karindwi: Ibice by'interuro n'igiti k'interuro	Gusesengura interuro yoroheje, hagaragazwa ibice byayo no kuyishyira ku giti.	Amasomo 2
Isomo rya munani: Ubwoko bw'inyangango	Gutahura ubwoko bw'inyangango no kugaragaza uturango twazo.	Amasomo 2
Isomo rya kenda: Ubwoko bw'inyangango ngaragira	Kugaragaza ubwoko bw'inyangango ngaragira n'imimaro yazo.	Amasomo 2
Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.		Isomo 1
Isuzuma risoza umutwe wa gatanu.		Amasomo 2

Ikitonderwa

Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimu abanza gukoresha igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri .

V.5.1.Umwandiko: Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ...)

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatumaze n'iyitsa.
- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atarasobanukiwe ari mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo, amashusho n'izindi nyandiko zivuga ku bwikorezi.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko **“Ubwikorezi mu iterambere”** akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Murabona iki kuri iyi shusho?

Turabona amato ari mu kiyaga, imashini ipakurura imizigo iyishyira mu ikamyo.

b) Murakeka ko ibyo barimo gupakurura byahageze bivuye he?

Byahageze bivuye ku rundi ruhande rw'ikiyaga.

c) Mushingiye ku mutwe w'uyu mwandiko no ku byo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?

Ku buryo butandukanye bwo gutwara abantu n'ibintu.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo kuri iri somo ibiteganyaga mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Soma umwandiko “Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere”, ushakemo amagambo udasobanukiwe, hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'amagambo umunyeshuri ashobora kuba a bashobora adasobanukiwe:

Ingobyi: ibikoresho bikoreshwa mu guhekamo abantu

Guhahirana: kugurana ibintu buri wese agaha undi ibyo bakeneye

Guhenduka: kugira igiciro kiza kidahanitse

Kuzigama: gushyira ibintu ku ruhande ugira ngo uzabikoreshe cyangwa uzabyirengeze mu minsi mibi

Akayabo: ibintu bihagije umuntu abona.

Inkingi ya mwamba: inkingi yo hagati ibiti bigize igisenge bishamikiraho.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu ajenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

Imyitozo n'ingeri z'ibisubizo

a) Koresha mu nteruro amagambo akurikira dusanga mu mwandiko:

- Ingobyi

Ingobyi bayihekamo abana.

- Guhahirana

Ibihugu bituranye birahahirana.

- Guhenduka

Iyo imisoro idahanitse ibicuruzwa birahenduka.

- Inkingi ya mwamba

Inzu za kinyarwanda zabagamo inkingi ya mwamba.

- Kuzigama

Abantu bakwiye gutozwa kuzigama kuko bigeza ku iterambere.

- Akayabo

Abakora ibikorwa by'ubwikorezi bibinjiriza akayabo k'amafaranga.

- Ibikorwa remezo

Ibikorwa remezo bigezweho bigaragaza ko igihugu cyateye imbere.

b) Tanga imbusane z'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko

- **Kugoka** ≠ koroherwa
- **Guheka** ≠ kururutsa
- **Abanyacyubahiro** ≠ insuzugurwa
- **Abageni** ≠ abakwe
- **Ubukungu** ≠ ubutindi

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko adategwa no gusubiza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka gusoma ufite uwuhe mutwe? Umwandiko duheruka gusoma ni "Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere".

b) Ni izihe nzira z'ubwikorezi zavugwagamo? Inzira z'ubwikorezi zavugwagamo ni inzira yo ku butaka, inzira yo mu mazi n'inzira yo mu kirere.

c) Vuga bimwe mu bikoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu ku butaka?

Ibikoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu ku butaka harimo: imodoka, amapikipiki, amagare, gariyamoshi.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganywa mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko “Uruhare rw’ubwikorezi mu iterambere”, hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo:

a) Ubwikorezi ni iki?

Ubwikorezi ni uburyo bwo gutwara abantu cyangwa ibintu ubivana ahantu hamwe ubujyana ahandi.

b) Iterambere ni iki?

Iterambere ni uburyo bwo kwihaza mu byo ukeneye byose.

c) Ni ubuhe buryo butandukanye bukoreshwa mu gutwara abantu n’ibintu?

Hari uburyo bwo gutwara bukoreshwa ku butaka, ubukoreshwa mu mazi n’ubukoreshwa mu kirere.

d) Ni uruhe ruhare rw’ubwikorezi mu iterambere ry’igihugu?

Iterambere ry’ubwikorezi rigira uruhare mu iterambere ry’igihugu kuko abaturage bageraho bagomba kugera ku gihe bakagira umwanya uhagije wo gukora, ibicuruzwa na byo n’ibindi bintu abaturage bakenera bibageraho ku buryo bwihuse kandi bihagije, ibikorwa remezo bijyanye n’ubwikorezi bitezwa imbere, babikoramo babona imirimo ibafasha kwiteza imbere n’igihugu kikinjiza amafaranga aturutse ku misoro, ku byo kijyana hanze.

e) Garagaza urugero rw’ibikoreshwa mu gutwara abantu n’ibintu bitaratangira gukoreshwa mu Rwanda.

Gutwara abantu n’ibintu muri gariyamoshi.

f) Garagaza kandi usobanure ibikorwa remezo bijyanye no gutwara abantu n’ibintu.

Hari imihanda ikoreshwa mu bwikorezi bwo ku butaka, ibyambu bikoreshwa mu bwikorezi bwo mu mazi n’ibibuga by’indege byifashishwa mu bwikorezi bwo mu kirere.

Isomo ry'atatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego yihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko, gusobanura ibindi byifashishwa mu bwikorezi bitavuzwe mu mwandiko.

Gusobanura uko ubwikorezi bukwiye kutabangamira ibidukikije n'uko bwakwimakaza umuco w'ubuziranenge.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'izindi nyandiko zivuga ku bwikorezi.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga wavugaga ku ki?

Wavugaga ku bwikorezi n'iterambere.

b) Ubwikorezi bufasha bute ababukora kwiteza imbere?

Bubinjiriza amafaranga bagashobora gutunga imiryango yabo, kuyibonera ibyo bakeneye ndetse bakabasha no kwizigamira.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ongera usome umwandiko "Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere", hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

a) Ni izihe ngingo z'ingenzi zigaragara muri uyu mwandiko?

- Inzira z'ubwikorezi n'ibyifashishwa muri izo nzira;
- Uko ubwikorezi bufasha abantu kubona umwanya uhagije wo gukora imirimo yindi ibateza imbere;
- Uko ubwikorezi bufasha abantu guhahirana no gusabana;
- Uko ubwikorezi butuma habaho iterambere ry'ibikorwa remezo;
- Uko ubwikorezi bufasha mu iterambere ry'abantu ku giti cyabo.

b) Kuri wowe uyu mwandiko ugusigiye irihe somo?

Uyu mwandiko unsigiye isomo ryo guharanira guteza imbere no kunoza ibijyanye n'ubwikorezi kuko ari inyingi ya mwamba mu iterambere ry'abantu, iry'ibihugu n'iy'isi muri rusange.

c) Vuga ibindi byifashishwa mu gutwara abantu n'ibintu bitavuzwe mu mwandiko.

Hari ubwikorezi bukorwa hifashishijwe amatungo mu bihugu bimwe na bimwe nk'ingamiya, indogobe, ifarasi n'inzovu.

d) Sobanura uko ubwikorezi bukwiye kutabangamira ibidukikije n'uko bwakwimakaza umuco w'ubuziranenge.

Ibinyabiziga bikora ubwikorezi ntibikwiye kuba bicucumura imyotsi ihumanya ikirere ndetse n'ibyikorera mu guhahirana bigomba kuba byujuje ubuziranenge.

V.5.2. Iyiganteruro

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa)

Isomo rya kane: Inshoza n'ubwoko by'interuro

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura inshoza y'interuro n'iyiganteruro no kugaragaza ubwoko bw'interuro ashingiyeye ku mubare w'amagambo n'inshinga zitondaguye bigize interuro.
- Gukora interuro z'ubwoko butandukanye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kumuha ingero z'interuro na we akazandika ku kibaho hanyuma akazibabazaho ibibazo.

Ingero z'interuro:

- Imodoka zitwara abantu n'ibintu.

-Turazitega.

-Gura ipikipiki.

-Mbega ikamyo.

Urugero rw'ikibazo:

Izi nteruro zitandukaniye he?

Izo nteruro zitandukaniye ku twatuzo tuzisoza, ku butumwa zitanga no ku mubare w'amagambo azigize.

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri bamusubije akababwira ko bagiye kwiga inshoza n'ubwoko by'interuro.

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Ushingiye ku bumenyi ufite, sobanura interuro n'iyiganteruro. Hanyuma ukore n'ubushakashatsi ku bwoko bw'interuro ushingiyeye ku mubare w'amagambo n'uw'inshinga zizigize, unatange ingero.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha. Hanyuma akagendagenda mu ishuri areba ko bakora neza ibyo basabwe, anafasha abafite ibibazo byihariye.

Iyo igihe cyagenewe amatsinda kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze bagafatanya kubinoza no kubyuzuza. Iyo bamaze kubinoza, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

a) Inshoza y'interuro n'iyiganteruro

- Interuro

Interuro ni ijambo cyangwa urukurikirane rw'amagambo umuntu avugamo cyangwa yandikamo igitekerezo cyuzuye. Interuro ni igice k'imvugo umuntu yatura akakirangiza aruhuka bihagije, kigatanga igitekerezo cyuzuye.

- Iyiganteruro

Iyiganteruro ni ubumenyi bugamije gusesengura imiterere y'ibinyabumwe bigize interuro ari byo magambo. Ni ubuhanga bwiga isanisha ry'amagambo mu kurema interuro, amoko, imimaro n'imikurikiranire byayo mu nteruro. Iyiganteruro ryiga kandi inyangingo zigize interuro, amatsinda yazo n'imimaro yazo.

Mu iyiganteruro, ijambo ni cyo kinyabumwe fatizo nk'uko mu iyigantego ikinyabumwe fatizo ari akaremajambo.

b) Amoko y'interuro

Hashingiwe ku mubare w'amagambo n'uw'inshinga zitondaguye bigize interuro, interuro z'ikinyarwanda zirimo amoko atatu: interuro jambo, interuro yoroheje n'interuro y'urusobe.

- Interuro jambo

Interuro jambo ni interuro igizwe n'ijambo rimwe. Interuro jambo zishobora gushingira ku magambo y'ubwoko hafi ya bwose. Interuro jambo ni interuro idasanzwe kuko iba ihagarariye interuro igizwe n'amagambo menshi.

Ingero:

Ibi mwabitundishije iki? **Ikamyo. (Izina)**

Ni iki mwifuriza Abanyarwanda bose? **Amahoro n'iterambere. (Amazina)**

Ibi bitabo mwabitundishije amakamyo angahe? **Atatu. (Ikinyazina)**

Mwagenze urugendo rureshya rute? **Rurerure. (Ntera)**

Murateganya iki muri iki gihembwe? **Gutsinda. (Inshinga iri mu mbundo)**

Uraza? **Ye! (Irangamutima)**

Mwageze ku ishuri ryari? **Kare. (Umugereka)**

Ndagiye. **(inshinga itondaguye)**

Taha. (inshinga itondaguye)

- Interuro yoroheje cyangwa interuro shingiro

Interuro yoroheje, interuro shingiro cyangwa interuro fatizo ni interuro igizwe n'amagambo abiri cyangwa arenga ahuriye ku nshinga imwe itondaguye yumvikanisha ubutumwa bumwe, budasobekeranye. Iyo interuro iba ifite ruhamwa imwe igizwe n'ijambo rimwe cyangwa itsinda ry'amagambo ahuriye ku gikorwa, imico cyangwa imimerere bivugwa mu nshinga. Ruhamwa ariko ishobora no kuba itagaragara mu interuro tukayibwirwa n'indanganshinga. Interuro yoroheje bayita kandi inyabumwe kuko ifite inshinga imwe itondaguye. Interuro yoroheje kandi ishobora kuba ifite icyuzuzo kigizwe n'ijambo rimwe cyangwa urujyano rw'amagambo ariko ishobora no kuba nta cyuzuzo ifite.

Interuro yoroheje ishobora no kutagira inshinga ariko n'ubundi ikumvikanisha igitekerezo kimwe.

Ingero:

- Igihe ni amafaranga.
- Ubwikorezi bwambukiranya ibihugu ndetse n'imigabane.

- Interuro y'urusobe

Interuro y'urusobe cyangwa interuro y'inyunge iba igizwe n'inshinga zitondaguye zirenze imwe buri nshinga ikaba ari izingiro ry'inyangango. Ni interuro igizwe n'inyangango ebyiri cyangwa zirenzeho.

Ingero:

- Iyo ubwikorezi bwihuta, abantu babona igihe gihagije cyo gukora ibindi bintu.
- Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Mu kiganiro gikurikira, tukuramo amoko atandukanye y'interuro.

- Yewe wa mugabo we! Ino hari ikibazo k'ibicanwa. Abantu batemye amashyamba

Barayatsemba. None Leta ntikemerera abantu gupfa gutema amashyamba asigaye.

- Dukore iki?
- Ntitwakibura. Reka turebe uburyo twakwihangira umurimo dukemura ikibazo k'ibicanwa.
- Ni byiza cyane.
- Reka dutangire umushinga.
- Uwuhe?
- Uwo gukora imbabura za canamake.
- Zizagurwa n'abantu benshi kubera ko inkwi zihenda.

Igisubizo

Interuro jambo	Interuro yoroheje	Interuro y'urusobe
- Ntitwakibura. - Uwuhe?	- Yewe wa mugabo we! - Ino hari ikibazo k'ibicanwa. - Dukore iki? - Ni byiza cyane. - Reka dutangire umushinga. - Uwo gukora imbabura za canamake.	Abantu batemye amashyamba barayatsemba. None Leta ntikemerera abantu gupfa gutema amashyamba asigaye. Reka turebe uburyo twakwihangira umurimo dukemura ikibazo k'ibicanwa. - Zizagurwa n'abantu benshi kubera ko inkwi zihenda.

b) Garagaza ibintu bine iyiganteruro ryibandaho.

Ibintu bine iyiganteruro ryibandaho ni isanisha ry'amagambo, amoko y'amagambo, imimaro y'amagambo mu nteruro n'imikurikiranire y'amagambo mu nteruro.

Isomo rya gatanu: Isanisha

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura amoko atandukanye y'isanisha mu nteruro.
- Gukora interuro akurikije ubwo bw'isanisha.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku moko y'interuro.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:

a) Vuga ubwoko bw'interuro ushingiyeye ku mubare w'amagambo n'uw'inshinga bigize interuro.

Hari interuro jambo, interuro yoroheje n'interuro y'urusobe.

b) Tanga urugero rw'interuro kuri buri bwoko bw'interuro.

Inturo jambo	Interuro yoroheje	Interuro y'urusobe
- Sakwesakwe! - Ndatashye. - Oya!	- Turahinga mu gishanga. - Umusore n'umukobwa basezeranye mu Murenge.	- Abanyeshuri baryama batinze. - Iyo tunaniwe turataha.

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Uhereye ku nteruro zikurikira garagaza amagambo afitanye isano, uvuge n'ubwoko bw'isanisha bwakoreshejwe kandi ukore ubushakashatsi ku isanisha mu nteruro.

- Ubwikorezi buteye imbere buzamura ubukungu.
- Iki gisubizo cyashubije umuhanga.
- Gusoma inkuru birakunzwe.

- Bihogo ikamwa menshi.
- Biraro bya Murema azadusura.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora iki gikorwa, akanabarangira ibitabo binyuranye bakoresha. Na we akagendagenda mu ishuri areba ko bumvise neza ibyo bagomba gukora, agatanga ubufasha aho bukenewe kandi agafasha abafite ibibazo byihariye. Iyo igihe cy'amatsinda kirangiye, asaba amatsinda kumurika ibyo bagezeho bagafatanya kubyuzuzura no kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:

- **Ubwikorezi** buteye imbere **buzamura** ubukungu.
- **Iki** gisubizo **cyashubije** umuhanga.
- **Gusoma** inkuru **birakunzwe**.
- **Abantu** bagera aho **bifuzwa** mu gihe gito.
- **Bihogo** ikamwa menshi.
- **Biraro** bya Murema azadusura.

a) Inshoza y'isanisha

Isanisha ni uburyo bwo guhuza amagambo mu irema ry'interuro ku buryo ijambo ry'ibanze riha amagambo aryungirije akarango karyo.

Urugero:

Bano bana bato barashonje. Ijambo ry'ibanze ni abana.

Isanisha rikunze kugaragaza amasano nyantego aba ari hagati y'amagambo agize interuro. Muri uru rugero isano ni inteko ya 2 **ba**.

b) Amoko y'isanisha

Mu Kinyarwanda hari amoko anyuranye y'isanisha:

- Isanisha nyantego

Mu isanisha nyantego, ijambo ry'ibanze riha amagambo aryungirije intego ya kamwe mu turemajambo twaryo.

Ingero:

Iki gikamyo **kinini** gitwara imizigo myinshi.

Icyambu kinini gifasha mu bwikorezi.

- Isanisha nyanyito

Isanisha nyanyito rishingira ku kivugwa n'ijambo ry'ibanze. Rikoreshwa akenshi ku magambo adafite indomo n'indanganteko cyangwa afite indanganteko zumanye (zidatandukana) n'igicumbi (Mugabo, Bahizi, Rukundo, mukecuru...). Iyo ikivugwa ari umuntu umwe isanisha ribera mu nteko ya mbere; baba benshi kimwe no mu irondera rikabera mu nteko ya kabiri. Iyo ikivugwa ari inyamaswa cyangwa ikindi kintu isanisha rikorwa mu nteko ya 9 cyangwa iya cumi.

Ingero:

Mugabo **ak**ora ubwikorezi.

Ba Kanyana **bah**ahirana n'amahanga.

Indege **it**wara imizigo myinshi.

- Isanisha nyurabwenge

Isanisha nyurabwenge rikorwa iyo ibivugwa ari inshinga iri mu mbundo, uruvange rw'abantu n'ibintu cyangwa uruvange rw'abantu n'inyamaswa n'urw'amagambo adahuje inteko. Isanisha nyurabwenge rikorerwa mu nteko ya 8.

Ingero:

Umugabo, ihene n'igare **by**ahuriranye.

Gutwarana abantu n'ibintu **bir**abujijwe.

Kurya, kunywa no kubyina **bir**ashimisha.

Bakame n'impyi **bir**azirana.

- Isanisha nyazina

Isanisha nyazina ni isanisha rishingira ku ndanganteko yumanye n'igicumbi.

Ingero:

- **Ru**tegamins **rwa** Tegera yari inyangamugayo. (Nt 11, Nt 1)

- **Bi**kungero **bya** Murema afite ibihangano byiza. (Nt 8, Nt 1)

- Nyakayonga **ka** Musare.

- Isanisha mpisho

Isanisha mpishorikorwa igihe ikivugwa kitazwi cyangwa kitagaragajwe.

Ingero:

- **Karabaye** noneho.
- Umugore n'umugabo **rwambikanye**.
- **Karahanyuze** twarabyinnye biratinda.

- Uruvange rw'isanisha

Uruvange rw'isanisha ni isanisha rigengwa n'inteko zitandukanye kandi rigengwa n'ijambo rimwe.

Ingero:

- **Igisonga cya** Papa arahagurutse. (nt7 na nt1)
- **Nyina w'iki** kimasa irashaje. (nt1, nt9)

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Garagaza ubwoko bw'isanisha bwakoreshejwe muri buri nteruro mu zikurikira.

- Uyu mugabo mugufi afite imbaraga. **Hakoreshejwemo isanisha nyantego.**
- Amatungo n'ibikoresho byahashiriye. **Hakoreshejwemo isanisha nyurabwenge.**
- Karababonye. **Hakoreshejwemo isanisha mpisho.**

b) Tanga urugero rw'interuro ikoreshejwemo:

- Uruvange rw'isanisha.

Se w'iki kimasa iracyariho.

- Isanisha nyazina.

Rukara rwa bishingwe.

- Isanisha nyanyito.

Gishuhe abiguhe.

Isomo rya gatandatu: Imimaro y'amagambo mu nteruro

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura imimaro y'ingenzi n'imimaro yungirije y'amagambo mu nteruro.
- Gusesengura interuro agaragaza umumaro wa buri jambo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku moko y'interuro.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:

a) Vuga ubwoko bw'interuro ushingiye ku mubare w'amagambo n'uw'inshinga bigize interuro.

Hari interuro jambo, interuro yoroheje n'interuro y'urusobe.

b) Tanga urugero rw'interuro kuri buri bwoko bw'interuro.

Inturo jambo	Interuro yoroheje	Interuro y'urusobe
- Sakwesakwe!	- Turahinga mu gishanga.	- Abanyeshuri baryama batinze.
- Ndatashye.	- Umusore n'umukobwa basezeranye mu Murenge.	- Iyo tunaniwe turataha.
- Oya!		

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Uhereye ku nteruro zikurikira, garagaza imimaro y'amagambo azigize kandi ukore ubushakashatsi ku mimaro y'amagambo mu nteruro.

- Mukamana arwanya isuri.
- Mugabe n'abana be bateye ibiti neza.
- Amashyamba atuzanira umwuka mwiza.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora iki gikorwa, akanabarangira ibitabo binyuranye bakoresha. Na we akagenda mu ishuri areba ko bumvise neza ibyo bagomba gukora, agatanga ubufasha aho bukenewe kandi agafasha abafite ibibazo byihariye. Iyo igihe cy'amatsinda kirangiye, asaba amatsinda kumurika ibyo bagezeho bagafatanyaga kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:

- Mukamana arwanya isuri.

1. Mukamana (ruhamwa)
2. Arwanya (inshinga/ipfundo ry'ubutumwa)
3. isuri.(icyuzuzo)

- Mugabe n'abana be bateye ibiti neza.

1. Mugabe n'abana be (Itsinda rya ruhamwa)

Mugabe=ruhamwa, n'=impuzza, abana= ruhamwa, be= imfutuzi ya ruhamwa

2. bateye (inshinga/ipfundo ry'ubutumwa)
3. ibiti. (icyuzuzo)

- Amashyamba atuzanira umwuka mwiza.

1. Amashyamba (ruhamwa)
2. Atuzanira (inshinga/ipfundo ipfundo ry'ubutumwa)
3. Umwuka mwiza. (itsinda ry'icyuzuzo)

umwuka= icyuzuzo, mwiza= imfutuzi y'icyuzuzo.

a) Imimaro y'ingenzi

Imimaro y'ingenzi y'amagambo mu nteruro ni itatu: ruhamwa, inshinga (ipfundo/izingiro) n'icyuzuzo.

- Ruhamwa

Ruhamwa ni ijamba rigaragaza ukora igikorwa cyangwa uwerekezawo imimerere n'imico n'inshinga bivugwa n'inshinga iri mu nteruro. Ruhamwa ishobora kuba izina, urujyano rw'amazina cyangwa urw'amazina n'imfutuzi zayo, ntera, ikinyazina, inshinga iri mu mbundo cyangwa itondaguye mu buryo bw'insano. Ruhamwa nanone ishobora kujyana n'inshinga imwe cyangwa nyinshi, gukurikira inshinga cyangwa kuyibanziriza.

Ingero:

Abana barakina umupira.

Umuhungu n’umukobwa bakuru baze.

Bake barabona ibihembo.

Niyonkuru yicaye ku ntebe.

Uyu natahe.

Kwiga birananiza.

Usakuza arasohoka.

Karisa ariga, agahinga ndetse akanacuruza.

Haragenda **abahinzi gusa**.

Ruhamwa zigira amoko atandukanye:

Ruhamwa mboneranteko / mboneranteruro

Ruhamwa mboneranteko / mboneranteruro ni ijambo cyangwa urujyano rw’amagambo bishingirwaho isanisha nyantego.

Urugero:

Abana batarangara **babona** amanota meza.

Ruhamwa mboneramvugo

Ruhamwa mboneramvugo ni ijambo rishingirwaho isanisha ry’inshinga ariko hakurikijwe icyo inshinga ivuga iryo jambo rikaba ari ryo cyuzuzo k’inshinga.

Ingero:

Imineke irya abana naho **inzoga** ikanywa abakuru.

Imboga zibona abana.

Ruhamwa nyurabwenge

Ruhamwa nyurabwenge ni ijambo ridashingirwaho isanisha rikaba icyuzuzo k’inshinga ariko hakurikijwe icyo inshinga ivuga ukumva iryo jambo ari ryo ruhamwa.

Ingero:

Imboga zibona **abana**. (Abana babona imboga)

Igisoro gikina **abahanga**. (Abahanga bakina igisoro)

Ruhamwa mpisho/ mburabuzi

Ruhamwa mpisho/ mburabuzi ni ruhamwa itagaragara mu rukurikirane rw'amagambo ikagaragazwa n'akaremajambo ko mu nshinga gusa kaboneka mu nteko ya 8, 12, 14 n'iya 16.

Ingero:

Karabaye. (agaki?)

Biracitse. (ibiki?)

Buriye. (ubuki?)

Nta cyo **bitwaye**. (ibiki?)

Harabaye ntihakabe (hehe?)

- Inshinga (izingiro / ipfundo)

Inshinga ni ijambo ribumbatiye ingingo yo kugaragaza igikorwa, imiterere, imimerere cyangwa imico byerekeza kuri ruhamwa mu nteruro.

Ingero:

Umurimo **utugeza** kuri byinshi.

Aba bana **babereye** ubutore.

Ibitabo byabo **birashaje**.

Abaporisi benshi **baritonda**.

Abana be **barabyibushye**.

- icyuzuzo

Icyuzuzo ni ijambo riyana n'inshinga rikayisobanura cyangwa rikayuzza. Gishobora kugirwa n'ijambo rimwe cyangwa urujyano rw'amagambo.

Icyuzuzo mbonera

Icyuzuzo mbonera kigizwe n'ijambo cyangwa amagambo aherekeza inshinga akuzza igitekerezo cyayo. Icyuzuzo mbonera giherekeza inshinga kitanyuze ku rindi jambo cyangwa ngo kigire ibindi bisobanuro by'umwihariko cyongeraho. Ni ukuvuga ko hagati y'inshinga n'icyuzuzo mbonera nta rindi jambo rizamo. Gishobora kuba kigizwe n'ijambo rimwe cyangwa menshi. Muri rusange icyuzuzo mbonera gisubiza ikibazo **iki? Nde?**

Ingero

Kabayiza arubaka **inzu**.

Inyamaswa zirya **ibyatsi**.

Urukwavu rurya **kimari**.

Kanyana avuza **umwana we**.

Icyuzuzo nziguro

Icyuzuzo nziguro cyuzuzura inshoza y'inshinga kivuga uko igikorwa, imimerere cyangwa imiterere biba, aho bibera, igihe bibera, inshuro biba n'ibindi. Gishobora kugirwa n'ijambo rimwe cyangwa urujyano rw'amagambo.

Ingero:

Wa mugabo arahinga **cyane**.

Uyu mwana yiga **mu gitondo**.

Karera akora imirimo ye **vubavuba**.

Namubonye **kabiri**.

Batuye **i Kabgayi**.

Ibyuzuzo nziguro bigira amoko atandukanye bitewe n'inshoza yabyo.

Icyuzuzo nziguro cy'uburyo

Icyuzuzo nziguro cy'uburyo ni icyuzuzo cyuzuzura inshinga kikavuga uko igikorwa cyangwa imimerere bivugwa n'inshinga bigenda. Akenshi usanga ibyuzuzo nziguro by'uburyo bigizwe n'imigereka y'uburyo, bigasubiza ikibazo kibajijwe n'ingirwanshinga

«-te? »

Ingero:

Abakora **cyane** mubahembe.

Kagabo avuga **buhoro cyane**.

Bagenda **amaterekamfizi**.

Icyuzuzo nziguro cy'ahantu

Icyuzuzo nziguro cy'ahantu kivuga ahantu ibivugwa n'inshinga bibera cyangwa biherereye. Gisubiza ikibazo **hehe?**

Ingero:

Uze kunsanga **haruguru**.

Umwana yabaye **mu nzu** biratinda.

Dutuye **i Kamembe**.

Nabibonye **munsi y'umuhanda**.

Icyuzuzo nziguro k'igihe

Icyuzuzo nziguro k'igihe kivuga igihe imimerere cyangwa igikorwa bivugwa n'inshinga bibera. Gisubiza ibibazo « **ryari?**» cyangwa « **gihe ki?**»

Ingero:

Igihunyira gihiga **nijoro**.

Ajya ku kazi **mu gitondo**.

Baje **ku manywa**.

Yagiye **kera**.

Icyuzuzo nziguro k'inshuro

Icyuzuzo nziguro k'inshuro kivuga inshuro igikorwa kiba cyangwa kigahamya ingano. Gisubiza ikibazo kibazwa n'ijambo «**kangahe?**»

Ingero:

Nagiye yo **kenshi**.

Ibyo bintu twabyumvise **rimwe**.

Uri busome **kangahe?**

Babirya **rimwe na rimwe**.

b) Imimaro yungirije

Mu nteruro, hari amagambo ajyana n'andi bigakora urujyano rufite umumaro umwe ariko ugasanga afite imimaro yayo muri urwo rujyano.

- Impuza

Impuza ni amagambo afite umumaro wo guhuza amagambo n'andi. Ayo magambo ni ibyungo n'ibinyazina ngenera.

Ingero:

Ubwikorezi **bw'**abantu **n'**ibintu bwateye imbere. (**bw'** na **na:**ni impuza)

Abahungu **n'**abakobwa buriye indege bajya kwiga. (**na:** ni mpuza)

- Imfutuzi

Imfutuzi ni amagambo asobanura andi aherekeje , ndetse n'indangahantu.

Ingero:

Uyu mwana **muremure** yiga neza. (**uyu, muremure:** ni imfutuzi)

Twigira mu ishuri. (**mu:** imfutuzi)

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Garagaza imimaro z'ibanze n'imimaro yungirije ku magambo agize interuro zikurikira:

- Aba banyeshuri n'abarezi babo bakora ibikorwa byiza.

Aba banyeshuri n'abarezi babo: ni (itsinda rya) ruhamwa

Aba: imfutuzi ya ruhamwa

abanyeshuri: ruhamwa

na: impuza

abarezi: ruhamwa

babo: imfutuzi ya ruhamwa.

bakora: ni inshinga /ipfundo ry'ubutumwa

ibikorwa byiza: ni (itsinda ry')icyuzuzo

ibikorwa: ni icyuzuzo

byiza: ni imfutuzi y'icyuzuzo.

- Sekarama yasize ibisigo n'ibiganiro.

Sekarama: ruhamwa

yasize: ipfundo ry'ubutumwa

ibisigo n'ibiganiro: (itsinda ry')icyuzuzo

ibisigo: icyuzuzo

na: impuza

ibiganiro: icyuzuzo

b) Mu nteruro zikurikira, erekana ruhamwa uvuge n'amoko yazo:

- Imineke irya abana.

Imineke: ruhamwa mboneramvugo

Abana: ruhamwa nyurabwenge

- Igikombe k'ibihugu kizakinirwa he?

Igikombe k'ibihugu: ruhamwa mboneranteko

c) Tanga urugero rw'interuro ifite:

- Icyuzuzo mbonera

Batetse **ibishyimbo.**

- Icyuzuzo nziguro cy'uburyo

Birori avuga **cyane.**

- Icyuzuzo nziguro k'inshuro.

Babiriye **kane.**

Isomo rya karindwi: Ibice by'interuro n'igiti k'interuro

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura ibice bigize interuro no gusesengura interuro yoroheje akoresheje uburyo bw'igiti.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku mimaro y'amagambo mu nteruro.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:

a) Vuga imimaro y'ibanze y'amagambo mu nteruro n'imimaro yungirije.

Imimaro y'ibanze ni ruhamwa, inshinga/ipfundo ry'ubutumwa n'icyuzuzo.

Imimaro yungirije ni impuza n'imfutuzi.

b) Garagaza imimaro y'ibanze y'amagambo muri iyi nteruro

Umukecuru ageze i Karambi.

Umukecuru ni Ruhamwa

ageze ni inshinga/ipfundo ry'ubutumwa

i Karambi ni icyuzuzo

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ukurikije uko amagambo agendanye n'uko asangiye inyito, garagaza ibice by'interuro zikurikira, unatekereze uko buri nteruro wayubaka nk'igiti uhereye ku bice wabonye kandi ukore ubushakashatsi ku bice by'interuro yoroheje n'igiti cyayo.

- Iyi modoka ikora ubwikorezi,

- Bwiza n'abana be basomye ibitabo byinshi.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora iki gikorwa, akanabarangira ibitabo binyuranye bakoresha. Na we akagendagenda mu ishuri areba ko bumvise neza ibyo bagomba gukora, agatanga ubufasha aho bukenewe kandi agafasha abafite ibibazo byihariye. Iyo igihe cy'amatsinda kirangiye, asaba amatsinda kumurika ibyo bagezeho bagafatanya kubyuzuzo no kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:

- **Iyi modoka** : ni igice cya mbere

Ikora ubwikorezi: ni igice cya kabiri

- **Bwiza n’abana be:** ni igice cya mbere

basomye ibitabo byinshi: ni igice cya kabiri

a) Inshoza y’interuro yoroheje

Interuro yoroheje bita iy’inyabumwe ni interuro ifite inshinga imwe itondaguye yumvikanisha ubutumwa bumwe, budasobekeranye.

b) Inshoza y’isesengura nteruro

Mu gusesengura interuro hari inzira nyinshi zishobora gukoreshwa ariko iz’ingenzi ni izi zikurikira: Imisesengurire isanzwe n’imisesengurire igaragaza ruhamwa na ruhamya (imvugaruhamwa)

- Imisesengurire isanzwe

Imisesengurire isanzwe ni imisesengurire igaragaza ibice bitatu bigize interuro: **ruhamwa, inshinga n’icyuzuzo.**

Urugero: Abanyeshuri bakunda kwiga.

Ruhamwa: abanyeshuri

Inshinga: bakunda

Icyuzuzo: kwiga

- Imisesengurire ya ruhamwa na ruhamya (imvugaruhamwa):

Iyi misesengurire ica mu nteruro ibice bibiri by’ingenzi ari byo: ruhamwa na ruhamya ikagenda ibisesengura igaragaza ibindi bice bibigize.

c) Ibice by’ingenzi by’interuro

Ibice by’ingenzi by’interuro ni bibiri: **ruhamwa na ruhamya (itsinda ry’inshinga/imvugaruhamwa).**

- Ruhamwa

Ruhamwa ni igice bagira icyo bavugaho mu nteruro. Itsinda rya ruhamwa rishobora kuba rigizwe n’ijambo rimwe cyangwa urujyano rw’amagambo. Itsinda rya ruhamwa rigizwe n’itsinda rw’izina hashingiwe ku moko y’amagambo agize interuro. Ni ukuvuga ko itsinda ry’izina rifite umumaro wo kuba ruhamwa.

Ikitonderwa: Ruhamwa ishobora kuba igizwe n’izina, itsinda ry’izina, ikinyanshinga, inshinga, izina ntera, interuro... Iyo igizwe n’ijambo rirenze rimwe yitwa **itsinda rya ruhamwa.**

- Ruhamya

Ruhamya ni igice k'interuro kigira icyo kivuga kuri ruhamwa. Hashingiwe ku moko y'amagambo agize interuro, itsinda ry'inshinga ni ryo rigira umumaro wo kuba imvugaruhamwa cyangwa ruhamya. Imvugaruhamwa igizwe n'ibice bibiri by'ingenzi **ipfundo** cyangwa **izingiro ry'ubutumwa n'icyuzuzo**.

Mu nteruro yoroheje **inshinga itondaguye** ni yo ifite umumaro wo kuba **ipfundo** ry'ubutumwa hanyuma andi magambo ajyanye na yo akaba **icyuzuzo** cyangwa **ibyuzuzo**.

Ikitonderwa

Ruhamya yitwa kandi **itsinda ry'inshinga cyangwa itsinda ry'imvugaruhamwa**

Ingero:

- Abanyeshuri barasohotse.

Abanyeshuri: ruhamwa;

barasohotse: ruhamya

- Abahungu n'abakobwa bakinnye none.

Abahungu n'abakobwa: itsinda rya ruhamwa;

bakinnye none: ruhamya (itsinda ry'inshinga cyangwa ry'imvugaruhamwa)

- Uyu mwana muremure yiga neza.

Uyu mwana muremure: itsinda rya ruhamwa;

yiga neza: ruhamya (itsinda ry'inshinga cyangwa ry'imvugaruhamwa)

Ikitonderwa

Ruhamya iba igizwe n'inshinga cyangwa se inshinga n'ibyuzuzo byayo.

d) Gusesengura interuro yoroheje hakoreshejwe uburyo bw'igiti

Interuro igira ibice bibiri by'ingenzi (Ruhamwa Rh) na ruhamya yitwa kandi itsinda ry'inshinga (Ts Sh). Muri ibyo bice bibiri kimwe gishobora kugabwamo amashami kigasesengurwamo utundi duce. Ni ukuvuga ko iyo ruhamwa igizwe n'amagambo arenze rimwe yitwa itsinda rya ruhamwa (Ts Rh). Ruhamya na yo igira amashami abiri; inshinga (Sh) n'icyuzuzo (Uz), iyo icyuzuzo kigizwe n'amagambo arenze rimwe gikora itsinda ry'icyuzuzo (Ts Uz). Nyuma yo kugaragaza amatsinda ari muri ruhamwa cyangwa ari muri ruhamya n'imimaro yayo, hakurikiraho ishami

rigaragaza amoko y'amagambo mu buryo buhinnye.

Izi ni zimwe mu mpine zifashishwa mu gusesengura interuro ku giti:

F: Imfutuzi

F Rh: imfutuzi ya Ruhamwa

F Uz: Imfutuzi y'icyuzuzo

F Sh: Imfutuzi y'inshinga

Grk: Umugereka

Imp: Impuza

Kzn: Ikinyazina

Nt: Ntera

ZnNt: Izina ntera

Rh: Ruhamwa

Sh/ Pf: Inshinga/ ipfundo

T: Interuro

Ts Rh: Itsinda rya Ruhamwa

Ts Sh: Itsinda ry'inshinga

Ts Uz: Itsinda ry'icyuzuzo

Ts Zn: Itsinda ry'izina


Ung: icyungo

Uz: icyuzuzo

Zn: Izina

Ikiny: Ikinyanshinga

Urugero: Uyu mwana muremure yiga neza.




3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu azenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.


Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Sesengura interuro zikurikira ukoresheje uburyo bw'igiti.

a) Aba banyeshuri n'abarezi babo bakora ibikorwa byiza.



a) Umutwe umwe ntiwigira inama.



Isomo rya munani: Amoko y'inyangango

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura ubwoko bw'inyangango mu nteruro.
- Gukoresha mu nteruro amoko atandukanye y'inyangango.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku bice bigize interuro yoroheje.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:

Tandukanya ibice by'interuro yoroheje ushingiye ku moko y'amagambo n'ibice by'interuro ushingiye ku mimaro y'amagambo.

- Ibice by'interuro yoroheje hashingiwe ku moko y'amagambo ni bibiri: itsinda ry'izina n'itsinda ry'inshinga.
- Ibice by'interuro yoroheje hashingiwe ku mimaro y'amagambo ni bibiri: itsinda rya ruhamwa n'itsinda ry'imvugaruhamwa.

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa cy'umwinjizo

Itegereze inyangango mu nteruro zikurikira maze utahure ubwoko bwazo, hanyuma ukore ubushakashatsi ku moko y'inyangango.

- Gashuhe yavomye amazi meza.
- Mariro yariye, arakina, arataha.
- Nitubitsinda tuzajyayo.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora iki gikorwa, akanabarangira ibitabo binyuranye bakoresha. Na we akagendagenda mu ishuri areba ko bumvise neza ibyo bagomba gukora, agatanga ubufasha aho bukenewe kandi agafasha abafite ibibazo byihariye. Iyo igihe cy'amatsinda kirangiye, asaba amatsinda kumurika ibyo bagezeho bagafatanyaga kubuzuzura no kubinoza, bikandikwa ku

kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:

- *Gashuhe yavomye amazi meza:* ni inyangingo yihagije.

- *Mariro yariye:* ni inyangingo yihagije.

arakina: ni inyangingo yihagije.

arataha: ni inyangingo yihagije.

- *Nitubitsinda:* ni inyangingo y'ingaragira.

tuzajyayo: ni inyangingo y'ingaragirwa.

a) Inshoza y'inyangingo

Inyangingo ni interuro cyangwa igice k'interuro kibumbatiye ubutumwa bwumvikana neza. Inyangingo zikoreshwa mu nteruro zinyuranye. Interuro

ibumbatiye ingingo imwe ni interuro yoroheje, interuro fatizo cyangwa interuro y'inyabumwe. Interuro ifite inyangingo nyinshi ni interuro

y'urusobe. Inyangingo ishobora kuba yigenga cyangwa ifitanye isano n'izindi biri kumwe mu nteruro.

Ingero:

Abana bazadusura ku Cyumweru. (Inyangingo imwe yihagije)

Ndaje dutahe. (Inyangingo ebyiri zifitanye isano)

Bakunda kwiga bazatsinda. (Inyangingo ebyiri zifitanye isano).

b) Ubwoko bw'inyangingo

- Inyangingo yihagije

Inyangingo yihagije ni inyangingo yigenga kandi na yo ntigire indi igenga. Inyangingo yihagije ishobora kuba yonyine cyangwa igaturana n'izindi nyangingo bibangikanye.

Urugero :

Uyu munyeshuri arakora imyitozo.

Ruganzu yari umukozi, yari umurwanyu, yari igitangaza.

Inyangingo yihagije ishobora no kuba yunze ku yindi ariko itayigenga cyangwa ngo igengwe na yo.

Urugero :

- Nirere **ni mwiza** kandi **aritonda**.

- Abana **bamwe barakina umupira, abandi barasimbuka urukiramende**.

Inyangingo yihagije ishobora no kwihagika mu yindi nteruro ariko ntiyigenge kandi ntigengwe na yo.

Urugero:

Nuko barahaguruka –**twese tubareba**- bajya kurya.

Arasohoka –**abana baramwitegereza**- atangira kurira.

- Inyangingo y'ingaragirwa

Inyangingo y'ingaragirwa ni inyangingo ikenera indi iyiherekeza kugira ngo iyisobanure cyangwa iyuzuze maze ubutumwa itanga burushaho gusobanuka.

Ingero:

Urwo rusaku numva ni urw'iki? (uruhe rusaku?)

Urwo rusaku ni urw'iki?: ni inyangingo y'ingaragirwa irasobanurwa n'indi biri kumwe.

Bagiye banyerera. (Bagiye bate?)

Bagiye: ni inyangingo y'ingaragirwa irasobanurwa n'indi biri kumwe.

Ndabona bwije. (Urabona iki?)

Ndabona: ni inyangingo y'ingaragirwa iruzuzwa n'indi biri kumwe.

- Inyangingo y'ingaragira

Inyangingo y'ingaragira ni inyangingo ijyana n'indi nyangingo igatuma yumvikana neza.

Ingero:

Nasanze **bahinga.** (ingaragira yuzuza)

Agenda **yihuta.** (ingaragira isobanura)

Abanyarwanda bavuga **ko ikoranabuhanga rifite akamaro.** (ingaragira yuzuza)

Ikitonderwa

Inyangingo ngaragira zigira amoko anyuranye. Aya akurikira ni amoko y'inyangingo ngaragira.

a) Inyangingo y'insobanuzi cyangwa nyensano

Isobanura izina ryo mu nyangingo ngaragirwa cyangwa irindi jambo ririhagarariye. Ikoresha inshinga iri mu buryo bw'insano.

Ingero:

Ikoranabuhanga **dukoresha** ryaturutse mu mahanga.

Amasomo **twiga** arashimishije.

Urwo rusaku **numva** ni urw'iki?

Ibishyimbo **bahinze** biraraye.

Ibyo **baguze** birahenze.

Ikoni **ikubise** mukeba uyirenta urugo.

b) Ingaragira mbonera

Isubiza ikibazo **iki?** Ishobora guterurwa n'ibyungo: **ko, ngo, yuko.**

Ingero:

Ndabona **ko** akoresha interineti.

Yavuze **ngo** azaza ejo.

Numvise **bamukubita.**

Barashaka **yuko** mwigana.

Urasanga **batashye.**

c) Ingaragira y'uburyo

Ingaragira y'uburyo ivuga uko igikorwa k'ingaragirwa gikorwa. Isubiza ikibazo kibajijwe n'ingirwanshinga « **-te?** » Ishobora guterurwa n'ikinyazina mbanziriza cyangwa mbanziriza ikoranye n'igereranya: **uko, nkuko, nkaho...**

Ingero:

Aryama **acuramyeye.**

Bagenda **bunamyeye.**

Amanutse **yiruka**.

Bagiye **bagiye**.

Aracyagira **uko abonye**.

Ushaka **uko nyina yashatse** amara amazu.

Ubikore **nk'uko nakweretse**.

Iyi nzu ikomeye **nk'aho yubakishije amabuye**.

d) Ingaragira y'igihe

Ingaragira y'igihe ivuga igihe igikorwa cyangwa imimerere bivugwa n'ingaragirwa bibera. Ishobora guterurwa n'impuzza. Ishobora kubanziriza ingaragira cyangwa ikayikurikira.

Ingero:

Uzahabwa impundu **utabarutse**.

Impyisi ishira amerwe **yapfuye**.

Iyo antuka sinumva.

Aho ndyamira ndasinzira.

Aza **uko bwije**.

e) Ingaragira y'impamvu

Ingaragira y'impamvu ivuga igitera igikorwa k'ingaragirwa kubaho. Ishobora guterurwa n'impuzza **kuko** cyangwa **kubera ko, ko, ngo** na **kugira ngo**.

Ingero:

Taha **urananiwe**.

Ishiime **waratsinze**.

Urankize **ndakennye**.

Ararya **kuko ashonje**.

Ntaramesa **kuko atarabona isabune**.

Yariyuhagiye **kubera ko yari afite imbyiro**.

Yahinze **ngo azatere**.

Ararya **kugira ngo azabyibuhe**.

f) Ingaragira y'ingaruka

Ingaragira y'ingaruka ivuga icyo igikorwa k'ingaragirwa kibyara cyangwa icyo kiganishaho. Iyi ngaragira ishobora no kuvuga inkurikizi. Akenshi inshoza yayo yegeranye n'iy'impamvu ku buryo zombi zishobora guhinduranya umwanya. Ishobora guterurwa n'impuzi.

Ingero:

Buzura cyane **bazahana inka**.

Ashiishikariye kwiga **azatsinda**.

Imbwa yarihuse **ibyara ibihumye**.

Yagiriye abantu neza **maze baramukunda**.

Uranywa **usinde**.

Uzakora cyane **unanirwe**.

g) Ingaragira iteganya

Ingaragira iteganya ivuga igikorwa gishingirwaho ik'ingaragirwa. Akenshi ibaziriza ingaragirwa. Ishobora guterurwa n'impuzi **iyoy, niba, iyaba, naho, nubwo, niyo**.

Ingero:

Mumpaye inkwi nateka.

Abizanye nabigura.

Umuhaye yazakwitura.

Wakora mu muriro washya.

Nimumpa inkwi ndateka.

Nibakora nzabahemba.

Iyo arwara aba aryanye.

Niba mushonje murarya ibijumba.

Iyaba yariho mba nkize.

Iyaba yarazigamye ntiyari kuzasonza.

Naho yarya ntiyabyibuha.

Nubwo wampa inka sinaguha insina zange.

Niyo wantuka useka nababara.

h) Ingaragira ihuriranya

Ingaragira ihuriranya ivuga igikorwa gikorwa rimwe n'ikindi. Ishobora guterurwa n'icyungo cyangwa ikabamo inyibutsacyungo **-na-**

Ingero:

Imfizi y'impongo ihotora **ihigwa**.

Inyana y'ingwate yabira **ireba iwabo**.

Ahwera **kandi zikamwa**.

Yakuburaga **anatetse**.

i) Ingaragira y'inkurikizo cyangwa ikurikizaho

Ingaragira y'inkurikizo cyangwa ikurikizaho ivuga igikorwa giherekeza ik'ingaragirwa. Ishobora guterurwa n'impuza. Iteka ikurikira ingaragirwa. Isubiza ikibazo **"hanyuma?"**

Ingero:

Bararya **bakaryama**.

Babyukaga **bakavoma**.

Warasabaga **ugahabwa**.

Yaravuye **arakira**.

Bakubuye **bayora ibishingwe**.

Yaguye **arakomereka**.

Kabyare **uheke**.

Ntiwiyuhagira **ngo uke**.

Ntazapfa **ngo abure gihamba**.

Sasa **ahasigaye uryame**.

Uhinge **maze utere**.

Ndabivuga **hanyuma nsheceke**.

Rya **ubundi uryame**.

j) Ingaragira izibukiranya

Ingaragira izibukiranya igira ingingo y'igikorwa kibusanye n'ik'ingaragirwa. Akenshi ingaragira izibukiranya iterurwa n'icyungo.

Ingero:

Ibuguma y'ihene yona **iziritse**.

Genda **naho uyu asigare**.

Ntakora **nyamara arakize**.

Bakunda inkwi **bakanga abashenyi**.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Garagaza inyangingo mu nteruro zikurikira uvuge n'amoko yazo:

- Abaturanyi bacu bakora umuganda.

Ingaragira yihagije.

- Iterambere ry'ibihugu rigaragarira mu mibereho y'abaturage babyo rikanagarazwa n'ibikorwa remezo.

Ingaragira yihagige

- Twaramusuye hanyuma aratwakira.

Twaramusuye: ingaragirwa

aratwakira:ingaragira

- Amazi anyobwa ntagira ibara.

Amazi anyobwa:ingaragira

Ntagira ibara:ingaragirwa

- Yandika ibintu bisomeka.

Yandika ibintu: ingaragirwa

Bisomeka:ingaragira

b) Garagaza inyangingo ngaragira mu nteruro zikurikira uvuge n'amoko yazo

- Uyu musore agenda **atera isekuru.**

Ni ingaragira y'uburyo.

- **Twasoma** tubonye ibitabo.

Ni ingaragira iteganya.

- Ibyo byabaye **nge nagiyeye.**

Ni ingaragira y'igihe.

- Kingura amadirishya **kuko hashyushye.**

Ni ingaragira y'impamvu.

- Ndashaka **ko mutaha.**

Ni ingaragira mbonera.

c) Tanga urugero rw'interuro irimo:

- **Inyangingo ngaragira y'insobanuzi**

Ibizamini **abanyeshuri bakoze uyu mwaka** byari bikomeye.

- **Inyangingo ngaragira y'inkurikizo**

Turagenda **tukagerayo.**

- **Inyangingo ngaragira y'ingaruka.**

Aramukunda cyane **bazabana.**

I.5.3. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa....)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa gatanu, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

“Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze.” Andika umwandiko uri hagati y'imirongo mirongo itatu na mirongo ine, wemeranywa n'uyu mugani. Kandi mu mwandiko wawe hagaragaremo amoko anyuranye y'interuro n'inyangingo.

Uko umwitozo ukorwa

Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke. Umwarimu afasha abanyeshuri kubanza gukusanya ibitekerezo byose bijyana n'ingingo bahisemo, bifashishije imyandiko isanzwe ihari ivuga kuri iyo nsanganyamatsiko. Umwarimu yibutsa abanyeshuri kubahariza amabwiriza agenga ihangamwandiko. Ashishikariza abanyeshuri guhanga binjiza mu myandiko yabo ingingo zigaruka ku bwikorezi, ndetse bagakoreshamo n'ubwoko butandukanye bw'interuro n'inyangingo.

Uko umwitozo ukosorwa:

Umwarimu akusanya imyandiko y'abanyeshuri akayikosora hanyuma akabagira inama akurikije uko yabonye imyandiko bakoze.

V.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatanu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatanu, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

- Muri uyu mutwe, twasesenguye umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'ubwikorezi, tureba uruhare rwabwo mu iterambere.
- Muri uyu mutwe kandi, twabonye amoko y'interuro hashingiwe ku mubare w'amagambo n'inshinga zitondaguye ziri mu nteruro, tubona imimaro y'amagambo mu nteruro, twabonye ibice by'interuro yoroheje tunabona uko isesengurwa hakoreshejwe uburyo bw'igiti. Twabonye kandi ubwoko butandukanye bw'inyangingo.

V.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ...)

Ibigerwaho mu isuzuma risoza umutwe wa gatanu

Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma, agomba kuba afite ubushobozi bwo:

- Gusoma no gusesengura umwandiko bagaragaza ingingo z'ingenzi n'izungirije.
- Gukora interuro yubahiriza isanishantego.
- Kugaragaza imimaro y'amagambo mu nteruro.
- Gusesengura interuro akoresheje uburyo bw'igiti.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora isuzuma, buri wese ku giti ke, riri mu gitabo cyabo. Iyo barangije kurikora, buri wese aramukosora, akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

a) Sobanura icyo umusoro uva ku bwikorezi ari cyo. Umusoro uva ku bwikorezi ni amafaranga Leta isaba umuturage ku byo yinjije ku bwikorezi yakoze hashingiwe ku itegeko.

b) Ni ikihe gikorwa kivugwa mu mwandiko kigaragaza ko u Rwanda n'ibindi bihugu bishishikajwe no guteza imbere ubwikorezi?

Igikorwa kivugwa mu mwandiko kigaragaza ko u Rwanda n'ibindi bihugu bishishikajwe no guteza imbere ubwikorezi ni umushinga wo kubaka umuhanda wa gariyamoshi rufatanyije na Tanzaniya n' u Burundi.

c) Ushingiye ku mwandiko, sobanura iyi mpine “DIKKM”.

Daresalamu-Isaka-Kigali-Keza-Musongati.

d) Uretse ibikorwa bivugwa mu mwandiko, tanga ibindi byerekeye izindi nzira z'ubwikorezi u Rwanda rwashyizemo ingufu.

Ibindi bikorwa u Rwanda rwashyizemo ingufu ni ukuvugurura no kwagura imihanda ihuza intara n'uturere ndetse no gushyira kaburimbo mu mihanda itarimo, gushyira amato agezweho mu biyaga bigari byo mu Rwanda, ...

e) Ni gute umuhanda uvugwa mu mwandiko uzagira uruhare mu buzima bw'Igihugu?

Umuhanda uvugwa mu mwandiko uzagira uruhare rukomeye mu buzima bw'Igihugu mu koroshya ingendo z'abantu n'ubwikorezi bw'ibintu biva ku Nyanja y'Ubuhande biza mu Rwanda. Imirimo itanga amafaranga iziyongera bityo n'imisoro ituruke ku bintu binyuranye nk'aho bafatira amafunguro... Ubuhahirane buziyongera hagati y'abaturage b'ibi bihugu.

f) Garagaza insanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko n'ingingo z'ingenzi ziyishamikiyeho.

Insanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko ni ukuntu u Rwanda rwitaye ku bwikorezi n'inyungu bubifitemo.

Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni:

- Imirimo y'ubwikorezi n'umusoro ubaturukaho;
- Iby'inama zo muri Tanzaniya zirebana n'inyigo y'umuhanga wa gariyamoshi DIKKM;
- Ihatanirwa ryo kubaka umuhanda wa gari ya moshi DIKKM;
- Inshingano za "ATL" nk'ikigo k'Igihugu Gishinzwe Ingendo z'Indege;
- Ibintu n'imirimo bisonerwa umusoro ku nyongeragaciro.

II. Inyunguramagambo

a) Kora interuro ku magambo akurikira, ukurikije uko asobanura mu mwandiko:

- Gusora:

*Abantu bagomba **gusora** kugira leta zibone amafaranga yo gukora ibikorwa remezo.*

- Ubukungu

*Ubwikorezi bwongera **ubukungu** bw'ibihugu.*

- Gusonera

*Ibicuruzwa bimwe na bimwe **bisonerwa** imisoro kugira ngo bidahenda.*

- Insimburangingo

*Abafite ubumuga bw'ingingo bashakirwa **insimburangingo** zibafasha kubasha kwifasha.*

- Imizigo

*Ubwato bushobora gutwara **imizigo** myinshi kurusha indege n'imodoka.*

b) Tanga amagambo ari mu mwandiko afite inyito inyuranye n'iy'aya magambo akurikira:

- Igihombo ≠ **inyungu**
- Imbere mu gihugu ≠ **mu mahanga**
- Batumiza ≠ **bohereza**
- Umuswa ≠ **umuhanga**

III. Ibibazo ku kibonezamvugo

a) Kora interuro zigaragamo:

- Isanisha nyantego

Umuhinzi mwiza ahingira igihe.

- Isanisha nyanyito

Binego yahutse, irataha yahaze.

- Isanisha nyurabwenge

Urukwavu n'ihene biba hamwe.

- Isanisha nyazina

Nyakayonga ka Musare.

b) Garagaza imimaro y'amagambo mu nteruro zikurikira:

- Iyi nama yabereye Arusha.

Iyi nama: ni ruhamwa (iyi: ni imfutuzi ya ruhamwa; inama: ni ruhamwa)

yabereye: ni ipfundo ry'ubutumwa

Arusha: ni icyuzuzo nziguro cy'ahantu.

- Ubwikorezi buzanira u Rwanda imisoro myinshi.

Ubwikorezi: ni ruhamwa


buzanira: ipfundo ry'ubutumwa

u Rwanda: ni icyuzuzo mbonera

imisoro myinshi: icyuzuzo mbonera

c) Sesengura interuro ikurikira ukoresheje uburyo bw'igiti:

Inzira z'ubwikorezi zariyongereye cyane.



V.8. Ibikorwa by'inyongera

V.8.1. Umwitozo nzamurabushobozi

Ikibazo k'ikibonezamvugo

1. Vuga ubwoko bwa ruhamwa ziciyeho akarongo mu nteruro zikurikira

a) Umwana munini aragaragara turamubona.

Umwana: ruhamwa mboneranteko.

b) Karahanyuze.

Ka-: ruhamwa mpisho.

c) Iyi fu yaseye umuhanga.

Iyi fu: ruhamwa mboneramvugo.

2. Subiza **yego** cyangwa **oya** ugendeye ku magambo atsindagiye n'ibisobanuro biri mu dukubo).

a) Twabonye **Marita**. (icyuzuzo mbonera)

Yego

b) Bahageze **bukeye**. (ingaragira y'igihe)

Yego

c) Mutoni abyina **neza**. (ingaragira y'uburyo)

Oya

V.8.2. Umwitozo nyagurabushobozi

Ungurana ibitekerezo na mugenzi wawe ku byo u Rwanda n'ibihugu birukikije byakora kugira ngo runoze ubuhahirane.

Urugero rw'ibisubizo

- Gukoresha inzira zose z'ubwikorezi: Ikiyaga cya Kivu, Ikiyaga cya Rweru, imihanda ihuza u Rwanda na Congo, u Rwanda n'u Burundi, u Rwanda na Tanzaniya n'u Rwanda na Uganda.

Ku noza inzira z'ikirere hongerwa ibibuga by'indege no gufungura izo nzira.

V.8.3 Imyitozo y'inyongera

1. Huza ibifitanye isano mu ruhushya A n'uruhushya B

A	B
1. Yasuye ingagi.	a) Interuro y'urusobe irimo ingaragira ihuriranya.
2. Kwidagadura birashimisha bikanaruhura umubiri.	b) Inyangingo yihagije.
3. Urashonje jya kurya.	c) Isanisha nyurabwenge.
4. Agenda aririmba.	d) Interuro y'urusobe irimo ingaragira y'impamvu.

Igisubizo

1=b; 2=c; 3=d; 4=a

2. Tanga urugero rw'interuro imwe kuri buri bwoko bw'isanisha muri aya akurikira:

- a) Isanisha mpisho
- b) Isanisha nyazina
- c) Uruvange rw'isanisha

Igisubizo

- a) Rurambikanye.
- b) Ryangombe rya Babinga.
- c) Si nge wabikoze nari ndi hanze.

V.9. Amakuru y'inyongera

Mu iyiganteruro, abasesengura bamwe bagaragaza amoko atatu y'ibyuzuzo: icyuzuzo mbonera, icyuzuzo nziguro n'icyuzuzo ruhamya.

Icyuzuzo ruhamya: ni icyuzuzo k'inshinga y'inyamimerere ivuga imimerere cyangwa imico bya ruhamwa. Inshinga zigira bene iki cyuzuzo ni izishingiye ku muzi **-ba-**, ku gicumbi **-ri** cyangwa ku nshinga nkene **ni** na **si**, ndetse no ku yindi mizi ivuga imiterere cyangwa imimerere.

Ingero:

Nuko Mitima aba **umwana**, ararerwa arakura.


Amata ni **meza** ku buzima.

Ababipfa ni **ababisangira**.

Nuko Jambo yigira **umuntu**.

Ari **mo umugabo** mwiza.

Iyi nka izabamo **indatwa**.



VI.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko ku kubungabunga ibidukikije hagaragazwa ingingo z'ingenzi ziwugize.
- Kugaragaza imvugo z'uturere zitandukanye n'indimi shami z'Ikinyarwanda.

VI.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Igisobanuro cy'ubutayu n'ingero zabwo
- Igisobanuro k'ibidukikije n'amoko yabyo
- Amoko y'imvugo zinyuranye nk'imvugo ikocamyeye, imvugo iboneye, imvugo nyandagazi....

VI.3. Ingingo nsanganyamasomo

Ingingo nsanganyamasomo	Aho igaragara muri uyu mutwe
Kubungabunga ibidukikije	Iyi ngingo, igaragarira mu nsanganyamatsiko iri mu mwandiko "Kariza mu butayu." Ndetse n'umutwe ubwawo ni ukubungabunga ibidukikije.
Uburiganire n'ubwuzuzanye	Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Kariza mu butayu", ku mashusho ari mu mwandiko wo muri uyu mutwe cyangwa igihe umwarimu yigisha yita ku bitsina byombi.
Uburezi budaheza	Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Kariza mu butayu" aho Kariza ahabwa amahirwe yo kwiga kandi ari impunzi.

Umuco w'amahoro	lyi ngingo, iragaragarira mu mwandiko "Kariza mu butayu" aho umugabo atega amatwi kandi akaganirira Kariza ku bibazo afite. Igaragarira kandi mu myigire n'imyigishirize .
-----------------	--

VI.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Akoresheje uburyo bw'ikusanyabitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri kuvuga icyakorwa kugira ngo ibidukikije birusheho kubungabungwa.

Umwarimu atega amatwi abanyeshuri, areba uko bagenda bagaruka ku ngingo zijyanye no kubungabunga ibidukikije harimo, gutera ibiti, kurwanya ba rutwitsi na ba rushimusi...maze na we akagenda abafasha kuzinoza .

VI. 5.Amasomo ari mu mutwe wa gatandatu n'igihe agenewe

Umutwe wa gatandatu: Kubungabungwa ibidukikije		Umubare w'amasomo: 18
Umwandiko: Kariza mu butayu		
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.	Gusoma umwandiko no gukoresha amagambo mu mvugo no mu nyandiko.	Amasomo 3
Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.	Amasomo 2
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.	Amasomo 2
Imiterere y'iby'indimi mu Rwanda		
Isomo rya kane: Inshoza y' ururimi, ururimi rw'igihugu n'indimi zikoreshwa mu buyobozi.	- Gutandukanya ururimi rw'igihugu n' indimi zikoreshwa mu buyobozi.	Amasomo 2

Isomo rya gatanu: Imvugo z'uturere	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga inshoza y' imvugo z'uturere. - Gutahura imvugo z'uturere runaka mu Rwanda. 	Amasomo 3
Isomo rya gatandatu: Indimi shami	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga inshoza y' indimi shami. - Gutahura indimi shami no kuzishyira ku ikarita igaragaza aho zivugwa mu Rwanda. 	Amasomo 3
Umwitoto w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.		Isomo 1
Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu.		Amasomo 2

Ikitonderwa: Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimu abanza gukoresha abanyeshuri igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

VI.5.1. Umwandiko: Kariza mu butayu

(igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ...)

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
<p>Nyuma iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. - Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atarasobanukiwe ari mu mwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1. Intangiro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko **"Kariza mu butayu"** bagiyeye gusoma akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Murabona iki kuri iyi shusho? Kuri iyi shusho hariho abantu bicaye baruhukira hafi y'inyanja. Umugabo araganira n'umukobwa na ho abandi bafite amacupa yo kunywesha amazi.

b) Kuki wumva ko baruhuka ? Bararuhuka kubera ko bamwe bicaye, abandi bakaba baryamye. Bafite ibikapu bigaragaza ko bafite urugendo rurerure. Ikindi kandi birashoboka ko baba bategereje ubwato ngo bubambutse inyanja.

c) Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki? Uyu mwandiko uraza kutubwira ku rugendo Kariza yagiriye mu butayu.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Soma umwandiko "Kariza mu butayu", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashije inkoranyamagambo.

Abanyeshuri bakorera mu matsinda icyo gikorwa hanyuma bakamurika ibyayayemo.

Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho hanyuma abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora gusobanura:

a) Amapfa: Icana cyane ry'izuba rituma ibimera byuma, amazi agakama mu bishanga, mu migezi n'inzuzi.

b) Ubutayu: - Ahantu hataba amashyamba cyangwa ibindi bimera ngo bihakingirize; hagizwe n'amabuye n'umucanga.

- Ahantu hadatuwe kuko ubuzima buba budashoboka.

c) Akaga: Ibibazo bikomeye bishobora no gutera urupfu.

d) Gusuhukira: Kwimukira ahandi hantu uhunga inzara.

e) Uruturuturu: Umuseso, mu gitondo kare.

f) Utwangushye: Ibintu bike ariko by'ingirakamaro

- g) Impamba:** Ibyo kurya umuntu yitwaza kugira ngo bimutunge ku rugendo.
- h) Kugotomera:** Kunywa n'ingoga amazi menshi cyangwa ikindi kinyobwa bitewe n'inyota nyinshi cyangwa umururumba umuntu afite.
- i) Kurorongotana:** Kugenda utazi iyo ujya.
- j) Kuzibiranya:** Kubuza guhumeka.
- k) Inzogerera irirenga:** Gupfa k'umuntu cyangwa ikintu.
- l) Kwisunga abandi:** kwegera abandi ngo mugire igikorwa mufatanyaga gukora.
- m) Inyanja:** Amazi magari
- n) Ibikingi:** - Isambu nini cyane y'umuntu ahangana akayibyaza umusaruro.
 - Ibiti bibiri biba bishinze ku marembo aho umuntu yinjirira ajya cyangwa aya mu rugo.
- o) Gufatira runini:** Kugirira umuntu cyangwa ikintu akamaro.
- p) Umwuma:** Inyota y'ikirenga imarwa no kunywa amazi afutse.
- r) Kuzanzamuka:** Guhembuka, koroherwa nyuma y'ikibazo runaka cyari cyakuzahaje nk'indwara, ubukene, inzara n'ibindi.
- s) Pariki:** Agace k'igihugu karimo amashyamba kahariwe inyamaswa zo mu gasozi kugira ngo zidacika burundu.
- t) Amarebe:** Ubwoko bw'ibimera biba mu mazi adatemba cyangwa se atemba buhoro.

3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagakora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo maze abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Imyitozo n'ingero z'ibisubizo:

- a) Simbuza amagambo yanditse atsindagiye andi bivuga kimwe dusanga mu mwandiko, wite ku mategeko ngengasano mu nteruro nshya wubatse**

-Ukuva kw'izuba ryinshi kandi rikabije byateye ikama ry'ibiyaga n'ibishanga.

Amapfa yateye ikama ry'ibiyaga n'ibishanga.

- Amage arisha umugabo ikivuzza, inzara se ntiyatumye **duhunga** tukerekeza i Bushi! Amage arisha umugabo ikivuzza, inzara se ntiyatumye **dusuhuka** tukerekeza i Bushi!

- Amazi yarabuze mu mudugudu wacu **icyaka gikabije** gituma benshi batakaza ubuzima.

Amazi yarabuze mu mudugudu wacu **umwuma** utuma benshi batakaza ubuzima.

- Gahigi na Mpwerazikamwa bamaze iminsi **bijajaye** basubiye mu kibuga.

Gahigi na Mpwerazikamwa bamaze iminsi **bazanzamutse** basubiye mu kibuga.

- Amazi n'amashyamba **bidufitiye akamaro kanini**, ntawarota yangiza ibyo bidukikije. Amazi n'amashyamba **bidufatiye runini**, ntawarota yangiza ibyo bidukikije.

- **Amafaranga y'amahanga** dusigirwa na ba mukerarugendo afasha Igihugu cyacu muri byinshi.

Amadovize dusigirwa na ba mukerarugendo afasha Igihugu cyacu muri byinshi.

- Ni byiza kuvana **ibyatsi bimera** mu mazi mu rwego rwo kuyabungabunga no kuyarinda umwanda.

Ni byiza kuvana **amarebe** mu mazi mu rwego rwo kuyabungabunga no kuyarinda umwanda.

b) Koresha amagambo akurikira mu nteruro wihimbiye ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

- Gusuhuka

Mu bihe bya kera amapfa yarateraga maze abantu **bagasuhuka** bashaka uburyo bakomeza kubaho.

- Ubutayu

Abanyarwanda batitonde ngo babungabunge ibidukikije, bazatuma Igihugu cyacu gihinduka **ubutayu**.

- Amapfa

Nta cyatuma duhura n'**amapfa**, mu gihe buri wese yahaye agaciro ibidukikije.

-Pariki

Amadovize yinjira mu Gihugu, aturuka ahanini ku bukerarugendo bukorerwa muri za **pariki**.

- Igikingi

Uyu mugabo amaze kwigurira imodoka bitewe no kubyaza umusaruro **igikingi** ke.

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko adategwa no gusubiza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga ni **“Kariza mu butayu”**.

b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?

Uwo mwandiko wavugaga ku nsanganyamatsiko yo kubungabunga ibidukikije .

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko “Kariza mu butayu”, hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo.

Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho hanyuma abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni ubuhe butayu abimukira bambukaga buri mu majyaruguru ya Afurika?

Ubutayu abimukira bambuka buri mu majyaruguru ya Afurika ni Ubutayu bwa Sahara.

b) Utekereza ko ari iki cyatumye ibyo kurya n'ibyo kunywa bishira bataragera iyo baja kandi barahagurutse biteguye uko bashoboye?

Bageze mu butayu, bahura n'abandi bimukira, bagenda basangira ibyo babaga bafite cyane ko burya ubushobozi bw'abantu buba butangana. Urugendo rwabaye rurerure nuko ababaga babimaze, basangiraga n'ababaga bakibifite.

c) Ni akahe kamaro k'amazi kagaragara mu mwandiko?

Amazi aranyobwa, amazi acumbikiye udukoko n'inyamaswa zaremewe kuba mu mazi, amazi atuma imyaka duhinga yera.

d) Ushingiye ku byavuzwe mu mwandiko, garagaza akamaro k'amashyamba.

Amashyamba avamo ibikoreho bitandukanye, ni indiri y'inyamaswa, amashyamba ayungurura umwuka duhumeka, akurura imvura, avamo imiti ivura, afata ubutaka, ni isoko y'ubukerarugendo...

e) Aba bimukira bafashe umwanzuro wo gusuhuka, berekera i Burayi. Ni iyi he nyanja bambutse mbere yo kugerayo?

Bambutse inyanja ya Mediterane..

f) Ni iki cyatumye Kariza ahitamo kwiga ibijyanye no kurengera ibidukikije?

Kariza yahisemo kwiga ibijyanye no kurengera ibidukikije kuko yababajwe n'urupfu rw'abantu baguye mu butayu harimo n'abo mu muryango we biturutse ku ngaruka zo kwangiza ibidukikije.

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize no guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.
- Kugaragaza ubutumwa buri mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga

kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni irihe somo duheruka kwiga?

Isomo duheruka kwiga, ni umwandiko "Kariza mu butayu" dusubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

b) Ni ikihe kibazo gikomeye, kivugwa mu mwandiko? Cyatewe n'iki?

Mu mwandiko, haravugwamo ikibazo cy' amapfa cyatumye basuhuka, bajya gushakisha imibereho mu bihugu by' i Burayi. Iki kibazo cyaturutse ku izuba ryinshi ryavuye ritewe no kwangiza ibidukikije.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko "Kariza mu butayu" maze usubize ibibazo bikurikira:

Abanyeshuri bakorera mu matsinda icyo gikorwa hanyuma bakamurika ibyayavuyemo.

Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho hanyuma abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

a) Garagaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni izi zikurikira:

- Itera ry'amapfa.
- Isuhuka ry'abaturage bo muri Afurika y'amajyaruguru.
- Urugendo rurerure rwo mu butayu
- Urupfu rutewe n'umwuma rwa bamwe mu bari basuhutse.
- Kuramirwa n'amazi kuri bamwe bari bagifite akuka.
- Impamvu tugomba kubungabunga amazi n'amashyamba
- Impamvu tugomba kubungabunga ibidukikije muri rusange.

b) Abantu benshi muri Afurika basuhukira i Burayi. Uraheka ko bose baba bajanywe no gushaka amaramuko?

Oya. Abasuhukira i Burayi bose ntibaba bajanywe no gushaka amaramuko kuko hari abagenda bagiyeyo ku mpamvu za politiki z'ubuhunzi, abandi bajyayo basanga bene wabo kwiberayo gusa kuko bumva bavuga ngo i Burayi ni heza. Byumvikane neza ko hari n'abajyayo bagiyeye gutembera bazagaruka.

c. Sobanura wifashishije ingingo ziri mu mwandiko imvugo igira iti: “Nutema kimwe uge utera bibiri.”

Iyi mvugo ifite ishingiro koko. Niba utemye igiti kimwe, jya wihutira gutera ibindi kuko bitabaye ibyo, buri wese akitemera ibiti uko yishakiye kandi ntagire n'ubushake bwo gutera ibindi, wazasanga imisozi isigaye yambaye ubusa bikatugiraho ingaruka nyinshi zirimo n'urupfu. Ni ngombwa rero gutera amashyamba kuko adufatiye runini.

d) Sobanura muri make impamvu bavuga ko amazi ari ubuzima. Amazi ni ubuzima kuko ibinyabuzima byose aho biva bikagera bikenera amazi. Ibimera bikenera amazi kugira ngo bibashe kubaho. Iyo ibimera biriho, bituma inyamaswa zirisha n'amatungo arisha bibaho. Abantu bakenera ibimera muri byinshi kuko bimwe bivamo imboga n'imbuto ziribwa, ibindi bikavamo imiti ikoreshwa mu buvuzi. Inyamaswa z'indyanama, ntizabaho zitabonye izo zirya. Zikenera kandi amazi yo kunywa kugira ngo ziticwa n'umwuma. Muri rusange rero, nta mazi ariho, n'ubuzima ntibwaba bushoboka ku isi.

VI. 26. Imiterere y'iby'indimi mu Rwanda

Isomo rya kane: Inshoza y' ururimi, ururimi rw'igihugu n'indimi zikoreshwa mu buyobozi.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :

- Gutahura inshoza y'ururimi.
- Kugaragaza itandukaniro riri hagati y' ururimi rw'igihugu n'ururimi rukoreshwa mu buyobozi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n' igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo birimo iby'indimi.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ikibazo kibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo babashe kwinjira mu isomo rishya.

Urugero rw'ikibazo:

Kariza yageze i Burayi maze akomeza amasomo ye ariko ahura n'imbogamizi.

Sobanura imbogamizi yagize.

Kariza yahuye n'imbogamizi y'ururimi kuko yumvaga abantu bavuga indimi zitandukanye bitewe n'aho babaga bakomoka.

Umwari mu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri akababwira ko bagiyeye kwiga ururimi rw' igihugu n'indimi zikoreshwa mu buyobozi.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbongamizi ibiteganywa kuri iri somu mu ntangiriro **rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Soma iki gika hanyuma ukore ubushakashatsi, ubwifashishe usubiza ibibazo byakibajijweho.

Kariza yamaze kugera muri kimwe mu bihugu by'i Burayi, ahabona byinshi byamutangaje mu rurimi. Yasanze abaturage baho, bakoresha icyongereza mu mirimo inyuranye. Nyuma yo gutangira ishuri, yasanze amasomo atangwa mu rurimi rw'icyongereza kandi ntibyamugoye cyane kuko yari asanzwe akizi. Iyo yabaga atashye, akareba amakuru n'ibiganiro kuri televiziyo na radiyo y'igihugu ndetse yarabikurikiraga kuko byatangwaga mu Gifaransa n'icyongereza.

Ibibazo

1. Kariza yasanze abaturage baho bakoresha icyongereza. Ushingiye kuri iyi nteruro, sobanura ururimi.
2. Mu Rwanda ni uruhe rurimi rukoreshwa nk'ururimi rw'igihugu.
3. Garagaza indimi zose zikoreshwa mu buyobozi bw'igihugu. Izo ndimi zitandukaniye he n'ururimi rw'igihugu?

Abanyeshuri bakorera mu matsinda icyo gikorwa hanyuma abakamurika ibyayayemo.

Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho hanyuma abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Urugero rw'ibavuye mu matsinda byanogejwe

1. Inshoza y'ururimi

Ururimi ni igikoresho nyamuryango cy'ubwumvane gishingiye ku gukoresha ubushobozi kamere abantu bifitemo bwo kumvikana bakoresheje amajwi abantu bagize umuryango nyarurimi umwe baba baremeranyijeho. Ku rwego rw'abantu hagati yabo, ururimi rubafasha gushyikirana, kugezanyaho amakuru, kuranga ibibakikije, gushyira ku murongo ibitekerezo no kubigaragaza, kugaragaza imbamutima n'ibindi.

Ku rwego rw'umuryango nyarurimi cyangwa rw'igihugu, ururimi rugira uruhare runini mu mibereho y'abantu n'inzego nyamuryango, mu guhuza no kunga imbaga, mu kubumbatira, gukuza no gusakaza umuco, ndetse no mu guhanga no guhererekanya ubumenyi n'ibindi bitekerezo bifasha umuryango kwiubaka no kwiteza imbere.

Ururimi ni igikoresho ntagereranywa cy'ubwumvane n'ubumwe nyamuryango, rukaba n'umusingi w'iterambere abantu bagenda bageraho. Koko rero, kwita ku rurimi ni imwe mu nzira zo kugeza bene rwo ku iterambere rirambye.

U Rwanda rufite amahirwe ataboneka henshi muri Afurika yo kugira ururimi rumwe ruhuza abenegihugu bose, ari rwo Ikinyarwanda. Ni rwo rutuma tugira imyumvire imwe kandi tugashobora kugendera mu kerekezo kimwe k'iterambere.

Nubwo bimeze bityo, iyo umuntu ageze mu bice bitandukanye by'u Rwanda, usanga hari aho agera bikamugora gusobanukirwa ibyo abahatuye bavuga.

Akenshi usanga ibyo bikunze kugaragara ku bice byegeranye n'imipaka y'ibindi bihugu. Buri gihugu usanga gifite ururimi rw'igihugu, indimi zikoreshwa mu buyobozi, indimi shami ndetse n'indimi z'uturere.

2. Ururimi rw'igihugu

Ururimi rw'igihugu ni ururimi abategetsu b'igihugu iki n'iki bihitiramo kugira ngo ruhaze abanyagihugu bacyo. Hagomba kujyaho ikibonezamvugo cyarwo. Bisaba ko hashyirwaho amategeko agenga urwo rurimi kugira ngo rube rwemewe koko. Ururimi rw'igihugu rushobora kuba rumwe cyangwa se zikaba nyinshi bitewe n'imiterere y'igihugu runaka.

Mu Rwanda, ururimi rwemewe nk'ururimi rw'igihugu ni Ikinyarwanda. Ni rwo rurimi Abanyarwanda bahuriyeho mu gihugu cyose. Abarundi na bo bavuga Ikirundi ariko hari ibihugu byinshi bigira ingorane mu guhitamo ururimi bita urw'igihugu kuko baba bavuga indimi nyinshi. Nko muri Repubulika iharanira Demukarasi ya Kongo, bagira iki kibazo kuko harimo indimi nyinshi zihakoreshwa bitewe ahanini n'uko iki gihugu ari kinini cyane.

3. Indimi zikoreshwa mu buyobozi

Ururimi rw'ubuyobozi ni ururimi abayobozi/abategetsu b'igihugu iki n'iki bahitamo kugira ngo ruge rukoreshwa mu butegetsu/ buyobozi. Ni na rwo rukoreshwa mu nyandiko, mu mbwirwaruhame zitandukanye ndetse no mu mirimo itandukanye biturutse ku mubare w'indimi zemewe ko zajya zikoreshwa. Ubu mu Rwanda, indimi zemewe gukoreshwa mu butegetsu/buyobozi ni enye: Ikinyarwanda, Igifaransa, icyongereza n'Igiswayiri.

Ibi bishatse kuvuga ko, iyo umuntu agiye gutanga ikirego ke mu nkiko, ashobora guhitamo rumwe muri izi ndimi bitewe n'urwo yisanzuramo. Umuyobozi runaka ushaka gutanga ikiganiro mbwirwaruhame na we, ahitamo rumwe muri izi ndimi bitewe n'abo abwira kugira ngo abagezeho ubutumwa yabateguriye.

3. Umwitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri buri wese ku giti ke. Umwarimu azenzura ko abanyeshuri barimo gukora umwitozo maze abafite ibibazo byihariye akabafasha. Iyo barangije gukora uwo umwitozo, bakosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Ikibazo n'urugero rw'igisubizo cyatangwa:

Gereranya ururimi rw' igihugu n'ururimi rukoreshwa mu buyobozi, ugaragaza ihuriro n'itandukaniro ryazo.

Ururimi rw'igihugu ni ururimi abategetsu b'igihugu bihitiramo kugira ngo ruhaze abanyagihugu bacyo. Rugomba kugira amategeko atuma rwemerwa. Naho ururimi rw'ubuyobozi ni ururimi abayobozi b'igihugu bahitamo kugira ngo ruge rukoreshwa mu buyobozi. Izi ndimi zihariye ku kuba zose zitoranywa n'abayobozi kandi zikaba zigwa mu mashuri. Izi ndimi zitandukaniye ku kuba: ururimi rw' igihugu, buri wese aba agomba kuba azi kuruvuga kugira ngo abone uko asabana n'abandi mu mibereho ye ya buri muni. Na ho ururimi rw'ubuyobozi ruba ruzwi n'abarwize mu ishuri cyangwa se barabaye aho baruvuye.

Isomo rya gatanu: Imvugo z'uturere

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :

- Gutahura inshoza y' imvugo z'uturere.
- Gutahura imvugo z'uturere n'aho zivugwa.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivugaga ku miterere y'iby'indimi.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ikibazo kibibutsa isomo baheruka kwiga kugira ngo kibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:

Ni irihe somo twize ubushize? Twize inshoza y'ururimi n'itandukaniro riri hagati y'ururimi rw'igihugu n'indimi zikoreshwa mu buyobozi.

2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbenezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Soma iki gika hanyuma ukore ubushakashatsi, ubwifashishe usubiza ibibazo byakibajijweho.

Uko igihe cyashiraga, Kariza yarushagaho gutembera ibice bitandukanye by'igihugu. Yakomeje kumva hari izindi ndimi zijya kumera nk'Icyongereza ariko akumva zidahuye neza na rwo. Izi ndimi akenshi zavugwaga cyane n'abaturage b'agace yari atuyemo. Yaje gusanga abantu bo mu gihugu kimwe batumvikana bose mu mvugo bitewe n'indimi z'aturere twabo dutandukanye. Byamutwaye igihe kitari gito kugira ngo abashe kumvikana no gushyikirana n'abo banyamahanga.

Ibibazo

- a) Kariza yakomeje kumva hari izindi ndimi zijya kumera nk'Icyongereza ariko akumva zidahuye neza na cyo. Shingira ku bivugwa muri iyi nteruro maze utahure inshoza y'imvugo z'aturere.
- b) Garagaza isano Ikinyarwanda gifitanye n'imvugo z'aturere.
- c) Tahura imvugo ziboneka mu turere/duce dutandukanye tw'u Rwanda. Izo ndimi zitandukaniye he n'ururimi rw'Igihugu?

Abanyeshuri bakorera mu matsinda icyo gikorwa hanyuma abakamurika ibyayavuyemo.

Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho hanyuma abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

1. Inshoza y' imvugo z'aturere.

Imvugo z'uturere ni imvugo zikoreshwa mu turere utu n'utu tugize agace gato k'ahantu aha n'aha ubusanzwe bavuga ururimi rumwe. Imvugo y'akarere ikunze gukoreshwa mu karere gato kandi kazwi mu gihugu.

Ururimi rw'akarere ni ururimi ruturuka ku mihindagurikire y'ururimi nyagihugu bitewe n'imiryango y'abantu cyangwa akarere abaruvuga baherereyemo.

2. Ikinyarwanda n'imvugo z'uturere

Mu Rwanda, abantu benshi bahuzwa n'ururimi rw'Ikinyarwanda. Ikinyarwanda ni rumwe mu ndimi nyafurika bita Indimi Bantu. Izo ndimi zivugwa munsu y'ubutayu bwa Sahara. Iyo usesenguye neza indimi Bantu, usanga zifite byinshi zihuriyeho kubera ko bivugwa ko zikomoka ku rurimi rumwe bita Igiporotobantu. Bitewe n'aho urwo rurimi Bantu uru n'uru ruherereye, usanga rugira umwihariko runaka akenshi ruba ruhujye n'izindi ndimi ziri muri ako karere cyangwa se muri ako gace.

3. Imvugo z'uturere n'aho zivugwa

Abasesenguye indimi, basanze ururimi rutavugwa kimwe ku butaka ruvugwaho. Akarere kamwe kagenda kagira umwihariko wako w'imivugire haba mu majwi, mu masaku, mu magambo no mu buryo bwo kubaka interuro. Uko ni ko n'ururimi rw'Ikinyarwanda rutavugwa kimwe mu Rwanda hose. Iyo uzengurutse u Rwanda, usanga hari imvugo z'uturere zitandukanye. Reka turebere hamwe izo mvugo z'uturere uko zihagaze mu Rwanda.

- a) **Ikigoyi** : Kivugwa mu gice cy'u Rwanda kiri hagati y'ishyamba rya Gishwati n'Igihugu cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo. Kivugwa cyanecyane muri Kanama, Nyamyumba no muri Rubavu. Ubu ni mu Karere ka Rubavu.
- b) **Ikirera** : Kivugwa mu cyahoze ari Ruhengeri hose ukuyemo Ndusu n'akandi gace gato kavugwamo Igikiga. Ikirera kandi kivugwa mu duce twa Mutura, Giciye, Karago n'agace gato ka Cyungo. Ubu ni mu Karere ka Musanze.
- c) **Igikiga** : Ni imvugo ivugwa mu Karere ka Ngororero ahahozwe ari Gaseke, Satinsyi, Kibirira, Ramba, Rutsiro, Kayove na Nyakabanda. Uretse Nyakabanda iri mu Ntara y'Amajyepfo, utwo duce twose turi mu Ntara y'Iburengerazuba. Igikiga kandi kivugwa mu gace ka Mwendo na Gisovu (Kibuye) no ku ishyamba rya Nyungwe mu duce twa Nshiri, Kivu, Mudasonwa na Musebeya.
- d) **Igisozo** : Ni ururimi ruvugwa mu gice gihereye hagati y'ishyamba rya Nyungwe n'u Burundi n'umuhanda uhuza Nyakabuye na Bugarama (Ubu ni mu Karere ka Rusizi). Kubera ko Igisozo kijya kumera n'Igikiga, biragoye kuzitandukanya. Igisozo n'igikiga bitangiye gucika kubera Ikinyarwanda rusange.

e) Ikinyarwanda cyo hagati : Ni ururimi rwiganje mu gice cyose cyo hagati mu Gihugu.

Abanyarwanda bahisemo gukoresha Ikinyarwanda kugira ngo kibe ururimi rubahuzza. Ni ururimi rwigwa mu mashuri, rugakoreshwa mu itangazamakuru no mu butegezi kugira ngo Abanyarwanda bose barushaho kumvikana bakoresheje imvugo imwe. Iyo bitaba ibyo, wari gusanga buri wese akoresha ururimi yishakiye bitewe n'agace aherereyemo.

f) Ikigoti : Ni ururimi rukoreshwa ku nkiko z'amagepfo mu Karere ka Gisagara mu Murenge wa Mugombwa.

g) Igishobyo n'Ikiyaka : Izi ndimi zikoreshwa mu karere kamwe ahahoze ari Kanama na Nyamyumba. Ubu ni mu Karere ka Rubavu.

h) Urunyagisaka n'Urunyambo : Izi ndimi zikoreshwa ahahoze ari Perefegitura ya Kibungo. Ubu ni mu Karere ka Ngoma no mu Karere ka Kirehe.

3. Umwitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri babiribabiri. Umwarimu agendagenda mu ishuri afasha abafite ibibazo byihariye. Iyo abanyeshuri barangije gukora uwo mwitozo bafatanyaga n'umwarimu kuwukosora. Ibisubizo byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:

Ugeze mu gace runaka ko mu Rwanda, ni iki cyakubwira ko ururimi bavuga ari imvugo y'akarere? Sobanura igisubizo cyawe mu magamblo make.

Kugira ngo menye ko ururimi ruvugwa mu karere aka n'aka ari imvugo y'akarere, nashingira ku mwihariko wako w'imivugire y'amagambo runaka haba mu majwi no mu masaku.

Isomo rya gatandatu: Indimi shami

Intego zihariye

- Gutahura inshoza y'indimi shami.
- Gutahura indimi shami no kuzishyira ku ikarita igaragaza aho zivugwa mu Rwanda.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo bivugwa ku by'indimi.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni irihe somo twize ubushize?

Ubushize twize imvugo z'uturere n'aho zikoreshwa.

b) Imvugo y'akarere itandukaniye he n'ururimi rw' igihugu?

Imvugo y'akarere ni imvugo ituruka ku mihindagurikire y'ururimi nyagihugu bitewe n'akarere abaruvuga baherereyemo. Na ho ururimi rw' igihugu, ni ururimi abategetsu b'igihugu iki n'iki bihitiramo kugira ngo ruhuzze abanyagihugu bacyo

2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda maze bagakora igikorwa gikurikira:

Igikorwa

Soma umwandiko ukurikira, hanyuma ukore ubushakashatsi, ubwifashishe usubiza ibibazo byawubajijweho.

Cerimpa we! Uzi ko ari ge na so, twari dutuye i Bushi. Sogokuru yari atuye mu burengerazuba bw'u Rwanda, ubu ni muri Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo yahoze yitwa Zayire. Twe n'abavandimwe bacu bo ku kirwa cya Nkombo no ku nkengero za Kivu, twavugaga amashi n'amahavu. Nyamara, aho tugereye hano mu majyaruguru, byaratugoye kumvikana n'abaturage bo muri iyi midugudu, ndetse icyo tuganyye mu isoko hari ubwo bidutesha umutwe!

Tukiba i Bushi, wasangaga tuvuga tuti: "Hari omusale hari ehisale". Ugira ngo se ntitwashakaga kuvuga ko hari umusare n'ingirwamusare! Umusare w'umwuga yakwambutsaga akujyana ku Ijwi ukishima. Hano ku Mulindi w'intwari twahimukiye bavuga ngo: "Ebirungyi ni ho byeija, rwombeke rugume, ogumire nk'eibare..." nkayoberwa icyo bashatse kuvuga, ariko ubu ntacyo bambeshya! None se Ceri, wari uzi izina ryawe icyo risobanura? Twakubyariye hano ku Mulindi tukwita dutyo!

Cerimpa bahimba Macibiri yasubije nyina atishisha. Nyina ntiyari azi ko Macibiri yamenye kera igisobanuro k'izina rye. Yasubije mu magambo akurikira: icyo kibazo ni cyo mwarimu yambajije ngitangira mu mashuri y'inshuke. Nzi ko nitwa Ikimanimpaye, ureke urwo Luciga mwantwerereye! Masenge Nyiramatiwi yanambwiye ko aho batuye ku Rusumo, ku mbibi z'u Rwanda na Tanzaniya mu

burasirazuba, bavuga Ikinyambo; twe tuvuga Oluciga atwita Abakiga bavangiye kuko tutahavuka. Muzamusabe kwirinda kuvangura abantu, ibyo bizanshimisha cyane!

Ibibazo:

1. Garagaza indimi zose zigaragara mu mwandiko n'aho zivugwa.
2. Tahura inshoza y'indimi shami.
3. Tahura indimi shami z'uturere/duce dutandukanye tw'u Rwanda zihereyemo.
4. Shushanya ikarita y'u Rwanda ugaragaza aho indimi shami zivugwa.

Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:

1. Inshoza y'indimi shami

Indimi shami ni indimi usanga zifitanye isano ya bugufi n'ururimi rw'igihugu. Ururimi shami ruba ruvugwa n'abantu bake ugereraniye n'abavuga ururimi rw'igihugu. Izi ndimi zishamikiye ku Kinyarwanda, usanga ahanini ziganje ku nkiko z'igihugu cyacu.

2. Urutonde rwa zimwe mu ndimi shami z'Ikinyarwanda

a) Urukiga/ Oluciga: Mu Rwanda, Oluciga ruvugwa n'abantu benshi ariko by'umwihariko ruvugwa cyanecyane mu duce duherereye mu majyaruguru y'u Rwanda ahahoze ari Komini Kiyombe, Muvumba, Cyumba, Kivuye, Mukarange na Butaro. Ubu ni mu Karere ka Gicumbi na Burera. Uru rurimi kandi ruvugwa mu gihugu cy'abaturanyi, cy'u Bugande.


b) Amashi n'Igihavu/Amahavu: Abazi izi ndimi bavuga ko zijya gusa cyane. Izi ndimi zivugwa mu burengerazuba bw'u Rwanda ku mupaka w'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo. Igihavu kivugwa ku kirwa cya Nkombo no ku nkombe z'ikiyaga cya Kivu ahahoze ari muri komini Gisuma, Gafunzo na Kagano. Ubu ni mu Karere ka Rusizi na Nyamasheke. Amashi yo avugwa mu gice cyo hepfo y'ikiyaga cya Kivu. Ubu ni mu Karere ka Rusizi.

c) Ururashi: Ururashi ruvugwa mu burasirazuba bw'u Rwanda mu bice bimwe na bimwe by'ahahoze ari Komini Rusumo na Rukira ku mupaka w'u Rwanda na Tanzaniya, ubu ni mu Karere ka Kirehe na ngoma.

Ikitonderwa

N'ubwo bimeze bityo, abantu bo muri utwo turere bakaba bavugaga izo ndimi bihariye, Ikinyarwanda ni rwo rurimi rubahuza n'abandi. Uzasanga ari cyo gikoreshwa mu masoko bahaha cyangwa mu nama no mu biganiriro bitandukanye.

3. Ikarita igaragaza Ikinyarwanda n'indimi shami zivugwa mu Rwanda.



3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Garagaza itandukaniro riri hagati y'indimi shami n'imvugo z'uturere.

Indimi shami z'Ikinyarwanda ni indimi zihariye ziganje ku mipaka. Twavugamo nka Oluciga, Amashi, Igihavu n'Ururashi. Imvugo z'uturere zo ni umwihariko w'imivugire uba ushingiyeye ku majwi, ku masaku no mu magambo. Dusangamo Igisozo, Igikiga, Ikirera, Ikigoyi n'Ikinyarwanda cyo hagati mu Rwanda ari na cyo gihuriweho n'Abanyarwanda bose kandi gikoreshwa mu butegezi, mu itangazamakuru, mu nama no mu masoko.

2. Ushingiyeye ku miterere y'indimi mu Rwanda, vuga indimi shami n'ibice by'u Rwanda zivugwamo.

- Oluciga ruvugwa mu majyaruguru ku mupaka w'u Rwanda n'Ubugande.
- Ururashi ruvugwa mu burasirazuba ku mupaka w'u Rwanda na Tanzaniya.
- Amashi n'Igihavu zivugwa mu burengerazuba ku mupaka w'u Rwanda na Repuburika Iharanira Demukarasi ya Kongo.

VI.5.3. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa...)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa gatandatu, umwarimu aha buri munyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwe. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Hitamo bumwe mu bwoko bw'imyandiko wize maze uhangе umwandiko ku nsanganyamatsiko ivuga ku kubungabunga ibyiza bitatse u Rwanda. Ni ngombwa, kwita ku turango tw' umwandiko wahisemo. Mu mwandiko uhanga ukoreshe neza ururimi rw'Igihugu wirinda kuvangamo imvugo z'uturere n'indimi shami.

Uko umwitozo ukosorwa:

Umwarimu areba ko umunyeshuri yahimbye yubahiriza amabwiriza agenga ubwoko bw'igihangano yahanze. Aramukosora akamufasha gusobanukirwa kurushaho

VI.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatandatu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatandatu bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

- Muri uyu mutwe, twasomye tunasesengura umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko yo kubungabunga ibidukikije, twibanda ku buryo bwo kubibungabunga, ku kamaro kabyo ndetse n'ingaruka zo kwangiza ibidukikije.
- Twungutse amagambo menshi avuga ku nsanganyamatsiko yo kubungabunga ibidukikije.
- Twasobanukiwe ko ururimi rw'Igihugu ari Ikinyarwanda.
- Twamenye ko hari uduce/uturere tw'Igihugu tugenda tugira umwihariko watwo w'imivugire, haba mu majwi, mu masaku no mu magambo. Kubera iyo mpamvu, mu Rwanda hari indimi zishamikiye ku Kinyarwanda zitwa indimi/ imvugo z'uturere ari zo Ikigoyi, Ikirera, Igikiga, Igisozo, Igikoti, Igishobyoyi, Ikiyaka, Urunyambo.
- Twize ko mu Rwanda, indimi zikoreshwa mu butegetsi ari Ikinyarwanda, icyongereza, Igifaransa n'igiswayire.
- Twabonye n'indimi shami zivugwa ku mipaka y'u Rwanda n'ibihugu birukikije ari zo Oluciga, Amashi, Igihavu n'Ururashi.

VI.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ...)

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma, agomba kuba afite ubushobozi bwo:

- Gusoma, gusesengura no gusubiza ibibazo ku mwandiko yasomye.
- Guhanga umwandiko ntekerezo ku nsanganayamatsiko yahawe.
- Gutandukanya Ikinyarwanda n' indimi shami ndetse n'imvugo z'uturere.
- Gushushanya ikarita y'u Rwanda igaragaza aho indimi shami n'imvugo z'uturere zihereye.

Umwarimu aha abanyeshuri umwanya wo gukora buri wese ku giti ke, isuzuma riri mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo barangije kurikora, buri wese aramukosora, akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva no gusesengura umwandiko

a) Ibimera bifitiye abatuye isi akamaro. Ni ibihe byiza abantu babona biturutse ku bimera ?

Abatuye ahantu hari ibimera, bafite inyungu nyinshi.

Ibimera bivamo imiti ikoreshwa mu buvuzi. Bitegurwamo amafunguro atunga abantu.

Ibimera bicumbikira inyoni n'inyamaswa bikazifasha kubona ibizitunga. Bitanga kandi ibiti byifashishwa mu gihe cyo kubaka inyubako zinyuranye. Ibimera kandi bikurura imvura bityo abantu bakabona uko bahinga imyaka itandukanye. Ibimera biyungurura umwuka mwiza abantu bahumeka ...

b) Ni ayahe mashyamba ya kimeza avugwa mu mwandiko ?

Amashyamba ya kimeza avugwa mu mwandiko ni Nyungwe, Mukura, Cyamudongo, Gishwati, ishyamba ry'Icyanya k'Akagera n'ishyamba ry'Icyanya cy'Ibirunga.

c) Ibimera bibuze twaba mu butayu. Vuga ubutayu bwatanzweho ingero mu mwandiko. Ubutayu butangwaho ingero ni Ubutayu bwa Karahali, n'ubwa Sahara.

d) Abantu batitonze isi yacu yasenyuka ikazagera ku mpera zayo imburagihe. Ni iki cyakorwa kugira ngo ibyo bitabaho ?

ICYakorwa ni uko abantu bahindura imyumvire hanyuma bagafata ingamba zo kubungabunga ibidukikije uko bashoboye. Ababyangiza bakabireka.

e) Sobanura ingaruka zaterwa no kubura amazi.

Ibimera n'ibihingwa byakuma maze amatungo, inyamaswa n'abantu bigapfa bitewe no kubura ibyo birya.

f) Ushingiye ku kamaro k'ibidukikije byavuzwe mu mwandiko, vuga ingamba ufashe zo kubungabunga.

Igihe utemye igiti kimwe uge utera bibiri cyangwa ibirenzeho,

Guhinga udatengurira itaka mu biyaga, inzuzi n'imigezi,

Gutera ibiti birinda isuri ku migezi, ku biyaga n'inzuzi,

Gukora ubukangurambaga bwo kubuza abangiza amashyamba, amazi, inyamaswa...

Guca amatarasi ndinganire no guteraho ibyatsi birinda isuri, ...

II. Ibibazo n'ibisubizo ku nyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko umaze gusoma.

a) **Urusobe rw' ibinyabuzima:** Uruhurirane rw'ibinyabuzima

b) **Uwakivogera:** Uwakigeramo, akagitemberamo nta burenganzira yahawe

c) **Imburagihe:** Igihe kitaragera/ mbere y'igihe/nyuma y'igihe.

d) **Rutwitsi:** Abantu batwika amashyamba bagamiye gushaka ahanini urwuri rwo kuragiramo amatungo yabo.

e) **Rushimusi:** Abantu bahiga inyamaswa cyangwa se bakazishimuta rwihishwa kuko bitemewe n'amategeko

2. Koresha amagambo cyangwa imvugo zikurikira mu nteruro wihimbiye

a) Imperuka

- Nta kintu kitagira imperuka kuko kidashobora kubaho iteka ryose.

b) Gushya ururimbi

- Twasanze inzu ya wa mukire yahiye ururimbi.

c) Gutema ishami wicayeho

- Umuntu wangiza ibidukikije, aba atema ishami ry'igiti yicayeho kuko na we ingaruka zimugeraho.

d) Inkongi y'umuriro

- Mu minsi ishize, ishyamba ryange ryafashwe n'inkongi y'umuriro maze imizinga yange yose irakongoka.

e) Ibidukikije

- Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga mu bikorwa by'umuganda wa buri kwezi mu kwita no kubungabunga ibidukikije.

3. Simbuza ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo atsindagiye irindi/ andi bivuga kimwe dusanga mu mwandiko.

a) Akamaro k'amazi n'amashyamba ni intarondoreka.

b) Rwabwiga mwita umwami w'ishyamba irivuga abantu bagakangarana.

c) Rwarikamavubi zifitanye isano cyane n'inka zororwa n'Abanyarwanda n'abandi bantu batuye iyi si.

d) Utazi akamaro k'ikintu aragikerensa.

e) Aya marebe yangiza ibinyabuzima bisanzwe biba mu mazi.

4. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje ijambo rikwiye ukuye mu mwandiko.

a) Dusazure amashyamba turimbura ibiti bishaje dutera ibishya.

b) Abiba inyamaswa ari bo ba rushimusi ntibagomba kwihanganirwa.

c) Ibiriho byose bizashira ku munsu w'imperuka hasigare urukundo.

d) Indarama na nyiragasogereza zirura kurusha imitanga.

III. Iyigandimi

Tandukanya ururimi rw'Ikinyarwanda, indimi shami n'indimi z'uturere wifashishije ingero zitandukanye.

Ururimi rw'Ikinyarwanda ni ururimi nyagihugu rwigishwa mu mashuri kandi rugendera ku mategeko y'ikibonezamvugo azwi kandi rukaba na rumwe mu ndimi zikoreshwa mu buyobozi. Indimi z'uturere ari na zo zitwa imvugo z'uturere, ziba zihariwe n'abantu bo mu gace runaka ariko na zo ziba zifatye ku Kinyarwanda. Indimi shami ni indimi zifitanye isano ya bugufi n'Ikinyarwanda, zivugwa ku mipaka y'u Rwanda n'ibihugu bihana imbibi.

VI.8. Ibikorwa by'inyongera

VI.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi

Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite. Iyo birangiye, abagaragaje ubushobozi buke muri buri kiciro ashobora kongera kubaha uyu mwitozo ukurikira:

Ururimi rw' igihugu rutandukaniye he n'ururimi rukoreshwa mu buyobozi?

Ururimi rw' igihugu ni ururimi rw'abenegihugu rwigishwa mu mashuri kandi rugendera ku mategeko y'ikibonezamvugo azwi. Rutoranywa n'abayobozi b'igihugu kugira ngo ruhaze abanyagihugu bose. Ururimi rukoreshwa mu buyobozi na rwo rutoranywa n'abayobozi maze rugakoreshwa mu buyobozi bw'igihugu. Rushobora kuba ururimi rw'abanyagihugu cyangwa se rukaba n'ururimi rw'amahanga.

VI.8.2. Umwitozo nyagurabushobozi

Umwarimu ategura ikibazo akagiha abanyeshuri bagaragaje ko babyumvise kugira ngo barusheho kuzamura ubushobozi bwabo. Uyu mwitozo ukorerwa mu matsinda.

Urugero rw'ikibazo n'ibisubizo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe kuri iyi nsanganyamatsiko "Uburyo bwiza bwo kubungabunga ibidukikije" bwaba uburi mu mwandiko cyangwa ubutari mu mwandiko maze mugaragaze umwanzuro mwafashe kuri iyi nsanganyamatsiko.

Abantu bagomba gushishikarira kubungabunga ibidukikije batera ibiti, bacukura imirwanyasuri, baca amaterasi y'indinganire, barwanya ba rutwitsi na ba rushimusi, cyangwa batanga amakuru ku bantu batema ibiti mu buryo bunyuranyije n'amategeko. Abantu ntibagomba gukoresha gusa ibicanwa kikomoka ku mashyamba; bagomba no gukoresha ubundi bwoko bw' ibicanwa. Hagomba kandi gushyirwaho no hakubahiriza amategeko ahana abantu bangiza ibidukikije.


VI.8.3 Imyitozo y'inyongera

1.Kora urutonde rw'indimi zishamikiye ku Kinyarwanda.

- a) Amashi
- b) Igihavu
- c) Ururashi
- d) oluciga

2. Shushanya ikarita igaragaza aho indimi shami zivugwa.

Igisubizo :



VI.9. Amakuru y'inyongera

1. Indimi shami n'imvugo z'uturere

Muri rusange, indimi shami n'imvugo z'uturere zigenda zizimira hagasigara Ikinyarwanda gikwira. Zigenda zikendera ku buryo bugaragara kuko abazivuga bahindura ururimi bakoresha umunsi ku wundi, ugasanga bihatira kuvuga Ikinyarwanda gikwira. Impamvu nyamukuru ni uko wasangaga bashobora kugira ipfunwe maze ugasanga abandi barabaseka bitewe n'imvugo yabo. Nyamara rero nta muntu ukwiye kugira ipfunwe ry'ururimi akoresha, ahubwo muri urwo ruhurirane ni ho haboneka uburyohe bw'ururimi.

2. Twite ku misambi

Imisambi ni imwe mu bwoko bw'inyoni bwiza cyane kandi abantu bishimira kureba bitewe n'uko iteye. Ibyo bituma abantu benshi bafata umwanzuro wo gutemberera aho iba kugira ngo babashe kwihera ijoshi kandi banaruhuke mu mutwe. Nyamara ariko kandi, hari n'abafata umwanzuro wo kuyorora mu ngo zabo kuko kwirirwa bagenda bibagora. Ibyo usanga ahanini biha urwaho ba rushimusi kuko bajya mu mashyamba, bakayihiga maze bakayigurisha n'abayibatumye.

Hari hamwe na hamwe mu ngo zifite ibipangu cyangwa ahagendwa n'abantu benshi nko mu mahoteli yo hirya no hino mu gihugu, hakiri abayitunze mu buryo butemewe nyuma yo kuyigura na ba rushimusi. Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere

(RDB) ruvuga ko iyo misambi iba ibayeho nk'ifunzwe. Nyamara n'ubwo bitanemewe gutungira mu ngo inyamaswa z'ishyamba, ababikora bashyira mu kaga ubuzima bw'abantu ku rundi ruhande kuko zimwe muri izo nyamaswa zishobora kuzana indwara z'ibyorezo zikazanduzza abantu. Ibi, bituma kandi ba mukerarugendo batabasha kubona imisambi muri pariki kuko iba yibereye mu ngo z'abantu. Amadovize rero ntashobora gukomeza kuboneka.

Abakuriye ishami ryo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima mu Rwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), bavuga ko ikendera ry'umubare w'iyi misambi riteye inkeke ku buryo ishobora no gucika burundu. Mu itangazo ryashyizwe ahagaragara n' Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) kuwa mbere tariki 18 Ugushyingo 2019 ku bufatanye n'ishyirahamwe nyarwanda ry'abarengera inyamaswa z'agasozi, baraburira bwa nyuma abagishimuta imisambi, abayicuruza n'abayitunze mu buryo butemewe kubihagarika bitarenze Ukuboza uyu mwaka wa 2019. Hakaba harabaruwe imisambi igera kuri 280 hirya no hino mu gihugu ibayeho nk'ifunze. Uru rwego kandi rumaze imyaka itanu rukorana n'iryo shyirahamwe n'abandi bafatanyabikorwa hagamijwe guhagarika, gushimuta no korora iyo misambi mu ngo. Rivuga ko gutunga imisambi mu ngo, ari ukuyifunga kandi iyo ikaba ari imwe mu nzira zo gutuma icika kuko mu myaka itanu ishize, imisambi yagabanutseho 80%.

Ni yo mpamvu hatowe itegeko rihana umuntu wese ushimuta cyangwa ucuruza imisambi. Uzafatwa, azahanwa hakurikijwe amategeko abuzi ibyo byaha bikorwa ku nyamaswa z'agasozi. Itegeko rihana ubushimusi, ubucuruza no gutunga inyamaswa z'agasozi bitemewe, ni itegeko N°48/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ku bidukikije, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 14 n'ya 58, ndetse n'iteka rya Minisitiri No 007/2008 ryo kuwa 15/08/2008 rigena urutonde rw'inyamaswa n'ibimera bigomba kurindwa.

Mu rwego rwo kubungabunga ubusugire bw'imisambi ndetse n'izindi nyamaswa muri rusange no kugira ngo u Rwanda rudakomeza gutakaza andi moko menshi y'inyamaswa, Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) rutangaza ko igikorwa cyo kubarura no gufata imisambi yose iri mu ngo igasubizwa mu ishyamba kirangirana n'uyu mwaka wa 2019. Buri wese rero utunze imisambi, arasabwa kwihutira kuyibaruza no kuyitanga ngo isubizwe muri Pariki y'Akagera.

IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJE

1. IKIGÔ CY'ÛBUSHAAKASHAATSI MU BY'ÛBUHAÂNGA N'ÏKÔRANABÛHAÂNGA (n.d), Inkoranya y'Ïkinyarwaanda mu Kinyarwaanda, IRST Butare, Igitabo cya 1
2. IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008). Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye.
3. IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008), Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye.
4. INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2014). Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yemewe y'Ïkinyarwanda, Kigali.
5. NSANZABERA, J.D. (2013) Ikeshamvugo mu Kinyarwanda: imvugo isukuye, ikeshamvugo ry'amagambo akwiye n'inshoberamahanga zisobanuye. Kigali
6. JACOB I. (1983). Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome premier, Kigali.
7. JACOB I. (1985). Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome troisième, I.N.R.S, Butare.
8. Mgr BIGIRUMWAMI, A. (1984). Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo mu Rwanda, Nyundo, Troisième édition.
9. MINISTRY OF EDUCATION-RWANDA EDUCATION BOARD (2019), Ïkinyarwanda, Amashuri y'isumbuye, umwaka wa 4, Amashami yiga Ïkinyarwanda nk'isomo rusange.
10. MINISTRY OF EDUCATION-RWANDA EDUCATION BOARD (2019), Ïkinyarwanda, Amashuri y'isumbuye, umwaka wa 5, Amashami yiga Ïkinyarwanda nk'isomo rusange.
11. RWANDA EDUCATION BOARD (2015) Integanyanyigisho y'Ïkinyarwanda mu mashuri nderabarezi (TTC) umwaka 1, amashami ya siyansi n'imbonezamubano.
12. COUPEZ, A. 1980. Abrégé de Grammaire Rwanda, Tome 1,2. Butare : INRS.
13. BIZIMANA, S., 1998, Imiteêrere y'Ïkinyarwaanda I, IRST, Butare.
14. BIZIMANA, S., 2002, Imiteêrere y'Ïkinyarwaanda II, IRST, Butare.
15. MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE: Ïkinyarwanda:

umwaka wa munani Gashyantare 1988.

16. RWANDA EDUCATION BOARD . (2019). Iteganyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri nderabarezi (TTC) uwamaka wa 1,2&3 Ishami ry'indimi. Kigali, REB.
17. RWANDA EDUCATION BOARD . (2017). Ikinyarwanda-Amashuri yisumbuye, umwaka wa 6, Igitabo cy'umunyeshuri. Kigali-Rwanda.
18. RWANDA EDUCATION BOARD . (2017). Ikinyarwanda - Amashuri yisumbuye, Umwaka wa gatanu, igitabo cy'umunyeshuri. Kigali-Rwanda.
19. RWANDA EDUCATION BOARD, 2017. Ikinyarwanda - Amashuri yisumbuye, umwaka wa gatanu, Twumve Tuvuge Dusome, Igitabo cy'umunyeshuri. Kigali-Rwanda.
20. MUTAKE, T., 1990, Ikibonezamvugo k' Ikinyarwanda: Iyigamajwi n'iyigamvugo les Editions de la Regie de l'Imprimerie scolaire.
21. RUGAMBA, C., 1985. Chansons Rwandaises ; INRS/BUTARE
22. RWANDA EDUCATION BOARD, 2018. Ikinyarwanda-Amashuri yisumbuye umwaka wa kane, igitabo cy'umunyeshuri. Kigali- Rwanda.
23. MBONIMANA G. na NKEJABAHIZI J.C, 2011. Amateka y'ubuvanganzo nyarwanda, kuva mu kinyejana cya XVII kugeza magingo aya, Editions de l'Université Nationale du Rwanda.
24. KAREGE F., 1982, Mwanankundi
25. Leonille, M. (2017). Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore. <http://www.yfcrwanda.com>

Imbuga nkoranyambaga zifashishijwe

1. www.irembo.gov.rw
2. www.imirasire.com